Repubulika y’u Rwanda

NATIONAL INSTITUTE OF STATISTICS OF RWANDA

IBARURA RYA KARINDWI
KU MIBEREHO RUSANGE
Y’INGO 2023/2024

# EICV - 7

## IGITABO CY’AMABWIRIZA Y’UMUKARANI W’IBARURA



Kanama, 2023

# IBIRIMO


IBIRIMO ..... ii
Umutwe wa I: INGINGO RUSANGE ..... 1
1.1.Iriburiro ..... 1
1.2. Intego za EICV ..... 1
1.3.Icyo ibizava mu bushakashatsi bizakoreshwa ..... 2
1.4. Uburyo ibarura ryateguwe ..... 2
1.5. Abazakora imirimo y'ibarura ..... 3
1.6. Kumenyekanisha imirimo y'ibarura ..... 3
1.7. Gushyira nimero ku mazu no ku ngo ..... 3
1.7.1.Gushyira inomero ku mazu no ku ngo zisanzwe ..... 3
1.7.2.Gushyira nimero ku nzu no ku ngo zikorana na gahunda ya VUP ..... 7
1.7.3 Gusoma ikarita no gufata ibikorwa remezo biri mu gapande. ..... 7
1.8. Gutoranya ingo zizakorerwamo EICV7 ..... 7
1.9. Gufata gahunda y'ibiganiro mu ngo zizabazwa ..... 7
Umutwe wa II:AMABWIRIZA RUSANGE ..... 8
2.1. Uko umukarani w'ibarura agomba kwitwara ..... 8
2.2. Ibanga ry'ibikubiye mu biganiro mu ngo ..... 8
2.3. Umurimo w'umukarani w'ibarura ..... 9
2.4.GAHUNDA YO GUSURA INGO MU MUJYI NO MU CYARO ..... 11
2.5. Gukora ikiganiro ..... 12
2.6. Gusuzuma neza amakuru yujujwe muri tabuleti ..... 12
2.7. Gukosora amakosa yagaragaye hamaze gusuzumwa amakuru yoherejwe kuri Seriveri (Server) y'Ikigo cya NISR ..... 12
2.8. Imikoranire y'umukarani w'ibarura n'umugenzuzi w'ikipe ..... 12
2.9. Amabwiriza rusange ku buryo intonde z'ibibazwa zuzuzwa ..... 13
2.10. Ingero z'ibidasomerwa ubazwa: ..... 14
2.11. Amabwiriza yo kuva ku kibazo ujya ku kindi asobanuye ku buryo butatu: ..... 15
Umutwe wa III: IBISOBANURO KU BIKA BIGIZE INTONDE Z'IBIBAZWA ..... 16
3.1.IGIKA CYA 0: umwirondoro w'urugo ..... 16
3.2. IGIKA CYA I. Imiterere y'ababa mu rugo ..... 18
3.3.IGIKA CYA II: Kwimuka ..... 24
3.4.IGIKA CYA III: Ubuzima ..... 26
3.5.IGIKA CYA IV: Uburezi ..... 29
3.6.IGIKA CYA V: Imiturire ..... 45
3.7.IGIKA CYA VI: Imirimo ..... 68
3.8.IGIKA CYA VII: Ubuhinzi-bworozi ..... 83
3.9. IGIKA CYA VIII: Amafaranga yaguzwe ibintu, iby'urugo rwakoresheje bikomoka ku buhinzi n'ubworozi n'ibyo urugo rwabonye biturtse ahandi ..... 86
3.10.IGIKA CYA IX: Ibyoherezwa ahandi, Amafaranga yohererejwe urugo, gahunda ya VUP, ibindi byinjiriza urugo amafaranga n'andi mafaranga urugo rwatanze ..... 95
3.11.IGIKA CYA X: Inguzanyo, Ibikoresho biramba no kuzigama ..... 120
Umutwe wa IV: IMIGEREKA ..... 126
Umugereka wa I: Amwe mu mateka y'u Rwanda (1865-2018) ..... 126

Umugereka wa II: Uturere n'imijyi yo mu Rwanda ....................131
Umugereka wa III: Amwe mu mashuri ya tekiniki ....................132
Umugereka wa IV:Urutonde mpuzamahanga rw'uburezi (ISCED) ....................133
Umugereka wa V: Urutonde rw'ibibazwa .................... **Error! Bookmark not defined.**
IGIKA 0: Umwirondoro w'urugo.................... **Error! Bookmark not defined.**
Gukora urutonde rw'abagize urugo.................... **Error! Bookmark not defined.**
IGIKA 0.1 Inkomoko y'amafunguro afatwa n'abagize urugo .................... **Error! Bookmark not defined.**
IGIKA 1: Imiterere y'abantu bagize urugo.................... **Error! Bookmark not defined.**
IGIKA CYA 2: Kwimuka.................... **Error! Bookmark not defined.**
IGIKA CYA 3A: Ubuzima .................... **Error! Bookmark not defined.**
IGIKA CYA 4: Uburezi .................... **Error! Bookmark not defined.**
IGIKA 5: Imiturire.................... **Error! Bookmark not defined.**
IGIKA 6: Imirimo .................... **Error! Bookmark not defined.**
IGIKA CYA 7: Ubuhinzi n' ubworozi na gahunda yo koroza ingo zikennye.................... **Error! Bookmark not defined.**
IGIKA CYA 8: Amafaranga yaguzwe ibintu n'ibikomoka ku buhinzi n'ubworozi urugo rwakoresheje....... **Error! Bookmark not defined.**
IGIKA CYA 9: Ibyo urugo rwohereje ahandi, ibyo rwohererejwe, gahunda ya vup n'andi mafaranga yatanzwe.................... **Error! Bookmark not defined.**
IGIKA CYA 10: Inguzanyo, ibikoresho biramba no kuzigama.................... **Error! Bookmark not defined.**

# Umutwe wa I: INGINGO RUSANGE

## 1.1.Iriburiro

Mu Rwanda, hamaze gukorwa ubushakashatsi ku mibereho rusange y'Ingo (bumenyerewe ku izina rya EICV) incuro 6: EICV1 (2000/2001), EICV2 (2005/2006), EICV3 (2010/2011), EICV4 (2013/2014), EICV5 (2016/2017) na EICV6 (2019/2020) itarabashije kurangira kubera icyorezo cya COVID19. Kuva kuri EICV1 kugeza kuri EICV3, ubu bushakashatsi bwakorwaga nyuma y'imyaka 5. Ariko byaje kwemezwa ko bwajya bukorwa nyuma y'imyaka 3 hagamijwe kureba mu gihe cya vuba uko imibereho y'ingo igenda iba myiza, ndetse no gutekereza ku ngamba zafatwa kugira ngo imibereho y'abaturarwanda irusheho kuba myiza.

Mu rwego rwo gukurikirana ishyirwamubikorwa ry'ingamba zafashwe mu by'ubukungu no guhashya ubukene, ndetse no gukomeza kunoza gahunda z'iterambere, Leta yahaye Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Ibarurishamibare mu Rwanda (NISR) inshingano zo gukora ubu bushakashatsi (cyangwa ibarura) bugamije kurushaho kumenya uko imibereho y'abaturage n'ubukungu byifashe mu gihugu. Hari abashobora gutekereza ko Ibarura Rusange ry'Abaturage n'Imiturire ari ryo ryagaragaza isura nyayo y'imibereho y'ingo kubera ko rigera mu ngo zose, ariko tuzi ko ibarura rusange ari igikorwa kiremereye kandi gisaba imbaraga nyinshi ku buryo ibibazwa byose mu ngo mu gihe cy'amezi 12 bidashobora kwinjizwa muri gahunda y'ibarura rusange. Ni yo mpamvu ubu bushakashatsi bukorwa mu buryo bushingiye ku gutoranya ingo zihagarariye izindi zose ziba ziri mu gapande k'ibarura, cyangwa mu mudugudu, zikabazwa birambuye ibijyanye n'imibereho yazo, ku buryo ibizava muri ubu bushakashatsi bizagaragaza ishusho y'imibereho y'abaturage muri rusange.

Imishinga myinshi yafashije abaturage kwivana mu bukene no kongera ubukungu hagendewe kuri gahunda zitandukanye. Hari iyatangiye kera nka VUP (Vision 2020 Umurenge Program) yarangiye mu mwaka wa 2020, UBUDEHE, Gahunda ya GIRINKA munyarwanda (ONE COW PER ONE POOR FAMILY), Gahunda yo guhuza ubutaka (LAND CONSOLIDATION), Ibigo by'imari (UMURENGE SACCOs, UMWALIMU SACCOs), Gahunda y'iterambere ry'Uturere (DDP) n'indi.

EICV7 igiye gukorwa nyuma ya EICV6 yakozwe muri 2019/20 (n'ubwo itarangiye nk'uko twabivuza haruguru). Ariko uburyo (Methodology) buzakoreshwa muri EICV7, butandukanye n'uburyo EICV6 yari yateganyijwe gukorwamo. Kuko muri EICV7 nta PANEL izakorwa, nta ngo zakorewemo EICV6 zizashakishwa, yewe haba no ku ngo zikorana na gahunda ya VUP (Vision 2020 Umurenge Programme). Ingo zose zizatoranywa gukorerwamo EICV7 zizaba zifatwa zose nk'ingo nshya. N'ubwo hashobora gutoranywa urugo rwakorewemo EICV6, ntiruzafatwa nk'urugo rwa PANEL

## 1.2. Intego za EICV

Muri rusange, ubu bushakashatsi ku mibereho rusange y'ingo bugamije kwerekana aho u Rwanda rugeze mu cyerekezo cy'aho rwifuza kugera hifashishijwe gahunda zitandukanye z'iterambere, haba ku rwego rw'igihugu, ku rwego rw'akarere u Rwanda ruherereyemo, ndetse no ku rwego rw'isi. Muri izo gahunda twavuga nka Gahunda ya Guverinoma y'imyaka irindwi/2017-2024 (NST1), ikaba n'ikiraro hagati y'icyerekezo 2020 u Rwanda rwashoje, rukinjira mu cyerekezo 2050, Intego z'Iterambere Rirambye (SDGs), n'izindi gahunda zitandukanye zigamije iterambere.

Ubushakashatsi cyangwa se Ibarura rya karindwi ku Mibereho Rusange y'Ingo (EICV7) rigamije ibi bikurikira:

- Gutanga imibare yashingirwaho mu gusuzuma ibyagezweho na gahunda zigamije guteza imbere imibereho y'umunyarwanda nka NST1 na SDGs, ndetse no kugena gahunda zirushaho guteza imbere umunyarwanda mu bukungu no mu mibereho ye ya buri munsi;
- Kwerekana uko ibyiciro bitandukanye by'abaturage bibayeho kugira ngo Leta n'abafatanyabikorwa babashe guhitamo ahakenewe imbaraga byihutirwa;

- Gusuzuma ibyagezweho mu mibereho rusange y’ingo hakurikijwe politiki z’ubukungu n’imishinga ikorwa mu nzego zitandukanye z’ubukungu n’imibereho myiza nka “ Girinka Munyarwanda, VUP, Guhuza ubutaka...“;
- Gutanga imibare yafasha gukora ubushakashatsi bwihariye ku mibereho rusange y’abanyarwanda;

### 1.3. Icyo ibizava mu bushakashatsi bizakoreshwa

EICV7, kimwe n’izindi zayibanjirije, ikubiyemo ibice byinshi kuko ikora ku nzego nyinshi zijyanye n’imibereho y’abaturage n’ubukungu. Ubu bushakashatsi buzafasha gukurikirana imihindagurikire y’ibiciro ku masoko (CPI: Consumer Price Index) no gutanga imibare ituma hamenyekana ikigereranyo cy’ubukungu bw’igihugu (GDP: Gros Domestic Product). Buzanagaragaza ibipimo ngenderwaho (indicators) n’ibisobanuro by’ingenzi ku mibereho y’ingo kugira ngo bigezwe ku babikoresha banyuranye nk’inzego z’igenamigambi za Leta y’u Rwanda, abayitera inkunga mu iterambere, ibigo by’ubushakashatsi mu by’ubukungu n’imibereho y’abaturage, n’ibindi.
Ibisubizo bizatangwa bikubiye mu ngingo zikurikira:

- Imiterere rusange y’abaturage;
- Kwimuka hagati mu gihugu;
- Ubuzima muri rusange;
- Uburezi muri rusange, kumenya gusoma no kwandika, gutunga no gukoresha ibikoresho by’ikoranabuhanga;
- Imiturire;
- Imirimo n’igihe ikorerwa;
- Ubuhinzi n’ubworozi;
- Amafaranga akoreshwa, ibyakoreshejwe n’urugo (byaba ibyaguzwe, ibyo urugo rwasaruye cyangwa ibyo rwahawe);
- Kwohererezanya ibintu na gahunda ya VUP (Vision 2020 Umurenge Programm);
- Inguzanyo, ibikoresho biramba no kuzigama.

### 1.4. Uburyo ibarura ryateguwe

Gutoranya ingo zizabazwa byakozwe ku nzego ebyiri: ku rwego rwa mbere hatoranyijwe *udupande tw’ibarura **72** muri buri Karere k’Umujyi wa Kigali na **54** muri buri Karere mu Ntara* hashingiwe ku mubare w’ingo zituye mu mudugudu. Ku rwego rwa kabiri, hazatoranywa ingo zihagarariye izindi muri buri *gapande k’ibarura* katoranyijwe.
Umubare watoranyijwe kuri buri rwego ni uyu ukurikira:

- ku rwego rwa mbere, hatoranyijwe *udupande tw’ibarura* **1674 = (72x3) + (54x27);**
- ku rwego rwa kabiri, hatoranyijwe ingo 9 muri buri *gapande k’ibarura*, bihwanye n’ingo **15066** mu gihugu cyose;
- kuri uyu mubare w’ingo, haziyongeraho ingo **2916** zikorana na gahunda ya VUP, zose hamwe zikaba ingo **17982**.

Kwemeza umubare w’ *udupande tw’ibarura* tuzakorerwamo EICV7 byatewe n’ibi bikurikira:
gushaka ko imibare izava mu bushakashatsi yagaragaza ishusho y’imibereho y’ingo ku rwego rw’Akarere;

ibibazo by’amikoro: amafaranga ateganyijwe n’ubushobozi bwo kugenzura imirimo y’ubushakashatsi.
Kugira ngo imibare izava muri iri barura izabe ari myiza kandi iboneke ku buryo bwihuse, hateganyijwe ibi bikurikira: intonde z’ibibazwa ziteguye ku buryo ibirango by’ibisubizo byuzuzwa n’umukarani w’ibarura mu gihe aganira n’ubazwa; igenzura ryimbitse rizakorwa n’ukuriye ikipe y’abakora ibarura mu Karere. Hateganyijwe kandi igenzura rizakorwa ku rwego rw’Uturere dukomatanyijwe (Zone) n’ubugenzuzi buhanitse ku rwego rw’igihugu buzakorwa n’intumwa za NISR.

Ikoranabuhanga riteganya ko amakuru yakiriwe kuri Seriveri (Server) azajya agenzurwa neza n’ababishinzwe, niba hari ibisubizo bidahwitse bizaba byinjijwe n’umukarani w’ibarurwa, bamusabe kujya kubikosora atarava mu *gapande k’ibarura* akoreramo.

### 1.5. Abazakora imirimo y'ibarura

Ibarura rya EICV7 rizakorwa n'abakozi banyuranye mu byiciro bikurikira:

- Abakarani b'ibarura;
- Umugenzuzi w'ikipe muri buri Karere;
- Abagenzuzi b'ikipe ''Mobile teams'' (VUP & Cross section) ku rwego rw'Umujyi wa Kigali n'Intara;
- Abahuzabikorwa ku rwego rw'Igihugu;
- Ubuyobozi bwa NISR.

***Icyitonderwa**:* Buri kipe izaba ifite umushoferi uyitwara.

### 1.6. Kumenyekanisha imirimo y'ibarura

Mbere yo kujya mu *dupande tw'ibarura* tuzakorerwamo ibarura, abakozi bagize ikipe ya EICV7 bazabanza kwimenyekanisha ku buyobozi bw'Akarere, Umurenge n'Akagari. Kuri buri rwego, bazerekana urwandiko rwandikiwe abayobozi banabasobanurire ikibagenza na gahunda y'imirimo y'ibarura. Nyuma yo kwimenyekanisha no kwemererwa gukora imirimo y'ibarura, abakozi b'ibarura bazerekeza mu ga*pande k'ibarura* ka mbere bazakoreramo ibarura, babanze kwimenyekanisha ku mukuru w'umudugudu ako gapande gaherereyemo, bamwereke urwandiko rwandikiwe abayobozi rubasaba ubufatanye mu bikorwa by'ibarura.

Kugira ngo abayobozi n'abaturage b'umudugudu agapande k'ibarura gaherereyemo (kazakorerwamo ibarura) barusheho gusobanukirwa neza impamvu z'iki gikorwa mu gice cyangwa se mu Mudugudu wabo, abakozi b'ibarura bagomba kubasobanurira ko umudugudu wabo cyangwa agapande k'ibarura kari mu *dupande tw'ibarura* 1674 twatoranyijwe kuzakorerwamo ibarura ku mibereho rusange y'ingo mu Turere twose no mu Mirenge yose y'igihugu hakoreshejwe uburyo bwa tombora. Bazabasobanurira kandi ko mu mudugudu wabo cyangwa mu gapande k'ibarura hazatoranywa ingo 12, ariko ibarura nyir'izina rikazabaza ingo 9 gusa, ingo 3 zisigaye zikaba izisimbura izabuze mu zatoranyijwe mbere iyo bibaye ngombwa.

### 1.7. Gushyira nimero ku mazu no ku ngo

Nyuma yo gusobanurira abayobozi n'abaturage bo mu mudugudu (agapande k'ibarura gaherereyemo) ikibagenza n'uko gahunda y'ibarura iteye, abakarani b'ibarura basaba umuyobozi w'umudugudu kubafasha mu kumenya neza imbibi z' agapande k'ibarura katoranyijwe hifashishijwe ikarita y'uwo mudugudu watoranyijwe iri muri tabuleti (Tablet) buri mukarani azaba afite. Hakurikiraho igikorwa cyo kubarura inzu n'ingo zigize ako gapande k'ibarura.

#### 1.7.1.Gushyira inomero ku mazu no ku ngo zisanzwe

Uburyo bukoreshwa mu gukora urutonde rw'ingo no kwandika nimero ku nzu ni ukuziha nimero zikandikwa muri telephone no kuri buri nzu ituwe cyangwa ishobora guturwa iri mu gapande k'ibarura. Izi nimero, umukarani w'ibarura azandika ahereye kuri 001 akazikurikiranya uko ava ku nzu no ku rugo ajya ku yindi/ku rundi kugeza ku mubare wa nyuma wandikwa ku nzu ya nyuma mu gapande k'ibarura nkuko tuza kubibona mu buryo burambuye.

Ibarura ry'ingo (gushyira inomero ku mazu) rigamije gushyira ku rutonde ingo zose zituye mu gapande k'ibarura katoranyijwe ku rwego rwa mbere, kugirango ku rwego rwa kabiri hatoranywemo ingo zizakorerwamo ***EICV7 (Ingo nshya/ Cross-sectional)***. Uwo murimo uzakorwa n'abakarani b'ibarura bagize ikipe mu Turere twose mu gihe cy'umunsi 1 muri buri gapande k'ibarura katoranyijywe.

Ikipe ya EICV7 yimenyekanisha ku buyobozi bw'Akarere, ubw'Umurenge, ubw'Akagari n'ubw'umudugudu agapande k'ibarura katoranyijwe gaherereyemo mbere yo gutangira imirimo mu gapande k'ibarura. Nyuma yaho, yegera ubuyobozi bw'umudugudu ikabusobanurira ko agapande k'ibarura katoranyijwe mu buryo bwa tombora, ikanabusobanurira imirimo ya EICV7 igiye gukorwa mu mudugudu, iyo ari yo:

- Kumenya imbibi z'umudugudu agapande k'ibarura katoranyijwe gaherereyemo;
- Gushyira inomero ku mazu no ku ngo zituye mu gapande k'ibarura katoranyijwe;
- Gukora urutonde rw'ingo zituye mu gapande k'ibarura katoranyijwe;
- Gutoranya kuri urwo rutonde ingo zizakorerwamo ibarura rya EICV7;
- Gukora ibiganiro n'ingo zatoranyijwe mu gihe cy'iminsi 10.

Ikipe izaboneraho gusaba ubufasha bw'abayobozi b'umudugudu agapande k'ibarura gaherereyemo, cyane cyane mu bijyanye no kumenya neza imbibi z'umudugudu n'ibikorwaremezo by'agapande k'ibarura kazakorerwamo ibarura no gukangurira abaturage kwitabira ibarura.

Kugirango hatagira icyibagirana, ibikorwa bikurikirana ku buryo bukurikira:

1) Kuzenguruka agapande k'ibarura hifashishijwe ikarita yateguwe n'ikigo cy'igihugu gishinzwe ibarurishamibare mu Rwanda (NISR) kugirango umurimo wo gushyira inomero ku mazu no ku ngo utegurwe kandi ukorwe neza.
2) Gukora ilisiti y'amazu n'ingo neza. Ni byiza kwiha icyerekezo mbere yo gutangira gushyira inomero ku mazu no ku ngo: kubahiriza imirongo cyangwa imihanda (umurongo/umuhanda ku wundi) niba mu gapande k'ibarura kagaragaramo ubucucike cyangwa umusozi ku wundi/agace ku kandi niba abantu batuye mu buryo bwitaruye mu cyaro. Byumvikane ko inzu imwe ishobora guturwamo n'ingo nyinshi nkuko urugo rumwe rushobora gutura mu mazu menshi.

   ***Icyitonderwa:*** Amazu adatuwe yagenewe guturwamo n'atuwemo atari cyo yagenewe nayo azashyirwaho inomero kugirango twizere ko ari nta rugo na rumwe rwibagiranye, dore ko hari ingo zitura mu ma "chantiers", insengero cyangwa mu maduka.

3) Guhuriza hamwe kuri tabuleti y'umuyobozi w'ikipe ingo zose zituye mu gapande k'ibarura zashyizweho nimero**,** kugira ngo byoroshye igikorwa cyo gutoranya ingo 9 zizabarurwa n'ingo 3 zizasimbura izitazaboneka.

***Icyitonderwa:*** Ingo z'abanyamahanga batari Abanyafurika, n'ingo z'abakozi bo ku rwego mpuzamahanga batari Abanyarwanda (Ambasade cg Imiryango mpuzamahanga), kimwe n'ingo zituwemo n'abanyeshuri gusa badafite akazi bakora kiyongera ku masomo yabo, ntizibarurwa muri EICV.

**Uko huzuzwa nimero ku nzu no ku ngo**

Nyuma yo kugenzura imbibi z'agapande k'Ibarura, umukarani w'ibarura azatangira umurimo wo gushyira inomero ku mazu no ku ngo akurikije uko zikurikiranye mu gapande k'ibarura.

Inzu ihabwa nimero ni buri nzu ituwemo cyangwa idatuwemo n'abantu ariko ari cyo yubakiwe (ishobora guturwamo) cyangwa inzu ituwemo n'abantu ariko atari cyo yubakiwe. Iyo nzu ishobora kuba ari icyumba kimwe cyangwa inzu ifite ibyumba byinshi, ishobora kuba igizwe n'ibice bitandukanye (appartements/appartments/"two in one, four in one") cyangwa ari igorofa.

Nimero z'inzu n'iz'ingo zizandikwa hakurikijwe uko inzu zegeranye n'uko zikurikiranye kugira ngo hatagira inzu cyangwa ingo zisigara zidafite nimero. Muri buri gapande k'ibarura, umukarani w'ibarura yandika nimero ku nzu ahereye kuri **001**. Buri nimero ibanzirizwa n'impinamagambo **EICV7** (*Ibarura rya Karindwi ku Mibereho Rusange y'ingo*) kandi igomba kwandikwa ahagaragara. Impamvu y'imibarwa 3 ni uko nta gapande k'ibarura kagejeje ku ngo 1000 cyangwa kurenza byatuma handikwa imibarwa 4.

**Urugero: *EICV7/001/001,*** *bisobanuye ko ari inzu ya mbere* ***(001)*** *n'urugo rwa mbere* ***(001)*** *umukarani w'ibarura yahereyeho mu gapande k'ibarura katoranyijwe ashinzwe.*

**Ingo zisanzwe :**Kwandika nimero z'inzu n'iz'ingo biterwa n'uburyo buri nzu ituwemo. Ahenshi tuzasanga inzu imwe ituwe n'urugo rumwe ariko si ko iteka bimera. Hari aho tuzasanga inzu imwe ituwe n'ingo nyinshi cyangwa urugo rumwe rutuye mu nzu nyinshi.

Inzu imwe ituwe n'urugo rumwe: Umukarani w'ibarura azandika nimero y'inzu ikurikirwe na inimero y'urugo ku rugi cyangwa ahandi hagaragara (hejuru y'urugi, ...) .

**Urugero: *EICV7/001/001***, ni ukuvuga inzu ya mbere ituwe n'urugo rumwe rwa mbere mu gapande k'ibarura.
Inzu imwe ituwe n'ingo nyinshi: nimero y'inzu ni imwe kuri izo ngo zose kandi ikaba ikurikira nimero y'inzu yayibanjirije. Nimero z'ingo ziri muri iyi nzu ni zo zihinduka zonyine zikandikwa uko zikurikirana. Uhereye kuri rimwe(001).

**Urugero:** Mu nzu ya kabiri mu gapande k'ibarura, umukarani asanze habamo ingo 4. Niba buri rugo rufite umuryango wihariye abarugize binjiriramo, nimero zizandikwa muri ubu buryo:

**EICV7/002/001**
***EICV7/*** **002/002**
***EICV7*** **/002/003**
***EICV7/*** **002/004**
Niba ingo zose zinjirira mu muryango umwe w'inzu, nimero y'inzu na nimero z'ingo zizandikwa ku muryango wayo ku buryo bukurikira:

**EICV7 003/001-004**, bisobanuye ko iyi nzu ari iya gatatu **"003"** ibaruwe mu gapande k'ibarura katoranyijwe, ikaba ituwemo n'ingo enye zifite nimero kuva kuri **001** kugeza kuri **004**.

**Icyitonderwa:** Nimero z'inzu zigenda zihinduka kandi zikurikiranye uva ku nzu ujya ku yindi nta mubare usimbutswe. Nimero z'ingo na zo zigenda zihinduka bitewe n'umubare wazo uri muri buri nzu zituyemo, kuko kuri buri nzu nimero y'ingo itangirira kuri 001.

**Inzu nyinshi zituwe n'urugo rumwe:** Niba urugo rumwe rutuye mu nzu nyinshi, umukarani w'ibarura azaha buri nzu na buri rugo nimero zitandukanye kandi zikurikiranye ahereye ku nzu ituwemo na Nyir'urugo, izndi zose zisigaye zituwemo n'abandi bagize urugo azajya yandika nimero y'inzu ikurikira iyari igezweho, hanyuma mu mwanya wa nimero y'urugo huzuzwemo**"000"**

**Urugero:** ***EICV7 004/009****: Inzu ya Nyir'urugo*
***EICV7 005/000:*** *Inzu iraramo abana ba Nyir'urugo (muri application rufatwa nk'inzu idatuwe)*
***EICV7006/000:*** *Inzu iraramo abakozi ba Nyir'urugo (muri application rufatwa nk'inzu idatuwe).*

**Inzu z'amagorofa :** Muri iri barura n'ingo zituye mu magorofa ari mu gapande k'ibarura katoranyijwe na zo zizashyirwaho nimero. Inyubako z'amagorofa zashyizwe mu byiciro 3 hagamijwe koroshya uburyo bwo kuzibarura no kuzishyiraho nimero:

1. **Igorofa idatuwe ariko yaruzuye kandi yaragenewe guturwamo:**

Umukarani w'ibarura azayigeraho abaze niba nta muntu utuyemo. Nasanga nta rugo rutuyemo, azayishyiraho nimero y'inzu ikurikira iyari igezweho, hanyuma mu mwanya wa nimero y'urugo azandikamo **"000"**, ubundi akomereze ku nzu/igorofa/inyubako ikurikiyeho.

**Urugero** ***: EICV7 007/000****:*

2. **Igorofa y'ubucuruzi ituwemo n'urugo:**

Ku nyubako y'ubucuruzi iri mu gapande k'ibarura katoranyijwe, umukarani w'ibarura agomba kuyigeraho akegera abayobozi bayo akababaza niba nta rugo ruyituyemo. Iyo asanze hari igice cyayo (appartement cyangwa ibyumba bibamo urugo/ingo), abarura buri appartement cyangwa buri cyumba gituwe k'urugo, nimero y'inzu iba ari imwe ku nyubako yose na buri rugo ruyituyemo akaruha nimero yihariye hanyuma ashyire nimero y'inzu na nimero y'urugo kuri buri appartement cyangwa icyumba gituwe n'urugo ku muryango rwinjiriramo ahereye ku rugo rwa mbere 001.

**Urugero :** Niba igorofa y'ubucuruzi ituwemo n'ingo 2
***EICV7 008/001****:Urugo rwa mbere rwo muri iyi gorofa*
***EICV7 008/002:*** *Urugo rwa kabiri rwo muri iyi gorofa*

**3. Igorofa yagenewe guturwamo (ifite appartements nyinshi zagenewe guturwamo)**

Appartements zose, ari izituwe ari n'izidatuwe, zizashyirwaho nimero : nimero y'inzu ni imwe kuri appartements zose, nimero z'ingo ni zo zihinduka uva ku rugo rumwe ujya ku rundi. Ayo harimo ingo zidatuwemo, mu mwanya wa nimero y'urugo huzuzwamo **"000"**.

**Urugero:**

***EICV7 009/001***
***EICV7 009/002***
***EICV7 009/000***
***EICV7 009/003***
***EICV7 009/010***….. Gutyo gutyo.

**4. Ikigo gituwe n'ingo zisanzwe**

Igihe umukara w'ibarura ageze ku nyubako cyangwa igipangu bakamubwira ko ari ikigo azabaza neza niba harimo abahatuye maze ingo asanzemo azishyireho nimero nk'uko yabikoze ku ngo zisanzwe muri ako gapande k'ibarura. Nimero azazitanga ahereye ku nzu yashorejeho maze ingo zikurikirane uhere ku rugo rwa mbere muri buri nzu, kuko uko Umukarani w'ibarura ageze ku Yindi nzu, nimero y'urugo ihita itangirira kur 001 .

Urugero: Mu gihe asanzemo inzu imwe ituwe n'urugo rumwe ubwo azandika ahereye ku nzu ikurikira iyo yaherukaga kubarura, ayandikeho gutya=> EICV7/010/001

**Ifishi y'amazu n'ingo mu gapande k'ibarura katoranyijwe**

| **Cluster** | **Intara** | **Akarere** | **Umurenge** | **Akagari** | **Umudugudu** | **EA** | No y'inzu (1) | Nimero y'urugo mu nzu (2) | Amazina ya Nyir'urugo (3) | Igitsina 1= M 2= F (4) | Telefone ya Nyir'urugo cg y'aho abarizwa (5) | Ubwenegihugu (6) |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| | | | | | | | | | | | | |
| | | | | | | | | | | | | |

**Inzu: (Housing Unit)** ni inzu yagenewe guturwamo cyangwa yagenewe gukorerwamo ibindi ariko ikaba ituwe cyangwa ishobora guturwamo n'urugo rumwe cyangwa ingo nyinshi igihe icyo ari cyo cyose.

**Uko buri nkingi y'ifishi yo guhyira nimero ku nzu no ku ngo yuzuzwa**

**Inkingi ya 1: Inomero y'inzu :** Inomero ntizitangwa mu kajagari, uhubwo muzikurikiranya mukurikije uko imiturire mu gapande k'ibarura iteye (uko mwayibonye muzenguruka imbibi z'agapande k'ibarura).

**Inkingi ya 2: Inomero y'urugo :** Inomero y'urugo ni nimero ifasha kumenya umubare w'ingo zituye mu nzu ziri mu gapande k'ibarura .

**Inkingi ya 3: Amazina ya Nyir'urugo:** Handikwa amazina yose ya Nyir'urugo kuko ari yo atuma urugo rumenyekana mu gihe bikenewe. Hari abagira amazina menshi, amwe ari amahimbano, mwandika azwi n'ubuyobozi.

**Inkingi ya 4: Telefone ya Nyir'urugo:** Kumenya Telefone ya Nyir'urugo bizafasha igihe cyose muzakenera kuvugana nawe, na ho kumenya aho abarizwa (nko ku kazi) bizafasha kumutandukanya n'undi/abandi baba bitiranwa na we.

**Inkingi ya 5: Igitsina (1= M; 2= F):** Nyir'urugo yuzurizwa igitsina, umukarani w'ibarura akanda ku gisubizo kijyanye n'igitsina cya Nyir'urugo (Gabo cyangwa Gore ).

**Inkingi ya 6: Ubwenegihugu:**

Ubwenegihugu bwa Nyir'urugo buzafasha kumenya niba urugo rushobora kubazwa. Mu kuzuza iyi nkingi, hazakoreshwa ibirango gusa ku buryo bukurikira:

- Abanyarwanda = 1
- Abandi banyafurika badakora mu miryango mpuzamahanga = 2
- Abandi banyafurika bakora mu miryango mpuzamahanga = 3
- Abanyamahanga batari abanyafurika = 4

**1.7.2.Gushyira nimero ku nzu no ku ngo zikorana na gahunda ya VUP**
Ingo zikorana na gahunda ya VUP na zo zizashyirwaho nimero nk’uko byakozwe ku ngo zisanzwe

**Urugero rw’ibarura ry’amazu n’ingo za VUP:**

| No y’inzu (HU) (1) | Nimero y’urugo mu nzu (2) | Amazina ya Nyir’urugo (3) | Telefone ya Nyir’urugo cg Aho abarizwa (4) | Igitsina 1= M 2= F (5) | Ubwene gihugu (6*) | Ubwoko bw’ubufasha bwa VUP (7*) | No y’urugo mu mudugudu (8) |
|---|---|---|---|---|---|---|---|
| 001 | 00 | Inzu idatuwe | - | - | - | - | - |
| 002 | 01 | Shakira Damien | Umucuruzi mu Gakinjiro | 1 | 1 | 1 | 001 |
| 003 | 01 | Célestin Kayumbu | Umukozi muri NISR | 1 | 1 | 1 | 002 |
| | 02 | Louise Umutesi | Salon de coiffure AMAHORO | 2 | 1 | 4 | 003 |
| | 03 | Henriette Zawadi | Umukecuru wibana mu rugo | 2 | 1 | 2 | 004 |
| 004 | 01 | Mamadou Ali | Umukozi muri UNFPA | 1 | 3 | 1 | - |
| | 02 | Marcelin Nzobona | Umukozi muri UNFPA | 1 | 1 | 1 | 005 |
| 005 | 01 | Eric VanBelle | Umucuruzi | 1 | 4 | 1 | - |
| ... | | | | | | | |

**1.7.3 Gusoma ikarita no gufata ibikorwa remezo biri mu gapande.**
Ku genzura imbibi zu mudugudu ni ibyingenzi cyane kuko ntago umukarani yemerewe gushyira nimero kunzu cyangwa ku ingo zidaherereye mu gapande atahawe. Mugihe asanze imbibi zigaragara kw’ikarita zidahuye nizo asanze kuri terrain yihutira kubimenyesha ababishinzwe kugirango bamufashe uburyo bwo kubikosora niba aringobwa cgangwa bamuhe indi karita ikoze neza. Iki gikorwa hifashishwa porogaramu ya ‘Cspro’ izafasha mukugenzura imbibiz’umudugudu bigendeye ku birango bigaragara kw’ikarita.
Ibirango by’ingenzi bigaragara kw’ikarita:

- ✓ Urubibi rwa gapande katoranijwe rugaragara mwi ibara rya orange
- ✓ Urubibi ry’umudugudu bihana imbibi zigaragara mwi ibara ry’umukara
- ✓ Ibimenyetso byamazu cga ibindi bikorwa remezo bigaragara ku ifoto ya satellite

Nyuma, iyo umukarani w’ibarura asoje ku genzura imbibi zigize agapande yawe atangira gushyira nimero ku mazu no ku Ngo nkuko byavunzwe hejuru.
Igikorwa cyo gufata ibikorwa remezo biri mu gapande cyangwa mu murenge akogapande kabarinzwamo bizakorwa nuyoboye itsinda(team leaders) aho azifashisha porogaramu ya ‘Field Maps’ kuburyo ashobora gukoresha gps afata ibyo bikorwa remezo aho biherereye. Buri Team leader ahabwa lisiti y’ibikorwa remezo byose bihereye mu murege azakoreramo bimufashe kureba ibidahari cyangwa ibibyavutse nyuma yibarura rusange maze abifate.

**1.8. Gutoranya ingo zizakorerwamo EICV7**

Iyo gushyira nimero ku ngo birangiye, abakarani b’ibarura bahura n’umugenzuzi w’ikipe buri wese akamwoherereza ingo yabaruye(yashyizeho nimero). Hanyuma umugenzuzi yo amaze kuzibona, hagakurikiraho gutoranya ingo 12, harimo 9 zizabazwa n’ingo 3 zisimbura. Ibyo birangiye, hakurikiraho kureba ba Nyir’urugo b’ingo zatoranyijwe bakabamenyesha ko ingo zabo zatoranyijwe mu gapande k’ibarura kuzakorerwamo EICV7. Bakanabamenyesha ko bazagirana ibiganiro, bakababwira itariki bazatangirira ndetse n’iminsi ibiganiro bizamara (inshuro 5 ariko bikazakorwa mu minsi 10 ).

**1.9. Gufata gahunda y’ibiganiro mu ngo zizabazwa**
Ni ngombwa guteguza urugo umunsi umwe mbere yo gutangira ibiganiro. Umukarani w’ibarura, aherekejwe n’umugenzuzi w’ikipe arimo, bashyikiriza Nyir’urugo cyangwa umuhagarariye urwandiko rumumenyesha ko urugo rwe rwatoranyijwe gukorerwamo ibarura ku mibereho rusange y’ingo bakamwereka n’ibyangombwa bibaranga (ikarita y‘akazi) niba abisabye. Ni ngombwa kandi kumusobanurira muri make icyo ibarura rigamije n’incuro umukarani w’ibarura azagirana ikiganiro nawe (incuro:5 hagati y’ikiganiro n’ikindi hacamo umunsi 1).

# Umutwe wa II: AMABWIRIZA RUSANGE

## 2.1. Uko umukarani w’ibarura agomba kwitwara

Umukarani w’ibarura agomba kwitwararika ibi bikurikira:

- Kugira ikinyabupfura imbere ya buri wese (abayobozi, ababazwa, umugenzuzi, abo bahuriye mu kipe n’abandi). Imyitwarire myiza no kutiyandarika (ubusinzi n’izindi ngeso z’urukozasoni) bituma uwo ari we wese aha agaciro ibyo mukora;
- Kwirinda kubangamira abandi mu buryo ubwo ari bwo bwose;
- Kwambara mu buryo butarangaza abandi kugira ngo ubazwa akugirire icyizere, abone ko uri inyangamugayo;
- Kubahiriza gahunda kuko ubazwa atagomba kugutegereza kandi yigomwe umwanya we wo kwikorera imirimo. Bibaye ngombwa ko ukererwa bitewe n’impamvu yumvikana, ugomba kumenyesha urugo rugutegereje ko uza gukererwa ndetse ukabamenyesha indi saha yo kubonana cyangwa ukabasaba ko baguha isaha ibabereye;
- Kwihangana no gushishoza mu gihe muganira, kwirinda kubangamira ubazwa ngo ube watuma atanga ibisubizo bidahuye n’ukuri kuriho.
- Kwirinda gukoresha telefone igendanwa mu gihe watangiye ikiganiro: igihe utangiye ikiganiro n’ubazwa usabwe gushyira telefone yawe muri SILENCIEUX cyangwa VIBREUR. Ntiwemerewe kwitaba telefone urimo ukora ikiganiro keretse telefone y’umugenzuzi ushinzwe ibarura kandi na bwo ukabanza kwisegura ku uwo muganira. Byaba byiza kumenyesha abagushaka ko bagushaka nyuma y’ikiganiro.
- Kumenyesha ubazwa ibikubiye mu biganiro by’isura rikurikira: kuvuga mu ncamake ibyo muzaganiraho kugira ngo yitegure kuzaguha amakuru nyayo atajijwa.
- Buri kipe igomba gushyiraho amabwiriza yumvikanyweho kandi agakurikizwa na bose kugira ngo akazi ka buri munsi kagende neza. Hategurwa ingengabihe ya buri munsi igomba kugaragaza ibi bikurikira:
    - Igihe cyo guhura mu gitondo mbere yo kujya gukora ibiganiro kuko ari ngombwa gukora akanama mbere yo guhaguruka bakarebera hamwe uko akazi kaza gukorwa;
    - Buri munsi, igihe cyo gutaha bava gukora ibiganiro bagomba guhura bakaganira uko akazi k’uwo munsi kagenze, hanyuma hakarebwa niba hari ibigomba gukosorwa muri tabuleti (Tablet);
- Umugenzuzi w’ikipe azajya agaragaza ibigomba gukosorwa (observations) bya buri mukarani w’ibarura, umukarani w’ibarura bireba akaba ariwe ubyikosorera;
- Nyuma yo gukosora ni bwo abakarani bazajya bohereza umugenzuzi w’ikipe ibyo bakoze, hanyuma nawe abyohereze kuri Seriveri y’Ikigo cy’Ibarurishamibare (NISR);
- Haramutse hari ibibazo bivutse, umukarani byabayeho agomba kubimenyesha umugenzuzi w’ikipe na we akabimenyesha abamukuriye iyo abona bimugoye. Ubuyobozi bwa EICV7 ni bwo bufata icyemezo cyo kubimenyesha abayobozi b’inzego z’ibanze ziri hafi, cyane cyane iyo havutse ibibazo by’umutekano.

## 2.2. Ibanga ry’ibikubiye mu biganiro mu ngo

Buri mukarani w’ibarura agomba kumenya ko ibisubizo byose ahabwa mu ibarura ari ibanga. Biramutse bisohotse, byaba binyuranyije n’uburenganzira bw’uwabajijwe kandi bihanishwa ibihano biteganyijwe mu **itegeko-ngenga N°45/2013 ryo kuwa 16/6/2013 rigena imitunganyirize y’imirimo y’ibarurishamibare mu Rwanda**. Iryo tegeko rirakomeye cyane kuko ari na ryo ibikorwa byose by’ibarurishamibare bigenderaho.

Ikindi, ibibazo byose bigomba kubazwa uwo muganira mwiherereye kugira ngo byumvikane ko ibisubizo bizagirwa ibanga. Haramutse hari abandi bantu batari abo muri urwo rugo, bishobora gutuma ubazwa atanga ibisubizo binyuranyije n’ukuri. Ni byiza rero ko hakorwa ibishoboka byose kugira ngo ikiganiro gikorwe mu muhezo usesuye.

Hari ibice byinshi by’ibibazo ingo nyinshi zishobora gusubiza zitishisha, nk’umubare w’ababa mu rugo, imiterere y’inzu, amashuri ababa mu rugo bize n’ibikorwa by’ubuhinzi-bworozi. Byashoboka ko igice cyerekeye uko urugo rukoresha amafaranga, n’uko rukoresha ibyo rwiyezereza (mu Gika cya 8) na byo byasubizwa nta kwishisha. Ariko, hari ibice by’ibibazo bishobora kubatera kwishisha. Ni nk’ibyerekeye umurimo ubazwa akora n’ibyo yinjiza,

inguzanyo, kuzigama no kwohererezanya ibintu, … Ni ngombwa rero gukora uko bishoboka kugira ngo ibiganiro bikorwe mu muhezo. Mu kinyabupfura, umukarani w'ibarura asobanurira uwo ari we wese utari mu bagomba kubazwa mu rugo ko ari ngombwa ko icyo kiganiro kiba mu ibanga.

**2.3. Umurimo w'umukarani w'ibarura**

Umukarani w'ibarura afite umurimo w'ingenzi cyane mu ibarura kuko ari we ugirana ibiganiro n'abatanga amakuru akenewe. Ibi bisaba ko agira imyifatire myiza kugira ngo abo baganira bamusubize batishisha. **Buri mukarani w'ibarura agomba kwitwararika amabwiriza ari muri iki gitabo** akayifashisha buri gihe bibaye ngombwa. Agomba na none kuvugana kenshi n'umugenzuzi w'ikipe akamumenyesha ikibazo icyo ari cyo cyose ahuye na cyo mu kazi k'ibarura kanyu aho mukora ibarura. **Nta mukozi n'umwe wemerewe na rimwe guhindura amabwiriza yahawe**.

Ku ruhande rwe, umugenzuzi nawe azabagezaho ku gihe ibikoresho n'amabwiriza, yegeranye, asuzume umurimo mwakoze, kandi anagerageze kubafasha kubonera umuti ibibazo mwahuye/mushobora guhura nabyo.

Ibikoresho by'ingenzi muzahabwa ni ibi bikurikira:

1. Igitabo cy'amabwiriza y'umukarani w'ibarura ;
2. Tabuleti (Tablet);
3. Amakaramu y'ubururu/umukara ;
4. Urubaho bandikiraho (Ecritoire) ;
5. Umunzani wo gupima ibyakoreshejwe n'urugo ;
6. Metero riba;
7. Agikapu cyo gutwaramo ibikoresho ;
8. Ikarita y'akazi.
9. Indobo zizahabwa ingo zatoranyijwe zizifashishwa mu gupima ibisukika (ikiganiro iyo kirangiye indobo isigara mu rugo rwamaze kubazwa).

Musabwe kubika neza ibi bikoresho by'akazi.

## 2.4.GAHUNDA YO GUSURA INGO MU MUJYI NO MU CYARO

| Gusura | Ingo zibarurwa | Ibika byuzuzwa |
|---|---|---|
| Isura rya 1 | Umunsi wa 1, Agapande k'ibarura A, ingo 9<br>Umunsi wa 2, Agapande k'ibarura B, ingo 9<br><br>**NB:** Hari akarere kamwe mu turere tw'umujyi wa Kigali, kazaba gakorerwamo n'amatsinda 2 muri imwe muri Subcycles za buri cycle, icyo gihe muri ako karere kuri buri sura, hazajya hasurwa ingo 18 aho kuba ingo 9 | - Kumenyana<br>-Igika 0: Umwirondoro w'urugo, gukora urutonde rw'abagize urugo no kureba uko amafunguro afatwa mu rugo.<br>-Igika1 : Imiterere y'abantu bagize urugo<br>-Igika 2 : Kwimuka<br>-Igika 3 : Ubuzima<br>-Igika 4 :Uburezi |
| Isura rya 2 | Umunsi wa 3, Agapande k'ibarura A, ingo 9<br>Umunsi wa 4, Agapande k'ibarura B, ingo 9<br><br>**NB:** Hari akarere kamwe mu turere tw'umujyi wa Kigali, kazaba gakorerwamo n'amatsinda 2 muri imwe muri Subcycles za buri cycle, icyo gihe muri ako karere kuri buri sura, hazajya hasurwa ingo 18 aho kuba ingo 9 | - Igika 5 :Imiturire<br>-Igika8 (S8B na S8C) :Kumenya ibituruka ku musaruro w'urugo, amafaranga yatanzwe ku biribwa no ku bitari ibiribwa, ndetse n'ibyohererejwe mu rugo. |
| Isura rya 3 | Umunsi wa 5, Agapande k'ibarura A, ingo 9<br>Umunsi wa 6, Agapande k'ibarura B, ingo 9<br><br>**NB:** Hari akarere kamwe mu turere tw'umujyi wa Kigali, kazaba gakorerwamo n'amatsinda 2 muri imwe muri Subcycles za buri cycle, icyo gihe muri ako karere kuri buri sura, hazajya hasurwa ingo 18 aho kuba ingo 9 | - Igika 6 : Imirimo<br>-Igika 7 : Ubuhinzi n'ubworozi<br>- Igika 8 (S8AI, S8B na S8C) :Kumenya ibituruka ku musaruro w'urugo, amafaranga yatanzwe ku biribwa no ku bitari ibiribwa ndetse n'ibyohererejwe mu rugo. |
| Isura rya 4 | Umunsi wa 7, Agapande k'ibarura A, ingo 9<br>Umunsi wa 8, Agapande k'ibarura B, ingo 9<br><br>**NB:** Hari akarere kamwe mu turere tw'umujyi wa Kigali, kazaba gakorerwamo n'amatsinda 2 muri imwe muri Subcycles za buri cycle, icyo gihe muri ako karere kuri buri sura, hazajya hasurwa ingo 18 aho kuba ingo 9 | - Igika 9: Ibyo urugo rwohereje ahandi, amafaranga urugo rwohererejwe, gahunda ya vup n'andi mafaranga yatanzwe<br>- Igika 8 (S8AII, S8B na S8C) :Kumenya ibituruka ku musaruro w'urugo, amafaranga yatanzwe ku biribwa no ku bitari ibiribwa ndetse n'ibyohererejwe mu rugo. |
| Isura rya 5 | Umunsi wa 9, Agapande k'ibarura A, ingo 9<br>Umunsi wa 10, Agapande k'ibarura B, ingo 9<br><br>**NB:** Hari akarere kamwe mu turere tw'umujyi wa Kigali, kazaba gakorerwamo n'amatsinda 2 muri imwe muri Subcycles za buri cycle, icyo gihe muri ako karere kuri buri sura, hazajya hasurwa ingo 18 aho kuba ingo 9 | - Igika 10: Inguzanyo, ibikoresho biramba no kuzigama<br>- Igika 8 (S8AIII, S8B na S8C) :Kumenya ibituruka ku musaruro w'urugo, amafaranga yatanzwe ku biribwa no ku bitari ibiribwa ndetse n'ibyohererejwe mu rugo. |

Muri buri karere k'Umujyi wa Kigali (Nyarugenge, Gasabo na Kicukiro), hari itsinda rimwe ry'abakarani b'ibarura batatu bagomba gukorera mu dupande tw'ibarura 2 buri "sub-cycle".Buri mukarani w'ibarura azajya akorera ingo 3 ku munsi muri buri Gapande k'ibarura. Hari irindi tsinda rimwe rigizwe n'abakozi 3 mu mujyi wa Kigali rizajya rizenguruka mu turere twose uko ari 3, rikazaba rishinzwe gukora udupande 6 tw'ibarura muri cycle yose (iri tsinda rizajya rikora subcycle ya mbere muri Nyarugenge, Subcycle ya kabiri mu karere ka Gasabo na subcycle ya gatatu mu Karere ka Kicukiro. Indi subcyle ya mbere y'indi cycle rigaruke muri Nyarugenge).

Mu gice cy'icyaro na ho buri karere kazaba gafite itsinda (team) rimwe rigizwe n'abakarani b'ibarura batatu na bo bagomba gukorera mu dupande tw'ibarura 2 muri buri "sub-cycle", buri mukarani w'ibarura azajya akorera ingo 3 ku munsi mu Gapande k'ibarura kasuwe.

Hateganyijwe gusura buri rugo rwatoranyijwe rimwe mu minsi 2 kugira ngo ubazwa abe acyibuka ibyo yakoresheje nyuma y'isura riheruka ; ni yo mpamvu hakoreshwa iminsi 10 muri buri gapande k'ibarura, urugo rugasurwa incuro 5.

Mu turere twose, muri buri gapande k'ibarura, abakarani b'ibarura b'ikipe imwe bazakorera bose uko ari 3 mu gapande k'ibarura kamwe karimo ingo 9 zibarurwa. Umunsi wa 1 bazakorera mu gapande k'ibarura ka mbere (A), umunsi wa 2 bakorere mu gapande k'ibarura ka kabiri (B), umunsi wa 3 bagaruke mu gapande k'ibarura ka A, umunsi wa 4 bajye mu gapande k'ibarura ka B, bityo bityo kugeza barangije incuro 5 muri buri gapande k'ibarura no muri buri rugo rwatoranyijwe(nukuvuga kugeza sub-cycle irangiye).

**2.5. Gukora ikiganiro**

Mu kiganiro, umukarani w'ibarura abaza ibibazo byose neza nk'uko byanditse kandi agakurikiza amabwiriza akubiye muri iki gitabo cyangwa kuri buri kibazo.

Umukarani w'ibarura agomba kwitwararika ibi bikurikira :

kwibuka gufata amajwi y'uwo/abo baganira mu gihe cyose bari mu kiganiro cya EICV7 no kuyohereza kuri server ya NISR hamwe n'amafoto;

kwirinda gusezeranya cyangwa kwizeza icyo ari cyo cyose uwo baganira. Ni ngombwa gusobanura neza akazi arimo mbere yo gutangira ikiganiro ;

kwirinda kwibwira ibisubizo bishoboka akurikije uko abona uwo baganira cyangwa aho atuye ;

kwirinda kwerekana ko atangaye, agaye cyangwa ashimye iki n'iki mu byo ubazwa avuze. kwirinda kujya impaka n'ubazwa ku kibazo icyo ari cyo cyose. Iyo ubazwa atandukiriye mu bisubizo bye, ntakumuhagarika ahubwo amutega amatwi, maze akagenda amugarura ku kibazo nyacyo cyane cyane ko ari umukarani w'ibarura uyobora ikiganiro.

kwirinda gukora ibiganiro bidafitanye isano n'ibarura nk'impaka z'ibya politiki cyangwa iby'amadini. Iyo ubazwa abajije umukarani w'ibarura uko abona ibintu ibi n'ibi, agerageza kumwumvisha ko babivuganaho ikiganiro kirangiye.

**2.6. Gusuzuma neza amakuru yujujwe muri tabuleti**

Nyuma y'ibiganiro mu ngo, umukarani w'ibarura agomba kureba ko amakuru y'urugo yashyize muri tabuleti yujuje neza mbere yo kuyohereza kuri Seriveri y'Ikigo cy'Ibarurishamibare.

**2.7. Gukosora amakosa yagaragaye hamaze gusuzumwa amakuru yoherejwe kuri Seriveri (Server) y'Ikigo cya NISR**

Biteganyijwe ko amakuru yujujwe muri tabuleti buri munsi agomba kujya arara yoherejwe kuri Seriveri (Server) y'Ikigo cy'Ibarurishamibare mu Rwanda, keretse habaye impamvu zamenyeshejwe abakuriye ubu bushakashatsi bakemeza ko ashobora koherezwa ikindi gihe. Mu gihe runaka, amakuru yoherejwe kuri Seriveri azajya agenzurwa neza n'ababishinzwe. Niba hari ibisubizo bidahwitse bizaba byinjijwe n'umukarani w'ibarura muri tabuleti, azabimenyeshwe anasabwe kujya kubikosora atarava mu gapande k'ibarura akoreramo.

**2.8. Imikoranire y'umukarani w'ibarura n'umugenzuzi w'ikipe**

Buri gihe, abakarani b'ibarura bagomba kumvira inama z'umugenzuzi kuko ari we uhagarariye ubuyobozi bw'ibarura. Azajya abaha umurimo mugomba gukora hakurikijwe gahunda y'ibarura. Kugira ngo amenye niba umurimo wanyu ukorwa neza, umugenzuzi agomba gusura abakarani b'ibarura aho ibarura rikorerwa kandi agakora ibikurikira:

- Azasuzumana ubushishozi amakuru yujujwe muri tabuleti y'umukarani w'ibarura mu gihe ari ngombwa ko hari amakuru akosorwa yoherejwe gukosorwa avuye kuri seriveri ya NISR;
- Azasura zimwe mu ngo muzaba mwararangije kubaza kugirango amenye niba mwaragiye aho mwagombaga kujya. Muri izo ngo kandi, azabaza ibibazo bimwe na bimwe kugira ngo arebe niba amakuru yujujwe muri tabuleti ahuye n'ayo uhagarariye urugo arimo atanga.
- Azakurikirana kimwe cyangwa bimwe mu biganiro byanyu n'ababazwa, kugira ngo arebe uburyo mubaza ibibazo mbere yo kubagira inama niba ari ngombwa. Iryo genzura rizajya riba mutabitegujwe.
- Azakoresha inama buri munsi kugira ngo muganire ku byerekeye umurimo muzaba mwakoze no gutegura ibiganiro by'umunsi ukurikira,
- Azajya yohereza kuri Seriveri amakuru yujujwe n'abakarani ku gihe kugira ngo abashinzwe gusuzuma ayo makuru babikore ikipe ikiri mu mudugudu. Mu gihe hazaba hagaragaye amakosa kuri seriveri, ababishinzwe bazabimenyesha umugenzuzi kugira ngo na we abibwire umukarani ugomba gusubira mu rugo kubikosora.
- Umugenzuzi ni umuhuza wanyu n'abashinzwe ibarura. Nk'uko abagezaho amabwiriza, namwe mugomba kumugezaho ingorane cyangwa ibibazo byose by'akazi muhura nabyo.

***Urugero** : Niba mutumva uko bakora ikintu iki n'iki cyangwa uko buzuza ikibazo iki n'iki muri tabuleti, mugomba kumusobanuza mutishisha.*

### 2.9. Amabwiriza rusange ku buryo intonde z'ibibazwa zuzuzwa

Hari ingingo z'ingenzi umukarani w'ibarura agomba gukurikiza igihe yuzuza ibika by'urutonde rw'ibibazwa muri tabuleti.

- Mu bika bimwe na bimwe, amakuru atangwa umurongo ku wundi; ni nko ku byerekeye amakuru ya buri muntu mu rugo. Ni ngombwa rero kubaza ibibazo byose birebana n'umuntu mbere yo kujya ku wundi.
- Mu bika byinshi musabwa kwandika nomero y'ubazwa (ID N°), ni ukuvuga umuntu wasubirije abandi. Akenshi, aba ari Nyir'urugo ariko mu gihe adahari, undi wo mu rugo usobanukiwe iby'urugo yabikora.
- Ni ngombwa buri gihe gusoma ibibazo nk'uko byanditse muri tabuleti. Nyuma yo gusoma ikibazo ku buryo bwumvikana, umukarani w'ibarura ategereza ko ahabwa igisubizo. Iyo ubazwa akabije gutinda gusubiza, biba bitewe n'imwe muri izi mpamvu:
- Ntiyumvise neza ikibazo ;
- ntiyasobanukiwe ikibazo ;
- nta gisubizo agifitiye.
- Mugomba kongera mugasubira mu kibazo. Niba na none ubazwa ntacyo asubije, ni ngombwa kumubaza niba yumva ikibazo. Niba ikibazo kitumvikanye, umukarani w'ibarura agomba kureba ubundi buryo bwo kukibaza. Niba hari ingorane mu bushobozi bwo gusubiza, umukarani w'ibarura agomba gufasha ubazwa gutekereza ku gisubizo ariko nta kumusubiriza.
- Ibyanditse mu nyuguti nkuru byose cyangwa mu nyuguti nto zigaragara cyane (**gras/bold**) ni **amabwiriza** areba umukarani w'ibarura kandi agomba kuyasoma akayamenya, si ikibazo kireba ubazwa. Ibyanditswe mu nyuguti nto bindi byose bigomba gusomerwa ubazwa niba ari ibibazo. Niba ari ibisubizo bishoboka ku kibazo runaka, ntibisomerwa ubazwa ahubwo umukarani areba igisubizo gihuye n'icyo uwo baganira amubwiye akagikandaho cyangwa akacyandika igihe ariko cyateganyijwe gusubizwa.

**2.10. Ingero z'ibidasomerwa ubazwa:**
***Igika 1, Q3:*** *"NIBA AFITE IMYAKA < 6 ANDIKA IMYAKA N'AMEZI, NIBA AFITE IMYAKA ≥ 6 ANDIKA IMYAKA GUSA".*
***Igika 1, Q6:*** **REBA IKIRANGO CY'UBWENEGIHUGU**
Urutonde rw'ibibazwa ruba ruriho **ubwenegihugu** bwose, mugomba gukanda ku bwnegihugu bujyanye n'igisubizo ubazwa atanze, ku murongo w'uwo ikibazo kireba. Niba igisubizo ari umubare, mugomba kuwandika mu kazu kabugenewe.
**Ingero z'ibirango/ibisubizo bitoranywamo igisubizo kimwe gihuye n'icy'ubazwa :**
*Igika 1, Q11 :*
*Ni iyihe mpamvu y'ingenzi ituma* [IZINA] *atazaba ahari?*
*Kwiga………...........................1*
*Umurimo w'igihe gito.................2*
*Kujya gukorera ahandi................3*
*Kwivuza......................................4*
*Kujya mu minsi mikuru..............5*
*Gusura inshuti/abavandimwe….6*
*Kujya mu mahugurwa…………..7*
*Gufungwa/Imirimo ya TIG…....8*
*Indi mpamvu (Yivuge)…………9*
Muri ibi bisubizo uko *ari 9*, umukarani w'ibarura agakanda ku gisubizo kijyanye n'igisubizo ubazwa amubwiye.

Igika 7-A1, Q1 :
Hari umuntu wo muri uru rugo ufite ubutaka buhingwa? **(Imirima)?**
*Yego……1*
*Oya……..2*
***Igisubizo****: Aha na ho* umukarani w'ibarura akanda ku gisubizo kijyanye n'igisubizo ubazwa amubwiye, ni ba ari *"Yego",azakanda kuri* ***Yego****, ni ba ari "Oya", azakanda kuri* ***Oya*** *ubundi akomeze ku kibazo gikurikiyeho.*

*Igika 5A, Q7:*
*Iyi nzu mutuyemo ni iya nde?*
*Nyir'urugo (HH)…………………….....1*
*Uwashakanye na HH……….…...........2*
*HH n'uwo bashakanye..........................3*
*Undi muntu mu bagize urugo.............4*
*Undi muntu ufitanye isano na HH......5*
*Undi muntu udafitanye isano na HH......6*
*Leta………..........................................7*
*Ikigo cyigenga ....................................8*
*Undi (kumuvuga).........…….............9*

***Igisubizo****: niba igisubizo ubazwa atanze ari "HH n'uwo bashakanye".* umukarani w'ibarura akanda ku gisubizo *cya 3 (HH n'uwo bashakanye) mu kaziga kari imbere y'igisubizo*

Iyo igisubizo kigomba gushakirwa mu rutonde rw'ibisubizo byatanzwe, umukarani w'Ibarura areba igisubizo byenda gusa akagikandaho kugira ngo abashe gukomeza ikiganiro adatindiye uri kumuha amakuru, icyo gisubizo ahawe akanacyandika mu ikayi, nyuma y'ikiganiro akaza gushaka igisubizo gihuye neza n'icyatanzwe ..

**Urugero** *: Igika 6B, Q3:*
Mu minsi 7 ishize, akazi k' ingenzi [IZINA] yari afite ni akahe?
***Igisubizo****: Umwarimu mu mashuri abanza*
Umukarani w'ibarura ashaka ubwoko bw'umurimo (Umwarimu mu mashuri abanza) mu rutonde rw'imirimo yatanzwe kuri iki kibazo, yabona ahanditse uwo murimo nk'uko yawubwiwe n'ubazwa akawukandaho. Igihe udahise uwubona, wandika uwo murimo yakubwiye mu ikayi yawe, hanyuma ugakanda umurimo wenda gusa n'uwo yakubwiye kugira ngo ukomeze, ubundi ukaza kuwushaka witonze nyuma y'ikiganiro ukawukosora.

**2.11. Amabwiriza yo kuva ku kibazo ujya ku kindi asobanuye ku buryo butatu:**
Niba nta mabwiriza ahari, mugomba guhita mujya ku kibazo gikurikiyeho.
***Urugero** : Igika 3, Q3:*

Ni ubuhe bwishingizi bwo kwivuza bw'ingenzi [IZINA] akoresha?
*RSSB (RAMA)....................1*
*Mitiweli............................2*
*MMI.................................3*
Amashuli .........................4
Umukoresha ....................5
Ibigo by'ubwishingizi byigenga ………....6
Umuryango itegamiye kuri Leta(NGO)…7
Ntibuzi ....................................................8
Ntabwo ...................................................9
Iyo mumaze guhitamo igisubizo kijyanye n'igisubizo muhawe, mukomereza ku kibazo cya 4.
**Akambi (=>)** gakurikiwe n'umubare w'ikibazo (Q...) cyangwa n'amabwiriza yandi mugomba guhita mukurikizaho.
***Urugero:** Igika 5F, Q1:*
*Ese urugo rwanyu rukunze gukoresha ”......” kibegereye ?*
*Nta na rimwe................1*
*Rimwe na rimwe...........2*
*Kenshi..........................3* ***⇒Q3***
*Buri gihe......................4* ***⇒Q3***
*Ntakizi.........................98* ***⇒ Igikurikira***
Niba igisubizo cy'iki kibazo ari "Kenshi" cyangwa "Buri gihe", mukanda igisubizo kijyanye n'igisubizo muhawe mukajya ku kibazo cya 3, niba igisubizo ari « Ntakizi », mukanda kuri Ntakizi ari cyo kijyanye n'igisubizo muhawe, mugahita mujya ku gikorwaremezo/ahatangirwa serivisi hakurikira.
Hari kadi nákambi gakurikiwe n'ibwiriza rigira riti "**umuntu ukurikira"**.
***Urugero**: Igika ª2, Q2:*
Kuva [IZINA] avutse yabaye/yatuye igihe cyose muri kano Karere?
Yego 1 => **umuntu ukurikira**
Oya. 2
Aya mabwiriza asobanura ko mumaze gukanda ku gisubizo cya mbere (Yego) ari cyo gihuye n'igisubizo muhawe ku kibazo cya 2, mugomba guhita mujya ku muntu ukurikira mu bagize urugo.
Kenshi musanga utumenyetso [Izina] cyangwa "…" mu kibazo kimwe kibazwa buri muntu/ikintu/inyamaswa uri/kiri/iri ku rutonde. Utu tumenyetso dusobanura ko ugomba kudusimbuza izina ry'umuntu/ikintu/inyamaswa urikubazaho.
***Urugero**: Igika 8A1, Q2:*
*Mu mezi 12 ashize, urugo rwanyu rwaguze"....."?*
Mugomba kubaza icyo kibazo kuri buri gikoresho kigaragara mu nkingi ya mbere.

Niba ubazwa atanze igisubizo kitari mu bisubizo bisobanutse byateganyijwe, mugomba gukoresha uburyo bwo gusubiza bwa "IKINDI". Akenshi, hasabwa gusobanura icyo gisubizo.
***Urugero**: Igika 6B10A, Q5 :*
**Iyo nguzanyo/ideni yavuye he?**
Umukoresha………......01
Banki y'ubucuruzi…......02
Umuvandimwe/ inshuti………………...03
Koperative yo Kuguriza……………....04
Ibimina………….……05
Umuntu/ikigo gitanga inguzanyo kitemewe na Leta…..…06
Ikigo cy'imari iciriritse...07
Inguzanyo ya VUP.........08
Inguzanyo y'ubudehe.....09
SACCOs……..………..10
Mokash……………..…11
Ahandi (havuge)............12
***Igisubizo**:Idini.*
Icyo gihe, mugomba gukanda ku gisubizo cya "12" maze mu mwanya wateganyijwe mukandikamo "Idini".

**Icyitonderwa:** Ntimukibagirwe kwandika 0 mu mwanya w'ibisubizo byadikwa mu mibare mu gihe ibintu bibazwa bitaguzwe cyangwa urugo rutabifite. ***Urugero:*** *Iyo nta nkweto zaguzwe mu mezi 12 ashize, wandika "0" ahagenewe amafaranga yazitanzweho. Iyo urugo nta radiyo rufite, handikwa "0".*

## Umutwe wa III: IBISOBANURO KU BIKA BIGIZE INTONDE Z'IBIBAZWA

Urutonde rw'ibibazwa mu ngo za EICV7 rugizwe n'ibika 10 bigamije gukusanya amakuru yerekeye buri muntu mu bagize urugo rubarurwa ku giti cye ndetse n'amakuru y'urugo muri rusange.
Hakurikijwe amakuru akenewe muri buri gika, ibika bikurikira bireba ababa mu rugo bose cyangwa bamwe muri bo
Igika cya 1:Imiterere y'abantu bagize urugo
Igika cya 2:Kwimuka
Igika cya 3: Ubuzima
Igika cya 4: Uburezi
Igika cya 6: Imirimo n'igihe ikorerwa

***Ibika bikurikira bikubiyemo ibibazo bigamije gukusanya amakuru yerekeye "urugo" :***
Igika cya 0: Umwirondoro w'urugo
Igika cya 5: Imiturire
Igika cya 7: Ubuhinzi n'ubworozi
Igika cya 8 : Amafaranga urugo rwatanze n'ibyakoreshejwe n'urugo bivuye ku musaruro warwo
Igika cya 9 : Ibyo urugo rwohereje ahandi, amafaranga urugo rwohererejwe n'andi mafaranga yatanzwe, n'ibijyanye na gahunda ya VUP
Igika cya 10: Inguzanyo, ibikoresho biramba no kuzigama.

## 3.1.IGIKA CYA 0: umwirondoro w'urugo

**Intego:** Iki gika kigamije kwerekana umwirondoro w'urugo rubarurwa muri EICV7, umwirondoro w'urugo hakubiyemo kumenya ibipimo bya GPS by'aho urugo rwatoranyijwe ruherereye, niba rwemeye kubazwa, impamvu y'urugo rutabajijwe ndetse n'umwirondoro w'urugo rwarusimbuye. Kandi iki gice kigaragaza n'umwirondoro wa Nyir'urugo.

Iki gice kibanzirizwa n'umwirondoro w'urugo. Iyo umukarani w'ibarura amaze kwemererwa kubarura urugo, afungura tabuleti ubundi agahita atoranya nimero ya cluster ku **kibazo cya 1(Nimero ya cluster** itangwa na NISR ihuye n'agapande k'ibarura agiye gukoreramo), iyo amaze kuyuzuza application ihita yuzuza amazina n'ibirango by'aho urugo ruherereye: amazina y'Intara, Akarere, Umurenge, Akagari n'Umudugudu n'ibirango byabyo nkuko biboneka ku rutonde rw'imidugudu yatoranyijwe gukorerwamo ubushakashatsi. Umukarani w'Ibarura akomeza yuzuza igice kigaragaza ibiranga urugo rubarurwa:

**Ikibazo cya 2: Nimero y'inzu mu gapande k'ibarura:** ni iyanditswe ku nzu igihe cyo gushyira nimero ku mazu mu mudugudu ;

**Ikibazo cya 3: Nimero y'urugo mu nzu:** ni nimero yahawe urugo igihe cyo gushyira nimero ku mazu no ku ngo ziri mu gapande k'ibarura.

**Ikibazo cya 4: Ibipimo bya GPS (Longitude na Latitude) by'aho urugo ruherereye**: ni bimwe byafashwe ku ngo zatoranyijwe gukorerwamo ibarura;

**Ikibazo cya 5: Kumenya niba urugo rwabonetse kandi rukaba rwemeye gusubiza:**
1=Yego, mu nzu rusanzwemo => Q9
2=Yego, mu nzu rwimukiyemo mu gapande k' ibarura rwari rusanzwemo=> Q9
3=Yego, urugo rusimbura => Q9
4=Oya, rwimukiye mu kandi gapande k' ibarura
5=Oya, inzu ntiyabonetse/ yarasenyutse /ntituwe
6= Oya, Abagize urugo ntibahari
7= Oya, banze gusubiza
9=Oya, kubera indi mpamvu (kuyivuga): ………………

Igisubizo kuri iki kibazo gitangwa n'umukarani w'ibarura ubwe akurikije ko urugo yarubonye cyangwa atarubonye.
Igisubizo cya 7 cyuzuzwa iyo ari indi mpamvu itandukanye n'izi uko ari 6 zatanzwe.

***Icyitonderwa:*** *Igihe urugo rwatoranyijwe bazasanga rwarimutse, kandi bikagaragara ko rutakiri mu gapande k'ibarura katoranyijwe rwari rusanzwemo, ruzasimbuzwa urugo ruri ku rutonde rw'izigomba gusimbura.*

**Ikibazo cya 6: Nimero y'inzu y'urugo rwasimbuye urwagombaga kubazwa rutabonetse:** iyanditswe ku nzu urwo rugo rutuyemo. Umukarani w'ibarura ayireba ku rutonde rw'inzu zigize agapande k'ibarura;
**Ikibazo cya 7: Nimero y'urugo rusimbura mu nzu:** iri ku rutonde rw'ingo zigize umudugudu;
**Ikibazo cya 8: Ibipimo bya GPS (Longitude na Latitude) by'urugo rusimbura:** Na byo byuzuzwa ahabugenewe.

**Irangarugo (aho urugo rwatoranyijwe muri EICV7 ruherereye)**
**Ibibazo kuva 9-14: Ibi bibazo na byo byuzuzwa n'application**: Intara/Umujyi; Akarere;Umurenge; Akagari; Umudugudu

**Ikibazo cya 15: Nimero y'urugo rwatoranyijwe mbere**: Niba urugo rwatoranyijwe mbere (listing irangiye) rwaremeye gusubiza rukaba rutarasimbuwe, nimero yujujwe kuri iki kibazo ni imwe n'iyanditswe ku rupapuro rufunitse urutonde rw'ibibazwa (cover page). Niba rwarasimbuwe kubera impamvu iyo ari yo yose, ni ngombwa kumenya ko habaye gusimbura bigaragazwa na N° ID y'urugo rwasimbuwe (itandukanye n'iyanditswe kuri "cover page").

**Ikibazo cya 16a: Amazina ya Nyir'urugo**: Umukarani yuzuza amazina ya Nyir'urugo rubarurwa mu mwanya wateganyijwe.

**Ikibazo cya 16b: Nimero ya telefone ya Nyir'urugo**: Umukarani yuzuza nimero ya telefone ya Nyir'urugo cyangwa undi muntu wo mu rugo. Niba nta telephone mu rugo bafite, umukarani w'ibarura abaza iy'umuturanyi cyangwa se iy'umuyobozi w'umudugudu akaba ari yo yandika.
**Ikibazo cya 17: Itariki:** Umukarani w'ibarura yandika itariki (umunsi, ukwezi n'umwaka) y'umunsi wa mbere yakoranye ikiganiro n'urugo rubarurwa.

***Ibyitonderwa:***
*Igihe cyose umukarani w'ibarura abonye amakuru adasanzwe yerekeye urwo rugo kandi abona ko yafasha umugenzuzi w'ibarura cyangwa yazifashwishwa mu minsi iri mu gufata umwanzuro runaka, ayandika mu nkingi yateganyijwe ahanditse ngo "**Andika andi makuru yose ajyanye n'uko ibarura ryagenze muri rusange".***

### Igice 0.1 Inkomoko y'amafunguro afatwa n'abagize urugo

Iki gika kigamije kumenya ishusho y'uko urugo rubayeho mbere yo gutangira kurubarura kugira ngo bifashe umukarani w'Ibarura kuzamenya uburyo azabyitwaramo mu kubaza neza amakuru ajyanye n'ibitunga abagize urugo. Kigizwe n'ibibazo 3 bikurikira.
**Ikibazo cya 1 (S01Q1)**: Ahanini Ibiribwa mukoresha mu rugo rwanyu mubikura he?

Turabigura.....…………………………....1
Mu musaruro w'urugo.....……………..2
Tubihabwa n'izindi ngo/abagiraneza.....3
Akenshi nicyo gihembo dukorera …......4
Tubihabwa na Leta.....………………...5

Umukarani w'ibarura akanda ku gisubizo kijyanye n'icyo ahawe n'uri kumusubiza.

**Ikibazo cya 2 (S01Q2):** Ese haba hari bamwe mu bagize urugo bakunda gufatira amafunguro hanze y'urugo nko ku kazi, muri restora n'ahandi?
Yego....... 1
*Oya........ 2=>Jya ku gika cya 1*
Umukarani w'ibarura akanda ku gisubizo kijyanye n'icyo ahawe n'uri kumusubiza.

**Ikibazo cya 3 (S0.1Q3):** Ni bangahe bakunda gufatira amafunguro hanze y'urugo?
Umukarani w'ibarura yuzuza ahabigenewe umubare w'abafatira amafunguro hanze y'urugo uhuye n'uwo ahawe n'uri kumusubiza.

### 3.2. IGIKA CYA I. Imiterere y'ababa mu rugo

**Intego:** Iki gika kigamije kumenya umubare w'abantu bose bafatwa nk'abagize urugo rubarurwa n'ibiranga buri umwe wese muri bo ari byo: imyaka y'amavuko, igitsina, irangamimerere, aho bavukiye, ubwenegihugu, kubaho kw'ababyeyi ku bana batagejeje ku myaka 18 y'amavuko. Ibi ni ingenzi cyane kuko bishingirwaho mu kugena gahunda zihariye hakurikijwe ibyiciro abantu barimo.

**Ibisobanuro by'amagambo akoreshwa muri iki gika**

i) **Urugo:** Ni abantu baba hamwe (mu nzu imwe cyangwa amazu atandukanye), akenshi basangirira hamwe amafunguro bakaba bamaranye nibura amezi 6 abanziriza ibarura cyangwa bakaba bataramarana ayo mezi 6 ariko bafite gahunda yo kubana igihe kirekire. **Amoko y'ingo ni aya akurikira:**

- **Urugo rugizwe n'abantu benshi** (baba bafitanye isano cyangwa ntayo bafitanye) babana mu nzu imwe cyangwa baba mu nzu nyinshi, bakanafatira amafunguro hamwe kandi bamaranye nibura amezi 6 cyangwa se bafite gahunda yo kubana kandi bakaba nta rundi rugo babarizwamo.

  **Urugero 1:** urugo rugizwe na Nyir'urugo n'uwo bashakanye n'abana babo n'umukozi wo mu rugo (hashobora kubamo n'abandi; nk'abavandimwe, ababyeyi b'umwe mu bashakanye cyangwa abandi bakiriwe mu rugo).

  **Urugero 2:** urugo rugizwe n'abantu bahujwe n'umurimo (abamotari, abarimu mu kigo cy'ishuri...)
- **Urugo rugizwe n'umuntu umwe:** uyu muntu ni na we Nyir'urugo.

ii) **Nyir'urugo:** ni umwe mu bagize urugo kandi n'abo babana muri urwo rugo bakaba bamwemera nka Nyir'urugo. Ashobora kuba ari uw'igitsina gore cyangwa gabo.

iii) **Ubazwa:** ni umuntu wisubiriza we ubwe ibimureba muri iri barura cyangwa usubiriza abandi bagize urugo. Ku byerekeye igika cya 1, ubazwa yagombye kuba ari Nyir'urugo. Iyo adahari, umusimbura agomba kuba ari umuntu uzi neza iby'urwo rugo byose bibazwa kuburyo ashobora gutanga amakuru yose akenewe, haba ku bagize urugo bose cyangwa se ku yandi makuru areba urugo. Abandi bantu bagize urugo na bo bashobora kwinjira mu kiganiro bakagenda buzuzanya mu gusubiza, cyane cyane iyo ibisubizo birebana n'ibyo bazi.

**Ibiranga abagize urugo bose**

**Iki gika cya mbere kireba abantu bose bakurikira:**

- Abantu bose babaye mu rugo (batigeze baba ahandi) mu gihe cy'amezi 12 abanziriza ibarura (abasubije "**Oya**" ku kibazo cya 7A, mu gika cya 1);
- Abantu batabaye mu rugo mu gihe cy'amezi 12 abanziriza ibarura ariko igihe bamaze batari mu rugo kikaba kitarenze **amezi "6"** (abasubije ko bamaze igihe ku kibazo cya 7, igika cya 1);
- Mu bantu bamaze amezi arenze 6 bataba mu rugo mu mezi 12 abanziriza ibarura (niba igisubizo ku kibazo cya 7 igika cya 1 ari hejuru y'amezi 6), aba bakurikira ni bo bonyine bashyirwa mu bagize urugo:

- **Nyir'urugo** (buri gihe abarwa nk'usanzwe aba mu rugo n'ubwo yaba yaramaranye n'ababa muri urwo rugo amezi ari munsi y'atandatu mbere y'ibarura);
- Abatarabaga mu rundi rugo (abasubije **"Oya"** ku kibazo cya 9, igika cya 1. Urugero: abantu bagiye mu kazi ahandi bagacumbika muri hoteli, abasirikare baba mu kigo, abanyeshuri biga bacumbikiwe n'ibigo by'amashuri, abamaze igihe barwariye cyangwa barwaje mu bitaro);
- Abantu bamaze igihe kirenze amezi 6 hanze y'urugo ariko bakaba baragarutse mu rugo mbere y'uko urugo rubarurwa;
- Abantu binjiye mu rugo vuba kandi bazahaguma: abageni (abashyingiwe vuba), abana bakiriwe mu rugo, abana bataramara amezi 6 bavutse…

- Abandi binjiye mu rugo vuba kandi bazahaguma**:** abakozi bo mu rugo…

**Abantu batabarwa mu bagize urugo (abatarebwa n’iki gika cya mbere):**
Abacumbitsi cyangwa abashyitsi baje mu rugo ntibabarirwa mu barugize n’ubwo baba basangira, igihe cyose bafite gahunda yo gusubira mu ngo basanzwe babarizwamo;
Abantu bari mu bagize urugo ariko bapfuye mbere y‘ibarura;

**Gukora urutonde rw’abagize urugo**
Ku murongo wa mbere, andika amazina ya **Nyir’urugo (HH)** n’iyo yaba adahari ariko abagize urugo bakaba bamwemera nka Nyir’urugo;
Niba mu rugo hari **abana ba Nyir’urugo atabyaranye n’uwo/abo bashakanye bari mu rugo**, abo bana bandikwa mbere y’uwashakanye na Nyir’urugo (wageze mu rugo mbere niba harimo abarenze umwe bashakanye na Nyir’urugo). Ni ngombwa ko umukarani w’ibarura asobanuza neza uwo baganira kugirango hatagira umuntu n’umwe mu bagize urugo wibagirana;
Kurikizaho amazina y’**uwo bashakanye niba ahari**. Niba afite **abagore benshi**, bandike ukurikije uko bakurikiranye mu kugera muri urwo rugo uhereye ku mugore mukuru, buri wese akurikiwe n'abana be uhereye ku mwana mukuru.
Kurikizaho amazina y’abandi bose bafitanye isano na Nyir’urugo cyangwa n’uwo bashakanye, na bo bakurikiwe n’abana babo niba bahari;
Herukira ku mazina y’abandi baba muri urwo rugo badafitanye isano na Nyir’urugo cyangwa uwo bashakanye, uhereye ku mukuru.
**Icyitonderwa:**

1. Niba nta washakanye na Nyir’urugo uba muri urwo rugo (kubera ko akiri ingaragu, yatandukanye n’uwo bashakanye cyangwa ari umupfakazi), Nyir’urugo akurikirwa n’uwo bafitanye isano ya hafi cyangwa umukuru mu bagize urugo niba babana nta sano bafitanye (barahujwe n’umurimo, idini n’ibindi).
2. Nibigaragara ko mu mezi 12 ashize, Nyir’urugo yaba yarabaye mu rundi rugo bizirengagizwa. kuko Nyir’urugo ahora abarirwa mu bagize urugo hatitawe ku gihe yaba yaramaze ataba mu rugo,iyo abarugize bamwemera nka Nyir’urugo. Kandi agumya kubarurirwa mu bagize urugo n’ubwo yaba afite abagore benshi (baba mu ngo zitandukanye). Mu rwego rwo gukusanya imibare inoze ku bijyanye n’amafaranga urugo rukoresha mu buzima bwa buri munsi, igihe ingo zose nyir urugo abarizwamo mu gapande kamwe k‘ibarura zaba zitoranyijwe mu zigomba kubazwa, mu ngo zose agomba kugaragara nka Nyir’urugo kugira ngo amafaranga akoresha muri buri rugo azabashe kugaragara.
3. Igihe nyir urugo azaba amaze igihe kinini, abo mu rugo bakaba batazi niba azagaruka, batazi ibyo akora, muri rusange nta makuru bamufiteho, tutitaye kuba abo mu rugo baba bamwemera nka Nyir’urugo, ntazashyirwa ku rutonde rw’abagize urugo, ariko umukarani w’ibarura agomba kubikora mu ibanga atabibwiye uwo barimo baganira.
4. Uruhinja rutagejeje ku mezi 6 kimwe n’umugeni ushyingiwe vuba, na bo babarirwa mu bagize urugo niba ibarura muri urwo rugo ryaratangiye bahari.
5. Umusirikare uba mu kigo akaba aza mu rugo iwabo aje kubasura gusa, igihe bizagaragara ko atari nyir’urugo mu rugo rwatoranyijwe ntazashyirwa ku rutonde rw’abagize urugo.
6. Mbere yo kuzuza muri tabuleti urutonde rw’abagize urugo, ni ngombwa kubanza gukora uru rutonde mu ikayi, akabona kubuzuza muri tabuleti abanje kugenzura neza ko bose bujuje ibyangombwa byo gushyirwa muri tabuleti bitewe n’impamvu zitandukanye zavuzwe haruguru.

**Kuzuza urutonde rw’ibibazwa igika cya 1**
**Inkingi ya 000:** Iyi nkingi nta kintu umukarani w’ibarura yuzuzamo, iba isanzwe yujuje. Iyi nkingi igaragaza nimero z’abagize urugo uhereye kuri Nyir’urugo kugeza ku muntu wa nyuma nk’uko bose bagaragara ku rutonde rw’abagize urugo.

**Inkingi ya 001:** Iyi nkingi igaragaza No ID y'usubiza nk'uko igaragara mu nkingi ya 000. Umukarani w'ibarura yandika nimero ya ID y'uwo bari kuganira (usubiza cyangwa usubiriza abandi bagize urugo). Niba ubazwa atari mu bagize urugo, umukarani w'ibarura yandika 97.

**Ikibazo cya 1(S1Q1): Igitsina**

Gabo...1
Gore....2

Iki kibazo kibazwa gusa iyo utareba uwo ubaza, kandi amazina y'uwo muntu akaba adahagije kugirango umenye **igitsina** cye. Mu kuzuza iki kibazo, umukarani w'ibarura akanda ku gisubizo kijyanye n'igitsina cy'uwuzurizwa amakuru.

**Ikibazo cya 2 (S1Q2): [Izina] afitanye irihe sano na Nyir'urugo?**

| | |
|---|---|
| Nyir'urugo (HH).......................................01 | Sebukwe/Nyirabukwe...............................08 |
| Uwashakanye na nyir' urugo………........02 | Muramu/Muramukazi......….....................09 |
| Umuhungu/umukobwa wa nyir' urugo….03 | Umwishywa wa nyir'urugo...…………...10 |
| Abana bakiriwe na nyir' urugo……….....04 | Andi masano ...........................................11 |
| Umubyeyi wa nyir'urugo.........................05 | Umukozi wo mu rugo...............................12 |
| Umuvandimwe wa nyir'urugo................06 | Abandi badafitanye isano na nyir'urugo..13 |
| Umwuzukuru wa nyir'urugo...................07 | Isano ritazwi……………………………14 |

Iki ikibazo kimenyesha **isano** umuntu ubarurwa **afitanye na Nyir'urugo**. Ntabwo ari isano iri hagati y'uwo muntu ubarurwa n'undi muntu wo mu rugo (nk'umugore wa nyir'urugo). Umukarani w'ibarura akanda igisubizo kijyanye n'igisubizo ahawe. Iki kibazo gikwiye kwitonderwa cyane cyane iyo usubiza atari we Nyir'urugo.

**Ikibazo cya 3(S1Q3): [Izina] afite imyaka ingahe y' amavuko?**
**=> S1Q3<6 Handikwa imyaka n'amezi**
**=> S1Q3≥6 Handikwa imyaka gusa**
**=> S1Q3<12 =>Q5**

Umukarani w'ibarura agomba kubaza imyaka ya buri muntu. Asanze ari ngombwa, ashobora kubasaba kwifashisha icyangombwa nk'indangamuntu ya kera (ku bakiyifite) cyangwa ifishi y'inkingo z'abana. Bidashobotse yagerageza gufasha ubazwa kumenya igihe yavukiye akoresheje amateka y'u Rwanda mu kwibukiranya ibintu bikomeye byagiye biba mu gihugu cyangwa mu ntara cyangwa mu mujyi. Niba ubazwa atarageza ku myaka 12 y'amavuko, umukarani w'ibarura asimbuka ikibazo cya 4 atakibajije akajya ku kibazo cya 5.

Imyaka y'amavuko yandikwa mu myaka n'amezi ku bana batarageza ku myaka 6. Iyo umwana ataramara umwaka, umukarani yandika 00 ahagenewe kwandikwa "Imyaka" n'umubare w'amezi ahagenewe kwandikwa « Amezi ». Niba ari uruhinja rutarageza ku kwezi, ahagenewe amezi handikwamo 00. Birumvikana ko umubare w'amezi ugomba kuba munsi ya 12 igihe cyose. Ku bandi bantu bose (abafite imyaka 6 n'abayirengeje), mwandika umubare w'imyaka gusa. Imyaka y'amavuko yandikwa ni imyaka yuzuye ni ukuvuga imyaka umuntu ubarurwa yari yujuje ku isabukuru ye y'amavuko iheruka.

**Ibyitonderwa:**

Imyaka y'amavuko ni kimwe mu bipimo byifashishwa cyane mu bushakashatsi nk'ubu bwa EICV, aho izakoreshwa mu gusuzuma ibintu byinshi kandi ni yo ishingirwaho mu kuzuza ibice bimwe na bimwe by'urutonde rw'ibibazwa (irangamimerere, amashuri, umurimo...).

Hari abantu batazi imyaka yabo y'amavuko. Rimwe na rimwe, birashoboka ko wakora ikigereranyo ku myaka y'amavuko y'umuntu ugendeye kuri amwe mu mateka yaranze igihugu. Ukurikije aya mabwiriza, urutonde rw'amateka y'u Rwanda (reba ku mugereka) rushobora kwifashishwa. Buri gihe, gerageza gushishoza mbere yo kwandika igisubizo niba amakuru uhawe ashidikanywaho.

Kugereranya imyaka y'umuntu utazi igihe yavukiye, n'ubwo atari yo myaka ye y'amavuko by'ukuri, biruta kure kuba nta gisubizo cyaboneka. Buri mukarani w'ibarura agomba gukora rero ibishoboka byose kugira ngo buri muntu uri ku rutonde yandikirwe imyaka y'amavuko. Ashobora gusaba uwo baganira kwifashisha indangamuntu cyangwa ikindi kigaragaraho imyaka y'ubazwa.

**Ikibazo cya 4 (S1Q4): [Izina] afite irihe rangamimerere?**
Yashatse umugore/umugabo umwe byemewe n'amategeko...................1
Yashatse umugore/umugabo umwe bitemewe n'amategeko...................2
Yashatse (umugabo ufite) abagore benshi...............................................3
Yaratandukanye byemewe n'amategeko ……………………..….......4
Yarahukanye........... ……………………………………..…..............5
Ingaragu.................... …………………..…......……………..…...........6
Umupfakazi…………..... ………………….…......…………..….........7

Iki kibazo kireba gusa abafite imyaka 12 y'amavuko kujyana hejuru. Aha, ni ukugaragaza irangamimerere bwite y'umuntu ubazwa kuri ubu (umunsi w'ibarura). Umukarani w'ibarura akanda igisubizo kijyanye n'icy'ubarurwa amubwiye.
**Ibisobanuro:**
**Abashakanye byemewe n'amategeko** ni abantu bashyingiranywe hakurikijwe amategeko agenga ishyingirwa imbere y'ubutegetsi bwa Leta.
**Abashakanye mu buryo butemewe n'amategeko** ni abashyingiranywe mu buryo bwa gakondo cyangwa babana mu bwumvikane.
**Uwatandukanye byemewe n'amategeko** ni umuntu waretse kubana n'uwo bashakanye binyuze mu nkiko.
**Uwahukanye** ni umuntu watandukanye n'uwo bashakanye by'agateganyo mu gihe runaka. Igihe abashakanye batakibana bikaba bitaremezwa n'inkiko bifatwa nko kwahukana n'iyo umwe yavuga ko batazasubirana.
**Umupfakazi** ni umuntu wapfushije uwo bari barashakanye.
**Ingaragu** ni umuntu utarigeze ashaka.

**Ikibazo cya 5A (S1Q5A)**: **[Izina] yavukiye mu kihe gihugu?**
Iki kibazo kibazwa abantu bose. Umukarani w'ibarura akanda ku izina ry'igihugu ubazwa yavukiyemo.

**Ikibazo cya 5B (S1Q5B)**: **[Izina] yavukiye mu kahe karere?**
Iki kibazo kibazwa abantu bavukiye mu Rwanda gusa. Umukarani w'ibarura akanda ku izina ry'akarere ubazwa yavukiyemo.

**Ikibazo cya 6(S1Q6): Ubwenegihugu bwa [Izina] ni ubuhe?**
Kigamije kumenya ubwenegihugu umuntu ubarurwa afite, ntikibaza ubwo yahawe akivuka. Iki kibazo gisubizwa hakoreshejwe izina ry'igihugu. Umukarani w'ibarura akanda izina ry'ubwenegihugu ku rutonde rw'ibihugu rwateganyijwe. Niba ubarurwa afite ubwenegihugu bwinshi, umukarani w'ibarura akanda ubw'ingenzi bumwe. Ku bafite ubwenegihugu burenze bumwe harimo ubw'u Rwanda, huzuzwa Umunyarwanda gusa.

**Ikibazo 7A (S1Q7A): Izina] yaba yaramaze igihe kirenze ukwezi 1 ataba muri uru rugo mu mezi 12 ashize?**
Yego. ……1
Oya.. ……2=>Q10

Iki kibazo kigamije kumenya niba ubarurwa yaba yaramaze igihe kirenze ukwezi ataba mu rugo mu mezi 12 ashize. Umukarani w'ibarura akanda igisubizo kijyanye n'igisubizo ahawe n'usubiza.

**Ikibazo 7(S1Q7): Muri ayo mezi 12 ashize [Izina] yamaze igihe kingana iki ataba muri uru rugo-amezi?**
iki kibazo ni ingenzi kuko gituma umukarani amenya niba koko umuntu abarirwa cyangwa atabarirwa mu bagize urugo. Ni ngombwa rero kugaragaza neza igihe yamaze atarubamo. Ashobora kuba yaragiye ahaba ubundi ntahabe. Icya ngombwa ni ukumenya igihe yamaze adahari ugiteranyije mu mezi 12 abanziriza umunsi w’ibarura.

**Ibyitonderwa:**

- umukarani w’ibarura abaza umubare w’amezi yamaze adahari. Niba atarahabaye mu bihe bitandukanye, ateranya iminsi yose cyangwa amezi yose yamaze atahaba muri ibyo bihe akandika igiteranyo mu mezi. Iyo icyo gihe kiri munsi y’ukwezi, handikwa 0, hanyuma ugakomeza ku kibazo cya 10.

- Niba umuntu yimukiye muri urwo rugo vuba kandi akaba afite gahunda yo kuhaguma, umukarani abaza igihe yamaze ataba mu rugo rubarurwa akacyandika mu mezi, ubundi ku kibazo cya 8 akaza kumusubiriza igisubizo 10 „“Ko ari mushya muri urwo rugo“.
- Ku mwana uzaba yaravutse muri ayo mezi 12, tuzamufata nk’aho yari ahari kandi ko nta handi yabaye kuva avutse.

- Niba igihe yamaze adahari kiri munsi cyangwa kingana n’amezi 6, uwo muntu abarirwa mu bagize urugo. Umuntu utarahabaye mu gihe kirenze amezi 6, kandi akaba atarabaga mu rundi rugo, abarwa nk’uri mu bagize urwo rugo. Abo ni nk’abari barwariye mu bitaro, abanyeshuri biga baba ku ishuri, abari mu kazi ka gisirikari, abashoferi n’abandi. Ariko, abanyeshuri/umunyeshuri uba/baba mu cyumba bigengaho/yigengaho, n’iyo baba bacumbikiwe bakanagaburirwa n’abantu batari abo mu ngo basanzwe babarizwamo ntibazabarurirwa aho babasanze, ahubwo bazabarurirwa iwabo (mu ngo babarizwamo iyo batari ku ishuri). Muri make ingo zituwemo n’abanyeshuri gusa ntizizashyirwaho nimero, keretse bigaragaye ko nyuma y’amasomo hari akandi kazi agira gashobora gutuma igihe abandi bagiye mu biruhuko we akomeza kuba ahari.

**Ikibazo 8(S1Q8): Ni iyihe mpamvu y’ingenzi yari yatumye [Izina] atahaba cg yari yaramujyanye?**

Kwiga……………..................01
Umurimo w’igihe gito..............02
Kujya gukorera ahandi.............03
Kwivuza..................................04
Kujya mu minsi mikuru...........05
Gusura inshuti/ Umuryango....06
Kujya mu mahugurwa................07
Gufungwa /Imirimo ya TIG......08
Kubura bidasobanutse ..............09
Ni mushya muri uru rugo……..10
Ni umushyitsi muri uru rugo….11=> Q14
Indi mpamvu (Yivuge)..............12

Iki kibazo kigamije kumenya impamvu y’ingenzi yari yatumye umuntu ataba mu rugo. Umukarani w’ibarura akanda igisubizo kijyanye n’igisubizo ahawe n‘usubiza.

**Icyitonderwa:** umuntu w’umushyitsi ntiyemerewe gushyirwa ku rutonde rw’abagize urugo. Igihe umukarani w’ibarura asanze hari umuntu yamaze gushyira ku rutonde rw’abagize urugo kandi yamaze no kumushyira muri tabuleti, kumusiba bitagishobotse, ku kibazo cya S1Q8 azamusubirize ho 11 “ umushyitsi muri uru rugo“. Ubundi kuri S1Q14 amusubirize 2“Oya“

**Ibibazo 9(S1Q9): Ubwo [Izina] atabaga hano, yabaga mu rundi rugo?**
Yego. ……1
Oya.. …….2
Iki kibazo kigamije kumenya igihe umuntu atabaga mu rugo niba yarabaga mu rundi rugo. Umukarani w’ibarura akanda igisubizo kijyanye n’igisubizo ahawe n’usubiza.

**Ikibazo 10(S1Q10): Ese [Izina] azaba ari muri uru rugo igihe cy'iri barura (byibura mu gihe cy'ibyumeru 2?**
Yego ……………1 => S1Q12
Oya.. …………….2
Ntabizi …………..9=> S1Q12
Iki kibazo kigamije gutuma umuntu **a**menya niba ubazwa azaba akiri mu rugo igihe cy'ibarura, ni ukuvuga byibura mu gihe cy'ibyumweru2. Umukarani w'ibarura akanda igisubizo kijyanye n'igisubizo ahawe n'usubiza. Niba igisubizo ari **Yego** cyangwa **Ntabizi**, umukarani akomeza ku kibazo cya S1Q12.

**Ikibazo 11(S1Q11): Ni iyihe mpamvu y'ingenzi ituma [Izina] atazaba ahari?**
Kwiga…………….... ...............01
Umurimo w'igihe gito...............02
Kujya gukorera ahandi..............03
Kwivuza...................................04
Kujya mu minsi mikuru............05
Gusura inshuti/ abavandimwe....06
Kujya mu mahugurwa................07
Gufungwa/Imirimo ya TIG……08
Indi mpamvu, (Yivuge)..............09
Iki kibazo kigamije gutuma umuntu **a**menya impamvu y'ingenzi izatuma ubarurwa azaba adahari mu gihe cy'ibarura cyose (byibura mu gihe cy'ibyumweru 2). Umukarani w'ibarura akanda igisubizo kijyanye n'igisubizo ahawe n'usubiza. Igihe umukarani w'ibarura azasanga ubazwa azaba adahari mu gihe cy'ibyumweru 2, ni ngombwa ko azamubaza ibibazo byose bimureba mu gika icyo ari cyo cyose mbere y'uko agenda niba byagaragaye ko abarirwa mu bagize rugo, kandi abandi bagize urugo bakaba badashobora kuzabona amakuru ye.

**Ibibazo 12(S1Q12): Ese Se wa [Izina] aracyariho?**
Yego, aba muri urwo rugo.............1
Yego, ariko aba mu rundi rugo......2
Hoya..............................................3
Ntabizi...........................................4
Iki kibazo kibazwa abantu bose batarageza ku myaka 18 y'amavuko. Kigamije kumenya niba ababazwa bafite umubyeyi w'umugabo (Ise) kandi akaba abana na bo mu rugo. Umukarani w'ibarura akanda igisubizo kijyanye n'igisubizo ahawe n'usubiza.

**Ibibazo 13(S1Q13): Ese Nyina wa [Izina] aracyariho?**
Yego, aba muri urwo rugo..............1
Yego, ariko aba mu rundi rugo.......2
Hoya..............................................3
Ntabizi...........................................4
Iki kibazo na cyo kibazwa abantu bose batarageza ku myaka 18 y'amavuko. kigamije kumenya niba ababazwa bafite umubyeyi w'umugore (Nyina) kandi akaba abana na bo mu rugo. Umukarani w'ibarura akanda igisubizo kijyanye n'igisubizo ahawe n'usubiza.

**Ikibazo cya 14(S1Q14): Umukarani w'ibarurura aragenzura: Ese [Izina] ni umwe Mu bagize urugo?**
Yego………1
oya……..…2
Iki kibazo kigamije kugenzura niba buri muntu uri ku rutonde yujuje ibisabwa kuba umwe mu bagize urugo. Utabyujuje, ntabwo akomeza ikiganiro. Iki kibazo kizajya cyuzuzwa na application ubwayo igihe igisubizo kuri S1Q8 ari kuva kuri 1-10 & 12 kuri S1Q14 hazuzwamo 1(Yego). Mu gihe S1Q8=11, kuri S1Q14 hazuzwamo 2 (Oya).
**ABANTU BOSE BAZASUBIRIZWA 2 (OYA) KURI** S1Q14**, NTIBASUBIZA IBIKA BYOSE BIKURIKIRA**

### 3.3.IGIKA CYA II: Kwimuka

**Intego:** Kwimuka ni kimwe mu bipimo byifashishwa mu kumenya imihindagurikire y’ubwiyongere bw’abaturage mu Karere runaka. Hari uturere abantu bakunda kwimukiramo n’utundi abantu bimukamo bakajya ahandi bitewe n’impamvu zinyuranye. Ibibazo biri muri iki gika bigamije gutanga imibare y’abantu batigeze bimuka mu Karere kuva bavutse n’imibare y’abakimukiyemo. Ku bantu bose bimukiye mu Karere bavuye ahandi, ni ngombwa kumenya, igihe bamaze bahatuye, imiterere y’aho bari batuye mbere (umujyi cyangwa icyaro), igihe bari bahamaze n’impamvu yatumye bimuka. Ibi bizatuma hamenyekana uturere abantu bakunda kwimukiramo n’utwo abantu bimukamo n’impamvu yabyo.
Igika cya 2 cyo kwimuka kireba abagize urugo bose.

**Igisobanuro:** Bivugwa ko umuntu yimutse iyo yavuye mu Karere yari atuyemo akajya mu kandi akaba ahamaze nibura amezi arenze 6 cyangwa afite igitekerezo cyo kuhaguma cyangwa kuhamara nibura amezi 6. Kuva mu gace kamwe ukajya gutura mu kandi ariko twose turi mu Karere kamwe cyangwa kuva mu Murenge usanzwemo ujya gutura mu wundi Murenge ariko yombi ikaba ibarizwa mu Karere kamwe ntibifatwa nko kwimuka. Kujya kuba ahantu amezi atageze kuri 6 na byo ntibifatwa nko kwimuka n’ubwo umuntu yaba yarahinduye intara cyangwa umujyi.

***Ikibazo cya 1 (S2Q1): ID No y’usubiza***
Umukarani w’ibarura yandika ikirango ID N° cy’umuntu usubiza ni ukuvuga uwo baganira. Niba usubiza ari umuntu utari umwe mu bagize urugo, **ikirango ni 97.**

***Ikibazo cya 2 (S2Q2): Kuva “…” avutse yabaye/yatuye igihe cyose muri kano Karere?***
*Yego ......... 1* ***=> umuntu ukurikira***
*Oya........... 2*

Iki kibazo kigamije kumenya niba ubarurwa kuva avutse yaratuye mu karere ibarura ribasanzemo. Kuri buri muntu usubirizwa, umukarani w’ibarura abaza niba yarabaye/yaratuye igihe cyose muri ako Karere atuyemo. Niba igisubizo ari “Yego”, ajya ku muntu ukurikiraho, yaba ari we wanyuma akajya ku gika cya 3. Niba igisubizo ari “Oya”, umukarani w’ibarura ahita akomeza ku kibazo cya 3.

***Ikibazo cya 3 (S2Q3): Hashize igihe kingana iki “…” aje /agarutse gutura muri aka Karere?***
Iki kibazo kigamije kumenya igihe ubazwa amaze atuye cyangwa se agarutse muri ako karere ibarura rimusanzemo. Umukarani w’ibarura abaza igihe uwo muntu amaze (Imyaka n’amezi) atuye cyangwa agarutse muri ako Karere.
***Icyitonderwa:*** Niba igihe kiri munsi y’umwaka cyangwa ukwezi, yandika “00” mu kazu kabigenewe.

***Ikibazo cya 4 (S2Q4A): “…..” Yabaga mu kihe gihugu mbere yo kuza gutura/kugaruka hano?***

Iki kibazo kigamije kumenya Igihugu ubarurwa yabayemo mbere yo kuza kuba aho atuye ubu (reba ibirango by’Ibihugu). Umukarani w’ibarura akanda ku izina ry’ igihugu ubazwa amubwiye yabagamo mbere yo kuza gutura mu karere amusanzemo. Iyo igihugu yabagamo ari u Rwanda Umukarani w’ibarura ajya kubaza ikibazo cya **S2Q4B** (Akarere yabagamo mbere yo kuza hano), iyo ari ikindi gihugu kitari Rwanda , nyuma yo gukanda ku izina ry’icyo gihugu, Application ihita imujyana ku kibazo cya **S2Q6** kubaza igihe ubazwa yamaze aba muri icyo gihugu yabagamo mbere.

***Ikibazo cya 4 (S2Q4B): “…..” Yabaga mu kahe karere mbere yo kuza gutura/ kugaruka hano?***

Umukarani w’ibarura akanda ku izina ry’ akarere ubazwa amubwiye yabagamo mbere yo kuza gutura mu karere amusanzemo, ubundi agakomeza ku kibazo cya S2Q5

***Ikibazo cya 5 (S2Q5): Mbere yo kuza gutura/kugaruka hano “…” yari atuye ahantu ki?***

*Umurwa mukuru.....1*
*Umujyi munini…....2*
*Undi mujyi............3*
*Mu cyaro...........….4*

Iki kibazo kibazwa abari batuye mu Karere ako ari ko kose mu Rwanda; kigamije kumenya imiterere y’aho bari batuye (niba ari umujyi cyangwa icyaro). Agomba kubaza umurenge n’Akarere ubarurwa yaje avamo kugirango amenye uko hateye yifashishije urutonde rw’imijyi mu Rwanda rugaragara **ku mugereka wa II** w’aka gatabo k’amabwiriza y’Umukarani w‘Ibarura.

***Ikibazo cya 6 (S2Q6): “…”yamaze igihe kingana iki aho hantu yabaga mbere yo kuza/kugaruka hano?***

Iki kibazo kigamije kumenya igihe (imyaka) uwo muntu yamaze aho hantu yari atuye mbere yo kuza gutura aho atuye ubu. Niba igihe kiri munsi y’umwaka, handikwa “00”.

***Ikibazo cya 7 (S2Q7): Ni iyihe mpamvu y’ingenzi yatumye “…” yimuka aho yari atuye (Izina ry’aho yari atuye yavuze kuri Q4)?***

*Kubera akazi............................ .…………01*
*Gutakaza akazi......................... .………… 02*
*Akazi k’uwo bashakanye………...................03*
*Gushyingirwa........................... ………….04*
*Izindi mpamvu z’umuryango(Kuzivuga)….05*
*Kwiga amashuri........................ ...............06*
*Ibiza…………………...............................07*
*Uburwayi...................................................08*
*Gutura munzu yabo .................... .................09*
*Ubucuruzi................................ ...... .............10*
*Kubura isambu......................... ....................11*
*Kutabona akazi/Gushaka akazi..................... 12*
*Kwimuka kw’ababyeyi/urugo........... ...........13*
*Kutegera ibikorwaremezo.............................14*
*Guhunguka/Gutahuka……………………… 15*
*Umutekano muke...........................................16*
*Iyindi ( yivuge)...... .......................................17,*

Iki kibazo kigamije kumenya impamvu yatumye uwo bireba yimuka aho yari atuye mbere yo kuza aho ibarura rimusanze. (reba igisubizo ku kibazo cya 4 umwibutse aho yari atuye mbere)

**Icyitonderwa:** Igisubi*zo cya 13 (Kwimuka kw’ababyeyi/urugo kizakoreshwa igihe urugo ruzagaragaza ko rwimutse bitewe n’impamvu yo gushaka gutura ahantu heza ugereranyije n’aho rwari rutuye, cyangwa se rwarimutse bitewe no gushaka gutura mu nzu ihendutse (ijyanye n’ubushobozi bw’urugo). Kandi kizakoreshwa ku bana bimukanye n’ababyeyi babo*

***Ikibazo cya 8 (S2Q8): Ubwo “...” aherutse kwimuka, yimutse wenyine cyangwa n’abandi bari bagize urugo?***

*Wenyine…......................................1*
*Bamwe mu bari bagize urugo............2*
*Abari bagize urugo bose...................3*

Iki kibazo kibaza niba ubwo aheruka kwimuka yaba yarimutse wenyine cyangwa hamwe n’abandi bari bagize urugo yaje avamo.

**Icyitonderwa:** *Ku kibazo cya 8, nibigaragara ko hari urugo rwari rutuwemo n’umuntu umwe gusa hanyuma akaza kwimuka, igisubizo kizaba 3, kuko yari agize urugo rwose ari umwe. (ntitwavuga ngo yimutse wenyine kandi yaribanaga, ahubwo ni urugo rwose). Ku rugo rugizwe n’abantu barenze umwe barwimukiyemo baturutse mu ngo zitandukanye kandi buri wese akaba yarimutse wenyine mu bari bagize urugo yabagamo mbere, umwe wese abarwa nk‘uwimutse wenyine. Mu bijyanye no kwimuka, ntabwo ari urugo rubazwa muri rusange, ni buri muntu ku giti cye.*

### 3.4.IGIKA CYA III: Ubuzima

**Intego:** Ntawe ushobora kuvuga imibereho myiza y'ingo atavuze ubuzima bw'abazituye. Ibibazo biri muri iki gika bigamije kumenya niba abantu bafite ubwishingizi bw'ubuzima, bwaba ubwa Leta cyangwa ubw'ibigo byigenga no kumenya niba abantu bisuzumisha mu gihe barwaye cyangwa kubera indi mpamvu cyangwa niba bivuza iyo barwaye. Ni muri iki gika kandi habazwamo ibibazo bijyanye n'imbogamizi z'umubiri abantu baba bafite (disability).

Ibibazo byose bigize iki gika kirimo bireba abagize urugo bose uretse ibibazo bijyanye n'ubumuga bibazwa abantu bafite nibura imyaka itanu.

**Ibibazo 1-6:** ibi bibazo bigamije kureba niba abantu bafite ubwishingizi bw'ubuzima, no kumenya niba abantu bisuzumisha mu gihe barwaye cyangwa kubera indi mpamvu .

I**kibazo cya 1** ni N° ID y'usubiza. Niba umuntu yisubiriza, birumvikana ko N° ID izaba imwe mu nkingi ya mbere, iya kabiri n'iya gatatu. Niba asubirizwa n'umuntu utari uwo mu rugo, usubiza azahabwa N° ID **97**.

**Ikibazo cya 2 (s3q2):**"IZINA" yaba afite ubwishingizi bwo kwivuza?

Iki kibazo kidufasha kumenya abantu bafite ubwishingizi bwo kwivuza. Iyo ubarurwa nta bwishingizi afite, umukarani w'ibarura yandika 2 agahita ajya ku kibazo cya 4. Iyo asubije ko abufite, umukarani yandika 1 agakomereza ku kibazo cya 3. iyo usubiriza urugo adafite amakuru kuri iki kibazo kuwo asubiriza umukarani yandika 3 akajya ku kibazo cya 4. Igisubizo cya 3 cyandikwa ntayandi makanda igihe usubiza yagerageje gushaka amakuru harimo no kwifashisha undi muntu mu rugo uyafite ntayabone.

**Ikibazo cya 3(s3q3):Ni ubuhe bwishingizi bwo kwivuza bw'ingenzi [IZINA] akoresha?**

Iki kibazo gifasha kumenya ubwoko bw'ubwishingizi bwo kwivuza bw'ingenzi ubarurwa afite. Igihe umukarani w'ibarura asanze umuntu akoresha ubwishingizi burenze 1, hazafatwa ubukoreshwa kenshi kurusha ubundi.

**Icyitonderwa**:

1. Ubwishingizi "**Umukoresha**" ni ubwo umukoresha afatira abakozi akabaha icyemezo kibahesha uburenganzira bwo kwivuza/kwisuzumisha no guhabwa imiti. Ababahaye serivisi bishyuza umukoresha watanze icyo cyemezo. **Urugero:** BK, BNR....
2. Igisubizo "Umuryango utegamiye kuri Leta(NGO)" kizakoreshwa igihe umuntu ubazwa afite ubwishingizi bwo kwivuza yahawe n'uwo muryango utegamiye kuri Leta.

Ubwishingizi "**Ikigo cyigenga cy'ubwishingizi**" ni ubwishingizi butangwa na bimwe mu bigo byigenga bidafite aho bihuriye na Leta. **Ingero:** UAP, SORAS, RADIANT, PRIME INSURANCE...

**Ikibazo cya 4(s3q4):Mu byumweru bine bishize hari ubwo [IZINA] yarwaye cg agakomereka?**

Iki kibazo kibaza niba umuntu ubarurwa yararwaye cyangwa agakomereka mu gihe cy'ibyumweru bine bishize. Umukarani w'ibarura akanda igisubizo agakomeza.

**Ikibazo cya 5(s3q5):Mu byumweru bine bishize [IZINA] yigeze ajya kwisuzumisha / kwivuza kwa muganga cg ahandi?**

iki kibazo kigamije kumenya niba mu byumweru bine bishize ubarurwa yarigeze ajya kwisuzumisha, kwikingiza cyangwa kwivuza. Iyo ubarurwa atarivuje/atarisuzumishije, umukarani w'ibarura akanda igisubizo ahawe akajya ku kibazo cya 7.

**Ikibazo cya 5A (s3q5A):Ni iyihe mpamvu y'ingenzi yatumye [IZINA] atajya kwisuzumisha/kwivuza kwa muganga?**

Iki kibazo gifasha kumenya impamvu y'ingenzi yatumye ubarurwa atajya kwisuzumisha/kwivuza. Iki kibazo kibazwa umuntu wasubije ko yarwaye/yavunitse(1) ku kibazo cya **s3q4** kandi agasubiza ko atisuzumishije/ativuje(2) ku kibazo cya **s3q5.** Umukarani w'ibarura yandika ikirango kijyanye n'igisubizo agakomeza

**Ikibazo cya 6: Ni iyihe mpamvu y'ingenzi yatumye [IZINA] ajya kwisuzumisha/kwivuza?**

Iki kibazo gifasha kumenya impamvu y'ingenzi yatumye ubarurwa ajya kwisuzumisha/kwivuza. Kibanzwa n'ubazwa wasubije ko yisuzimishije/yivuje ku kibazo cya **(s3q5).** Niba ubarurwa avuze ko yisuzumishije kenshi muri ayo mezi 3 ashize, umukarani w'ibarura abaza impamvu yamujyanye ubwo aherukayo agakanda umubare ujyanye n'igisubizo ahawe.

**Ibyitonderwa:**

Kwisuzumisha indwara ni ukugenda ukabonana na muganga, umuforomo, utanga imiti, uwize kubyaza mu ishuri, umuvuzi wa gihanga cyangwa undi wese ukora umurimo wo kuvura, mukaganira ku bibazo wumva ufite mu mubiri kugira ngo icyo urwaye kibashe kuvurwa. Ariko na none, umuntu ashobora kujya kwisuzumisha atarwaye ahubwo ashaka kureba uko ahagaze.

Imiti umuntu yiguriye ku giti cye mu nzu bacururizamo, nta muntu wamusuzumye, akayitwara mu rugo, akajya ayikoresha, ntabwo bifatwa nko kwisuzumisha/kwivuza.

**IMBOGAMIZI Z'UMUBIRI N'ICYAZITEYE**

Imbogamizi z'umubiri zishobora kwigaragaza mu buryo butandukanye: imbogamizi zishingiye ku miterere y'umubiri, imbogamizi z'umubiri zishingiye ku bibazo byo mu mutwe, cg izindi mbogamizi, zaba izo kutabona, imbogamizi zerekeranye n'imiterere y'uruhu, ubugufi bukabije, kutumva cg imbogamizi ku ingingo nk'amaguru cyangwa amaboko, ku buryo bugira ingaruka za burundu ku mibereho ya buri munsi y'uzifite. Imbogamizi z'umubiri zitandukanye n'uburwayi kabone n'aho umuntu yaba amaranye uburwayi igihe kirekire, ubwo burwayi ntibukwiye gufatwa nk'imbogamizi z'umubiri (urugero: Hari aho uzasanga umukecuru akubwira ati "hari ikintu kinzamukamo hano mu mugongo kinguguna" iyo si imbogamizi y'umubiri).

Muri iri ubu bushakashitsi hazibandwa ku imbogamizi yo kutabona, kutumva, kugenda cyangwa kuzamukaesikaliye, kwibuka cyangwa gushyira umutima ku byo akora, kuvuga, n'ikibazo cyo kwiyitaho nko kwiyuhagira cyangwa kwiyambika.

**IBIBAZO s3q7 – s3q12 BIBAZWA ABAFITE NIBURA IMYAKA ITANU Y'AMAVUKO** kandi bikaba bifite ibisubizo bikurikira:

**Oya, nta kibazo,**

**Yego, ariko afite ikibazo kidakomeye,**

**Yego, afite ikibazo gikomeye,**

**Yego, ntabyo ashoboye na mba.**

Umukarani w'ibarura abaza usubiza buri kibazo, agakanda kimwe muri ibyo bisubizo bijyanye n'urugero usubiza amubwiye imbogamizi y'umubiri iriho.

**Ikibazo cya 7 (s3q7):[IZINA] yaba afite ikibazo cyo kutabona neza niyo yaba yambara amadarubindi/amataratara?**

Umuntu ufite imbogamizi yo kutabona neza n‘iyo yaba yambara amadarubindi/amataratara,ni umuntu utabasha kubona ibintu bimwegereye cyangwa akaba atabona ibiri kure. Ni umuntu kandi urebesha ijisho rimwe, cyangwa umuntu utabona ibiri imbere ye cyangwa ibiri iruhande rwe.

**Ikibazo cya 8 (s3q8):[IZINA] yaba afite ikibazo cyo kutumva neza, niyo yaba akoresha ibyuma bifasha kumva?**

Iki kibazo kigamije kugaragaza umuntu ufite imbogamizi yo kumva neza cg se ikindi kibazo gituma atumva neza n‘iyo yaba akoresha utwuma dufasha kumva. Ubarurwa ashobora kuba adashobora gutandukanya amajwi aturutse ku bintu bitandukanye, ashobora no kuba yumvisha ugutwi kumwe.

**Ikibazo cya 9 (s3q9):[IZINA] yaba afite ikibazo cyo kutagenda neza (Gutera intambwe cyangwa kuzamuka ingazi?**

Iki kibazo kigamije kugaragaza abantu bafite imbogamizi iyo ari yo yose ijyanye no kugenda/gutambuka/gutera intambwe neza. Bishobora kuba ari imbogamizi zituma adakora urugendo rwaba rugufi cg rurerure adacishijemo ngo aruhuke abone gukomeza cyangwa bimusaba kwifashisha inkoni, imbago cyangwa ikindi kintu cyo kwicumba kugirango abashe kugenda. Bishobora kuba ari imbogamizi zituma atabasha kuzamuka cg kumanuka umusozi/ingazi (escalier) mu buryo bworoshye. Bishobora na none kuba ari imbogamizi zituma umuntu atabasha guhagarara nibura umunota umwe cg ibiri bikaba ngombwa ko akoresha igare ry’abafite imbogamizi z’umubiri kugirango ave hamwe ajye ahandi. Hari n’izindi mbogamizi zo kugenda zishobora guterwa no kudandabirana (kubura equilibre) cg se imbogamizi zituruka ku ndwara z’imitsi n’amagufwa.

Izo mbogamizo zose zose turondoye haruguru zituma umuntu atabasha kugenda neza, byaba ku butaka bushashe neza, kugenda ahamanuka cg ahazamuka, byose bigomba kwitabwaho.

**Ikibazo cya 10 (s3q10):[IZINA] yaba afite ikibazo cyo kutibuka cyangwa kudatekereza neza?**

Iki kibazo kigamije kugaragaza abantu bafite imbogamizi yo kwibuka cyangwa gushyira umutima ku byo bakora ku buryo bihungabanya imibereho yabo ya buri munsi. Imbogamizi yo kutibuka/gushyira umutima ku byo ukora zigaragaza mu buryo butandukanye. Hari abantu bafite imbogamizi yo kuba batamenya inzira bagomba kunyuramo, hari abatabasha gutekereza byimbitse ku byo barimo gukora, hari abafite imbogamizi yo kwibagirwa aho bari cg se umunsi n’ukwezi tugezemo, hari abafite imbogamizi yo guhita bibagirwa icyo uwo bari kumwe ababwiye.

Icyitonderwa: Imbogamizi umuntu yaba afite zirebana no kwibuka cg gushyira umutima ku byo akora, ziterwa n’akazi kenshi ka buri munsi umuntu ahura na ko cg se no gufata ibiyobyabwenge cg indi miti ntibigomba gufatwa nk‘imbogamizi z’umubiri.

**Ikibazo cya 11 (s3q11):Akoresheje ururimi kavukire/gakondo, [IZINA] afite ikibazo cyo kumvikana nabo bavugana (urugero: kuvugana n’abandi bakamwumva)?**

Iki kibazo kigamije kugaragaza abantu bafite imbogamizi yo kuvuga mu buryo bwumvikana (kudidimanga, ijwi ridasohoka). Bashobora kuba bafite imbogamizi yo kumvikanisha ibyo bavuga

Icyitonderwa: Imbogamizi umuntu yaba afite zituma atavuga neza cg atumvikana n’abandi bituruka ku kutamenya neza ururimi rwe gakondo ntibigomba gufatwa nk‘imbogamizi z’umubiri kuri iki kibazo

**Ikibazo cya 12 (s3q12):[IZINA] yaba afite ikibazo cyo kwiyitaho (Nko kwiyuhagira cyangwa kwiyambika)?**

Iki kibazo kigamije kugaragaza abantu bafite imbogamizi yo kwiyitaho nko kudashobora kwiyuhagira cg kwiyambika cg ibindi byangombwa mu kubungabunga ubuzima bwa buri munsi. Umuntu ufite kimwe muri izi mbogamizi ashobora kuba yifashisha ibikoresho, ikintu runaka mu kuzuza izo nshingano cg se afite umuntu ubimufasha.

## 3.5.IGIKA CYA IV: Uburezi

**Intego:** Kwita ku burezi bufite ireme kandi bugera kuri bose ni igikorwa cy'ingenzi kiri muri gahunda ya Guverinoma y'imyaka irindwi (2017-2024). Ibisubizo ku bibazo biri muri iki gika bizafasha kumenya muri rusange uko uburezi buteye mu Rwanda. Ibisubizo ku bibazo biteganyijwe bizatuma hamenyekana umubare w'abantu bageze mu ishuri n'abatararigezemo, icyiciro cyo hejuru barangije, impamyabumenyi babonye n'ibyo bize. Kizagaragaza kandi imibare y'abana bo mu mashuri abanza n'ayisumbuye badindiye n'impamvu y'iryo dindira, uko kwitabira ishuri biteye (gusibira kw'abanyeshuri, gusiba ishuri n'impamvu zibitera). Iki gika kigamije na none kugaragaza amafaranga urugo rwatanze ku burezi mu mezi 12 ashize. Ikindi kigamijwe muri iki gika ni ukumenya aho abaturage bageze mu rwego rwo kumenya gusoma, kwandika no kubara, gukoresha ikoranabuhanga no gukurikirana amahugurwa y'imyuga.

Iki gika kigizwe n'ibice bibiri:
Igice A: Uburezi muri rusange
Igice B: Kwiga imyuga, kumenya gusoma, kwandika no kubara, gutunga no kumenya gukoresha ibikoresho by'ikoranabuhanga

### IGICE A: Uburezi muri rusange

Muri EICV zabanje, ibibazo byo muri iki gice byabazwaga abantu bose bafite imyaka 3 y'amavuko n'abayirengeje. Muri EICV7, abagomba kubarurwa muri iki gice ni abagize urugo bose kugirango duhuze ibipimo by'uburezi mu Rwanda n'iby'Intego z'Iterambere Rirambye (SDGs) cyane cyane ko byagaragaye ko hari abana batarageza kuri iyo myaka 3 bajya kwiga mu marerero.

**S4AQ1**: **Ese [IZINA] yageze mu ishuri cg irerero?**
Yego……….1 => S4AQ2
Oya………...2
**Ikibazo cya S4AQ1:** Iki kibazo kigamije gushungura kugira ngo ibisigaye bibazwe abageze mu ishuri/irerero. Ku bantu batigeze bagera mu ishuri/irerero babazwa impamvu batigeze bagera mu ishuri/irerero. Abakomeza ku kibazo cya **S4AQ2** ni abasubije '**Yego**' ko bageze mu ishuri ndetse n'abana bato biga mu marerero cg mu mashuri y'incuke.

**S4AQ1A: Ni iyihe mpamvu [IZINA] atigeze agera mu ishuri ?**

Aracyari muto ……..……………….…1
Amashuri arahenze …………………2
Amashuri ari kure y'aho batuye …….3
Imirimo yo mu rugo…………………4
Amashuri atujuje ibyangombwa……..5
Ubupfubyi/ Urupfu rw'umwe mu babyeyi cg Bombi………………6
Ugutandukana kw'ababyeyi….……...7
Ntiyabishakaga……………………....8
Kutabona akamaro ko kwiga………....9
Uburwayi…………………….….........10
Ubumuga……………………….........11
Amakimbirane……………….............12
Intambara……………………….........13
Jenoside yakorewe abatutsi…………..14
Ubusumbane bushingiye ku gitsina…..15
Indi mpamvu (Yivuge)…………….....16

Ikibazo cya **S4AQ1A**: Iki kibazo kigamije kumenya impamvu ubarurwa atigeze agera mu ishuri. Iki kibazo kibazwa gusa uwasubije "**OYA**" ku kibazo cya **S4AQ1**. Umukarani w'ibarura agomba kwitonda akabaza neza impamvu y'ingenzi yatumye ubarurwa atajya mu ishuri kugirango akoreshe ikirango kijyanye n'ibyo abwiwe.Igisubizo cyose umukarani w'ibarura ahawe ahita ajya ku Igice B ku kibazo cya **S4BQ1**.

**S4AQ2: Ni ikihe cyiciro cy’ishuri cyo hejuru [IZINA] arimo/yagezemo?**

Irerero……………………..….1
Ay'incuke …………………....2
Abanza ………………………3
Ingoboka/Imyuga iciriritse ….4
Icyiciro cya mbere cy'ayisumbuye (O'level) …5
Icyiciro cya kabiri cy'ayisumbuye (A'level) …6
Amakuru/kaminuza…………………………..…..7

**Ikibazo cya S4AQ2:** Iki kibazo kigamije kumenya **icyiciro cy’ishuri cyo hejuru** ubarurwa **arimo/yagezemo**. Bavuga ko umuntu yarangije icyiciro iyo yemerewe kujya mu mwaka w‘icyiciro gikurikira. Niba icyiciro cy’ishuri yasubije ari **irerero** telephone cyangwa tabuleti izakohereza ku kibazo cya **S4AQ7** kuri uwo muntu.Ibindi bibazo bikurikira ntabwo abibazwa.

**S4AQ2A: Ni imyaka ingahe [IZINA] yarangije atsinze muri icyo cyiciro?**

Uzuzamo umubare w’imyaka yarangije atsinze muri icyo cyiciro. Imbonerahamwe ikurikira iragaragaza imyaka igize buri cyiciro.

| **Icyiciro** | **Imyaka** |
|---|---|
| 1. Irerero | 0,1,2,3 |
| 2. Ay'incuke | 0,1,2,3 |
| 3. Abanza | 0,1,2,3,4,5,6,7,8 |
| 4. Ingoboka/Imyuga iciriritse | 0,1,2,3,4,5 |
| 5. Icyiciro cya mbere cy'ayisumbuye(O’level) | 0,1,2,3 |
| 6. Icyiciro cya kabiri cy'ayisumbuye (A'level) | 0,1,2,3,4 |
| 7. Amakuru/kaminuza | 0,1,2,3,4,5,6,7,8,9,10,11,12,13,14,15,16 |

**Urugero:**

- Niba ubazwa yaragarukiye mu mwaka wa gatandatu w’amashuli abanza awutsinze, hitamo icyiciro cy’amashuri abanza kuri **S4AQ2** hanyuma kuri **S4AQ2A** wuzuzemo 6 ku myaka yarangije atsinze.
- Niba ubazwa yarageze mu cyiciro cy’amashuri yisumbuye agatsindwa mu mwaka wa mbere, umukarani akanda Icyiciro cya mbere cy'ayisumbuye kuri **S4AQ2** hanyuma yuzuzemo 0 ku myaka yarangije atsinze.

**Ibyitonderwa:**

- Ku muntu wasubiye kongera gutangira icyiciro yari yararangije cyangwa kiri munsi y’icyo yarangije, kubera tuvuga ko ari kwiga, handikwa umwaka arimo ubu.
- Ku bantu bize imyaka irenze iyatanzwe muri buri cyiciro, hazatoranywa umwaka wa nyuma uri ku cyiciro cyavuzwe. Umukarani w’ibarura akanda umubare wa nyuma ntacyo abwiye uwo baganira (Dore ko n’ubundi ubarurwa ntagomba kumenya ibyo umukarani w’ibarura yandika mu muri tabuleti/telefoni).
- Umuntu warangije umwaka wa 6 w’amashuri yisumbuye ariko ntabashe gutsinda ikizamini cya leta azabarwa nk’uwarangije umwaka wa 5 w’amashuri yisumbuye bityo yuzurizwe ko yatsinze imyaka 2.

**S4AQ3: Ni iyihe mpamyabushobozi/ Mpamyabumenyi/ seritifika iruta izindi [IZINA] yabonye?**

Seritifika y’amashuri abanza………...…1
Seritifika ya Post primary
(CE/FM/TVET I/TVET II)………..……2
EMA/ENTA……………………………3
Seritifika y’Icyiciro Rusange…………..4
A3/D4/D5………………………………5
A2/D6/D7………………………………6
Seritifika ya TVET III …………………7
Seritifika ya TVET IV………………….8
Seritifika ya TVET V…………………..9
TVET advanced diploma (A1) …….10
Diploma(A1): D6+2-3yrs ………….11
Bachelor(A0): D6+3-6yrs………….12
Post Graduate Diploma…………….13
Masters: Bachelor+1-2yrs …………14
Doctorate (PhD)……………………15
Ntabizi………………………………99

**Ikibazo cya S4AQ3** kigamije kumenya impamyabumenyi/impamyabushobozi yo hejuru ubarurwa yabonye (reba ibirango by’impamyabumenyi/impamyabushobozi). Niba ubarurwa ikirango afite ari 1,2,3,4 na 99, umukarani w’ibarura ajya ku kibazo cya **S4AQ6**. Iki kibazo kibazwa abantu barangije batsinze neza nibura imyaka 6 y’amashuri abanza.

**Ibisobanuro by’impinamagambo z’impamyabushobozi**

**CE/FM (CERAL, CERAI, Section Familiale)**: Impamyabushobozi zahabwaga abantu babaga barangije imyuga kuko babaga batarabashije gukomeza amashuri yisumbuye.
**EMA (Ecole des Moniteurs Auxiliaires)**: Yahabwaga abize imyaka 2 yisumbuye y’ubwarimu.
**ENTA (Ecole Normale Technique Auxiliaire)** : Yahabwaga abize kwigisha imyuga
**Icyiciro Rusange (O'Level Certificate)**: Ihabwa abarangije icyiciro rusange cy’amashuri yisumbuye
**A3**: Yahabwaga abize ibijyanye na tekiniki (ubuhinzi, ubuganga, ubuvuzi bw’amatungo, ububaji, ubwubatsi…) byigwaga imyaka 4.
**D4**: Yahabwaga abize imyaka 4 yisumbuye
**D5**: Yahabwaga abize imyaka 5 yisumbuye
**A2**: Ihabwa abantu barangije imyaka 6 yisumbuye
**D6**: Yahabwaga abantu barangije imyaka 6 yisumbuye
**D7**: Yahabwaga abantu barangije imyaka 7 yisumbuye
**TVET certificate III**: Impamyabushobozi ihabwa abarangije level III mu mashuri y’imyuga (Abize umwaka
**TVET certificate IV**: Impamyabushobozi ihabwa abarangije level IV mu mashuri y’imyuga
**TVET certificate V**: iyi ni impamyabushobozi ihabwa abarangije amashuri yisumbuye y’imyuga
**A1 (Bacc/Diploma)**: Impamyabushobozi ihabwa umuntu warangije icyiciro cya mbere cya Kaminuza
**A0 (Bachelor)**: Impamyabushobozi ihabwa umuntu warangije icyiciro cya kabiri cya Kaminuza
**MA (Master)**: Impamyabushobozi ihabwa umuntu warangije icyiciro cya gatatu cya Kaminuza
**PhD (Doctorate)**: Impamyabushobozi y’ikirenga

**S4AQ4B: Iyo MpamyabumenyI /Impamyabushobozi/ seritifika [IZINA] yayibonye mu biki?**

**Ikibazo cya S4AQ4B** kigamije kumenya ishami ry’amasomo (ibyo yize) ubarurwa yabonyemo iyo mpamyabumenyi/impamyabushobozi. Umukarani w’ibarura agomba kwitonda akabaza neza amasomo ubarurwa yize kugirango akoreshe ikirango kijyanye n’ibyo abwiwe yifashishije ibirango byo muri ISCED 2011 biri ku mugereka wa III muri iki gitabo (muri tablet, amashami yose ahita agaragara, umukarani w’ibarura agakanda ishami abwiwe). Ikirango kizagarukira ku mibarwa 4 gusa.

**S4AQ6A-B-C: Ni uwuhe mwaka w’ishuri [IZINA] yigagamo mu myaka y’amashuri 2022/2023? 2023/2024?**

Ntabwo yari mu ishuri……0
P1…………………………1
P2…………………………2
P3…………………………3
P4…………………………4
P5…………………………5
P6…………………………6
S1…………………………7
S2…………………………8
S3…………………………9
S4…………………………10
S5…………………………11
S6…………………………12
Kaminuza…………………13
Incuke……………………..14

**Ikibazo cya S4AQ6:** Kuri iki kibazo, umukarani w’ibarura abaza umwaka w’ishuri umuntu ubarurwa yigamo mu mwaka w’amashuri ugezweho noneho umukarani w’ibarura akanabaza umwaka w’ishuri ubarurwa yigagamo mu mwaka w’amashuri warangiye. Mugihe umwaka w’ishuri ubarurwa yigamo ungana n’uwo yigagamo mu mwaka w’amashuri ushize , icyo gihe uwo muntu akomoza abazwa no kuri S4AQ6D impamvu yasibiye.

**Urugero:**

- Niba umwaka ubazwa yizemo muri 2022/2023 ari na wo yizemo cg yigamo muri 2023/2024, akomereza ku kibazo **S4AQ6D** kibaza impamvu yatumye asibira. Niba umwaka yigagamo muri 2022/2023 utandukanye n’uwo yigagamo muri 2023/2024, ajya ku kibazo cya **S4AQ7**.
- Niba umwaka ubazwa yizemo muri 2023/2024 ari na wo yizemo cg yigamo muri 2024/2025, akomereza ku kibazo **S4AQ6D** kibaza impamvu yatumye asibira. Niba umwaka yigagamo muri 2023/2024 utandukanye n’uwo yigagamo muri 2024/2025, ajya ku kibazo cya **S4AQ7**.

***Icyitonderwa:*** Umukarani w‘ibarurura yuzuzamo neza ikirango cy’umwaka w’ishuri ubwiwe.Niba ubarurwa atari ari mu ishuri ahitamo 0, niba ubarurwa yari ari muri kaminuza akanda ku gisubizo gihuye n’icyo ahawe, *akajya ku kibazo cya* **S4AQ**7.

**S4AQ6D: Kubera iki mu mwaka wa 2023/2024, [IZINA] yasibiye mu mwaka w’ishuri yigagamo muri 2022/2023?**

Yatsinzwe ibizamini bisoza umwaka….…1
Uburwayi…………………………………2
Kubura amafaranga………………………3
Ibibazo by’Umuryango………………….…..4
Indi mpamvu, kuyivuga…………………..5

**Icyitonderwa:** Iki kibazo kibazwa umuntu wasubije umwaka w’ishuri yigagamo muri 2022/2023 usa n’uwo muri 2023/2024 cyangwa se 2023/2024 usa n’uwo muri 2024/2025 bitewe n’igihe umukarani w‘ibarura yabarije uwo muntu wo mu rugo.

**S4AQ7: [IZINA] yaba yaragiye ku ishuri cg mu irerero mu mezi 12 ashize?**

Yego……….1
Oya………...2 ⇒ **S4AQ19 NIBA S1Q3Y<=30 ;**
**=> S4BQ1**

**Ikibazo cya S4AQ7**: umukarani w’ibarura abaza niba ubarurwa yari mu ishuri mu mezi 12 ashize. Niba ari “Yego”, akomeza abaza icyiciro cy‘ishuri ubarurwa yigagamo muri ayo mezi 12 ashize (Ikibazo cya S4AQ8). Niba igisubizo ari “Oya”, afite imyaka itarenga 30 (s1q3y<=30) ajya ku kibazo cya S4AQ19, abandi nabo bagakomeza kubazwa niba barize imyuga mu mezi 12 ashize (S4BQ1).

**S4AQ8: [IZINA] yigaga mu cyihe cyiciro cy’amashuri mu mezi 12 ashize?**

Irerero……………………..…1 =>S4AQ11
Ay'incuke ……………..…….2 => S4AQ11
Abanza …………………...….3
Icyiciro cya mbere cy'ayisumbuye (O'level) .5
Icyiciro cya kabiri cy'ayisumbuye (A'level) ..6
Amakuru/kaminuza………………7=> S4AQ11

**Ikibazo cya S4AQ8:** Iki kibazo kigamije kumenya **cyiciro cy’amashuri** ubarurwa yarimo **mu mezi 12 ashize**. Niba icyiciro cy’ishuri yasubije ari **irerero, ay’incuke n‘amakuru/kaminuza** telephone cyangwa tabuleti izakohereza ku kibazo cya **S4AQ11** kuri abo bantu ibindi bibazo bikurikira ntabwo babibazwa.

**S4AQ8A : Mu mezi 12 ashize [IZINA] yigaga mu wuhe mwaka w’icyikiro cy’amashuri abanza /ayisumbuye? (Reba ibirango by’icyiciro)**

**P1……….…..…1**
**P2……...............2**
**P3……...............3**
P4……….........4
P5…....…..........5
P6……..............6
**S1……...............7**
**S2……...........….8**
**S3…...................9**
S4………..........10
S5……..............11
S6……......…....12

**Niba ikirango kitari 7,8,9,10,11,12 komeza ku kibazo cya 8b (=>S4A8B)**
**Niba ikirango ari 1,2,3,4,5,6 jya ku kibazo cya S4AQ9**

**Ikibazo cya S4AQ8A:** Iki kibazo kigamije kumenya umwaka w'icyiciro cy'amashuri abanza cyangwa ay'isumbuye ubarurwa yarimo mu mezi 12 ashize.

**Ikibazo cya S4AQ8B: Mu mezi 12 ashize, [IZINA] yigaga aba ku ishuri (Internat)?**

Yego.1
Oya …. 2

Iki kibazo (**S4AQ8B**) kigamije kumenya niba ubarurwa yarigaga aba ku ishuri cg yiga ataha.

**S4AQ9: [IZINA] yari afite imyaka ingahe ubwo yatangiraga kwiga mu mwaka mutubwiye?**

Umukarani w'ibarura akomeza abaza imyaka ubarurwa yari afite ubwo yigaga mu mwaka w'ishuri wavuzwe. Imyaka y'amavuko yemewe kuri buri mwaka w'ishuri ni: imyaka 6 ku kirango P1, imyaka 7 ku kirango P2, imyaka 8 ku kirango P3, imyaka 9 ku kirango P4, imyaka 10 ku kirango P5 n'imyaka 11 ku kirango P6; imyaka 12 ku kirango S1, imyaka 13 ku kirango S2, imyaka 14 ku kirango S3, imyaka 15 ku kirango S4, imyaka 16 ku kirango S5 n'imyaka 17 ku kirango S6.Imyaka ishingirwaho ku kuba umuntu yaradindiye kuri buri mwaka w'ishuri ni ibiri y'inyongera nk'bigaragara mu mbonehamwe ikurikira:

| Umwaka w'ishuri | Imyaka yemewe | Gutinda gutangira |
|---|---|---|
| P1 | 6 | 8 |
| P2 | 7 | 9 |
| P3 | 8 | 10 |
| P4 | 9 | 11 |
| P5 | 10 | 12 |
| P6 | 11 | 13 |
| S1 | 12 | 14 |
| S2 | 13 | 15 |
| S3 | 14 | 16 |
| S4 | 15 | 17 |
| S5 | 16 | 18 |
| S6 | 17 | 19 |

Niba imyaka umunyeshuli ubazwa yarafite yinjira mu cyiciro cy'ishuri cyavuzwe yari hejuru y'iyo yakagombye kuba afite mu mwaka w'ishuri yarimo, umukarani w'ibarura akomeza abaza impamvu yatumye ubarurwa atinda cyangwa adindira mu ishuri ku kibazo cya **S4AQ10**.

Niba imyaka y'amavuko ingana n'iyo yagombye kuba afite mu mwaka w'ishuri arimo, umukarani w'ibarura akomereza ku kibazo cya **S4AQ11.**

**S4AQ10: Ni iyihe mpamvu y'ingenzi yatumye [IZINA] atinda gutangira cg adindira mu ishuri?**

Ababyeyi babonaga ari muto
ku buryo atatangira ishuri……….1
Guhagarika amashuli
akongera agasubiramo…………..2
Gusibira…………………………3
Uburwayi/ubumuga bwe………..4
Uburwayi/ubumuga bw'umwe
mu bagize umuryango…………..5

Kubura amafaranga asabwa n’ishuri………………...….6
Akazi…………………………...….7
Guhindura aho bari batuye……...….8
Kutabona akamaro ko kwiga…....….9
Kubura ubufasha bw’umuryango....10
Ibiza…………………………….....11
Iyindi(yivuge)……………………..12

**Ikibazo cya S4AQ11** kigamije kumenya ubwoko bw’ishuri umuntu wese wavuze ko yigaga mu mezi 12 ashize (kuri S4AQ7) yigamo/yigagamo.

**S4AQ11: Ni ubuhe bwoko bw’ishuri cyangwa ikigo cy’amashuri [IZINA] yigamo/yigagamo mu mezi 12 ashize?**

Leta.......................1
Ryigenda..................2
Rifashwa na Leta.......3

**Ikibazo cya S4AQ14:** Iki kibazo kigamije kwerekana umubare w’amafaranga yose yatanzwe n’urugo ajyanye n’imyigire y’ubarurwa mu mezi 12 ashize.

**S4AQ14: Mu mezi 12 ashize urugo rwanyu rwatanze Amafaranga angahe mu kwiga kwa [IZINA] ku byerekeye ?**

A. Kwiyandikisha n’amafaranga y’ishuri
B. Umusanzu w’ababyeyi
C. Imyambaro y’ishuri n’iya siporo
D. Ibitabo n’ibindi bikoresho by’ishuri?
E. Urugendo rwo kujya no kuva ku ishuri
F. Icumbi n’ifunguro (cyangwa se ifunguro ryonyine)
G. Andi mafaranga yatanzwe(imyidagaduro, ubwishingizi,coaching, ingendoshuri n’ibindi)
H. Amafaranga yose yatanzwe (hadasobanuwe icyo yatangiwe)

***Icyitonderwa:*** *amezi 12 ashize ashobora guhurirana n’imyaka ibiri y’amashuri. Icyo gihe, umukarani w’ibarura agomba gushishoza akabaza yifashishije amezi, ibihembwe by’umwaka w’amashuri ayo mafaranga yatanzwemo. Ibyo ayo mafaranga yaba yaratangiwe byaratandukanyijwe kugira ngo ubazwa abyibuke bitamugoye.*

**Amafaranga yo kwiyandikisha** (**S4AQ14A**) ni amafaranga atangwa kugira ngo umunyeshuri yandikwe mu gitabo cy’ishuri (urutonde rw’abemerewe kwiga). **Amafaranga y’ishuri** ni amafaranga yishyurwa buri gihembwe cg se buri mwaka bitewe n’ishuri cg icyiciro cy’ishuri umunyeshuli yigamo/yigagamo kugira ngo umunyeshuri ahabwe uburenganzira bwo kwiga (Minerval/school fees).

**Umusanzu w’ababyeyi** (**S4AQ14B**) ni amafaranga atangwa n’ababyeyi b’abanyeshuri baba bumvikanyeho mu nama y’ababyeyi kugira ngo bunganire ikigo mu bikorwa bimwe na bimwe (kubaka uruzitiro rw’ikigo, agahimbazamusyi ku mwarimu, kubaka ibibuga by’imikino...)

**Amafaranga y’imyambaro y’ishuri n’iya siporo** (**S4AQ14C**) ni amafaranga atangwa kugira ngo umunyeshuri ahabwe umwambaro uranga umunyeshuri igihe ari mu masomo n’umwambaro umuranga igihe ari muri siporo.

**Amafaranga agura ibikoresho** (**S4AQ14D**) ni amafaranga atangwa mu kugura ibikoresho byose bikenerwa ku munyeshuri (ibitabo, amakaye, amakaramu, n’ibindi).

**Amafaranga y’urugendo rwo kujya no kuva ku ishuri** (**S4AQ14E**) ni amafaranga yishyurwa ku kinyabiziga gifasha uwiga kugera no kuva ku ishuri (bisi, tagisi, tagisi moto, igare…). Niba kandi hari umuntu ubihemberwa utwara umwana ku ishuri akaza no ku mucyura n’amaguru, ayo mafaranga ahembwa na yo azandikwa hano.

***Ibyitonderwa:***
*Niba urugo rufite imodoka ijyana kandi ivana abana ku ishuri kandi ikaba ari cyo ikora cyonyine, amafaranga yatanzwe ku mavuta n'ibindi iyo modoka ikenera cyangwa ikorerwa abarwa mu mafaranga y'urugendo kuri uwo munyeshuri. Niba ari benshi, amafaranga yose yatanzwe kuri icyo kinyabiziga agabanywa abo bantu bose bagikoresha mu kujya no kuva ku ishuri.*
*Mu bigo bya Leta (amashuri abanza/9yrs-12yrs Basic Education), nta mafaranga yo kwiyandikisha n'amafaranga y'ishuri atangwa n'urugo kuko abanyeshuri bigira ubuntu muri ibyo bigo. Buri mukarani w'ibarura agomba kwitonda akabanza kumenya neza niba ubarurwa yiga cg atiga mu mashuri yavuzwe haruguru. Niba urugo rwaratanze amafaranga ku munyeshuri wiga mu kigo cya Leta, ayo mafaranga yandikwa ku musanzu w'ababyeyi. Imyambaro y'ishuri n'iya siporo, ibikapu, ibitabo (amakaye) n'ibindi bikoresho byaguzwe bigenewe gukoreshwa ku ishuri ntibigomba kugaruka mu gika cya 8.*

**Amafaranga atangwa ku icumbi n'ifunguro** (**S4AQ14F**) ryaba iry'abacumbikiwe ku ishuri cyangwa iryo bafatirayo ariko biga bataha ndetse n'ay'icumbi ku bararayo niba atandukanye n'amafaranga y'ishuri yanditswe muri A.
**Andi mafaranga atangwa** (**S4AQ14G**) ni amafaranga yishyurwa ku bijyanye n'imyidagaduro, ubwishingizi, ingendoshuri, ay'abarimu bigisha nyuma y'amasomo (coaching) n'ibindi bikorerwa ku ishuri hatabariwemo ayo mu gika cya 8 (ubwishingizi bwo kwivuza).
**Amafaranga yose yatanzwe hadasobanuwe icyo yatangiwe** (**S4AQ14H**): ni amafaranga yose yatanzwe ku bijyanye n'ishuri niba ubazwa atashoboye kuyatandukanya. Igihe usubiza atibuka neza amafaranga yatanzwe kuri buri kintu, avuga umubare w'amafranga yose yatanze ku bijyanye n'imyigire y'ubarurwa. Icyo gihe, umukarani w'ibarura yandika "0" ahagenewe igisubizo ku bibazo byose bibanza bikubiye mu kibazo cya 14 (kuva kuri **S4AQ14A** kugera kuri **S4AQ14G**).

***Icyitonderwa:*** *Niba amafaranga ku bijyanye n'ishuri kuri bamwe mu baba mu rugo yaratanzwe n'undi muntu cyangwa yaravuye ahandi hantu (Leta, imiryango itandukanye...) akaba yarageze mu ntoki cyangwa kuri konti y'umwe mu bagize urugo, icyo gihe ayo mafaranga abarwa mu yatanzwe n'urugo. Ibikoresho byose bisa n'ibikenerwa ku ishuri byaguzwe n'urugo ariko bitagenewe gukoreshwa n'umunyeshuri nk'ikaramu, ikaye... ntibizandikwa muri iki gika, ahubwo bizandikwa mu gika cya 8 kijyanye n'ibikoresho urugo rwaguze bitari ibiribwa.*

**S4AQ15: Mu mezi 12 ashize ni nde wishyuye igice kinini cyayo mafaranga yatanzwe ku bijyanye no kwiga kwa [IZINA]?**

Se……………………………....1
Nyina…………………………..2
Ababyeyi bombi…………….…3
Abandi baba mu rugo……….…4
Abandi bafitanye isano………...5
Abandi badafitanye isano……...6
We ubwe…………………….…7
Leta…………………………..…8
Imiryango/Amashyirahamwe..…9
Umukoresha ………………..…10
Ikindi gisubizo, (Kivuge)...…....11

**Ikibazo cya S4AQ15:** iki kibazo kigamije kumenya uwarihiye umuntu ubarurwa igice kinini cy'amafaranga y'ishuri yavuzwe mu kibazo cya **S4AQ14**. Amafaranga avugwa muri iki kibazo ni ayo urugo rwatanze cyangwa ayatanzwe n'undi muntu utaba muri urwo rugo/Leta/imiryango nterankunga ariko akaba yaranyuze mu ntoki/kuri konti y'umwe mu bagize urugo. Umukarani w'ibarura yandika ikirango kijyanye n'igisubizo ahawe.
***Icyitonderwa:*** *Niba Leta ifite umugabane itanga kuri buri shuri kugirango rishobore kurangiza inshingano zaryo, ayo mafaranga ntabwo abarwa ku munyeshuri uwo ari we wese kabone n'ubwo usubiza yaba azi umubare wayo.*

**S4AQ15A: Ese ikigo cy’ishuri [IZINA] yigamo/yigagamo kiri muri gahunda ya leta yo kugaburira aabanyeshuli ku ishuri?**

Yego.........................1
Oya............................2

**Ikibazo S4AQ15A:** Iki kibazo kigamije kumenya niba ikigo cy’ishuli ubazwa yigamo/yigagamo mu mezi 12 ashize kiri muri gahunda ya leta yo kugaburira abanyeshuli ku mashuri. Kikaba kibazwa umuntu wese wavuze ko yigaga/yiga mu mwaka runaka w’amashuli abanza cg ay’isumbuye.

**Ibibazo kuva kuri S4AQ16 kugeza kuri i S4AQ18 bibazwa abagize urugo bakiri mu ishuri (q7=1) uretse abiga mu marerero , mu mashuri y’incuke cg mu mashuli makuru/kaminuza.**

**S4AQ16: Ese hari umunsi w’ishuri [IZINA] yaba yarasibye mu minsi 7 ishize?**

Yego..........…1
Oya…..…….2 => IGICE B, S4BQ1
Mu biruhuko..3 => IGICE B, S4BQ1

**Ikibazo cya S4AQ16** kigamije kumenya niba hari umunsi w’ishuri ubarurwa yaba yarasibye mu minsi 7 ishize. Niba atarasibye cyangwa ari mu biruhuko (cyangwa se atari kwiga) umukarani w’ibarura ajya ku gice **S4BQ1**.

**Icyitonderwa**: umuntu wize mu mezi 12 ashize ubu ngubu akaba atari kwiga,nubwo yaba ari mu biruhuko tuzavugako hari umunsi w’ishuri yasibye naho ku kibazo cya **S4AQ17** twuzuze ko yasibye iminsi itanu(urugero:ushobora gusanga umuntu yarize ibihembwe bibiri gusa muri ya mezi 12 ariko igihe ugereyeyo ugasanga ntiyize igihembwe cya 3.Tuzasubiza yego kuri **kibazo cya S4AQ7** ko yagiye ku ishuri muri ya mezi 12 ashize, ku **kibazo cya** S4AQ16 naho dusubize yego hanyuma nitugera **ku kibazo cya S4AQ17** twuzuze ko yasibye iminsi itanu).

**S4AQ17: Ni iminsi ingahe y’ishuri [IZINA] yasibye mu minsi 7 ishize?**
Niba ubarurwa yarasibye, umukarani w’ibarura abaza umubare w’iminsi yasibye ishuri (**ikibazo cya S4AQ17**).

**S4AQ18: Ni iyihe mpamvu y’ingenzi yatumye [IZINA] asiba ishuri?**

Kuva mu ishuri.………………………01=>Q20
Uburwayi……………………………..02
Kutabona icyo kurya…………………03
Kubura Amafaranga…………………..04
Impamvu z’umuryango………………05
Gutinya igihano…………………………06
Gutegereza kwimukira mu kindi kiciro…07
Kurangiza amashuri ……………………08
Ibiza/Imihindagurikire y’ikirere..............09
Indi mpamvu (Kuyivuga) ………………10

Umukarani w’Ibarura abaza impamvu y’ingenzi yatumye asiba amasomo (**ikibazo cya S4AQ18**). Niba igisubizo kuri iki kibazo ari “kuva mu ishuri”, umukarani w’ibarura azahita ajya ku kibazo cya 20 (**1=>Q20)** kigamije kumenya impamvu y’ingenzi yatumye arivamo. **NIBA IGISUBIZO ARI 02-10 =>IGICE B, S4BQ1.**

**IBIBAZO BYA S4AQ19 NA S4AQ20 BIBAZWA ABAGIZE URUGO BATAKIRI MU ISHURI KANDI BATARENGEJE IMYAKA 30 (S4AQ7=2 & S1Q3Y<=30)**

**S4AQ19: Ni mu wuhe mwaka [IZINA] yavuye mu ishuri?**

**Ikibazo cya S4AQ19** kibazwa abantu bageze mu ishuri ariko batigeze bajya mu ishuri mu mezi 12 ashize (abasubije oya ku kibazo cya **S4AQ**7). Kigamije kumenya umwaka ubarurwa yaviriye mu ishuri.Umukarani w'ibarura yandika umwaka abwiwe neza.

**S4AQ20: Ni iyihe mpamvu y'ingenzi yatumye [IZINA] ava mu ishuri?**

Kubura amafaranga…………………..01
Akazi………………………………02
Gushyingirwa………………………...03
Ubupfubyi/ Urupfu rw'umwe
mu babyeyi cg Bombi……………......04
Kwirukanwa…………………………05
Kutabona akamaro ko kwiga/uburara...06
Kubura ubufasha bw'umuryango…....07
Intambara…………………………...08
Jenoside yakorewe abatutsi………….09
Kurangiza amashuri……………….…10
Uburwayi/ubumuga………………..…11
Kurwaza umuntu…………………......12
Imirimo yo mu rugo……………..…...13
Ishuri riri kure y'aho batuye……..…..14
Ibiza……………………..….…...…15
Ibiyobyabwenge ……………….........16
Gutwara inda/Gutera inda…….……...17
Gutwara inda kw'abangavu…………..18
Indi mpamvu, (Yivuge)…...……….....19

I**kibazo cya 20** Kigamije kumenya impamvu y'ingenzi yatumye ubarurwa ava mu ishuri

## IGICE B: KWIGA IMYUGA, KUMENYA GUSOMA NO KWANDIKA, GUTUNGA IBIKORESHO BY'IKORANABUHANGA NO KUMENYA KUBIKORESHA

Kumenya gusoma, kwandika no kubara, kumenya umwuga runaka, kumenya gukoresha ibikoresho by'ikoranabuhanga ni bimwe mu bipimo bigenderwaho mu iterambere ry'igihugu. Ibibazo biri muri iki gice bigamije kumenya abantu bose bafite **nibura imyaka 10 y'amavuko** (abageze mu ishuri n'abatararigezemo) baba barize umwuga mu mezi 12 ashize, abazi gusoma, kwandika no kubara, abatunze ibikoresho by'ikoranabuhanga no kumenya ko bazi kubikoresha.

**S4BQ1: Mu mezi 12 ashize [IZINA] yaba yarize imyuga/ubukorikori haba mu kigo kizwi cyangwa se kitazwi na Leta?**
Yego, mu kigo kizwi ……....1
Yego, mu kigo kitazwi.....…2
Oya ……………….……..3 ⇒ **S4BQ3**

**Ikibazo S4BQ1** kigamije kumenya niba ubarurwa yarize/yarakurikiranye amahugurwa y'imyuga/ubukorirkori haba mu kigo kizwi cyangwa se kitazwi na Leta, mu mezi 12 ashize. Ashobora kuba yarawigiye mu mahugurwa y'igihe gito cyangwa kirekire mu kigo kizwi (1) cyangwa se yarawigiye ahantu uwo mwuga ukorerwa cyangwa ahandi hantu hatari mu ishuri (2). Niba ari "Yego", umukarani w'ibarura yandika ikirango kijyanye n'igisubizo ahawe agakomeza abaza umubare w'amafaranga ubarurwa yatanze mu kwiga uwo mwuga (**ikibazo cya S4BQ2**) muri ayo mezi 12 ashize. Niba ari ntayo, akanda "0" ahabugenewe. Niba ubarurwa yasubije ku kibazo cya S4BQ1 ko nta mwuga yize, umukarani w'ibarura yuzuza ikirango kijyanye n'igisubizo ahawe akajya ku kibazo cya **S4BQ3**.

**S4BQ2: [IZINA] yatanze amafaranga angahe yo kwiga uwo mwuga ubariyemo n'icumbi?**
Umukarani w'ibarura yuzuza umubare w'amafaranga abwiwe yitonze.

### KUMENYA GUSOMA NO KWANDIKA (Q3-Q7)

**S4BQ3: [IZINA] yaba yarakurikiranye amasomo yo kwiga gusoma, kwandika no kubara atari mu ishuri?**
Yego…........1
Oya ………..2

**Ikibazo cya S4BQ3:** iki kibazo kigamije kumenya niba umuntu ubarurwa yarakurikiye amasomo yo kwiga gusoma no kwandika atari mu ishuri (mu isomero, mu rugo cyangwa ahandi hose uretse mu ishuri). Iki kibazo kibazwa gusa abasubije “**OYA**“ ku kibazo **S4AQ1 (**Kibaza niba ubarurwa yarigeze ajya mu ishuri/irerero**)**.
Ibibazo kuva kuri **S4BQ4** kugera kuri **S4BQ7** bibazwa abatarigeze bagera mu shuri/irerero(abasubije **Oya** ku kibazo cya **S4AQ1** ), abasubije ko bagarukiye mu mashuri y’irerero cyangwa mu y’incuke (abasubije 1 cyangwa 2 ku kibazo cya **S4AQ2** ndetse n’abatararenze umwaka wa gatanu w’amashuri abanza (abasubije ikirango 3 (Abanza) ku kibazo **S4AQ2** kandi igisubizo kuri **S4Q2A** kiri munsi ya 6**)**. Ku bandi bose,igisubizo gikwiriye kiriyuzuza muri Tabuleti cyangwa Telephone

**S4BQ4: [IZINA] ashobora gusoma ibaruwa cyangwa inyandiko ngufi?**
Yego…........1
Oya ………..2⇒ **S4BQ7**

Umukarani w’ibarura abaza niba ubarurwa ashobora gusoma ibaruwa cyangwa inyandiko ngufi (**ikibazo cya S4BQ4**). Niba igisubizo ari “**Oya**” ku kibazo cya **S4BQ4**, umukarani w’ibarura ajya ku kibazo cya **S4BQ7**. Niba igisubizo ari “**Yego**”, umukarani w’ibarura asaba ubarurwa gusoma interuro yateganyijwe mu buryo bwo gusuzuma niba koko ubarurwa azi gusoma (**Ikibazo S4BQ5**).

**S4BQ5: Suzuma niba ashobora gusoma interuro (mwereke interuro asoma). Niba adashobora gusoma interuro yose ongera umubaze: ushobora gusoma igice icyo aricyo cyose cy’iyi nteruro?**

Ntashobora gusoma na mba…1
Ashobora gusoma igice cy’interuro………...……..…2
Ashobora gusoma interuro yose……......……….3
Interuro yateguwe ntabwo iri mu rurimi avuga…………………..…...4
Ntabwo ashoboye gusoma kubera impamvu z’uburwayi/ubumuga..…5
Ntabwo abashije kuboneka mw’isuzuma…6

Umukarani w’ibarura akanda igisubizo akurikije uko ubarurwa yasomye. Niba ubarurwa atabonetse ngo asome, ikirango cy’igisubizo ni 6.

Interuro zateguwe mu gusoma ziri mu ndimi eshatu, ikinyarwanda, Igifaransa, n’igiswahili, usubiza ahitamo ururimi yumva rumunogeye cyane gusomamo:

## I. IKINYARWANDA

1) TUGOMBA KWIHANGIRA IMIRIMO KUGIRANGO TURWANYE UBUKENE.
2) KWIHUTISHA ITERAMBERE RY’URUGO BISABA KO ABARUGIZE BAGIRA ICYEREKEZO KIMWE.
3) ABABYEYI BAFITE INSHINGANO YO KWIGISHA ABANA BABO.

## II. FRANCAIS

1) NOUS DEVONS NOUS CREER DES EMPLOIS POUR LUTTER CONTRE LA PAUVRETE.
2) POUR ACCELERER LE PROGRES ECONOMIQUE ET SOCIALE DU MENAGE, TOUS LES MEMBRES DOIVENT AVOIR UNE VISION COMMUNE.

3) LES PARENTS ONT LE DEVOIR D'ASSURER LA SCOLARISATION DE LEURS ENFANTS.

## III. KISWAHILI

1) TUNAPASHWA KUJIANDALIA SHUGHURI ZETU WENYEWE KAMA ASILI YA MAPATO ILI TUJIEPUSHE NA UFUKARA.
2) ILI TUWEZE KUHARADISHA MAENDELEO YA FAMILIA KI UCHUMI NA KI JAMII, LAZIMA JAMAA WAWE NA AZIMIO MOJA.
3) WAZAZI WANA JUKUMU LA KUELIMISHA WATOTO WAO.

**S4BQ6: Ese [IZINA] ashobora kwandika ibaruwa cyangwa inyandiko ngufi?**
Yego…........1
Oya ………..2

Umukarani w'ibarura akomeza abaza niba ubarurwa ashobora kwandika ibaruwa cyangwa inyandiko ngufi, akanamubaza kandi niba ashobora kubara yandika ku kibazo gikurikiyeho.

**S4BQ7: Ese [IZINA] ashobora kubara yandika?**
Yego…........1
Oya ………..2

***Icyitonderwa:*** *Kubara wandika bisobanura gutondekanya no kwandika imibare yose ndetse akaba ashobora no gukuba, kugabanya, guteranya no gukuramo iyo imibare. Gukora isuzuma ryo kwemeza niba ubazwa azi gusoma bikorerwa gusa ku bantu batarangije amashuri abanza* **(S4AQ2**=3 & **S4Q2A**<6).

**<u>GUTUNGA IBIKORESHO BY'IKORANABUHANGA NO KUMENYA KUBIKORESHA</u>**

**S4BQ8: Ese [IZINA] afite telefoni igendanwa?**
Yego…........1
Oya ………..2⇒ **S4BQ12**

**Ikibazo cya S4BQ8:** iki kibazo kigamije kumenya abantu bo mu rugo batunze telefone zigendanwa. Niba igisubizo ari "**Oya**", umukarani w'ibarura ajya ku kibazo cya **S4BQ12** kibaza impamvu adatunze telefone.

**S4BQ9: Muri telefone [IZINA] atunze hari ifite ibi bikurikira?**

| | |
|---|---|
| Yego, Radio gusa……………………………..……………………………….. | 1 |
| Yego, Interineti gusa…………………………..………………………….. | 2 |
| Yego, Radio na interineti…………………………..…………………….. | 3 |
| Nta na kimwe…………………………..……………………………………. | 4 |

**Ikibazo cya S4BQ9**: iki kibazo kigamije kumenya, kuri buri muntu wo mu rugo utunze telefone, niba iyo telefone ifite radiyo cyangwa interineti. Umukarani w'ibarura yandika ikirango kijyanye n'igisubizo ahawe.

**S4BQ10: [IZINA] atunze, ubuhe bwoko bwa telefone?**

| | |
|---|---|
| Telefone isanzwe…………………….………………… | 1 |
| Taci/Simatifone…………………….………………… | 2⇒**S4BQ13A** |
| Telefone isanzwe na Taci…………….…….…………… | 3⇒**S4BQ13A** |

Umukarani w’ibarura akomeza abaza ubwoko bwa telefoni bukoresha ikoranabuhanga rihanitse ubarurwa atunze

(**Ikibazo cya S4BQ10**). Iyo ubarurwa asubije ko atunze telefone isanzwe itari simatifone/taci, umukarani w’ibarura amubaza impamvu adatunze simatifone/taci (**ikibazo cya S4BQ11**). Iyo igisubizo ari simatifone/taci,ahita akomeza ku kibazo cya **S4BQ13A**.

**S4BQ11: Kubera iki [IZINA] adatunze Taci/Simatifone?**

Ntayo akeneye……………...1
Irahenze……………….……2
Ntabwo azi kuyikoresha……3
Ntabyo azi……………….……4

Igisubizo cyose uhawe kuri iki kibazo uhita ujya ku kibazo cya **S4BQ13**.

**S4BQ12: Niyihe mpamvu [IZINA] atagira telefone?**

Nta muyoboro wa telefone uhari(Network)……………..…..1
Nta bushobozi bwo kuyigura afite……..……………2
Ntabwo azi kuyikoresha……..3
Barayibye……….…………...4
Yarapfuye/yarangiritse..……..5
Aracyari muto/ Ntiyemerewe gutunga Telefone……………………..6
Indi mpamvu (yivuge).………7

**Ikibazo cya S4BQ12:** iki kibazo kigamije kumenya impamvu ubarurwa adafite telephone. Umukarani w’ibarura ahitamo ikirango kijyanye n’igisubizo ahawe. Igisubizo Aracyari muto/Ntiyemerewe gutunga Telefone gisubizwa gusa n’abari munsi y’imyaka 18.

| **S4BQ13** | | |
|---|---|---|
| **A. Ese [IZINA] afite mudasobwa?**<br>Yego……..1<br>Oya………2 | **B. Ese [IZINA] ashobora gukoresha mudasobwa neza?**<br>**NIBA S4AQ1=1, S4BQ4=2, S4BQ6=2 NA S4BQ7=2, UZUZA 2 UTAMUBAJIJE,**<br>**NIBA S4AQ1=2, S4BQ4=2, S4BQ6=2 NA S4BQ7=2, UZUZA 3 UTAMUBAJIJE**<br>Yego…………...1<br>Oya …………....2 ⇒ **S4BQ15**<br>Oya, ntiyize…...3<br>⇒ **Umuntu ukurikira** | **C. Ni inshuro zingahe [IZINA] yakoresheje mudasobwa mu mezi 3 ashize?**<br><br>Nta na rimwe…..…………………………………1⇒ **S4BQ15**<br>Buri munsi ……..……........................................................2<br>Nibura rimwe mu cyumweru............................................3<br>Nibura rimwe mu kwezi (ariko atari buri cyumweru)……..4<br>Nibura rimwe mu mezi atatu (ariko atari buri kwezi)...........5 |

**Ikibazo cya S4BQ13 (A, B, C):** iki kibazo kigamije kumenya niba ubarurwa atunze mudasobwa (**S4BQ13A**) kandi ashobora kuyikoresha bitamugoye (**S4BQ13B**). Aha, gukoresha mudasobwa neza bishaka kuvuga kumenya kwandika inyandiko, gukora imibare nibura. Niba ubarurwa yasubije “Yego”, umukarani w’ibarura amubaza incuro yakoresheje mudasobwa mu mezi atatu ashize (**S4BQ13C**) naho niba ubarurwa yasubije “Oya” ku kibazo cya **S4BQ13B**, ntabwo abazwa ikibazo cya **S4BQ13C** n’icya **S4BQ14**. Niba yagaragaje ko atigeze yiga “**Oya**, **ntiyize**”, umukarani ajya ku muntu ukurikira.

***Ibyitonderwa:***
*Niba ubarurwa yasubije "Yego" ku kibazo cya S4AQ1 (kugera mu ishuri) kandi yasubije "Oya" ku bibazo S4BQ4 (kumenya gusoma ibaruwa cg inyandiko ngufi, S4BQ6 (kwandika ibaruwa cyangwa inyandiko ngufi) na S4BQ7 (kumenya kubara yandika), umukarani w'ibarura yandika 2 "Oya" kuri iki kibazo cya* **S4BQ13B** *atamubajije.*
*Niba S4AQ1, S4BQ4, S4BQ6 na S4BQ7=2 "Oya", umukarani w'ibarura yandika 3 atamubajije.*

**IKIBAZO CYA S4BQ14 (S4BQ14A- S4BQ14I): KIREBA UWASUBIJE "Yego" Kuri S4BQ13B: ko ashobora gukoresha mudasobwa neza.**

**Ibibazo S4BQ14A- S4BQ14I**: ibi bibazo bigamije kumenya mu buryo bwimbitse ubushobozi bw'ubarurwa mu gukoresha mudasobwa ndetse n'urwego agezeho mu ikoranabuhanga.

Umukarani w'ibarura abaza niba mu mezi 3 ashize ubarurwa yarakoresheje mudasobwa mu buryo ubwo ari bwo bwose. Ubwo buryo bwo gukoresha mudasobwa bwashyizwe mu byiciro bikurikira:

- **S4BQ14A** : Gukoporora, kwimura dosiye cyangwa ububiko bw'amadosiye (Copying/moving file/folder).
- **S4BQ14B** : Gukoresha uburyo bwo gukoporora no komeka (Copy/Paste) cg kwimura inyandiko uyishyira mu wundi mwanya muri dokima (moving document) imwe.
- **S4BQ14C** : Kohereza imeli iriho imigereka nka videwo, amafoto… (Sending e-mail with attachment).
- **S4BQ14D** : Gukora imibare yoroheje ukoresheje mudasobwa (Basic arithmetic formula in a spreadsheet). Aha ni ukuvuga nko guteranya, gukuramo, kugabanya n'ubundi bumenyi bw'ibanze bwo gukora imihiriko muri porogaramu ya Excel cyangwa izindi porogaramu zifashishwa mu gukora imibare.
- **S4BQ14E** : Guhuza mudasobwa n'ibindi bikoresho (Connecting and installing new devices) nka modemu, kamera, printa n'ibindi. Aha bisobanuye gucomeka cg guhuza ibi bikoresho by'ikoranabuhanga na mudasobwa ugiye kubikoresha mu buryo butandukanye.
- **S4BQ14F** : Gushakisha, gukuraho no kwinjiza porogaramu muri mudasobwa (Finding, downloading, installing and configuring software). Aha ikigamijwe ni ukumenya niba ubarurwa yarigeze ashakisha haba kuri interineti cyangwa ahandi progaramu izo ari zo zose za mudasobwa. **Urugero:** izo kubara, izisukura mudasobwa, izikoreshwa mu kazi gatandukanye n'izindi.
- **S4BQ14G** : Gutegura inyandiko zerekanwa mu nama mu buryo bw'ikoranabuhanga (creating electronic presentation with presentation software) mu nyandiko, amashusho, amajwi, videwo …). Aha, ikigamijwe ni ukumenya niba ubazwa ajya yifashisha porogaramu za mudasobwa nka za pawa powenti (power point) cg izindi mu gutegura ibiganiro (amajwi, videwo, n'ibindi) cyangwa inyandiko zerekanwa mu nama.
- **S4BQ14H** : Kohereza amadosiye ava kuri mudasobwa ajya ku bindi bikoresho by'ikoranabuhanga (Transfering files between a computer and other devices) cyangwa ava ku bindi bikoresho ajya kuri mudasobwa. Aha ni ugushaka kumenya niba ubarurwa yarigeze avana amadosiye kuri mudasobwa ayashyira ku kindi gikoresho nka fulashi disike, telefoni igendanwa, kamera, n'ibindi.
- **S4BQ14I** : Kwandika porogaramu ya mudasobwa ukoresheje ururimi rw'ikoranabuhanga rwabigenewe (Writing a computer program). Hano ikigamijwe ni ukumenya niba ubarurwa ajya akoresha indimi zabugenewe mu guhanga za porogaramu zitandukanye kuri mudasobwa (programming languages) urugero nka JAVA, C++, PHP, PYTHON, MATLAB, n'izindi n'izindi.

Kuri buri kimwe cyose, igisubizo ni "yego" cyangwa "oya". Umukarani w'ibarura yandika ikirango kijyanye n'igisubizo ahawe.

***Icyitonderwa:*** *Mudasobwa ivugwa hano ni inini (Desktop computer) cg igendanwa (Laptop) ndetse na tablet. Ibindi bikoresho by'ikoranabuhanga bishobora kuba byakoreshwa umurimo nk'uwa mudasobwa byo ntibirebwa n'iki kibazo.*
***Urugero****: telefone, televiziyo zigezweho, ...*

**IBIBAZO BIBAZWA ABAGIZE URUGO BOSE BAFITE NIBURA IMYAKA 10 Y'AMAVUKO**

**Ibibazo S4BQ15-S4BQ21:** ibi bibazo bibazwa abagize urugo bose bafite nibura imyaka 10 y'amavuko. Bigamije kumenya niba ubarurwa yarigeze akoresha interineti kuri mudasobwa, kuri telefone, kuri tabuleti cyangwa ku kindi gikoresho mu mezi 3 ashize.

**S4BQ15: [IZINA] yigeze akoresha interineti kuri mudasobwa, telefone, tabuleti cyangwa ikindi gikoresho mu mezi 3 ashize?**

Yego…........1⇒ **S4BQ17**
Oya ………..2

Niba ubazwa yasubije "oya", umukarani w'ibarura amubaza impamvu atakoresheje interineti mu mezi 3 ashize (**Ikibazo cya S4BQ16**).

**S4BQ16: Ni iyihe mpamvu yatumye [IZINA] adakoresha interineti kuri mudasobwa, telefone, tabuleti cyangwa ikindi gikoresho mu mezi 3 ashize?**

Ntibimushishikaje……………………1
Birahenze…………………………..…2
Nta Mwanya/yari ahuze……………...3
Ntabwo azi interineti ………………4
Nta murongo wa interinet uhari…….5
Ibindi………………………………..6

Igisubizo cyose gitanzwe ku kibazo cya S4BQ16 umukarani w'ibarura ahita ajya ku muntu ukurikira

**S4BQ17: Ni inshuro zingahe [IZINA] yakoresheje interineti mu mezi 3 ashize?**

| | |
|---|---|
| Byibura rimwe mu munsi | 1 |
| Byibura rimwe mu cyumweru (ariko atari buri munsi) | 2 |
| Byibura rimwe mu kwezi (ariko atari buri cyumweru) | 3 |
| Byibura rimwe mu mezi atatu (ariko atari buri kwezi) | 4 |

Iki kibazo cya **S4BQ17** gisubizwa n'uwasubije "yego" ku kibazo cya **S4BQ15**, umukarani w'ibarura amubaza incuro yakoresheje interineti mu mezi 3 ashize.

**S4BQ18: Mu mezi atatu ashize, [IZINA] yigeze akoresha interineti mu gushaka amakuru kubijyanye n'imirimo akora?**

Yego…........1
Oya ………..2

Umukarani w'ibarura akomeza abaza niba mu mezi 3 ashize ubarurwa yarigeze akoresha interineti mu gushaka amakuru kubijyanye n'imirimo akora (**Ikibazo cya S4BQ18**)

**S4BQ19: Mu mezi atatu ashize, [IZINA] yigeze akoresha interineti mu gusoma cyangwa gukurura/gukura amakuru mu binyamakuru biri ku rubuga?**

Yego…........1
Oya ………..2

Niba yarigeze ayikoresha mu gusoma cyangwa gukura amakuru mu binyamakuru biri ku rubuga cyangwa se n'andi makuru atandukanye (**Ikibazo cya S4BQ19**).

**S4BQ20: Mu mezi atatu ashize, [IZINA] yigeze akoresha interineti kugirango abone amakuru yo mu butegetsi bwite bwa Leta cyangwa ibigo bya Leta?**

Yego…........1
Oya ………..2

Niba yarigeze ayikoresha kugirango abone amakuru yo mu butegetsi bwite bwa Leta cyangwa ibigo bya Leta (**Ikibazo cya S4BQ20**).

**S4BQ21: Mu mezi atatu ashize, [IZINA] yigeze akoresha interineti mu gushakisha amakuru ajyanye n'ubuzima/kwivuza?**

Yego…........1
Oya ………..2

Niba yarigeze ayikoresha mu gushakisha amakuru ajyanye n'ubuzima/kwivuza (**Ikibazo cya S4BQ21**). Kuri buri kibazo, umukarani w'ibarura yuzuza ikirango kijyanye n'igisubizo ahawe.

**Ibibazo S4BQ22- S4BQ26:** ibi bibazo bibazwa abagize urugo bose bafite nibura imyaka 10 y'amavuko.

**Ikibazo cya S4BQ22: Mu mezi 3 ashize, [IZINA] yigeze akoresha interineti ajya ku mbuga nkoranyambaga?**

Yego……....1
Oya .............2
Ntabizi……..3

Iki kibazo kigamije kumenya niba ubarurwa yarigeze akoresha interineti ajya ku mbuga nkoranyambaga mu mezi 3 ashize. Niba igisubizo ari "yego", umukarani w'ibarura akomeza amubaza niba ashobora cyangwa afite ubumenyi bw'ikoranabuhanga mu gukora bimwe mu bikorwa byatoranyijwe ku kibazo cya S4BQ23.

I**kibazo cya S4BQ23: IZINA] yaba ashobora cyangwa afite ubumenyi bw'ikoranabuhanga mu gukora ibi bikurikira? (Hitamo ibyo ashobora gukora)**

Yego .....................1
Oya .......................2

Muri ibi bintu bikurikira: A,B,C,D,E,F,G & H (Bigaragara ku mugereka w'urutonde rw'ibibazwa (Questionaire)), Umukarani w'ibarura agenda amubaza niba buri kintu ashobora kugikora, hanyuma agakanda ku gisubizo gihuye n'icyo ubarurwa ashobora gukora.

Ku **kibazo cya S4BQ25: Mu mezi 3 ashize, igihe kinini [IZINA] yakoresheje interineti ari he"…"?**

Niba ubarurwa yarakoresheje interineti, muri ibi bintu bikurikira: A,B,C,D,E,F,G & H (Bigaragara ku mugereka w'urutonde rw'ibibazwa (Questionaire)), umukarani w'ibarura abaza ubarurwa ahantu h'ingenzi akunda gukoreshereza interineti ari mu mezi atatu ashize, hanyuma agakanda igisubizo gihuye n'aho ubazwa yayikoreshereje.

**Ikibazo cya S4BQ26: Mu mezi 3 ashize, ni ubuhe bwoko bw’ingenzi bw’igikoresho cy’ikoranabuhanga [IZINA] yakoresheje ajya ku mbuga nkoranyambaga?**

Mudasobwa(Desktop/Laptop)…..….1
Simatifone(Smart Phone)………..…2
Ayipadi/tabureti(iPad/Tablet……..…3
Ubundi (buvuge)………………...…4

Iki kibazo kigamije kumenya ubwoko bw’igikoresho yifashishije ajya kuri interineti mu mezi atatu ashize.

**Icyitonderwa:** Ibibazo **S4BQ25 na S4BQ26** bibazwa abasubije **YEGO** ku kibazo **S4BQ22 (**ko bigeze bakoresha interineti)

### 3.6.IGIKA CYA V: Imiturire

**Intego:** Muri gahunda za Leta z'iterambere rirambye, imiturire ni imwe mu nkingi zitaweho na guverinoma kuko isanga ari bumwe mu buryo bwo gushyira mu bikorwa intego za gahunda z'iterambere rirambye (SDGs) na Gahunda ya Guverinoma y'imyaka 7 (NST1) aho u Rwanda rushyize imbere kuzamura imibereho myiza y'abaturage n'ubukungu bw'ingo. Imiturire ntibisobanura kugira icumbi byonyine; imiturire myiza igomba kurenga icumbi ryiza, hakarebwa niba abantu batuye mu buryo bwisanzuye kandi burambye, ko bashobora kubona mu buryo buboroheye ibyangombwa bikenerwa mu buzima bwa buri munsi nk'amazi akoreshwa mu rugo, ibikorwaremezo, amashanyarazi, ibicanwa, n'ibindi, ko nta ngaruka bashobora guhura na zo zitewe n'imiterere y'aho batuye.

**Ibikubiye muri iki gika**

Iki gika kigamije kugaragaza ibi bikurikira:

- Uburyo bw'imiturire mu gace urugo ruherereyemo;
- Uburyo inzu zituwemo n'imiterere yazo;
- Amafaranga y'ubukode atangwa ku nzu ingo zibarurwa zituyemo (izikodesha);
- Isuku n'isukura mu ngo no kurengera ibidukikije;
- Kugira amashanyarazi afatiye ku miyoboro ya REG cg imirasire y'izuba
- Ingufu zikoreshwa mu guteka no kubonesha mu ngo;
- Ibikoresho byubatse inzu ingo zibarurwa zituyemo;
- Uburyo ingo zibungabunga ibidukikije;
- Ibibazo bidasanzwe ingo zahuye na byo n'uburyo zabyitwayemo;
- Kwegera ibikorwa remezo na serivisi nkenerwa mu gace ingo zituyemo.

**Ibisobanuro by'amagambo akoreshwa muri iki gika**

**Imiturire:** Ni uburyo abantu batuye burangwa n'uko inyubako zituwemo zegeranye cyangwa zitatanye, ingano n'imiterere y'ahatuwe n'imitunganyirize yaho mu bijyanye n'ibikorwa remezo.

**Umudugudu usanzwe:** Ni uburyo bw'imiturire aho usanga inzu zubatse ahantu hamwe bigendeye kuri gahunda/politique ya Leta yo gutuza abantu ahantu hamwe, kugira ngo babashe kubagezaho ibikorwa remezo mu buryo bworoshye. Ubu buryo bw'imiturire, bukunze kugaragara mu bice by'icyaro, no mu bice bimwe na bimwe by'uturere tw'imijyi dusa n'ibice by'icyaro.

**Umudugudu w'icyitegererezo:** Ni uburyo bw'imiturire aho usanga inzu zubatswe mu buryo bukomatanyije hagamijwe: gutuza abantu ahantu heza, kubagezaho ibikorwa remezo mu buryo bworoshye no kurondereza/kugabanya ubutaka bushyirwaho inyubako. Ahenshi usanga ubu buryo bw'imiturire bwubakwa na leta.

**Urugero:** Inzu zubatswe mu buryo bwa **2 in 1** (Ingo 2 ziba mu nzu 1 ikomatanyije), **4 in 1** (Ingo 4 ziba mu nzu 1 ikomatanyije) ndetse n'**amagorofa** (Ingo myinshi ziba mu nyubako z'amagorofa).

**Urusisiro:** Ni uburyo bw'imiturire aho usanga inzu zubatswe ahantu hamwe, abazituyemo bakaba bafite ikintu/ibintu bibahuje nk'akazi cg umushinga runaka. Si ngombwa ko aho hantu haba hatunganyijwe cyangwa se hafite igishushanyo mbonera.

**Urugero: -** Urusisiro rwa ISAR (Aho usanga ISAR yarubatse inzu abakozi bayo babamo),
- Insisiro muri payzana, etc.

**Uburyo bwitaruye mu cyaro**: Ni uburyo bw'imiturire yo mu bice by'icyaro, aho usanga inzu zubatse mu buryo butatanye (ugasanga inzu 1 iri mu kabande, indi ukayisanga mu mpinga y'umusozi indi ukayisanga mu rubavu rw'umusozi mu buryo butatanye).

**Uburyo bwa kadasitere (bukurikije igishushanyombonera)**: Ni uburyo bw'imiturire aho usanga inzu zubatse ku muhanda, mu bibanza byateganyijwe hubahirizwa amabwiriza y'imyubakire n' imiturire mu gace runaka.

**Akajagari ko mu mijyi**: Ni uburyo bw'imiturire yo mu mijyi, aho usanga inzu zubatswe mu buryo bucucitse kandi butubahirije amabwiriza y'imyubakire mu mijyi/ butubahirije igishushanyo mbonera;

**Akajagari mu cyaro:** Ni uburyo bw'imiturire yo mu cyaro, aho usanga inzu zubatswe ahantu hamwe mu buryo bucucitse, kuburyo bigoranye kuba bahageza ibikorwa remezo mu gihe byaba bibaye ngombwa.

**Inzu ituwe:** Ni inyubako yagenewe guturwamo cyangwa gukorerwamo ikindi kintu ariko ikaba ituwe.

**Igipangu:** Ni inzu imwe cg amazu menshi (ari mu rupangu rumwe rwubatse cg rutubatse) atuwe n'ingo nyinshi cyangwa rumwe.

**Nayikondo:** Ni ivomero ryubakiye rikurura amazi aturutse ikuzimu/mu butaka hakoreshejwe pompe. Kurivomeraho bisaba gupompa hakoreshejwe imbaraga z'amaboko kugirango amazi azamuke.

**Iriba:** Ni ivomero ry'amazi ava ikuzimu mu mwobo wacukuwe akazamuka hakoreshejwe imbaraga z'umuntu. Kurivomeraho bisaba koherezamo ikivomesho kiziritse ku mugozi cg ikindi kintu, hanyuma bakadaha amazi, barangiza bakayazamura. Hari ubwoko 2 bw'amariba tugomba gusobanukirwa: ***Iriba ritunganyije*** n'***iriba ridatunganyije***.

- ***Iriba ritunganyijwe:*** Tuvuga ko iriba ritunganyije, igihe ***ryubakiye neza*** (***rizengurutswe n'uruzitiro***) ndetse hamwe na hamwe ***ripfundikiye***, ku buryo amazi ntaho ahurira n'imyanda yo hanze ishobora guturuka ku matungo, abantu, cg ahandi.
- ***Iriba ridatunganyijwe:*** Tuvuga ko iriba ridatunganyije, iyo ritubahirije ibyavuzwe dusobanura iriba riatunganyije.

**Isoko/kano:** Ni ivomero ry'amazi avomwa akiva mu butaka, akenshi ayo mazi aba apfupfunuka mu musozi kandi ntafungwa, kuko ahora ameneka. Hari ubwoko 2 bw'amasoko tugomba gusobanukirwa: ***Isoko itunganyije*** n'***isoko idatunganyije.***

- ***Isoko itunganyije:*** Tuvuga ko isoko itunganyije, igihe ***yubakiye neza hakoreshejwe isima*** na ***beto*** ndetse barashyizeho n'***amatiyo asohora amazi***, ku buryo amazi ntaho ahurira n'imyanda yo hanze.

- ***Isoko idatunganyije:*** Tuvuga ko isoko idatunganyije igihe iba ***itubakiye***, kuburyo ***amazi ashobora guhura n'imyanda yo hanze*** ishobora guturuka ku matungo cg ahandi. Ndetse n'igihe cyo kuvoma usanga abaturage birwanaho bagashyiraho ibivovo cg amakoma y'insina kugirango babashe kuvoma.

**Amazi mvaruganda**: Ni amazi atunganyirizwa mu nganda agashyirwa mu macupa cg mu bindi bikoresho bishobora kuyabika. **Urugero**: Amazi ya Jibu, Nil, Inyange, akandi, ...

**Amazi y'imvura**: Ni amazi aretswe aturutse ku gisenge cy'inzu.

**Amazi azanwa n'ikamyo ya tanki**: Ubu buryo bukunze kugaragara mu bice bimwe nabimwe bidafite amazi, cyane cyane mu migi aho usanga amakamyo yagenewe gutwara amazi aza mu ma quartier azanye amazi kugira ngo abahatuye babashe kuvoma.

**Ikinamba:** Ni amazi aretse mu gishanga kandi ahoraho;

**Amazi adendeje:** Ni amazi areka mu gihe cy'imvura gusa;

**Umusarane utinze:** Tuvuga ko umusarane utinze igihe umwobo wagenewe kubika cg kujyamo inyanda ***ushasheho/woroshweho/utwikirijweho*** ibikoresho bitandukanye (ibiti, ibiti n’itaka, beto, ...) kuburyo ***imyanda yohasi udashobora kuyibona*** n’amaso kandi ntaho ishobora guhurira n’ugiye gukoresha umusarane.

**Umusarane udatinze:** Tuvuga ko umusarane udatinze igihe umwobo wagenewe kujyamo inyanda ***urangaye*** cg se ***ushasheho/utwikirijweho*** ibiti cg ibindi bikoresho bishobora kwifashishwa mu gutinda umusarane ***ariko ya myanda yo hasi ukaba ushobora kuyibona n’amaso***; ku buryo rimwe na rimwe twadusimba two hasi tuzamuka mu buryo bworoshye tukaza hejuru.

**Umuhanda ukoreshwa igihe cyose**: Ni umuhanda ushobora kunyurwamo n’ibinyabiziga hatagendewe ku bikoresho biwubatse cg kuba ukoreshwa mu gihe cy’imvura cg cy’impeshyi. Mu yandi magambo, ni umuhanda ushobora gukoreshwa n’urugo mu kugeza umusaruro ku masoko, kugeza umurwayi kwa muganga cg kugeza imizigo iremereye mu rugo hifashishijwe ibinyabiziga.

**Ivomero ry’amazi meza/amazi yo kunywa**: Ni ivomero rifatwa nk’igikorwaremezo akenshi riba ryarashyizweho n’ikigo cy’igihugu gishinzwe gutunganya no gukwirakwiza amazi mu baturarwanda cg n’abandi (abigenga, imishinga,...) bose batanga serivice zo gutunganya no gukwirakwiza amazi meza mu banyagihugu. Iryo vomero rigomba kuba ritanga amazi meza, asukuye ku buryo adashobora kugira ingaruka/guteza uburwayi abayanyoye kandi rigomba kuba ryubakiye ku buryo amazi arivamo ntaho ahurira n’imyanda yo hanze ishobora guturuka ku matungo, abantu, cg ahandi.

***Urugero****: Robine rusange, Nayikondo, isoko yubakiwe.*

**Ibitaro by’akarere k’ubuzima** ni ibitaro ikigo nderabuzima cyemerewe koherezayo abarwayi igihe hakenewe ubuvuzi bwisumbuye ku butangwa n’icyo kigo nderabuzima gikoreshwa n’urugo. Byaba byiza umuyobozi w’ikipe abajije umujyanama w’ubuzima mu mudugudu watoranyijwe ibyo bitaro akabimenyesha abakarani b’ibarura mu karere.

**UKO BYUZUZWA**
**IGICE A:Ibyerekeye inzu babamo n’uburyo bayibamo**

**<u>Ikibazo cya 1</u>: Uburyo bw’imiturire mu gace urugo ruherereyemo**

Iki kibazo (**<u>S5AQ1</u>**) kibazwa ingo zose, kandi kigamije kumenya amakuru y’uburyo bw’imiturire mu gace urugo rubarurwa ruherereyemo. Kuri iki kibazo, umukarani w’ibarura ashobora kugisubiza we ubwe atakibajije, cyangwa agendeye uko abona imiturire y’urugo agiye kubarura imeze, cyangwa se agendeye ku bisobanuro byatanzwe m’ubusobanuro bw’amagambo akoreshwa muri iki gika arebana n’iby’imiturire. Ariko hari aho bishobora kugorana, cyane cyane nko mu cyaro, aho usanga ingo zituye zegerenye mu gapande k’ibarura, ku buryo umukarani wibarura, ashobora kwitiranya uburyo bw’imiturire (nk’***umudugudu*** cg ***urusisiro***). Icyo gihe biba ngombwa ko asobanuza abahatuye cg abayobozi bo munzego zibanze, kugira ngo amenye neza uburyo bw’imiturire y’urwo rugo agiye kubarura. Iki kibazo (**<u>S5AQ1</u>**) kibazwa muri ubu buryo:

**Uburyo bw’imiturire mu gace urugo ruherereyemo ni ubuhe?**

Umudugudu usanzwe ............................1
Umudugudu w'icyitegererezo ...............2
Uburyo bwitaruye mu cyaro .................3
Uburyo bwa kadasitere
(bukurikije igishushanyombonera) ..............4
Akajagari ....................................................5
Ubundi buryo bw’imiturire, (Kubuvuga).....6

**<u>Ikibazo cya 2</u>: Uburyo inzu ituwemo**

Iki kibazo kigamije kumenya uko inzu iteye n'uburyo ituwemo. Umukarani w'ibarura aba yabonye niba ari igorofa, igipangu cyangwa inzu isanzwe. Icyo abaza ni uburyo iyo nzu ituwemo ni ukuvuga niba urugo rubarurwa rutuye muri iyo nzu rwonyine cyangwa ruyihuriyeho n'izindi ngo. Nk'uko bigargara k'urutonde rw'ibibazwa, iki kibazo (**S5AQ2**) gifite ibisubizo 7 byateganijwe kandi kibazwa muri ubu buryo:

**Iyi nzu/Igorofa/Igipangu ituwe ite?**

Inzu ituwemo n'urugo rumwe....................1
Inzu ituwemo n'ingo nyinshi....................2
Igorofa ituwe n'urugo rumwe....................3
Igorofa ituwe n'ingo nyinshi.....................4
Amazu menshi mu rupangu atuwemo n'urugo rumwe.......................5
Amazu menshi mu rupangu atuwemo n'ingo nyinshi…......................6
Ubundi buryo bw'imiterere y'inzu, (Kubuvuga)............................................7

**Ikibazo cya 3: Umubare w'ibyumba byo kuraramo**

Iki kibazo (**S5AQ3**) kibazwa ingo zose, kandi kigamije kumenya umubare w'ibyumba byagenewe kurarwamo by'inzu urugo rubarurwa rutuyemo, hongewemo ibyumba bararamo mu mazu yo hanze (annexes) mu gihe bihari. Iki kibazo kibazwa muri ubu buryo:

**Inzu urugo rwanyu rutuyemo ifite ibyumba bingahe byo kuraramo?**

***Icyitonderwa:*** *Ibyumba birarwamo biri hanze y'inzu (annexes) nabyo bibarwa ku kibazo cya 3.*

**Ibibazo 4-6**: Ibi bibazo bibazwa ingo zose, kdi bigamije kumenya igihe urugo rumaze mu nzu n'impamvu rwaba rwarimutse**.** Ikibazo **S5AQ4** kibaza igihe urugo rumaze ruba muri iyo nzu (imyaka n'amezi), kibazwa muri ubu buryo:

**Urugo rwanyu rumaze igihe kingana iki rutuye muri iyi nzu?**

**Ikibazo cya 5** (**S5AQ5**) kigamije kumenya niba hari indi nzu urwo rugo rwabayemo mbere yo gutura mu yo rubarurirwamo. Ikibazo kibazwa muri ubu buryo:

**Hari indi nzu urugo rwanyu rwabayemo mbere yo kuza gutura muri iyi ?**

Yego....1
Oya......2 ⇒**Q7**

Niba nta yindi nzu urugo rwabayemo mbere (igisubizo ari "Oya"), umukarani w'ibarura ajya ku kibazo cya 7. Niba hari indi nzu rwabayemo mbere yo gutura mu yo rubarurirwamo (igisubizo ari "Yego"), umukarani abaza impamvu y'ingenzi yatumye urugo ruyivamo aricyo kibazo cya 6 **(S5AQ6**) kibazwa muri ubu buryo:

**Ni iyihe mpamvu y'[INGENZI] yatumye mwimuka mu nzu mwarimo mukaza gutura muri iyi?**

Politiki yo gutuza abantu......................01
Guhungishwa ibiza...............................02
Kujya mu nzu irushijeho kuba nziza....03
Kubaka/kugura inzu yacu bwite...........04
Igiciro cyo gukodesha...........................05
Gutura aharushijeho kuba heza............06
Kwegera akazi...................................07
Kuvanwa mu nzu ku gahato na nyir'inzu/ababyeyi……………....08
Gutahuka............................................09
Indi mpamvu, (kuyivuga)....................10

<u>Ibibazo 7-8</u>: **Ibi bibazo bibazwa ingo zose kdi bigamije kumenya Nyiri inzu n'uburyo urugo ruyibamo.** Umukarani w'ibarura abaza Nyir'urugo cg umuhagarariye nyiri iyo nzu urugo rwabo rutuyemo, aricyo **<u>kibazo cya 7</u> (S5AQ7**) kibazwa muri ubu buryo:

**Iyi nzu mutuyemo ni iya nde ?**

Nyir'urugo (HH)................................1
Uwashakanye na HH.........................2
HH n'uwo bashakanye.......................3
Undi muntu mu bagize urugo............4
Undi muntu ufitanye isano na HH.....5
Undi muntu udafitanye isano na HH…..6
Leta........................................................7
Ikigo cyigenga.......................................8
Undi, (kumuvuga)...................................9

**<u>Iki kibazo cya 8</u>** (**S5AQ8**) kigamije kumenya uburyo urugo rubarurwa, rubaye mu nzu rutuyemo. Aha hakenewe kumenya niba, urugo rubarurwa rutuye mu nzu yarwo, rukodesha cg ruyibamo mu bundi buryo nkuko bigaragara mu bisubizo byateganyijwe kuri iki kibazo, kibazwa muri ubu buryo:

**Iyi nzu muyibamo mu buhe buryo?**

Nyirayo .......................................1 => **Igice.B Q1**
Gukodesha ..................................2 => **Igice.B Q3**
Gucumbikirwa n'umukoresha......3 => **Igice.B Q2**
Icumbi twaboneye ubuntu..............4 => **Igice.B Q2**
Icumbi ry'igihe gito/ Ubuhungiro...5 => **Igice.B Q2**
Ubundi buryo (kubuvuga)..............6 => **Igice.B Q2**

Niba Nyir'urugo ari na we nyiri iyo nzu, umukarani w'ibarura ajya ku gice B, ikibazo cya 1. Niba bayikodesha, ajya ku gice B, ikibazo cya 3. Uretse uwashubije ko ari nyirayo (igisubizo 1) cyangwa ko akodesha (igisubizo 2), abandi bose bajya ku gice B, ikibazo cya 2.

**IGICE B: Amafaranga atangwa ku nzu/icumbi**

**<u>Ikibazo cya 1</u>: Agaciro k'inzu ituwemo**

Ikibazo cya 1 (**S5BQ1**) kibazwa ingo zituye mu nzu zazo zonyine (izasubije 1 kuri S5AQ8). Iki kibazo kigamije kumenya agaciro (mu mafaranga) k'iyo nzu urugo rutuyemo kur'ubu (mu gihe urugo ruri kubazwa). Umukarani w'ibarura agomba gufasha umuntu usubiza kumva ko inzu itagiye kugurishwa ko ari ukuyiha agaciro hakurikijwe uko amazu agurishwa mu gace urugo rubarurwa ruherereyemo. Iki kibazo kibazwa muri ubu buryo:

**Kuri ubu inzu yanyu mwayiha akahe gaciro mu mafaranga?**

**<u>Ikibazo cya 2</u>: Agaciro k'ubukode bw'inzu urugo rutuyemo**

Iki kibazo kigamije guha agaciro k'ubukode inzu ituwemo n'urugo mu buryo butari ubukode. Iki kibazo (**S5BQ2**) kibazwa ingo zose uretse izasubije ko zikodesha ku kibazo cya S5AQ8. Izo ngo ni izituye mu nzu zazo bwite, izicumbikirwa n'umukoresha, izituye mu nzu zaboneye ubuntu, mu nzu y'icumbi ry'igihe gito, .... Iki kibazo kibazwa muri ubu buryo:

**Iyaba iyi nzu yanyu yakodeshwaga, yatangwaho amafaranga angahe (Ku kwezi cyangwa ku gihembwe)?**

***<u>Icyitonderwa</u>:***

- *Mu gihe urugo rwasubije ko ruba mu nzu yarwo ku kibazo cya 8 mu gice A (S5AQ8=1), umukarani w'ibarura abaza iki kibazo (S5BQ2) agahita ajya ku kibazo cya S5BQ7.*
- *Mu gihe urugo rwasubije kimwe mu bisubizo kuva kuri 3 kugeza kuri 6 mu gice A (S5AQ8=3-6), umukarani w'ibarura abaza iki kibazo (S5BQ2) agahita ajya ku kibazo cya S5BQ 6.*

<u>Ibibazo 3-5</u>: Ibi bibazo bibazwa ingo zikodesha zonyine. **Ikibazo cya 3** (**S5BQ3**) kigamije kumenya amafaranga atangwa n'urugo ku bukode bw'inzu rutuyemo n'igihe atangirwa. Iki kibazo kibazwa muri ubu buryo:

**Kurubu, urugo rwanyu rutanga amafaranga angahe y'ubukode?**

***Icyitonderwa:*** *Mu gihe haba hari undi muntu utari uwo muri urwo rugo ubarihira ubukode bw'inzu, ayo mafaranga nayo agomba kugaragara kukibazo cya 3.*

**Ikibazo cya 4** (**S5BQ4**) kigamije kumenya niba hari ibindi bintu urugo rutanga bitari amafaranga ku bukode bw'inzu kandi kibazwa muri ubu buryo:

**Urugo rwanyu rwaba rutanga ibindi bintu bitari amafaranga ku bukode bw'iyi nzu?**

Yego...1

Oya.....2 **=>Q6**

Niba igisubizo ari "oya", umukarani w'ibarura ajya ku kibazo cya 6 (S5BQ6). Niba ari "yego", abaza agaciro (mu mafaranga) k'ibyo bintu urugo rutanga ku bukode bw'inzu n'igihe babitangiramo, aricyo kibazo cya 5 (**S5BQ5**) kibazwa muri ubu buryo:

__Ikibazo cya 5__(S5BQ5): **Ibyo bintu bindi mutanga ku bukode bw'iyi nzu bifite agaciro kangana iki mu mafaranga?** Umukarani w'ibarura ahitamo igisubizo gihuye n'icyo ahawe n'uwo barimo kuganira

__Ikibazo cya 6__: **Kugira/gutunga inzu yo guturwamo ku ngo zidatuye mu nzu zazo**

Ikibazo cya 6 (**S5BQ6**) kibazwa ingo zose uretse izituye mu nzu zazo (izasubije 1 ku kibazo cya S5AQ8 mu gice A). Iki kibazo kigamije kandi kumenya niba urugo rubarurwa rufite inzu yo guturwamo mu mudugudu cg ahandi aho ariho hose mu gihugu. Kibazwa muri ubu buryo:

**Urugo rwanyu rufite inzu yo guturwamo muri uyu mudugudu cg ahandi?**

Yego.....1

Oya.......2 **=> S5CQ1**

Iyo urugo rusubije ko nta nzu yo guturwamo rufite, umukarani w'ibarura ajya ku kibazo cya 1 ku gice C. Mu gihe rusubije ko ruyifite, abaza ikibazo cya 7 (S5BQ7).

__Ikibazo cya 7__: I**gihe urugo rwaboneye inzu (umwaka)**

Iki kibazo (**S5BQ7**) kibazwa ingo zifite nibura inzu yo guturwamo kandi kigamije kumenya igihe iyo nzu bayiboneye (umwaka). Kibazwa muri ubu buryo:

**Iyo nzu mwayibonye muwuhe mwaka?**

__Ikibazo cya 8__: **Agaciro ki nzu (mu mafaranga) igihe bayibonaga**

Iki kibazo (**S5BQ8**) kibazwa ingo zifite nibura inzu yo guturwamo kandi kigamije kumenya agaciro mu mafaranga iyo nzu yari ifite igihe bayibonaga. Kibazwa muri ubu buryo:

**Iyo nzu yari ifite agaciro kangana gute igihe mwayibonaga?**

__Ikibazo cya 9__: **Uburyo urugo rwabonyemo inzu yo guturwamo**

Iki kibazo (**S5BQ9**) kibazwa ingo zifite nibura inzu yo guturwamo kandi kigamije kumenya uburyo iyo nzu bayibonyemo. Kugira ngo iki kibazo cyumvikane neza, umukarani w'ibarura yifashisha zimwe mu ngero zibisubizo byateganyijwe kuri iki kibazo, abaza niba urugo rwarabonye iyo nzu ruyiguze, ruyubatse, ari umurage, ...... Kibazwa muri ubu buryo:

**Iyo nzu mwayibonye mu buhe buryo?**

Kuyigura...............................1

Kuyubaka.............................2

Umurage w' ababyeyi..........3

Impano................................4

Ingurane..............................5

Ubundi buryo, (buvuge)......6

***Icyitonderwa:***

- *Mu gihe urugo rubazwa rufite inzu nyinshi (zirenze imwe) zo guturwamo ariko nta n'imwe rutuyemo, amakuru atangwa kuva ku kibazo cya S5BQ7 kugeza kucya S5BQ9 ni ajyanye n'inzu urugo rufata ko ari ingenzi.*
- *Mu gihe urugo rubazwa rufite inzu nyinshi (zirenze imwe) zo guturwamo ariko rutuye muri imwe muri zo, amakuru atangwa kuva ku kibazo cya S5BQ7 kugeza ku cya S5BQ9 ni ajyanye n'inzu urugo rubazwa rutuyemo.*

**IGICE C: Isuku n'isukura mu ngo no kurengera ibidukikije**

**Ibibazo 1-8**: Ibi bibazo bibazwa ingo zose kandi bigamije kumenya amakuru ajyanye n'aho urugo rukura amazi akoreshwa mu buzima bwa buri munsi bw'abagize urugo (Kumesa, guteka, gukaraba, ...), amazi anyobwa n'abagize urugo, intera iri hagati y'urugo n'aho bayavoma n'igihe gikoreshwa mu rugendo habariwemo igihe cyo kugenda, kuvoma no kugaruka.

**Ikibazo cya 1** (**S5CQ1**) kigamije kumenya aho urugo ruvoma amazi akoreshwa mu buzima bwa buri munsi bw'abagize urugo (gukora amasuku, kunywa, ...). Mu gihe urugo rufite ***robine mu nzu cg mu rugo/gipangu***, umukarani w'ibarura akanda igisubizo kijyanye n'igisubizo ahawe akajya kubaza ikibazo cya 3. Niba urugo ruyavana ahandi, umukarani w'ibarura azakanda igisubizo ahawe kijyanye n'aho urugo ruvoma amazi akoreshwa mu buzima bwa buri munsi, agakomeza abaza ikibazo gikurikira cya 2. Iki kibazo (**S5CQ1**) kibazwa muri ubu buryo:

**Ni hehe h'[INGENZI] urugo rwanyu rukura amazi akoreshwa mu mirimo yo mu rugo nko guteka, gukaraba cg kumesa?**

Robine iri mu nzu.......................01 => **Q3**
Robine iri mu rugo......................02 => **Q3**
Robine yo mu baturanyi.............03
Robine rusange...........................04
Ipompo cg nayikondo.................05
Isoko/kano itunganyijwe.............06
Isoko idatunganyijwe..................07
Iriba ritunganyijwe......................08
Iriba ridatunganyijwe..............................09
Amazi y'imvura.....................................10
Amazi azanwa n'ikamyo ya tanki...........11
Umugezi/amazi atemba/umuvumba/
umuyoboro wo kuvomerera imirima.......12
Ikiyaga/ikinamba/amazi aretse................13
Ahandi, (kuhavuga).................................14

**Ikibazo cya 2** gikubiyemo ibibazo bibiri **S5CQ2A** & **S5CQ2B** bigamije kumenya ***intera*** (muri metero) iri hagati y'aho urugo rutuye n'aho ruvoma amazi akoreshwa (S5CQ2A) *n'**igihe*** (mu minota) gikoreshwa mu kujya kuri iryo vomero, kuvoma no kugaruka ((S5CQ2B). Kibazwa muri ubu buryo:

**Hagati y'aho mutuye n'aho mukura amazi akoreshwa mu mirimo yo mu rugo hari intera ingana gute kandi mukoresha igihe kingana gute (kugenda, kuvoma no kugaruka) ?**

**Intera muri (m) / Igihe mu minota**

| Intera muri (m) | Igihe mu minota |
|---|---|
| | |

**Ikibazo cya 3** (**S5CQ3**) kigamije kumenya amakuru arebana n'ivomero ry'ingenzi urugo ruvomaho amazi anyobwa n'abagize urugo. Iyo urugo rukoresha robine iri mu nzu cg mu rugo/igipangu nk'amazi yo kunywa, umukarani w'ibarura ahita ajya ku kibazo cya 8. Iyo rukoresha amazi mvaruganda (S5CQ3=14) kandi igisubizo ku kibazo cya 1 ari 01 cg 02 (S5CQ1=01 cg 02), umukarani w'ibarura ajya ku kibazo cya 8. Iyo rukoresha amazi mvaruganda

(S5CQ3=14) kandi igisubizo ku kibazo cya 1 ari ikindi kitari robine iri mu nzu cg mu rugo (S5CQ1=03-14), umukarani w'ibarura ajya ku kibazo cya 6. Iyo urugo rukura amazi yo kunywa ahandi hatari robine iri mu nzu cg robine mu rugo cg rudakoresha amazi mvaruganda, umukarani w'ibarura akomeza abaza ikibazo cya 4. Iki kibazo (**S5CQ3**) kibazwa muri ubu buryo:

**Ni hehe h'[INGENZI] mukura amazi anyobwa n'abo muri uru rugo?**

Robine iri mu nzu.................................01 => **Q8**
Robine iri mu rugo.................................02 => **Q8**
Robine yo mu baturanyi..........................03
Robine rusange......................................04
Ipompo cg nayikondo............................05
Isoko/kano itunganyijwe.........................06
Isoko idatunganyijwe.............................07
Iriba ritunganyijwe.................................08
Iriba ridatunganyijwe.............................09
Amazi y'imvura...................................10
Amazi azanwa n'ikamyo ya tanki.........11
Umugezi/amazi atemba/umuvumba/
umuyoboro wo kuvomerera imirima.....12
Ikiyaga/ikinamba/amazi aretse.............13
Amazi mvaruganda ....................................14,
**Niba S5CQ1=1 cg 2 =>S5CQ8; S5CQ1=03-14=> S5CQ6**
Ahandi (kuhavuga)................................15

**<u>Ikibazo cya 4</u>** gikubiyemo ibibazo bibiri **S5CQ4A** & **S5CQ4B** bigamije kumenya ***intera*** (muri metero) iri hagati y'aho urugo rutuye n'aho ruvoma amazi yo kunywa (S5CQ4A) n'***igihe*** (mu minota) gikoreshwa mu kujya kuri iryo vomero, kuvoma no kugaruka ((S5CQ4B). Kibazwa muri ubu buryo:

**Hagati y'aho mutuye n'aho mukura amazi yo kunywa mu rugo rwanyu hari intera ingana gute kandi mukoresha igihe kingana gute (kugenda, kuvoma no kugaruka) ?**

**Intera muri (m) / Igihe mu minota**

| | |
|---|---|
| | |

**<u>Ikibazo cya 5</u>** (**S5CQ5**) kigamije kumenya niba ivomero urugo rwavuze ko rukuraho amazi yo kunywa ari ryo ribegereye ugereranyije n'andi mavomero ari mu gace rutuyemo. Niba igisubizo ari "Yego", umukarani w'ibarura ahita ajya kubaza ikibazo cya 8. Niba ari "Oya", akomeza abaza ikibazo cya 6. Iki kibazo (**S5CQ5**) kibazwa muri ubu buryo:

**Aho mukura amazi yo kunywa ni ho habegereye kurusha andi mavomero y'amazi yo kunywa ?**

Yego.....1 ⇒ **Q8**
Oya…...2

**<u>Ikibazo cya 6</u>** nacyo gikubiyemo ibibazo bibiri **S5CQ6A** & **S5CQ6B** bigamije kumenya amakuru arebana n' ivomero ry'amazi yo kunywa ribegereye badakoresha (S5CQ6A) n'intera (muri metero) iri hagati y'urugo rwabo n'iryo vomero (S5CQ6B). Mu gusubiza iki kibazo hazifashishwa ibisubizo byateganyijwe ku kibazo cya S5CQ1. Iki kibazo (**S5CQ6**) kibazwa muri ubu buryo:

**Ivomero ry'amazi yo kunywa ribegereye mudakoresha ni irihe, kandi kurigeraho uvuye kurugo rwanyu hari intera ingana gute?**

**<u>Ikibazo cya 7</u>** (**S5CQ7**) kibazwa ingo zose zagaragaje ko zidakoresha ivomero ry'amazi yo kunywa ribegereye kdi kigamije kumenya impamvu y'ingenzi ituma urugo rudakoresha iryo vomero ry'amazi yo kunywa ribegereye. Igisubizo cyose gitanzwe kuri iki kibazo (**S5CQ7**), umukarani w'ibarura akomeza ikiganiro abaza ikibazo gikurikiye ho cya 8. Iki kibazo (**S5CQ7**) kibazwa muri ubu buryo:

**Ni iyihe mpamvu y' [INGENZI] ituma mudakoresha iryo vomero ry'amazi yo kunywa ribegereye?**

Rirahenda cyane..................1
Amazi yaho si meza...........2
Hateye nabi.........................3
Ntabwo rikora....................4
Rikora nabi..........................5
Haba umurongo munini.......6
Indi mpamvu, (kuyivuga).....7

⇨ **S5CQ10**

**Ikibazo cya 8** (**S5CQ8**) kibazwa ingo zose kandi kigamije kumenya niba, mu byumweru 4 bishize, hari igihe urugo rwaba rwabuze amazi ahagije igihe yari akenewe. Ingo zagaragaje ko zikoresha amazi ya robine yo mu nzu cg mu gipangu ku kibazo cya S5CQ1 cg S5CQ3 zikomeza zibazwa ikibazo cya S5CQ9 kibaza amafaranga urugo rwishyuye kuri fagitire y'amazi ruheruka kubona. Naho ingo zizaba zagaragaje ko zidakoresha amazi ya robine yo mu nzu cg mu gipangu ku kibazo cya S5CQ1 n'icya S5CQ3 zihita zijya kubazwa ikibazo cya S5CQ10 kibaza niba, urugo rwaraguze amazi ku bandi bantu bagurisha amazi. Iki kibazo (**S5CQ8**) kibazwa muri ubu buryo:

**Mu byumweru 4 bishize haba hari igihe urugo rwanyu rwaba rwarabuze amazi (ya robine) ahagije mu gihe yari akenewe?**

Yego, nibura incuro imwe…..1
Oya, burigihe aba ahagije…...2
Ntibabizi................................3

Niba **Q1 = (01-02)** cg **Q3 = (01-02) => Q9**;

Ibindi bisubizo kuri **Q1** & **Q3 => Q10**;

**Ikibazo cya 9** gikubiyemo ibibazo bibiri **S5CQ9A** & **S5CQ9B** bigamije kumenya amafaranga urugo rwatanze kuri fagitire y'amazi ruheruka kubona (S5CQ9A) n'umubare w'amezi yishyuwe (**S5CQ9B**). Umukarani w'ibarura agomba gusomera uwo baganira ibwiriza rijyanye n'iki kibazo **"*Niba muyifatanyije n'izindi ngo, vuga umugabane w'urugo rwanyu rwonyine*"**. Iki kibazo (**S5CQ9**) kibazwa muri ubu buryo:

**Fagitiri muheruka kubona y'amazi ya WASAC cyangwa y'ibindi bigo bigurisha amazi iriho amafaranga angahe y'igihe kingana iki?**

**Iamafaranga (Rwf) / Igihe (Amezi)**

| | |
|---|---|
| | |

***Icyitonderwa***: *Niba amafaranga y'amazi abarirwa mu yishyurwa ku bukode bw'inzu (ku ngo zikodesha) kandi badashobora kuyatandukanya, umukarani w'ibarura yandika "0" ahagenewe kwandikwa umubare w'amafaranga.*
***Kongeramo icyitonderwa 2:***

**Ibibazo 10-14**: Ibi bibazo bibazwa ingo zose. **Ikibazo cya 10 (S5CQ10)** kigamije kumenya niba urugo rwaraguze amazi ku bandi bantu bagurisha amazi mu minsi 7 ishize. Mu gihe urugo rutayaguze, umukarani w'ibarura ajya kubaza ikibazo cya 12, mu gihe rwayaguze abaza ikibazo cya 11. Iki kibazo (**S5CQ10**) kibazwa muri ubu buryo:

**Mu minsi 7 ishize, hari ubwo urugo rwanyu rwaguze amazi ku bandi bantu bagurisha amazi cyangwa ku baturanyi?**

Yego......1
Oya.......2 ⇒ **Q12**

**<u>Ikibazo cya 11</u> (S5CQ11):** kigamije kumenya amafaranga urugo rwishyuye ku bandi bantu bagurisha amazi mu minsi 7 ishize kandi kizabazwa muri ubu buryo:

**Mu minsi 7 ishize, urugo rwanyu rwishyuye amafaranga angahe ku bantu bagurisha amazi?**

**<u>Amafaranga (Rwf)</u>**

| |
|---|
| |

**<u>Ikibazo cya 12</u>** (**S5CQ12**): kigamije kumenya amafaranga urugo rwatanze mu kwezi gushize yo gufata neza ivomero. Niba rwarayatanze, umukarani w'ibarura yandika ayo mafaranga rwatanze ahabugenewe, niba ntayo rwatanze, yandika "0" ahabugenewe agakomeza ku kibazo gikurikira. Iki kibazo (**S5CQ12**) kibazwa muri ubu buryo:

**Mu kwezi gushize, urugo rwanyu rwatanze amafaranga angahe yo gufata neza ivomero ry'amazi?**

**<u>Amafaranga (Rwf)</u>**

| |
|---|
| |

**<u>Ikibazo cya 13</u>** (**S5CQ13**): Iki kibazo kigamije kumenya amakuru ajyanye n'uburyo urugo rukoresha mu gufata amazi y'imvura. Amazi avugwa kuri iki kibazo, ni amazi ava ku gisenge cy'inzu urugo rubarurwa rutuyemo. Umukarani w'ibarura akanda igisubizo ahawe kurutonde rw'ibisubizo byateganyijwe kuri iki kibazo kibazwa muri ubu buryo:

**Urugo rwanyu rukoresha ubuhe buryo bw'ingenzi bwo gufata amazi y'imvura ava kugisenge cy'inzu?**

Ntabwo.................................1
Ikigega cyabugenewe….........2
Icyobo cyabugenewe............3
Umuyoboro wabugenewe........4
Ubundi buryo, (kubuvuga)…...5

**<u>Ibibazo 14-15</u>**: Ibi bibazo bibazwa ingo zose kandi bigamije kumenya ingo zifite amashanyarazi ndetse n'impamvu zituma ingo zitagira amashanyarazi.

**<u>Ikibazo cya 14</u>** (**S5CQ14**): Kibaza niba urugo rufite umuyoboro w'amashanyarazi akomoka ku muyoboro mugari wa REG (National grid), akomoka ku miyoboro mito y'abigenga (Local mini-grid) ndetse n'akomoka ku mirasire y'izuba (Solar energy). Mu gihe urugo rusubije ko rufite amashanyarazi afatiye k'***umuyoboro wa REG /ingomero nto*** cyangwa rufite ***amashanyarazi akomoka ku mirasire y'izuba*** cyangwase rufite ***amashanyarazi afatiye hombi*** (kuri REG/ingomero nto n'imirasire), umukarani w'ibarura ahita ajya kubaza ikibazo cya 16, iyo asanze rudafite amashanyarazi, akomeza abaza ikibazo cya 15. Iki kibazo (**S5CQ14**) kibazwa muri ubu buryo:

**Urugo rwanyu rufite amashanyarazi afatiye k'umuyoboro wa REG/izindi ngomero nto cg Imirasire?**

Yego, kuri REG/Ingomero nto...........................1 => **Q16**
Yego, kumirasire...............................................2 => **Q16**
Yego, hombi (REG/ingomero nto & imirasire)...3 => **Q16**
Oya....................................................................4

**<u>Ikibazo cya 15</u>** (**S5CQ15**): Iki kibazo kigamije kumenya impamvu y'ingenzi ituma ingo zitari ku muyoboro w'amashanyarazi. Mu gusubiza iki kibazo, umukarani w'ibarura akanda igisubizo ahawe kijyanye n'impamvu y'ingenzi ituma urugo rutagira amashanyarazi kurutonde rw'ibisubizo byateganyijwe kuri iki kibazo. Iki kibazo (**S5CQ15**) kibazwa muri ubu buryo:

**Ni iyihe mpamvu y'[INGENZI] ituma urugo rwanyu rutari/rudafite umuyoboro w' amashanyarazi?**

Ikiguzi cy'ifatabuguzi kiri hejuru.........1
Inyubako ntiyujuje ibisabwa................2
Twarayasabye turategereje ..................3
Ntamuyoboro uri hafi..........................4
Inzira zo gusaba amashanyarazi ziragoye..................5
Ikiguzi cy'ibikoresho byifashishwa (Insinga, …) kiri hejuru…..............................................................6
Iyindi mpamvu, (Yivuge)...........................................7

**<u>Ikibazo cya 16</u>** (**S5CQ16**): Kigamije kumenya uburyo bw'ingenzi bwifashishwa n'urugo mu kubonesha mu nzu iyo bwije. Mu gusubiza iki kibazo, umukarani w'ibarura akanda igisubizo ahawe kijyanye n'uburyo bw'ingenzi bukoreshwa n'urugo mu kubonesha mu nzu kurutonde rw'ibisubizo byateganyijwe kuri iki kibazo. Iki kibazo (**S5CQ16**) kibazwa muri ubu buryo:

**Ni ubuhe buryo bw'[INGENZI] mukoresha mu kubonesha mu nzu?**

Amashanyarazi ya REG......................01
Amashanyarazi y'izindi ngomero…...02
Ingufu z'imirasire y'izuba zifatiwe hamwe/rusange.....................03
Ingufu z'imirasire y'izuba y'urugo.….04
Itara rikoreshwa n'imirasire y'izuba...05
Itara risharijwa ku mashanyarazi........06
Biogazi...............................................07
Moteri (y'urugo/abaturanyi/ agace runaka)................................................08
Itara rya peteroli...........................................09
Umuriro w'inkwi..........................................10
Buji..............................................................11
Agatadowa....................................................12
Amabuye (asanzwe ya Radiyo).....................13
Batiri isharijwa.............................................14
Itoroshi (Isharijwa/Idasharijwa) /Telefon......15

**<u>Ikibazo cya 17</u>** (**S5CQ17**): Kigamije kubona amakuru arebana n'ubwoko bw'amashanyarazi akoreshwa n'urugo. Mu gihe umukarani w'ibarura asanze urugo rukoresha amashanyarazi akomoka ku muyoboro mugari wa REG cg ku miyoboro mito y'abigenga, akanda igisubizo ahawe agakomereza abaza ikibazo cya 19.
Iyo asanze urugo rukoresha ubundi bwoko bw'amashanyarazi (akomoka ku ngufu z'imirasire y'izuba, Moteri, Batiri sharijwa, n'ahandi), nabwo akanda igisubizo ahawe agakomereza abaza ikibazo cya 20A.
Mu gihe umukarani w'ibarura asanze urugo nta bwoko nabumwe bw'amashanyarazi rukoresha (S5CQ17=7) kandi rwasubije ko rufite amashanyarazi afatiye k'umuyoboro wa REG /ingomero nto cg rufite amashanyarazi akomoka ku mirasire y'izuba cgse rufite amashanyarazi afatiye hombi (REG/ingomero nto n'imirasire) ku kibazo cya S5CQ14 (Q14= (1, 2, 3)) , ahita abaza ikibazo cya S5CQ18.
Iyo asanze urugo nta bwoko nabumwe bw'amashanyarazi rukoresha (S5CQ17=7) kandi nta n'umuyoboro n'umwe w'amashanyarazi ruriho (Q14=4), umukarani w'ibarura ahita ajya kubaza ikibazo cya S5CQ20A. Iki kibazo (**S5CQ17**) kibazwa muri ubu buryo:

**Amashanyarazi mukoresha [KENSHI] mu rugo rwanyu akomoka hehe?**

Umuyoboro mugari wa REG...........................1 => **Q19**
Umuyoboro muto w'abigenga.........................2 => **Q19**
Ingufu z'imirasire y'izuba................................3 => **Q20A**
Moteri (y'urugo/abaturanyi/agace runaka)…...4 => **Q20A**
Batiri isharijwa.................................................5 => **Q20A**
Ahandi, (havuge).............................................6 => **Q20A**
Ntayo................................................................7
**If Q14= (1, 2, 3)** & **Q17=7 => Q18; If Q14=4** & **Q17=7 => Q20A**

***<u>Icyitonderwa</u>****: Mu gihe urugo rukoresha ubwoko bw'amashanyarazi burenze bumwe, umukarani w'ibarura abaza utanga amakuru (usubiza) amashanyarazi ukunze gukoreshwa igihe kinini n'urugo.*

**<u>Ikibazo cya 18</u>** (**S5CQ18**): Kibazwa ingo zasubije ko zifite amashanyarazi akomoka ku muyoboro mugari wa REG cg akomoka ku miyoboro mito y'abigenga ku kibazo cya 14 *(S5CQ14=1)* , izifite amashanyarazi akomoka ku mirasire y'izuba (*S5CQ14=2*) n'izifite amashanyarazi ya REG n'akomoka ku mirasire y'izuba byombi (*S5CQ14=3*), ***ariko zigasubiza ko nta mashanyarazi zikoresha*** ku kibazo cya 17 *(S5CQ17="Ntayo")*. Iki kibazo (**S5CQ18**) kigamije kumenya impamvu y'ingenzi ituma ingo zifite amashanyarazi zitayakoresha. Kuri iki kibazo, umukarani w'ibarura igisubizo cyose ahawe, ahita ajya kubaza ikibazo cya 20A. Iki kibazo (**S5CQ18**) kibazwa muri ubu buryo:

**Ni iyihe mpamvu y'[INGENZI] ituma urugo rwanyu rudakoresha amashanyarazi mu kubonesha mu nzu?**
Arahenze........................................................1
Urugo baruvanye ku muyoboro.....................2
Gutinya ibibazo biterwa n'amashanyarazi....3
Indi mpamvu, (kuyivuga)..............................4

⇨ **S5CQ20A**

**<u>Ibibazo 19-20</u>**: Ibi bibazo bibazwa gusa ingo zasubije ko zikoresha amashanyarazi akomoka ku muyoboro mugari wa REG cg umuyoboro muto w'abigenga. **<u>Ikibazo cya 19</u>** (**S5CQ19**) kigamije kumenya niba hari ibikoresho by'urugo byangiritse bitewe n'ikibazo gikomoka ku mashanyarazi. Kuri iki kibazo, umukarani w'ibarura akanda igisubizo ahawe agakomeza abaza ikibazo gikurikira cya 20. Iki kibazo (**S5CQ19**) kibazwa muri ubu buryo:
**Mu mezi 12 ashize, haba hari ibikoresho byanyu byangiritse bitewe n'ikibazo gikomoka ku mashanyarazi ya REG cg y'abandi bagurisha amashanyarazi?**
Yego.....1
Oya.......2
**<u>Ikibazo cya 20</u>** (**S5CQ20**) kigamije kumenya umubare w'amafaranga urugo rwatanze rwishyura/rugura amashanyarazi mu byumweru 4 bishize (ibyumweru 4 bibanziriza umunsi w'isurwa ry'urugo). Mukubaza iki kibazo, umukarani w'ibarura agomba kwibuka ko igihe asanze urugo rufatanyije mubazi/kashipawa n'izindi ngo yandika amafaranga yatanzwe n'urugo rubarurwa gusa. Iki kibazo (**S5CQ20**) kibazwa muri ubu buryo:

**Mu byumweru 4 bishize urugo rwanyu rwishyuye amafaranga angahe ku mashanyarazi?**

***<u>Icyitonderwa</u>:***
- *Igihe umukarani w'ibarura asanze urugo rubazwa rufatanyije/rusangiye mubazi/kashipawa n'izindi ngo, icyo gihe afata/yandika amafaranga yatanzwe n'urugo rubarurwa rwonyine (umugabane w'urugo rubazwa).*
- *Niba amafaranga y'amashanyarazi abaririwa mu yishyurwa ku bukode (ku ngo zikodesha) kandi badashobora kuyatandukanya, umukarani w'ibarura azandika "0".*

**<u>Ibibazo 20A-20C</u>**: Ibi bibazo bigamije gukusanya amakuru ajyanye n'ikoranabuhanga rya interineti kurwego rw'urugo hagaragazwa niba urugo rufite umuyoboro wa interineti ndetse nimbogamizi zituma urugo rutagira interineti yo mu rugo. **<u>Ikibazo cya 20A</u>** (**S5CQ20A**) kibaza niba urugo rufite umuyoboro wa interineti. Mu kubaza iki kibazo imiyoboro ya telefone na modemu nayo irabarwa. Iyo umukarani w'ibarura asanze urugo rufite umuyoboro wa interineti ahita abaza ikibazo cya 20B. Iyo asanze nta umuyoboro wa interineti rufite ahita ajya kubaza impamvu rutayifite ku kibazo cya 20C. Iki kibazo (**S5CQ20A**) kibazwa muri ubu buryo:

**Urugo rwanyu rwaba rufite umuyoboro wa interineti?**
Yego...1
Oya.....2 **=> Q20C**

**<u>Ikibazo cya 20B</u>** (**S5CQ20B**) kigamije kumenya ahantu h'ingenzi urugo rukura interineti ikoreshwa mu rugo. Kuri iki kibazo, igisubizo cyose umukarani w'ibarura ahawe, ahita ajya kubaza ikibazo cya 21. Iki kibazo (**S5CQ20B**) kibazwa muri ubu buryo:

**Ni ubuhe bwoko bwa interineti bw'[INGENZI] mukoresha mu rugo rwanyu?**

Umuyoboro wo mu butaka /Canalbox...1
Modemu..................................................2
Telefone igendanwa...............................3
Wayalesi.................................................4
Indi miyoboro, (Yivuge)........................5

| ⇨ **S5CQ21** |
|---|

***Icyitonderwa:*** *Imiyoboro abagize urugo bakoresha aho bakorera cyangwa iyo basanga ahandi ntabwo ibarwa kuri iki kibazo cya **S5CQ20B**.*

**Ikibazo cya 20C** (**S5CQ20C**) kigamije kumenya imbogamizi y'ingenzi ituma urugo rutagira interineti mu rugo. Kuri iki kibazo, umukarani w'ibarura akanda igisubizo ahawe kurutonde rw'ibisubizo byateganyijwe kuri iki kibazo, hanyuma agakomeza abaza ikibazo gikurikiraho. Iki kibazo (**S5CQ20C**) kibazwa muri ubu buryo:

**Ni iyihe mbogamizi y'[INGENZI] ituma mutagira interineti mu rugo?**

Ntabwo tuyikeneye...................................................1
Dukoresha interineti y'ahandi.................................2
Birahenze.................................................................3
Ntabikoresho bikwirakwiza interineti biri hafi........4
Impamvu z'umutekano/ibanga................................5
Ntibayizi..................................................................6
Indi mpamvu, (Yivuge)..........................................7

**Ibibazo 21-23**: Ibi bibazo bibazwa ingo zose kandi bigamije kumenya ubwoko bw'amashyiga, ibicanwa n'aho urugo rutekera muri rusange. **Ikibazo cya 21** (**S5CQ21**) kibaza ubwoko bw'iziko/ishyiga urugo rukunze gukoresha mu guteka. Ku ngo zizagaragaza ko zitajya ziteka mu buzima bwaburi munsi bw'abagize urugo, umukarani w'ibarura akanda igisubizo kivuga "***Ntibateka***" hanyuma agahita ajya kubaza ikibazo cya 24. Iki kibazo (**S5CQ21**) kibazwa muri ubu buryo:

**Ni buhe bwoko bw'iziko/ ishyiga bw'[INGENZI] mukunze gukoresha muteka?**

Ishyiga rya Gazi.....................................1
Ishyiga ry'amashanyarazi.......................2
Ishyiga rya Biyogazi..............................3
Ishyiga ry'imirasire y'izuba...................4
Ishyiga rya peteroli/mazutu (Rechaud)...5
Ishyiga biyubakiye.................................6
Imbabura y'amakara/inkwi.....................7
Rondereza...............................................8
Iziko ry'amabuye atatu............................9
Ntibateka..............................................10 => **Q24**
Ubundi bwoko, (kubuvuga)....................11

***Icyitonderwa***: *Ku ngo zizasubiza ko zikoresha **ishyiga biyubakiye** cg **imbabura y'inkwi/amakara** ku kibazo cya S5CQ21, umukarani w'ibarura azabaza niba iryo shyiga rirondereza cg rizigama ibicanwa. Nibamusubiza ko **rizigama/rirondereza** ibicanwa azahita akanda igisubizo cya "**Rondereza**", nibamusubiza ko **ritazigama/ritarondereza** ibicanwa, azahita akanda igisubizo cy' "**ishyiga biyubakiye**" cg "**imbabura y'inkwi/amakara**" bitewe n'ishyiga bakoresha. Muri make urugo rubarurwa nirwo ruzemeza ko iziko/ishyiga rukoresha ari "**Rondereza**" cg atariyo, bitewe n'ingano y'ibicanwa bakoresha baritekeraho.*

**Ikibazo cya 22:** Iki kibazo gikubiyemo ibibazo bitatu bigamije kumenya ubwoko 3 bw'ingenzi bw'ibicanwa (ibicanwa by'ingenzi (**S5CQ22A**), ibicanwa by'inyunganizi bya mbere (**S5CQ22B**), n' ibicanwa by'inyunganizi bya kabiri (**S5CQ22C**)) urugo rukunze gukoresha ruteka. Mu gihe urugo rugaragaje ko nta bicanwa by' inyunganizi bya mbere rukoresha (rukoresha igicanwa kimwe gusa), umukarani w'ibarura yuzuza "**99**" ku bwoko bw'ibicanwa bwa kabiri ku kibazo cya S5C22B. Mu gihe urugo rugaragaje ko nta bicanwa by' inyunganizi bya kabiri rukoresha (rukoresha ibicanwa bibiri gusa), umukarani w'ibarura yuzuza "**99**" ku bwoko bw'ibicanwa bwa gatatu ku kibazo cya S5C22C.

Mu kubaza amakuru arebana n'ibi bibazo, umukarani w'ibarura agomba kugenzura ko ubwoko bw'ibicanwa by'ingenzi abwiwe, bujyanye n'ubwoko bw'iziko rikoreshwa n'urugo. Iki kibazo (**S5CQ22**) kibazwa muri ubu buryo:

**Ni ubuhe bwoko 3 bw'ibicanwa bw'[INGENZI] mukoresha kuri iryo ziko/ishyiga?**

Inkwi....................................................01
Amakara.................................................02
Gazi......................................................03
Biyogazi................................................04
Ingufu ziva ku zuba..............................05
Amashanyarazi.....................................06
Amavuta/kerozene................................07
Ibisigazwa by'imyaka...........................08
Amase...................................................09
Buriketi (Amakara akozwe mu ibisigazwa by'imyaka)……………..10
Nyiramugengeri......................................11
Ibarizo....................................................12
Udushari/ibyatsi/ibibabi............................13
Ibindi, (Kubivuga)..................................14

| | |
|---|---|
| Ubwa 1 bukoreshwa cyane (Bwingenzi) | |
| Ubwa 2 bukoreshwa cyane | |
| Ubwa 3 bukoreshwa cyane | |

**Ikibazo cya 23** (**S5CQ23**) kigamije kumenya amakuru arebana n'aho urugo rutekera rukoresha iziko/ishyiga ryavuzwe ku kibazo cya 21. Kuri iki kibazo, umukarani w'ibarura akanda igisubizo ahawe kurutonde rw'ibisubizo byateganyijwe, hanyuma agakomeza n'ibibazo bikurikira. Iki kibazo (**S5CQ23**) kibazwa muri ubu buryo:

**Ubusanzwe, ni hehe mutekera mukoresheje iryo ziko/ishyiga ryavuzwe kuri Q21?**

Mu nzu batuyemo, aho batarara...........1
Mu nzu batuyemo, aho barara.............2
Mu nzu itandukanye n'iyo bararamo...3
Urubaraza rusakaye............................4
Hanze.................................................5
Ahandi, (Havuge)................................6

**Ibibazo 24-30:** Ibi bibazo bibazwa ingo zose kandi bigamije gukusanya amakuru ajyanye n'isuku n'isukura mu ngo zibazwa. **Ikibazo cya 24** (**S5CQ24**) kigamije kumenya aho urugo rumena ibishingwe. Kibazwa muri ubu buryo:

**Urugo rwanyu rumena he ibishingwe?**

Ingarani rusange............................................1
Kuyiha isosiyete itwara ibishingwe..............2
Mu mirima y'urugo cyangwa mu bisambu....3
Mu mugezi/ikiyaga/ruhurura.........................4
Kubitwika.....................................................5
Mu ngarani y'urugo.......................................6
Ahandi hantu, (Havuge)................................7

**Ikibazo cya 25** (**S5CQ25**) kigamije kumenya amakuru ajyanye n'isuku n'isukura mu ngo, habazwa ubwoko bw'umusarane/ubwiherero abagize urugo bakoresha. Ku ngo zizagaragaza ko nta musarane/ubwiherero zifite (abagize urugo bituma ***kugasozi*** cg mu ***bisambu***), umukarani w'ibarura akanda igisubizo kigaragaza ko abagize urugo nta bwiherero bakoresha hanyuma agahita ajya kubaza ikibazo cya 31. Iki kibazo (**S5CQ25**) kibazwa muri ubu buryo:

**Urugo rwanyu rukoresha umusarani umeze ute?**

Umusarani urekura amazi mu muyoboro rusange......1
Umusarani urekura amazi mukigega cyubakiye.........2
Umusarani urekura amazi mu cyobo cyabugenewe...3
Umusarani wubakiye(utinze) ufite ubuhumekero......4
Umusarani wubakiye utinze) ....................................5
Umusarani ufite imiyoboro itandukanya ibyoroshye n'ibikomeye (ECOSAN)...............................................6
Umusarani utubakiye (udatinze)...................................7
Ubundi bwoko (Buvuge)...............................................8
Ntawo/mu gisambu/ku Gasozi...........................9 => **Q31**

***Icyitonderwa****:Mu gihe abagize urugo bakoresha ubwoko bw'umisarani burenze bumwe, icyo gihe umukarani w'ibarura azareba ubwoko bw'umusarani/ubwiherero bukoreshwa n'abagize urugo benshi.*

**Ikibazo cya 26** (**S5CQ26**) kibaza niba urugo rwihariye umusarane rukoresha cg ruwusangiye n'izindi ngo. Iyo umukarani w'ibarura asanze urugo rubazwa rudasangiye umusarane n'izindi ngo ahita ajya kubaza ikibazo cya 28, iyo asanze ruwusangiye n'izindi ngo ahita abaza ikibazo cya 27. Iki kibazo (**S5CQ25**) kibazwa muri ubu buryo:

**Urugo rwanyu rusangiye umusarani n'izindi ngo?**

Yego.......1
Oya.........2 => **Q28**

**Ikibazo cya 27** (**S5CQ27**): kigamije kumenya umubare w'ingo zisangiye umusarane. Mu kubaza iki kibazo, umukarani w'ibarura agomba kwibuka ko igihe asanze urugo rubazwa rusangiye umusarane n'izindi ngo atarubarira mu mubare w'ingo zisangiye umusarane/ubwiherero. Mu gihe urugo rubazwa rugaragaje ko rutazi umubare w'ingo rusangiye nazo ubwiherero, umukarani w'ibarura yuzuza "**98**" ahateganyijwe kujya umubare w'ingo sisangiye ubwiherero. Iki kibazo (**S5CQ27**) kibazwa muri ubu buryo:

**Ni ingo zingahe zikoresha uwo musarane utabariyemo n'urugo rwanyu?**

**Umubare w'ingo**

| |
|---|
| |

**Ikibazo cya 28** (**S5CQ28**): kibaza niba umusarani ukoreshwa n'urugo rubazwa warigeze uvidurwa. Iyo rusubije ko utigeze uvidurwa cg rutazi niba waraviduwe, umukarani w'ibarura ahita ajya kubaza ikibazo cya 31, iyo rusubije ko waviduwe umukarani w'ibarura akomeza abaza ikibazo cya 29. Iki kibazo (**S5CQ28**) kibazwa muri ubu buryo:

**Umusarani wanyu waba warigeze uvidurwa?**

Yego, waraviduwe...........1
Ntiwigeze uvidurwa…......2 => **Q31**
Ntabizi............................98 => **Q31**

**Ikibazo cya 29** (**S5CQ29**): Kigamije kumenya uwakoze igikorwa cyo kuvidura ubwiherero/umusarani (niba byarakozwe n'urugo cg abandi batanga serivisi yo kuvidura). Iki kibazo (**S5CQ29**) kibazwa muri ubu buryo:

**Ubwo uwo musarani uheruka kuvidurwa byakozwe nande?**

N'urugo............................1
Serivisi zibishinzwe..........2

**Ikibazo cya 30** (**S5CQ30**): kigamije kumenya aho ibyaviduwe/ imyanda yavanywe mu musarani yajyanywe. Kuri iki bibazo, umukarani w'ibarura akanda igisubizo ahawe kurutonde rw'ibisubizo byateganyijwe kuri buri kibazo hanyuma agakomeza n'ibibazo bikurikira. Iki kibazo (**S5CQ30**) kibazwa muri ubu buryo:

**Ibyavuyemo byajyanywe hehe?**

Byajyanywe aho bitunganyirizwa..............1
Byatabwe mu cyobo gipfundikiye.............2
Byatawe mu cyobo kirangaye/mu migezi...3
Ahandi,(havuge).........................................4
Ntabizi........................................................5

**Ibibazo 31-34**: Ibi bibazo bibazwa ingo zose kandi bigamije gukusanya amakuru ajyanye n’ibidukikije. **Ikibazo cya 31** (**S5CQ31**) kigamije kumenya niba mu mezi 12 ashize urugo rwarahuye n’ibibazo bikomoka ku iyononekara ry’ibidukikije byagize ingaruka ku nyubako urugo rutuyemo. Niba igisubizo ari “***Yego***”, umukarani w’ibarura ahita abaza ikibazo cya 32. Mu gihe urugo rusubije ko nta kibazo urugo rwahuye na cyo (igisubizo ari “***Oya***”), umukarani w’ibarura ahita ajya kubaza ikibazo cya 33. Iki kibazo (**S5CQ31**) kibazwa muri ubu buryo:

**Mu mezi 12 ashize urugo rwanyu rwaba rwarahuye n’ibibazo bitewe no kononekara kw’ibidukikije?**

Yego.......1
Oya.........2 => **Q33**

**Ikibazo cya 32** (**S5CQ32**) kigamije kumenya ikibazo gikomeye kurusha ibindi urugo rwahuye nacyo gikomoka ku iyononekara ry’ibidukikije kikangiza inyubako urugo rutuyemo. Kuri iki bibazo, umukarani w’ibarura akanda igisubizo ahawe kurutonde rw’ibisubizo byateganyijwe kuri iki kibazo hanyuma agakomeza n’ikibazo gikurikiraho. Iki kibazo (**S5CQ32**) kibazwa muri ubu buryo:

**Ni ikihe kibazo gikomeye mwahuye nacyo gitewe n’iyononekara ry’ibidukikije?**

Imyuzure/isuri...................1
Inkangu/isuri.....................2
Gusenyerwa n‘imvura.......3
Gusenyerwa n‘imiyaga......4
Ibindi, (Bivuge)..................5

**Ikibazo cya 33** (**S5CQ33**) kigamije kumenya niba mu mezi 12 ashize urugo rwarabonaga amakuru ajyanye n’akamaro ko kubungabunga ibidukikije. Niba igisubizo ari “***Yego***”, umukarani w’ibarura ahita abaza ikibazo cya 34. Mu gihe urugo rusubije ko nta buryo rubonamo amakuru ajyanye no kubungabunga ibidukikije (igisubizo ari “***Oya***”), umukarani w’ibarura ahita ajya kubaza ikibazo cya 35. Iki kibazo (**S5CQ33**) kibazwa muri ubu buryo:

**Mu mezi 12 ashize, urugo rwanyu rwabonaga amakuru ajyanye n’akamaro ko kubungabunga ibidukikije?**

Yego.......1
Oya.........2 => **Igice D (S5DQ1)**

**Ikibazo cya 34** (**S5CQ34**) kigamije kumenya ahantu h’ingenzi urugo rukura amakuru ajyanye no kubungabunga ibidukikije. Kuri iki kibazo, umukarani w’ibarura akanda igisubizo ahawe kurutonde rw’ibisubizo byateganyijwe kuri iki kibazo hanyuma ajya kubaza amakuru yo mu **gice cya D**, kirebana n’amakuru y’ibikoresho byubatse inzu urugo rubarurwa rutuyemo. Iki kibazo (**S5CQ34**) kibazwa muri ubu buryo:

**Ni hehe h’[INGENZI] urugo rwanyu rukura amakuru ajyanye n’akamaro ko kubungabunga ibidukikije?**

Radiyo/TV.........................1
Imbuga nkoranyambaga....2
Inama/Amahugurwa..........3
Amashuri...........................4
Ahandi, (Kuhavuga)..........5

### IGICE D: Ibiranga inzu urugo rutuyemo

**Ibibazo 1-4:** Ibi bibazo bigamije gukusanya amakuru ajyanye no kumenya imiterere y’inzu urugo rubarurwa rutuyemo hagaragazwa: ibikoresho by’ingenzi byubatse inkuta, ibisakaye inzu, ibishashe hasi mu nzu ndetse n’ubuso bw’inzu. Hari ibigaragarira amaso nk’ibishashe hasi, ibisakaye inzu umuntu atagombye kubaza ariko umukarani w’ibarura agomba kubyitondera kuko agomba kwandika ibigize igice kinini cy’inzu.

**Urugero**: Ashobora kubwira uwo baganira ati: “Ko mbona aha turi hashashe ***sima***, no mu byumba byose ni ***sima*** irimo?”

**<u>Ikibazo cya 1</u>** (**S5DQ1**) kibazwa ingo zose, kandi kigamije kumenya ibikoresho by'ingenzi byubatse inkuta z' inzu urugo rubarurwa rutuyemo. Kuri iki kibazo, umukarani w'ibarura akanda igisubizo ahawe kijyanye n' ibikoresho by'ingenzi byubatse inkuta z' inzu urugo rubarurwa rutuyemo, hanyuma akomeze abaza ikibazo gikurikiraho. Iki kibazo (**S5DQ1**) kibazwa muri ubu buryo:

**Ni ibihe bikoresho by'ingenzi byubatse inkuta z'inzu mutuyemo?**

Rukarakara idateye isima..............01
Rukarakara iteye isima..................02
Amatafari ahiye adateye isima......03
Amatafari ahiye ateye isima..........04
Bolokesima....................................05
Imbaho..........................................06
Amabuye adateye isima................07
Amabuye ateye isima....................08
Ibiti n'ibyondo bidateye isima......09
Ibiti n'ibyondo biteye isima..........10
Shitingi….....................................11
Ibindi, (Bivuge).............................12

***<u>Icyitonderwa</u>**: Igihe inkuta z' inzu zubakishijwe ibikoresho bitandukanye, icyo gihe umukarani w' ibarura mu gusubiza iki kibazo (**S5DQ1**) azareba ibyubatse igice kinini cy'inzu.*

**<u>Ikibazo cya 2</u>** (**S5DQ2**) kibazwa ingo zose, kandi kigamije kumenya ibikoresho by'ingenzi bisakaye inzu urugo rubarurwa rutuyemo. Kuri iki kibazo, umukarani w'ibarura akanda igisubizo ahawe kijyanye n' ibikoresho by'ingenzi bisakaye inzu urugo rubarurwa rutuyemo, hanyuma agakomeza abaza ikibazo gikurikiyeho. Iki kibazo (**S5DQ2**) kibazwa muri ubu buryo:

**Ni ibihe bikoresho by'[INGENZI] bisakaye inzu mutuyemo?**

Amabati................................1
Amategura............................2
Amategura mvaruganda.......3
Beto.....................................4
Ibikoresho bitaramba
(Shitingi, amakarito, …)…...5
Ibindi, (Bivuge).....................6

***<u>Icyitonderwa</u>**:*

- *Mu gihe urugo rubarurwa rutuye mu nzu y'igorofa, kandi wenda rutuye mu igorofa yo hasi cg hagati, icyo gihe kubirebana n'ibikoresho bisakaye inzu (**S5DQ2**), umukarani w'ibarura azandika ibisakaye igorofa ya nyuma.*
- *Mu gihe inzu isakajwe n' ibikoresho bitandukanye, umukarani w' ibarura azareba ibisakaye igice kinini cy'inzu.*

**<u>Ikibazo cya 3</u>** (**S5DQ3**) kibazwa ingo zose, kandi kigamije kumenya ibikoresho by'ingenzi bishashe hasi mu nzu urugo rubarurwa rutuyemo. Kuri iki kibazo, umukarani w'ibarura akanda igisubizo ahawe kijyanye n' ibikoresho by'ingenzi bishashe hasi mu nzu urugo rubarurwa rutuyemo, hanyuma akomeze abaza ikibazo gikurikiyeho. Iki kibazo (**S5DQ3**) kibazwa muri ubu buryo:

**Ni ibihe bikoresho by'[INGENZI[ bishashe hasi mu nzu?**

Ubutaka.......................1
Amase y'inka.............2
Imbaho.........................3
Amakaro......................4
Isima............................5
Amatafari.....................6
Itapi yometse hasi........7
Ibindi (Bivuge) ............8

***<u>Icyitonderwa</u>**: Igihe ibikoresho bishashe hasi mu nzu y'urugo rubarurwa birenze kimwe (bitandukanye), icyo gihe umukarani w' ibarura, mu gusubiza iki kibazo (**S5DQ3**) azareba ibishashe igice kinini cy'inzu.*

**<u>Ikibazo cya 4</u>** (**S5DQ4**) kibazwa ingo zose, kandi kigamije kumenya ubuso bw'inzu urugo rubarurwa rutuyemo. Mu gukusanya amakuru arebana n'iki kibazo, umukarani w'ibarura abanza gufata ibipimo by'inzu apima ahereye ku ibaraza ry'inzu inyuma bikamufasha kubona ubuso bwifuzwa kuri iki kibazo (**S5DQ4**), kibazwa muri ubu buryo:

**Inzu yanyu ifite ubuso bungana iki muri $m^2$ upimiye inyuma?**

**<u>Ubuso muri ($m^2$)</u>**

| |
|---|
| |

***<u>Icyitonderwa</u>*:**
*Ubuso bw'inzu bupimirwa inyuma kandi bugapimwa uhereye ku ibaraza ry'inzu.* ***Niba inzu ituwe n'urugo rumwe, izapimwa yose, niba inzu ifite ibice bitandukanye (Compartiments) kandi ituwe n'ingo nyinshi hazapimwa igice urugo rubarurwa rutuyemo.***
*Igihe urugo rutuye mu nzu irenze imwe, hazafatwa ubuso bw'inzu y'ingenzi, ubuso bw'inzu zo hanze (Annexes) ntibubarwa.*

### IGICE E: Ibibazo urugo rwahuye na byo n'uburyo rwabyitwayemo

**<u>Ibibazo 1-4</u>**: Ibi bibazo bizabazwa ingo zose kandi bigamije gukusanya amakuru arebana n'ibiza, amakuba cg ibibazo bidasanzwe urugo rwahuye na byo bikarugiraho ingaruka/ihungabana rikomeye mu bijyanye n'imibereho, n'uburyo urugo rwabyitwayemo mu guhangana n'ibyo bibazo ndetse n'igihe byarufashe kugirango rwivane muri ibyo bibazo.

**<u>Ikibazo cya 1</u>** (**S5EQ1**) kibaza niba mu mezi 12 ashize hari ibibazo bidasanzwe urugo rwahuye na byo bikarugiraho ingaruka zikomeye (Ingaruka ku mirire cg ku ibikoresho urugo rwari rutunze, gutakaza akazi kwabamwe mu bagize urugo bari barufatiye runini, ...). Iyo urugo rusubije ko rwahuye n'ibyo bibazo (igisubizo ari "***Yego***"), umukarani w'ibarura ahita abaza ibibazo 3 bikomeye urugo rwahuye na byo mu mezi 12 ashize. Iyo rusubije ko nta bibazo rwahuye nabyo (igisubizo ari "***Oya***"), umukarani w'ibarura ahita ajya kubaza amakuru yo mu gice cya F. Iki kibazo (**S5EQ1**) kibazwa muri ubu buryo:

**Mu mezi 12 ashize, hari ibibazo bidasanzwe urugo rwanyu rwahuye na byo bikarugiraho ingaruka zikomeye?**

Yego…….1
Oya……...2 => **Igice F**

***<u>Icyitonderwa:</u>*** *Mu rwego rwo gukusanya neza amakuru arebana n'iki kibazo (**S5EQ1**), umukarani w' ibarura agomba kukibaza yifashishije/atanga ingero zabimwe mu bisubizo byateganyijwe kuri iki kibazo kugira ngo cyumvikane neza.*
***<u>Urugero</u>****: Ibiza (imyuzure, amapfa, uburwayi, ...) byagize ingaruka k'umusaruro w'ibihingwa, Gutakaza akazi kwabamwe mu bagize urugo bari barufatiye runini, Guhomba k'ubucuruzi bwari bufatiye runini imibereho y'abagize urugo, ....*

**<u>Ikibazo cya 2</u> (S5EQ2)** kigamije kumenya ibibazo 3 by'ingenzi urugo rwahuye na byo bikarugiraho ingaruka zikomeye mu bijyanye n'imibereho y'urugo mu mezi 12 ashize. Kuri iki kibazo ingo zigaragaje ko zahuye n'ibibazo bikomoka ku ***mvura ikabije***, ***imyuzure cg inkangu/isuri*** zikomeza zibazwa igihe ibyo bibazo byabereye ku kibazo cya S5EQ2A, izahuye n'***ibindi bibazo bitandukanye n'ibimaze kuvugwa***, zihita zijya kubazwa ikibazo cya S5EQ3 kibaza icyo urugo rwakoze kugira ngo rwivane muri ibyo bibazo. Iki kibazo (**S5EQ2**) kibazwa muri ubu buryo:

**Mu mezi 12 ashize ni ibihe bibazo 3 by'ingenzi urugo rwa nyu rwahuye na byo bikarugiraho ingaruka?**

Imvura ikabije........................................................................................................1
Imyuzure...............................................................................................................2
Inkangu/isuri..........................................................................................................3
Amapfa/Ihindagurika ry'ibihe by'imvura,igihe kirekire cy'izuba ryinshi……...4
Indwara zidasanzwe (Ibiza) z'ibihingwa..............................................................5
Indwara zidasanzwe (Ibiza) z'amatungo..............................................................6
Indwara z'ibyorezo ku bantu..................................................................................7
Izamuka ridasanzwe ry'ibiciro ku biribwa...........................................................8
Ibiciro bihanitse ku bijyanye n'ubuhinzi (Imbuto, ifumbire,…)……..................9
Gutakaza cg kugabanuka kw'imirimo cg umutungo ku bagize urugo...............10
Inkongi..................................................................................................................11
Indwara ikomeye cg impanuka ku bagize urugo.................................................12
Kwitaba Imana kwa Nyir'urugo..........................................................................13
Kwitaba Imana k'umwe mubagize urugo wari urufatiye runini
(utari Nyir'urugo)...............................................................................................14
Guhagarara kw'ibyari bisanzwe byohererezwa urugo (ubufasha cg impano)
biturutse hanze.....................................................................................................15
Guhomba k'ubucuruzi bw'ibidakomoka ku buhinzi bw'urugo...........................16
Gutandukana kw'abari bagize urugo..................................................................17
Ikindi, (kivuge)....................................................................................................18

**Niba S5EQ2 = 4-18 => S5EQ3**

| | |
|---|---|
| Ikibazo cya 1 | |
| Ikibazo cya 2 | |
| Ikibazo cya 3 | |

**<u>Ikibazo cya 2A</u> (S5EQ2A)** kigamije kumenya igihe urugo rwahuriye n'ibyo bibazo kandi kibazwa gusa ingo zahuye n'ibibazo bikomoka ku mvura ikabije, imyuzure cg inkangu/isuri. Iki kibazo (**S5EQ2A**) muri ubu buryo:

**Ibyo bibazo byabaye ryari ?**

**Umwaka /Ukwezi**

| | |
|---|---|
| | |

**<u>Ikibazo cya 3</u> (S5EQ3)** kigamije kumenya icyo urugo rwakoze kugira ngo rwivane mu ngorane zatewe n' ibyo bibazo byashegeshe imibereho y'urugo mu mezi 12 ashize. Iki kibazo (**S5EQ3**) kibazwa muri ubu buryo:

**Mu mezi 12 ashize, urugo rwanyu rwakoze iki kugira ngo rwivane mu ngaruka zatewe n’ibyo bibazo?**

Kugurisha ibikoresho by’urugo (Radiyo, Firigo, TV, Intebe, ...).................1
Kugabanya amafaranga yatangwaga ku biribwa ........................................2
Kugabanya amafaranga yari ngombwa ku kwivuza no ku burezi................3
Kugurisha ibikoresho byakoreshwaga mu kwinjiza umutungo mu
Rugo (icyarahani, ingorofani, igare, imodoka,…).....................................4
Gukoresha amafaranga yari yarazigamwe (Used up savings).....................5
Gufata inguzanyo mu bigo by’imari/ banki................................................6
Kuguza amafaranga ku bandi batari ibigo by’imari...................................7
Kugurisha inzu cg ubutaka..........................................................................8
Kuvana umwana mu ishuri..........................................................................9
Kugurisha mu buryo budasanzwe amatungo atororoka.............................10
Kugurisha amatungo yororoka urugo rwari rusigaranye...........................11
Kwimuka kwa bamwe mu bagize urugo bashakisha akazi........................12
Kwimuka k’urugo rwose (Gusuhuka).......................................................13
Gusabiriza, gukora imirimo isuzuguritse n’indi mirimo
Itemewe n’ishobora gushyira mu kaga.....................................................14
Guhabwa ubufasha n’inzego z’amadini n’amatorero................................15
Guhabwa ubufasha buva mu mahanga......................................................16
Guhabwa ubufasha n’imiryango itegamiye kuri
Leta y’imbere mu gihugu /imiryango yigenga..........................................17
Guhabwa ubufasha n’imiryango yegamiye kuri Leta ...............................18
Guhabwa ubufasha n’abagize umuryango cg inshuti ...............................19
Gutangira umushinga(ubucuruzi) mushya.................................................20
Gukora amasaha menshi cg Gukora cyane................................................21
Ikindi, (kivuge)...........................................................................................22

| | |
|---|---|
| Ikibazo cya 1 | |
| Ikibazo cya 2 | |
| Ikibazo cya 3 | |

**<u>Ikibazo cya 4</u>** (**S5EQ4**) kigamije kumenya igihe (umubare w’amezi) byafashe kugirango urugo rwongere rwiyubake, ubuzima busubire nk’uko bwari bumeze mbere yo guhura n’ibyo bibazo bidasanzwe. Iki kibazo (**S5EQ4**) kibazwa muri ubu buryo:

**Byafashe amezi angahe kugirango urugo rwanyu rwongere rwiyubake kugirango ubuzima busubire nkuko bwari bumeze mbere y’iryo hungabana?**

| | **Umubare w’amezi** |
|---|---|
| Ikibazo cya 1 | |
| Ikibazo cya 2 | |
| Ikibazo cya 3 | |

***<u>Icyitonderwa</u>:*** *Kuri iki kibazo (**S5EQ4**), igisubizo ntikigomba kurenga **amezi 12** kandi mu gihe urugo ruvuze ko rutariyubaka nk’uko rwari rumeze mbere y’iryo hungabana, umukarani w’ibarura akanda “**99**” ahagenewe kujya umubare w’amezi.*

**IGICE F: Kwegera, kunyurwa n’imikoreshereze y’ibikorwaremezo**

**Ibibazo 1-7**: Ibi bibazo biri muri iki gice bigamije kumenya niba abaturage bafite ibikorwaremezo hafi yabo kandi babona serivisi z’ibanze bakeneye mu buryo buboroheye. Ibikorwaremezo cyangwa ahantu hatangirwa serivisi zigenewe abaturage muri rusange ni byo byashyizwe muri iki gice cya F. Ibyo bikorwaremezo ni ibi bikurikira:

1. Ivomero ry’amazi meza/amazi yo kunywa
2. Isoko bahahiramo ibiribwa
3. Isoko ry’amatungo
4. Aho bakunze gutegera imodoka
5. Umuhanda ukoreshwa igihe cyose
6. Ikigo cy’amashuri y’incuke
7. Ikigo cy’amashuri abanza
8. Ikigo cy’amashuri yisumbuye
9. Ibitaro by’akarere k’ubuzima
10. Ikigo nderabuzima
11. Ivuriro riciriritse (Health post)
12. Ibiro by’Umurenge wanyu
13. Ibiro by’Akagari kanyu
14. Aho bacuruza serivisi za internet
15. Aho bacuruza serivisi zo kwandikira abantu/gufotora impapuro

**Ikibazo cya 1** (**S5FQ1**) kibazwa ingo zose kuri buri gikorwaremezo/serivisi, kandi kigamije kumenya uburyo abagize urugo bakoresha igikorwaremezo/serivisi runaka ibegereye. Kuri buri gikorwaremezo/serivisi, umukarani w’ibarura abaza uwo baganira niba bakunze kugikoresha, hanyuma agakanda igisubizo ahawe. Ku ngo zasubije ko zitajya zikoresha igikorwaremezo (nta narimwe) cyangwa zigikoresha rimwe na rimwe, umukarani w’ibarura ahita ajya kuzibaza ikibazo cya 2 . Ku ngo zasubije ko zikoresha igikorwaremezo runaka kenshi cyangwa buri gihe, ahita ajya kuzibaza ikibazo cya 3. Ku ngo zasubije ko zitazi icyo gikorwaremezo, umukarani w’ibarura ahita ajya kubaza amakuru y’igikorwaremezo gikurikira. Iki kibazo (**S5FQ1**) kibazwa muri ubu buryo:

**Ese urugo rwanyu rukunze gukoresha "....." kibegereye ?**

Nta na rimwe....................1
Rimwe na rimwe..............2
Kenshi..............................3 => **Q3**
Buri gihe..........................4 => **Q3**
Ntakizi.............................5 => **Igikorwaremezo gikurikira**

**Ikibazo cya 2** (**S5FQ2**) kibazwa ingo zasubije ko zitajya zikoresha igikorwaremezo cyangwa izigikoresha rimwe na rimwe (izasubije 1 na 2 kuri S5FQ1), kandi kigamije kumenya impamvu y’ingenzi ituma ingo zidakoresha igikorwaremezo/serivisi runaka ibegereye. Ku rugo rwasubije ko rutajya rukoresha igikorwaremezo runaka (nta narimwe) ku kibazo cya S5FQ1, umukarani w’ibarura abaza uwo baganira impamvu y’ingenzi ituma urwo rugo rudakoresha icyo gikorwaremezo/serivisi, igisubizo cyose ahawe kuri iki kibazo (**S5FQ2**) ahita ajya kubaza amakuru arebana n’igikorwaremezo gikurikira. Iki kibazo (**S5FQ2**) kibazwa muri ubu buryo:

**Impamvu y’[INGENZI] ituma mudakunda gukoresha "...." ni iyihe?**

Kiri kure cyane.................1
Kirahenda.........................2
Gikora nabi.......................3
Abakozi bake....................4
Ibikoresho bidahagije..........5
Ntitugikeneye......................6
Ntidukunze kugikenera.......7
Indi mpamvu, (Yivuge).......8

`Niba S5FQ1=1 => Igikurikira`

**Ikibazo cya 3** (**S5FQ3**) kibazwa ingo zasubije ko zikoresha igikorwaremezo ***rimwe na rimwe***, izigikoresha ***kenski*** n’izigikoresha ***burigihe*** (izasubije 2, 3 na 4 kuri S5FQ1), kandi kigamije kumenya igihe (amasaha n’iminota) abagize urugo bakoresha bagenda n’amaguru kugira ngo bagere kuri icyo gikorwaremezo cg ahatangirwa serivisi.

Ku ngo zikoresha igihe kiri munsi y'isaha kugira ngo zigere ku gikorwaremezo runaka, umukarani w'ibarura yandika **zeru** ahagenewe kwandikwa amasaha hanyuma akandika ***iminota*** ikoreshwa kugera kuri icyo gikorwaremezo/serivisi mu mwanya wateganyijwe. Iki kibazo (**S5FQ3**) kibazwa muri ubu buryo:

**Kuva hano n'amaguru kugera "……'' kiri hafi, hakoreshwa igihe kingana iki ?**

| | |
|---|---|
| **Amasaha** | |
| **Iminota** | |

__Ikibazo cya 4__ (**S5FQ4**) kibazwa ingo zasubije ko zikoresha igikorwaremezo ***rimwe na rimwe***, izigikoresha ***kenski*** n'izigikoresha ***burigihe*** (izasubije 2, 3 na 4 kuri S5FQ1), kandi kigamije kumenya intera (muri metero) iri hagati y'aho urugo rutuye n'aho icyo gikorwaremezo giherereye cg ahatangirwa serivisi. Iyo ubazwa atabashije kugereranya intera ihari, umukarani w'ibarura agomba kumufasha kugereranya intera ihari agendeye ku gihe yamubwiye bakoresha bajya aho igikorwaremezo giherereye. Iki kibazo (**S5FQ4**) kibazwa muri ubu buryo:

**Kuva hano n'amaguru kugera "……'' kiri hafi, hari intera ingana iki?**

| | |
|---|---|
| **Intera muri (m)** | |

***__Icyitonderwa:__*** *Mu rwego rwo gukusanya neza amakuru arebana n'ibi bibazo (**S5FQ3** & **S5FQ4**), umukarani w' ibarura agomba gufasha umuha amakuru gutanga ibisubizo by'ukuri mu gihe **adasobanukiwe neza n'ibijyanye no kugereraya igihe mu masaha n'iminota ndetse no kugereranya intera muri metero**. Kuko ibyinshi muri ibi bikorwaremezo biba byoroshye kumenya aho bihereryе urugero ahatangirwa serivisi zo k'umurenge, akagari, ... kuko tuba twabanje kwimenyekanisha mu nzego z'ibanze mbere y'uko dutangira akazi muri* **EA** *tuzakoreramo. Ku bikorwaremezo umukarani w' ibarura atazi neza aho biherereye mu gace arimo gukoreramo, ya kwiyambaza abayobozi bo mu nzego zibanze cg n'umuyobozi w'ikipe (TL) mu rwego rwo gukusanya amakuru nyayo arebana n'ibi bibazo (**S5FQ3** & **S5FQ4**).*

__Ikibazo cya 5__ (**S5FQ5**) kibazwa ingo zasubije ko zikoresha igikorwaremezo ***rimwe na rimwe***, izigikoresha ***kenski*** n'izigikoresha ***burigihe*** (izasubije 2, 3 na 4 kuri S5FQ1), kandi kigamije kumenya uburyo bw'ingenzi bukunze gukoreshwa n'abagize urugo kugira ngo bagere ku gikorwaremezo cyangwa serivisi runaka. Kuri iki kibazo, umukarani w'ibarura akanda igisubizo ahawe kijyanye n' uburyo bukoreshwa n'abagize urugo bajya ku gikorwaremezo cyangwa ahatangirwa serivisi runaka, hanyuma agakomeza abaza ikibazo gikurikiyeho. Iki kibazo (**S5FQ5**) kibazwa muri ubu buryo:

**Muri rusange, ni ubuhe buryo bw'ingenzi bukoreshwa mu rugendo kugira ngo mugere ku "...." ?**

Amaguru.................1
Igare........................2
Ipikipiki..................3
Imodoka.................4
Bisi..........................5
Ubwato.....................6
Ubundi, (Buvuge).....7

__Ikibazo cya 6__ (**S5FQ6**) kibazwa ingo zasubije ko zikoresha igikorwaremezo ***rimwe na rimwe***, izigikoresha ***kenski*** n'izigikoresha ***burigihe*** (izasubije 2, 3 na 4 kuri S5FQ1), kandi kigamije kumenya niba abagize urugo bishimiye cyangwa banyuzwe n'imikorere/imikoreshereze y'igikorwaremezo/serivisi runaka. Kuri iki kibazo, umukarani w'ibarura akanda igisubizo ahawe kijyanye n' uko abagize urugo bishimiye imikoreshereze y'igikorwaremezo cyangwa serivisi runaka, hanyuma agakomeza abaza ikibazo gikurikiyeho. Iki kibazo (**S5FQ6**) kibazwa muri ubu buryo:

**Mwaba munyuzwe/mushimishijwe n'imikorere cyangwa imikoreshereze ya".....”?**

Turayishimiye........1
Ntituyishimiye.......2

**<u>Ikibazo cya 7</u>** (**S5FQ7**) kibazwa ingo zasubije ko zikoresha igikorwaremezo ***rimwe na rimwe***, izigikoresha ***kenski*** n'izigikoresha ***burigihe*** (izasubije 2, 3 na 4 kuri S5FQ1), kandi kigamije kumenya uko imikorere cg imikoreshereze y'igikorwaremezo yahindutse bagereranyije n'uko byari bimeze mu mezi 12 ashize. Kuri iki kibazo, umukarani w'ibarura akanda igisubizo ahawe kijyanye n' uko abagize urugo babona imikoreshereze y'igikorwaremezo igenda ihinduka, hanyuma agakomeza abaza ikibazo gikurikiyeho. Iki kibazo (**S5FQ7**) kibazwa muri ubu buryo:

**Kur'ubu, imikorere cyangwa imikoreshereze ya "...." yahindutse mu buhe buryo ugereranyije no mu mezi 12 ashize?**

Ubu byabaye bibi kurusha mbere.......1
Ntacyahindutse...................................2
Ubu byabaye byiza kurusha mbere....3
Ntibabizi............................................4

**<u>Ikibazo cya 8</u>** (**S5FQ8**) kibazwa ingo zasubije ko zikoresha igikorwaremezo ***rimwe na rimwe***, izigikoresha ***kenski*** n'izigikoresha ***burigihe*** (izasubije 2, 3 na 4 kuri S5FQ1), kandi kigamije kumenya niba igikorwaremezo cyaba cyarubatswe cg cyavuguruwe n'imirimo rusange ya VUP (PW) mu mezi 12 ashize. Kuri iki bibazo, umukarani w'ibarura akanda igisubizo ahawe kurutonde rw'ibisubizo byateganyijwe kuri iki kibazo hanyuma agakomeza abaza ibibazo byo mu gika gikurikiyeho cya 6. Iki kibazo (**S5FQ8**) kibazwa muri ubu buryo:

**"...." cyubatswe cg cyavuguruwe n'imirimo rusange ya VUP (PW)?**

Yego................1
Oya..................2
Ntabizi.............3

***<u>Icyitonderwa</u>****: Iki kibazo (S5FQ8) kibazwa gusa ku bikorwaremezo bikurikira: Ivomero ry'amazi meza/amazi yo kunywa, Isoko bahahiramo ibiribwa, Isoko ry'amatungo, Umuhanda ukoreshwa igihe cyose n,Ikigo cy'amashuri y'incuke.*

### 3.7.IGIKA CYA VI: Imirimo

**Intego:**Iki gika kigamije kumenya abantu bose bakoze umurimo uwo ari wo wose ubyara inyungu mu minsi 7 ibanziriza umunsi umukarani w' ibarura agereye mu rugo rwatoranyijwe gukorerwamo ubushakashatsi. Abo bantu bashobora kuba barakoze imirimo y'ubuhinzi-bworozi bikorera cyangwa bakorera undi muntu batabihemberwa cyangwa babihemberwa; bashobora kuba barakoze imirimo itari iy'ubuhinzi-bworozi bikorera cyangwa bakorera undi muntu bahembwa amafaranga cyangwa babona izindi nyungu cyangwa batabihemberwa, byaba ari mu kazi gahoraho cyangwa mu kazi k'igihe gito. Kigamije kandi kumenya ibiranga imirimo (ishami ry'umurimo bakoramo, umurimo bakora, amasaha bakora n'ibindi). Iki gika kandi, kigamije kumenya uko abana (bafite imyaka 6 kugeza kuri 17) bakoreshwa imirimo inyuranye.

**Uko byuzuzwa**

Iki gika kirimo ibice 3 bitandukanye: ibice 2 bibanza (Igice 6A-6B) bireba abagize urugo bose bafite nibura imyaka 6 y'amavuko, igice cya nyuma (Igice 6C) kibazwa abafite kuva ku myaka 6 y'amavuko kugeza ku bafite imyaka 17. Byaba byiza abo bireba bagiye bisubiriza kuri buri gice cy'ibibazo. Niba bamwe mu bagize urugo badahari, abandi bo mu rugo basobanukiwe n'ibijyanye n'umurimo buri wese akora cyangwa yakoze bashobora kubasubiriza.

***Urugero**: ababyeyi bashobora gusubiriza abana babo. Iyo benshi mu bagize urugo badahari, umukarani w'ibarura agomba kugirana ikiganiro n'abahari, akumvikana na bo igihe azaganirira n'abadahari.*

**Ibisobanuro by'amagambo akoreshwa**

**Umurimo ubyara inyungu:** Ni umurimo wose umuntu akora/ashobora gukora ukagira icyo umwinjiriza kigaragara nk'amafaranga cyangwa ibintu. Umuntu avuga ko hari umurimo yakoze iyo yawushoyemo imbaraga mu gihe runaka. ***Urugero:** umuntu wakurikiranye abakozi kuri telefone (abahinzi bari mu murima/abakozi kuri shantiye y'ubwubatsi...) ntabwo abarwa nk'uwakoze umurimo. Uwagiye mu murima akareba uko bahinga agaha abakozi amabwiriza... aba yakoze n'ubwo atafashe isuka ngo ahinge.*

***Icyitonderwa**: Imirimo ikurikira ntabwo ishyirwa mu cyiciro cy'imirimo ibyara inyungu: imirimo yo mu rugo ikorwa n'abagize urugo batabihemberwa (Guteka, gufura, kwidodera umwambaro, kwigisha abana, kurera abana…), umuganda, , kugura imigabane mu kigo cy'ubucuruzi…*

**Iminsi 7 ishize:** Ni ukuvuga iminsi 7 ibanziriza umunsi w'ikiganiro nkuko ikurikirana, ntabwo ari icyumweru gishize. **Urugero:** niba ikiganiro kibaye kuwa mbere tariki **16 Ukwakira 2023**, bizaba ngombwa gusobanura ko ari igihe gihera kuwa mbere tariki ya **9 Ukwakira 2023** kugera ku cyumweru tariki **15 Ukwakira 2023.**

**IGICE 6A: Imirimo yose yakozwe mu minsi 7 ibanziriza umunsi umukarani w' ibarura agereye mu rugo rukorerwaho ubushakashatsi ku gice cy' umurimo**

Iki gice kigizwe n'ibibazo 12, ariko ikibazo cya 1 ni N°ID y'usubiza ni ukuvuga uwatanze amakuru mu rugo ku gice cy' umurimo k' umuntu runaka . . Ibibazo 7 (S6AQ2-Q8) bigamije kumenya niba ukorerwaho ubushakashatsi hari umurimo uwo ari wo wose yaba yarakoze mu minsi 7 ibanziriza umunsi umukarani w' ibarura agereye mu rugo rukorerwaho ubushakashatsi ku gice cy' umurimo . Bibazwa abantu bose bafite nibura imyaka 6 y'amavuko, kandi buri wese agomba kubanza gusubiza ibibazo byo muri iki gice no ku bantu bose bireba mbere yo kubaza ibibazo byo mu bice bikurikiraho. Ibibazo S6AQ9-Q12 bigamije kumenya nimba hari umurimo ukorerwaho ubushakashatsi asanzwe afite ariko atashoboye kujyaho mu gihe cy' iminsi 7 ibanziriza umunsi umukarani w' ibarura agereye mu rugo rukorerwaho ubushakashatsi ku gice cy' umurimo.

**Ikibazo S6AQ2 kirabaza kiti "Mu minsi 7 ishize [IZINA] yaba yarakoze nibura isaha imwe mu murimo w' ubuhinzi, ubworozi, uburobyi n' amashyamba yikorera ku giti cye cg akorera umwe mu bagize urugo abarizwamo?"**

- **Yego..........1**
- **Oya...........2**

Kuri iki kibazo ibisubizo byateganyijwe ni "yego" cyangwa "oya", iyo [izina] asubije yego ajya ku kibazo gikurikiye ari cyo cya S6AQ3 yasubiza oya agasimbuka ajya ku kibazo cya S6AQ4.

Iki kibazo cya S6AQ2 kigamije kumenya niba [izina] yarakoze mu mirimo y' ubuhinzi bworozi yikorera ku giti cye cg akorera umwe mu bagize urugo abarizwamo.

**Ikibazo cya S6AQ3 kirabaza kiti "Muri rusange, umusaruro uvuye muri uwo murimo ugurishwa cyangwa ukoreshwa mu rugo ku ruhe rugero?"**

**UMUKARANI W' IBARURA AKWIYE GUSOMA IBISUBIZO BYATEGANYIJWE**

- **Ugurishwa wose ……………………..….1**
- **Hagurishwa igice kinini ………………..2**
- **Igice kinini gikoreshwa mu rugo ……...3**
- **Wose ukoreshwa mu rugo ……..............4**

Iki kibazo kigamije kumenya uko umusaruro uvuye muri uwo murimo ukoreshwa, ikikibazo kandi kizadufasha kumenya niba umurimo wakozwe ari ubuhinzi bugamije gutunga urugo cg bugamije isoko.

**<u>ICYITONDERWA</u>**

Umuntu tuzasanga yarakoze ubuhunzi bugamije gutunga urugo n' ubuhinzi bugamije isoko, azasubiza iki kibazo agendeye ku buhinzi akora igihe kinini, urugero: tuvuge umuntu wakoresheje amasaha 30 mu buhinzi bw' ibirayi agamije kugurisha akanakora ubuhinzi bw'imbogo agamije ahanini gutunga urugo, azasubiza iki kibazo cya S6AQ3 agendeye kubuhinzi bw' ibirayi bugamije isoko.

**Ikibazo cya S6AQ4 kirabaza kiti "Mu minsi 7 ishize [IZINA] yaba yarakoze nibura isaha imwe umurimo w' ubuhinzi, ubworozi, uburobyi cg mu mashyamba akorera umushara(amafaranga) cg ibindi bihembo?"**

- **Yego..........1**
- **Oya...........2**

Ibisubizo byateganyijwe ni yego na oya, igisubizo cyose [Runaka/Nyirarunaka] asubije ajya ku kibazo gikurikira aricyo cya S6AQ5

Iki kibazo kigamije kumenya niba yarakoze mu buhinzim, ubworozi, uburobyi cg mu mashyamba akorera umushahara(amafaranga cg ibindi bihembo).

**<u>Ibibazo 5-8</u>:** Ibi bibazo bireba imirimo itari iy'ubuhinzi-bworozi. Kuva ku kibazo cya 5 kugera kuri 8, umukarani w'ibarura abaza uwo bireba niba mu minsi 7 ishize yarakoze iyo mirimo. Kuri buri kibazo igisubizo ni "yego" cyangwa "oya", hanyuma akandika ikirango kijyanye n'igisubizo ahawe.

**Ikibazo cya S6AQ5 kirabaza kiti "Mu minsi 7 ishize, hari umurimo utari uw'ubuhinzi [IZINA] yakoreye undi muntu, ikigo cg mu mirimo ya VUP nibura isaha imwe awuhemberwa amafaranga cg ikindi gihembo niyo yaba uwimenyereza umurimo uhembwa?"**

- **Yego..........1**
- **Oya...........2**

Ibisubizo byateganyijwe ni Yego na Oya, Igisubizo cyoze atanze kuri iki kibazo ajya kukibazo gikurikira.

Iki kibazo cya S6AQ5 kigamije kumenya niba [Runaka/Nyirarunaka] hari umurimo utari uw' ubuhinzi yakoze akorera umuntu, ikigo cg akora muri VUP

**Ikibazo cya S6AQ6 kirabaza kiti "Mu minsi 7 ishize hari umurimo utari uw'ubuhinzi ubyara amafaranga cg izindi nyungu (business) [IZINA] yakoze nibura isaha imwe yikorera ku giti cye (nko gucuruza muri butike, ubudozi, …)?"**

- **Yego..........1**
- **Oya...........2**

Ibisubizo byateganyijwe ni Yego na Oya, Igisubizo cyoze atanze kuri iki kibazo ajya kukibazo gikurikira.
Iki kibazo cya S6AQ6 kigamije kumenya niba [Runaka/Nyirarunaka] hari umurimo utari uw' ubuhinzi ubyara amafaranga cg izindi nyungu (business) yakoze mu gihe fatizo.

**Ikibazo cya S6AQ7 kirabaza kiti "Mu minsi 7 ishize hari umurimo utari uw'ubuhinzi ubyara amafaranga cg izindi nyungu [IZINA] yakoze nibura isaha imwe awukorera umwe mu bagize urugo atawuhemberwa?"**

- **Yego..........1**
- **Oya...........2**

Ibisubizo byateganyijwe ni Yego na Oya, Igisubizo cyoze atanze kuri iki kibazo ajya kukibazo gikurikira.
Iki kibazo cya S6AQ7 kigamije kumenya niba [Runaka/Nyirarunaka] hari umurimo yakoze mu gihe fatizo uwukorera umwe mubagize urugo abarizwamo ariko atawuhemberwa.

**Ikibazo cya S6AQ8 kirabaza kiti "Mu minsi 7 ishize hari umurimo [IZINA] yakoze utawuhemberwa akora nk' uwimenyereza umurimo cg umukorerabushake?"**

- **Yego..........1**
- **Oya...........2**

Ibisubizo byateganyijwe ni Yego na Oya.
Iki kibazo kigamije kumenya niba [IZINA] mu gihe fatizo hari umurimo yakoze atawuhemberwa agakora nk' uwimenyereza murimo cg umukorera bushacye.

Niba nibura kimwe mu bisubizo kuri S6AQ2-Q8 ari "yego", bivuga ko hari umurimo yakoze, umukarani w'ibarura akomeza ku gice cya 6B ku kibazo cya mbere (S6BQ1).Niba igisubizo ku bibazo byose (S6AQ2-Q8) ari "oya" ajya ku **kibazo cya 9** kimubaza niba hari akazi asanzwe afite atashoboye kujyaho mu minsi 7 ishize ariko akaba ateganya kugasubiraho.

**Ikibazo cya S6AQ9 kirabaza kiti "[IZINA] asanzwe afite umurimo ahemberwa cg umurimo ubyara inyungu atashoboye kujyaho mu minsi 7 ishize, ariko akaba ateganya kuwusubiraho?"**

- **Yego..........1**
- **Oya...........2**

Ibisubizo byateganyijwe ni Yego na Oya. Niba igisubizo ari yego azakomeza ku kibazo gikurikiyeho aricyo cya S6AQ10, niba igisubizo ari oya ajya ku muntu ukurikiyeho.

**ICYITONDERWA**

Abantu babyuka bagiye gushakisha akazi kandi bagahemberwa umunsi bakoze abo nidusanga batarakoze mu minsi 7 ibanziriza umunsi umukarani w' ibarura azagerera mu rugo rwabo, ntabwo tuzabafata nkabasanzwe bafite umurimo. Ku kibazo cya S6AQ9 bazasubiza oya.

Urugero: Umuyede ubyuka akajya kundege gutegereza uwamuha akazi kandi akaba mu minsi 7 ishize ntako yabonye kuri iki kibazo cya S6AQ9 akwiye gusubiza oya.

**Ikibazo cya S6AQ10 kirabaza kiti “Ni iyihe mpamvu y'ingenzi yatumye [IZINA] atajya ku murimo we mu minsi 7 ishize?”**
Iki kibazo kibazwa uwasubije “yego” ku kibazo cya S6AQ9, kigamije kumenya impamvu y’ ingenzi yatumye izina atajya ku kazi mu minsi 7 ishize. Hari ibisubizo 10 byateganyijwe.
**Hitamo 1** “**Uburwayi, gukomereka**” niba impamvu yatumye adakora mu minsi 7 yabanjirije ubushakashatsi ari ukubera uburwayi, gukomereka cg ibibazo byo kwa muganga. **NTUZAHITEMO** iyi mpamvu igihe cyose impamvu yo kudakora yari iy’uko yitaga ku muvandimwe cg uwo mu muryango urwaye, yakomeretse cg yagize ikibazo cyo kwa muganga. Muri icyo gihe, uzakoresha ikirango 05 “Kwita ku bandi cg indi mpamvu yihariye. Uhisemo iki gisubizo akomereza ku kibazo cya **S6BQ1**

**Hitamo 2** “**Ikiruhuko rusange cg ikiruhuko cy’umwaka**” niba impamvu yo kudakora mu minsi irindwi ishize byari ukubera gutembera cg kwishimisha. Niba usubiza yavuze ati “Nafashe icyumweru cyo kuruhuka kugirango ndangize ibizamini” cg “kwita kuwo twashakanye” cg “kuberako umukozi urera abana yari arwaye”, shyiraho ikirango bijyanye urebeye ku rutonde (urugero: Ikiruhuko cyo kujya kwiga”, “Kwita ku bandi cg indi mpamvu yihariye”, gutyo gutyo.). Uhisemo iki gisubizo akomereza ku kibazo cya **S6BQ1**
**Hitamo 3** niba yari mu “**kiruhuko cy’ ababyeyi**” giteganywa n’itegeko. Menya gusa ko ateganya gusubira mu kazi cg mu bikorwa bye bimwinjiriza kandi ko umukoresha we yemeye ko azasubira mu kazi ke arangije icyo kiruhuko. Uhisemo iki gisubizo akomereza ku kibazo cya **S6BQ1**
**Hitamo 4 “kwiga”** ku bantu bafashe akanya k’ikiruhuko kugirango bigire ibizamini, mu rwego rwo kurangiza amasomo, kwandika igitabo, n’ibindi. Aha kandi hiyongeramo umuntu wari mu kiruhuko kubera ishuri.

**Hitamo 5 “Kwita ku bandi cg indi mpamvu yihariye”** niba impamvu ijyanye n’inshingano afite mu rugo, kwita ku bandi byarabaye impamvu yo kudakora mu minsi 7 ishize. Aha habarirwamo kwita ku muvandimwe wo mu muryango; nk’umwana cg umubyeyi.

**Hitamo 6 “umukozi w’ isizeni”** ku bantu batigeze bakora mu minsi irindwi ishize kubera ko bakora akazi k’isizeni. Aba bazagaruka gukora muri sizeni itaha. Uhisemo iki gisubizo akomereza ku Muntu ukurikira

**Hitamo 7 “Guhagarara akanya gato cg guhagarikwa ku kazi nk’ igihano” mu gihe [izina]** mu gihe atakoze mu minsi 7 ishize kuberako yari yagaze gukora akazi kea kanya gato cg yari mugihano yahawe n’ umukoresha we.

**Hitamo 8** “**Kugabanuka kw'akazi mu kigo (guhagarikwa, by'agateganyo, guhagarikwa kubera akazi gake)** mu gihe atakoze mu minsi 7 ishize kuberako yahagaritswe byakanya gato

**Hitamo 9 “business yakoraga yahagaze**” mu gihe yasibye ku kazi asanzwe akora kuberako ubucuruzi yakoraga bwahagaze ku mpamvu zitandukanye.
**Hitamo 10** “**Indi mpamvu yivuge**” mu gihe yasibye mukazi asanzwe akora kubera indi mpamvu itagaragara mu mpamvu 9 zabanje.

Umukarani w’ ibarura akwiye kubanza kugenzura neza ko igisubizo ahawe kitari mu bisubizo byateganyijwe mbere yo Guhitamo igisubizo cya 10 kivuga indi mpamvu.

Niba impamvu kuva kuri **1-3** ari imwe mu mpamvu yo **gusiba umurimo**, uyu muntu afatwa nk**' ufite uwo murimo"** hanyuma akajya ku gice cya 6B ku kibazo cya mbere(S6BQ1) kibaza umubare w' amasaha ubusanzwe akora mu mirimo yose akora.
Niba impamvu yatumye asiba akazi asanzwe akora ari impamvu ya 6 "**umukozi w' isizeni**" umukarani w' ibarura azajya ku muntu ukurikira cg ajye ku gice cya 6C niba afite imyaka iri hagati 6-17.

**Ikibazo cya S6AQ11 Kirabaza kiti "[IZINA] akomeza kubona inyungu cg guhembwa ku murimo we mu gihe adakora?"**

- **Yego.........1=>S6B1**
- **Oya...........2**
- **Simbizi….9**

Ibisubizo byateganyijwe ni Yego, Oya na Simbizi

Iki kibazo_kibazwa abasubije izindi mpamvu zitari impamvu ya 1,2,3 n' iya 6 ku kibazo cya S6AQ10. iki kibazo kigamije ku menya niba [IZINA] akomeza kubona inyungu cg guhembwa mu gihe adakora. Gukomeza guhembwa mu gihe uri mu kiruhuko cg wasibye impamvu kubera impamvu izwi ni kimwe mu byerekana ko agifite uwo murimo nubwo atawukoze mu minsi 7 ishize. Iyo izina asubije yego ahita asimbikira ku gice cya 6B ku kibazo cya 1 (S6BQ1), Iyo asubije oya cg simbizi akomereza ku kibazo gikurikiyeho ari cyo cya S6AQ12.

Ikibazo cya **S6AQ12** Kirabaza kiti **"[IZINA] arateganya gusubira ku murimo we mu gihe kiri munsi y' amezi 3?"**

- **Yego.........1=>S6B1**
- **Oya...........2 =>UMUNTU UKURIKIRA**
- **Simbizi….9=>UMUNTU UKURIKIRA**

iki kibazo kibazwa umuntu wasibye umurimo mu minsi 7 ishize; kigamijwe kureba niba uyu umuntu akomeza gufatwa nk'ufite umurimo mu gihe ateganya gusubira ku murimo we mu gihe kiri munsi y' amezi 3. Igihe cyose umuntu ashobora gusiba umurimo kibarwa uhereye ku itariki yatangiriyeho gusiba kugeza ku itariki ateganya gusubira ku murimo.
Ibisubizo byateganyijwe ni Yego, Oya na Simbizi

Iyo [IZINA] asubije "yego" akomereza ku kibazo cya S6BQ1, iyo asubije "oya" cg "simbizi" tuzakomeza ku muntu ukurikira cg ku gice cya 6C niba [IZINA] ari mu myaka 6-17.

**ICYITONDERWA**: Umuntu wese ufite imyaka 6 ku zamura byagaragayeko hari umurimo yakoze mu minsi irindwi ibanziriza umunsi umukarani w' ibarura agereye mu rugo rukorerwaho ubushashatsi ku bijyanye n' umurimo, cyangwa umuntu byagaragayeko hari akazi asanzwe afite kabone nubwo yaba ataragakoze mu minsi irindwi ishize azajya kubazwa ibibazo bijyanye na bimwe mu biranga umurimo yakoze cg yari afite mu minsi 7 ishize biri mu gicye cya 6B

**IGICE 6B: IBIRANGA UMURIMO W' INGENZI WAKOZWE MU MINSI 7 ISHIZE**

Ibibazo byo muri iki gice bibazwa abantu bose bafite nibura imyaka 6 y'amavuko basubije "yego" (ko bakoze mu minsi 7 ibanziriza umunsi umukarani w' ibarura agereye mu rugo rukorerwaho ubushakashatsi ku bijyanye n'umurimo) nibura kuri kimwe mu bibazo 2, 4, 5, 6, 7 na 8 byo mu gice 6A . Hiyongeraho abasubije "yego" ku kibazo cya S6A9 kibaza niba asanzwe afite umurimo atashoboye kujyaho mu minsi 7 ishize kandi agasubiza imwe mu mpamvu ishatu zibanza ku kibazo kibaza impamvu y' ingenzi yatumye asiba ku murimo mu minsi 7 ishize, hiyongeraho nabasubije "yego" ku kibazo cya S6A11 kibaza niba akomeza kubona inyungu cg guhembwa ku murimo we mu gihe atawukora, hiyongeraho kandi abasubije "yego" ku kibazo cya S6A12 kibaza niba ateganya gusubira ku murimo we mu gihe kiri munsi y' amezi 3.

Iki gice kigizwe n' ibibazo 9 kigamije ahanini kumenya bimwe mu biranga umurimo w' ingenzi wakozwe mu minsi 7 ishize (umurimo w' ingenzi runaka/nyirarunaka akora ni uwuhe?, Aho "Runaka" akora bakora iki k' ingenzi? N' ubuhe bwoko bwa kantoro/amasezerano y'uwo murimo w' ingenzi akora?).

Icyitonderwa: Iyo tuvuze umurimo w' ingenzi wakozwe mu minsi 7 ishize tuba dushatse kuvuga umurimo wakozwe amasaha menshi, cyangwa umurimo umuntu abonamo inyungu nyinshi niba yarakoze imirimo myinshi mu gihe kingana.

**Ikibazo cya S6BQ1 kirabaza kiti "Ubusanzwe [IZINA] akora amasaha angahe mu cyumweru mu mirimo yose akora, ubariyemo n' amasaha akora ibijyanye n' iyo mirimo atari aho asanzwe ayikorera?"AMASAHA**

Iki kibazo cya S6BQ1 kigamije kumenya umubare w' amasaha yose ubusanzwe [Runaka] akora mu mirimo yose akora.

Niba umuntu akora umurimo umwe, baza umubare w'amasaha asanzwe akora mu cyumweru muri uwo murimo hanyumawandike igisubizo uhawe.

Ku bafite imirimo myinshi, baza amasaha basanzwe bakora mu murimo wabo w'ingenzi, hanyuma ubaze n'ayo basanzwe bakora mu yindi mirimo. umurimo w'ingenzi ni ukorwa amasaha menshi.

Ku muntu wavuzeko ko amasaha asanzwe akora ahindagurika, mufashe kumenya umubare w'amasaha asanzwe akora mu cyumweru. Ibuka ko ubusanzwe bivuga 50% by' igihe no kuzamura, cg ingengabihe y'amasaha y'akazi yakunze gukoreshwa mu mezi 4 cg 5 yahise.

Hano hari amabwiriza yagufasha kugereranya amasaha umuntu asanzwe akora:

- Koresha umubare wuzuye (Iminota 30 no gusubiza hejuru uyibaremo isaha).
- Sobanuza umenye neza umubare nyawo igihe umuntu atanze ikigereranyo cy'amasaha ati: "nkora amasaha ari hagati ya 40-45 mu cyumweru".
- Ku bantu bakora umubare w' amasaha uhindagurika buri cyumweru, gerageza kubona igisubizo ugendeye ku mubare w'amasaha bakora akenshi.

  **Urugero**: Niba mu kwezi gushize, mu byumweru 3 yarakoze amasaha 35 buri cyumweru, ariko mu cyumweru cya 4 agakora amasaha 45, ubwo urandika amasaha 35.

  Bariramo amasaha y'inyongera asanzwe akora nubwo yaba atayahemberwa. Urugero: nk'umunyamategeko ukora amasaha 60 mu cyumweru, ariko akaba ahemberwa gusa 40, amasaha asanzwe akora ni 60.

**Icyitonderwa**: Ku bantu batangiye gukora mu minsi 7 ishize, babaze umubare w'amasaha bateganya gukora mu cyumweru.

Niba akazi kararangiye mu cyumweru fatizo, baza umubare w'amasaha yari asanzwe akora mu cyumweru muri ako kazi, nanone kandi niba yaratakaje akazi ntagire akandi abona, amasaha y'ubusanzwe aba ayo yari asanzwe akora mu gihe yari afite akazi. Ariko rero, niba yarahise atangira akandi kazi gashya muri icyo cyumweru, uzandika amasaha yakozwe muri iyo mirimo yombi, kuberako uyu muntu azafatwa nk'ufite imirimo myinshi, umurimo w' ingenzi k'ingenzi uzaba umurimo mushya yabonye/ yatangiye gukora.

Birashoboka ko umuntu wakoze mu cyumweru fatizo yaba adafite umubare w'amasaha asanzwe akora. Icyo gihe umubare w'amasaha asanzwe akora ni 0. Aha tureba wa muntu wakoze bimutunguye kandi agakora mu mwanya ufite undi usanzwe awukoramo.

Urugero, umuntu uri mu kiruhuko cy'izabukuru wakoze amasaha 20 mu bucuruzi bw'inshuti ye mu cyumweru fatizo, ariko ubusanzwe adakora. Amasaha ubusanzwe yakoze muri ako kazi ni 0, Umunyeshuri wari mu kiruhuko agakora muri businesi y' urugo kubera uwakoragamo adahari cg yarwaye.

Umuntu wese wakoze yagakwiye kugira amasaha asanzwe akora. Umuntu wabonye akazi k'igihe gito n'ubwo yaba adasanzwe akora ntahabwa zero ku masaha ubusanzwe akora ku kibazo cya S6BQ1.

Urugero: Umuntu wahamagawe n'inshuti ngo akore servisi muri hotel atarasanzwe akora, ndetse n'umuntu wabonye ikiraka cy'ubuyedi hari inzu irigusanwa ariko atarasanzwe abikora.
Ikigamijwe kumenyekana kuri iki kibazo ni amasaha yose umuntu ubusanzwe akora mu mirimo yose akora. Umubare w' amasaha wose asubije akomereza ku kibazo gikurikiyeho aricyo cya S6BQ2

**Ikibazo cya S6BQ2 kirabaza kiti "Mu minsi 7 ishize, [IZINA] yakoze amasaha angahe yose hamwe mu mirimo yose yakoze ubariyemo n' amasaha yakoze ibijyanye n' iyo mirimo atari aho asanzwe ayikorera?"AMASAHA**

Iki kibazo cya S6BQ2 kigamije ku menya amasaha yose umuntu yakoze mu mirimo yose yakoze mu minsi 7 ishize. Amasaha yakozwe mu minsi 7 ishize, ahwanye n'igihe cyakoreshejwe mu gukora imirimo itandukanye cg Serivisi mugihe fatizo. Habarirwamo kandi amasaha ajyanye n'iyo mirimo nko gutegereza, kwitaba telephone, ikiruhuko cyo kunywa icyayi, gusenga, n'ibindi. Aha ntihabarirwamo amasaha y'ikiruhuko cy'akazi (conge annuel), ikiruhuko cya Leta, ikiruhuko cy'uburwayi n'ibindi biruhuko, cg se amasaha yo kujya no kuva mu rugo ujya ku kazi, ikiruhuko kirekire nk'icyo gufungura n'ikijyanye n'amasomo, n'ubwo cyaba cyatangiwe uruhushya n'umukoresha.
Kuberako abantu akenshi usanga barakoze amasaha atandukanye ku minsi itandukanye ni byiza kugenda wandika mu ikaye amasaha yagiye akora buri munsi mu gihe fatizo cy' iminsi irindi ishije hanyuma ukaza kuyateranya yose nyuma.

Umubare w' amasaha yose asubije kuri iki kibazo akomereza ku kibazo cya S6BQ3.

**Ikibazo cya S6BQ3A kirabaza kiti "Mu minsi 7 ishize, umurimo w' ingenzi [izina] yari afite ni uwuhe? "**

Kuri iki kibazo, umurimo w' ingenzi umuntu yakoze mu minsi 7 ishize ugomba gusobanurwa neza, ukandikwa byibuze mu magambo atatu

Mu gihe ubarurwa yakoze imirimo myinshi, umukarani w' ibarura azamusaba guhitamo umurimo w'ingenzi ashingiye ku murimo akora igihe kinini. Iyo amara igihe kingana mu murimo irenze umwe, umurimo w'ingenzi ugenwa hakurikijwe umurimo abonamo igihembo kinini.

**Urugero rw'uburyo butemewe n'uburyo bwemewe mu myandikire y'umurimo.**

| **Nº** | **Uburyo butemewe** | **Uburyo bwemewe** |
|---|---|---|
| 1 | Rwiyemezamirimo | Rwiyemezamirimo mu bwubatsi |
| 2 | Umwarimu | Umwarimu mu mashuri abanza |
| 3 | Umukozi wa Leta | Umunyamabanga/Ushinzwe imicungire y'abakozi/Umuyobozi ushinzwe iby'imari |
| 4 | Umuhinzi | Umuhinzi wihingira ibyo gutunga urugo |
| 5 | Gucuruza ibitoki | Umucuruzi w'ibitoki mu isoko |

**Dukomereje ku kibazo cya S6BQ3B kibaza kiti " Ukoresheje ijambo fatizo (keyword) hitamo umurimo w' ingenzi [IZINA] yari afite mu minsi 7 ishize."**

Kuri iki kibazo, Hateguwe technology nshya izakoreshwa yitwa **search engine** ikora nka google search kuburyo umukarani w' ibarura azasabwa gushakisha umurimo yabwiwe akoresheje ijambo fatizo(keyword) rigaragara mu uwo miromo.
**Urugero**: Niba ubarurwa yavuzeko ari umwarimu mu mashuli abanza, ijambo fatizo rishobora kuba umwarimu cg mwarimu cg abanza, cg irindi.

Umukarani w’ ibarura nagera kuri iki kibazo S6BQ3B, bazamuha akadirishya karimo ubusa (empty window) yandikemo rya jambo fatizo uko aryandikamo bazagenda bamuzanira urutonde rw’ interuro zirimo rya jambo fatizo yakoresheje bityo ahitemo yitonze interuro ijyane n’ umurimo ubarurwa afite cg yari afite mu minsi 7 ishize.

**Dukomereje ku kibazo cya S6BQ4A, Kirabaza kiti “Aho [IZINA] akora bakora iki cy'ingenzi?”**

Iki kibazo kigamije kumenya ishami ry’umurimo ubarurwa akora/yakoze akoramo/yakozemo. Kenshi, ishami ry’murimo riba rijyanye n’ibyo ikigo cyangwa umukoresha akora. Birashoboka ko abantu baba bakora umurimo umwe ariko bawukorera ibigo bikora ibintu bitandukanye.

Umukarani w’ibarura yandika mu magambo arenze 2 umurimo w’ingenzi ukorwa n’aho runaka akora.

Aho ubarurwa akora hashobora kuba mu kigo cy’ubucuruzi, mu kigo cya leta, mu ruganda, m’ubworozi bw’amatungo magufi, n’ibindi....

Ku bantu bakorera ibigo bifitanye amasezerano n’ibindi bigo cyangwa abantu bazasubiza bagendeye kucyo ikigo bafitanye amasezerano gikora cy’ingenzi aho kugendera kucyo aho bakorera akazi ka buri munsi bakora.

**Urugero:** Ushinzwe umutekano ufitanye amasezerano y’akazi n’ikigo cya Intersec ariko akaba yaroherejwe gukorera kuri Banki Nkuru y’Igihugu azasubiza ko aho akora bakora ibijyanye no gucunga umutekano aho gusubiza ko aho akorera bakora ibijyanye n’amabanki.

**Urugero rw’uburyo butemewe n’uburyo bwemewe mu myandikire y’ishami ry’umurimo**.

| Nº | Uburyo butemewe | Uburyo bwemewe |
|---|---|---|
| 1 | Ubucuruzi | Ubucuruzi budandaza (boutique, mu isoko…) |
| 2 | Ubwikorezi | Ubwikorezi bwo mu muhanda… |
| 3 | Consultance | Consultance mu burezi |

Kubakora mu bigo bya Leta ushobora gukoresha izina ry’ikigo ubarurwa akoramo (REB,MINAFET, RAB, MINEDUC, MINISANTE n’ibindi).

Ku bakozi bo mu rugo, hazandikwamo ko ari “Imirimo yo mu rugo”.

**Dukomereje ku kibazo cya S6BQ4B, kirabaza kiti “Ukoresheje ijambo fatizo (keyword), Hitamo icyo aho [Izina] akora bakora cy’ ingenzi”**

Kuri iki kibazo, Hateguwe technology nshya izakoreshwa yitwa **search engine** ikora nka google search, kuburyo umukarani w’ ibarura nagera kuri iki kibazo azabona akadirishya karimo ubusa (empty window) aho niho azandika ijambo fatizo(keyword) maze telephone ikamuzanira urutonde runini rurimo iryo jambo maze agakanda yitonze interuro ijyanye n’ icyo aho [runaka/nyirarunaka]akora bakora k’ ingenzi.

**Dukomereje ku kibazo cya S6BQ5, kirabaza kiti “ Mu minsi 7 ishize, Umurimo w' ingenzi [IZINA] yarafite/yakoraga yawukoreraga nde muri aba bakurikira?”**

Iki kibazo kigamije kumenya umurimo w’ ingenzi yawukoreraga nde? (ikigo cya leta, ikigo gifashwa na leta n’ ibindi).

Reka dusabanure ibisubizo byateganyijwe kuri iki kibazo:

1) **Ikigo cya leta/Inzego za leta/Ikigo cya Leta cy’ubucuruzi**: ahantu aho riho hose mu nzego zose, ubariyemo abantu batowe n’abaturage gukora imirimo ihemberwa. Aha kandi habarirwamo abakozi mu

mashuri ya leta ku nzego zose, abakozi b'ibigo by'ubucuruzi bya Leta nka WASAC, REG, abakorera TV na Radio by'igihugu, n'abandi.

2) **Ikigo gifashwa na Leta** ni ikigo leta ifatanyije n'abikorera cyangwa ibyo Leta ifitemo imigabane nk'ibihuriweho n'abashoramari benshi (Joint venture).
3) **Abikorera (uwikorera) mu mirimo itari ubuhinzi**: Ni abikorera ku giti cyabo bagizwe n'abantu bafite imirimo ikomeye nk'inganda, ibigo by'ubucuruzi cyangwa se abakora imirimo iciriritse iyo ariyoyose itari mu buhinzi. Muri iki cyiciro kandi habarirwamo abakorana n'abikorera mu bigo byabo(ibigo by' igenga), abantu bose bakorera ikigo iki n'iki kigamije inyungu, ubariyemo n'abakorera ibigo binini, ibiciriritse n'ibitoya utitaye kucyo umuntu akora. Habarirwamo kandi abantu bikorera bagamije inyungu mu bucuruzi bwabo, iduka, ibiro, mu muhanda, mu bwubatsi, n' ahandi, n'ubwo baba barahombye mu gihe gito gishize, abakora imirimo yishyurwa n'abaturage nk'abanyerondo nabo bafatwa nk'abakorera ikigo kigenga(abikorera).
4) **Abikorera (uwikorera) mu mirimo y'ubuhinzi**: bagizwe n'abakorera ikigo cy' igenga gikora ibijyanye n' ubuhinzi-bworozi
   cg abikorera mu mirimo y' ubuhinzi-bworozi , aha habarirwamo abakora nk ' abanyakabyizi mu buhinzi, abahingira amafaranga cg ibintu, barwiyemezamirimo bahingira isoko, abahinga ibyo kubatunga.
5) **VUP**: Abakora muri Program ya " **VISION UMURENGE PROGRAM**" ni ukuvuga bahembwa niyo Program urugero ni abakora muri VUP mu bijyanye n' ubwubatsi bw' imihanda, guca amaterasi, gukubura mu mihanda,....
6) **Muri ONG mpuzamahanga/Mu miryango mpuzamahanga**: abakora mu miryango mpuzamahanga n'abakora mu zindi Leta nko muri za Ambasade.
7) **Muri ONG Nyarwanda/Imiryango y'abihaye Imana**: abakorera mu miryango itegamiye kuri Leta ikorera mu gihugu, ubariyemo abakorera amadini, abishyizehamwe (unions or associations), Ikigo cyashinzwe n'umuntu cg n'imiryango yigenga.
8) **Muri Koperative**: Koperative ni ikigo cyashinzwe n'abantu bishyize hamwe kugira ngo bakore igikorwa kibyara inyungu.
9) **Mu rugo ( umukozi w' urugo)** : aha habarirwamo abakora akazi ko mu ngo kandi bagahemberwa.
   Urugero: Umukozi wo mu rugo,n'abazamu bo mu rugo, n'abandi .

   **ICYITONDERWA**:Umuzamu urinda urugo ufitanye amasezerano na nyir' urugo yaba ayanditse cg atanditse yo kumurindira urugo niwe tuzavugako **akorera urugo**, Abazamu barinda amaduka, Pharmacy zigenga, butike tuzavugako akorera **Abikorera mu mirimo itari ubuhinzi.**

**Dukomereje ku kibazo cya S6BQ6, kirabaza kiti "Mu minsi 7 ishize, [IZINA] yakoze uyu murimo nijoro hagati ya saa kumi n'ebyiri z'umugoroba na saa kumi n'ebyiri z'igitondo?"**

- **1) Yego, hagati ya saa kumi n'ebyiri na saa moya z'ijoro**
- **2) Yego, hagati ya saa moya na saa mbiri z'ijoro**
- **3) Yego, hagati ya saa mbiri z'ijoro na saa kumi n'ebyiri z'igitondo**
- **4) Oya**

Iki kibazo kibazwa abana bafite imyaka iri munsi ya 18, kigamije kumenya niba umurimo wakozwe warakozwe mu musaha y' ijoro cya y' amanywa.

Igisubizo “oya” kizasubizwa mu gihe umurimo wakoze mu masaha y; amanywa ni ukuvuga **kuva saa kumi n’ ebyiri z’ igitondo kugeza saa kumi n’ ebyiri z’ umugoroba.**

**Dukomereje ku kibazo cya S6BQ7, kirabaza kiti “muri uyu murimo [izina] akora nk’ ….?”**
Iki kibazo kigamije kumenya [Runaka/Nyirarunaka] akora nkande mu murimo akora.
Ese ni umukozi ukorera umushahara?, ni uwikorera ufite abakozi bahoraho?,...
Reka dusobanure ibisubizo bitegenyijwe kuri iki kibazo:

1) **Umukozi ukorera umushahara:** abakorera “umushahara” ni abantu bafite amasezerano (yanditse cg ayo mu magambo) cg mu buryo buziguye mu masezerano agena ibihembo bitagendeye cyane cyane ku musaruro yagaragaje. Igihembo gishobora kuba umushahara, Komisiyo ivuye mubyagurishijwe, umufuragiro, agahimbazamusyi, cg ikindi gihembo nk’ibiryo, icumbi cg amahugurwa. Utanze iki gisubizo akomera ku kibazo cya **S6BQ8**
2) **Uwimenyereza umwuga uhembwa**: Ni ukora mu rwego rwo kwimenyereza akazi ariko akabona kimwe mu bihembo byavuzwe haruguru. Utanze iki gisubizo akomera ku kibazo cya S6BQ8
3) **Umukoresha (ufite abakozi bahoraho):** abo ni abantu bikorera cg abafatanya bikorwa ariko buri wese yikorera kandi bakoresha byibuze umukozi umwe ku buryo buhoraho. Utanze iki gisubizo akomera ku kibazo cya S6BQ9
4) **Uwikorera (udafite abakozi bahoraho):** abantu byagaragaye ko bikorera cg umwe mubo bakorana “yikorera ku giti cye”, ariko badakoresha undi mukozi uhembwa ku buryo buhoraho. Utanze iki gisubizo akomera ku kibazo cya S6BQ9
5) **Umunyamuryango wa koperative**: Ni ukora muri koperative ikora ibintu cg itanga serivisi, ni “abikorera” ariko badafite umushahara uhoraho bahabwa na koperative. Muri koperative bahuriza hamwe umusaruro bakagabana inyungu cg igihombo. Utanze iki gisubizo akomera ku kibazo cya S6BQ9
6) **Ufasha adahembwa mu mirimo y’ umwe mubagize urugo :** Ni ukora mu mirimo ibyara inyungu y’urugo ariko atayihemberwa cyangwa ufasha umwe mu bagize urugo mu kazi ke kandi ntabimuhembere.
   **Urugero:**
   i) Gukora muri butike y’urugo utabihemberwa kandi utari na nyirayo.
   ii) Umwana ufasha mukuru we wigisha mu mashuri yisumbuye gukosora ibizamini adahembwa

Utanze iki gisubizo akomeza **ku muntu ukurikira**
**Icyitonderwa:**
Urugo tuzasanga harimo abantu babiri cg barenze bakora umurimo umwe bafatanyije, Umwe muribo azaba nyiri umurimo abandi babe abafasha badahembwa muri uwo murimo.
Byumwihariko, abana cg urubyiruko tuzasanga barakoze umurimo badahembwa bakora mu kigo kiyoborwa na abo bafitanye isano, cg barakoze umurimo badahembwa bafasha abo bafitanye isano mu murimo bo bahemberwa kandi bakaba batabana mu rugo rumwe, abo bana kuri iki kibazo cya S6BQ7 bazasubiza ko ari “abafasha adahembwa mu mirimo y’ umwe mubagize urugo”.

7) **Uwimenyereza umwuga adahembwa n’ abakorerabushacye,**

Abantu tuvugako ari abimenyereza umwuga ni abantu bakora bimenyereza umwuga ariko ntibabihemberwe, aha ntabwo tuzabariramo abanyeshuli bari gukora internship kugirango babone kurangiza amashuli.
Abokorerabushacye ni abantu bakora akazi runaka muri serivisi runaka mu rwego rwo kwitanga nta gihembo bategereje, aba bashobora kuba hari ibyo bagenerwa nk’ amafaranga y’ urugendo(transport fee), communication fee,...

Utanze iki gisubizo akomera ku **muntu ukurikira**

8) **Ibindi:** abandi bose batavuzwe haruguru
Utanze iki gisubizo akomera ku kibazo cya S6BQ9

**Ikibazo cya S6BQ8, kirabaza kiti “Ni ubuhe bwoko bwa kontaro/amasezerano y’uwo murimo w’ ingenzi [IZINA] akora?”**

Iki kibazo kigamije kumenya ubwoko bwa kontaro/amasezerano afite mu murimo w’ ingenzi akora. Iki kibazo kibazwa abasubijeko ari abakozi bakorera umushahara(S6BQ7=1) cg abimenyereza umwuga bahembwa (S6BQ7=2).

**Ibisobanuro by’ ibisubizo:**

1) **Akazi gahoraho (Permanent worker)**: ni akazi gafite amasezerano agira igihe atangirira kizwi ariko igihe azarangirira kitazwi. ***Urugero****: Umukozi wa Leta ugengwa na sitati (status) y’abakozi ba Leta.*
2) **Akazi k’igihe kizwi (Fixed term contract):** ni akazi gafite amasezerano amara igihe runaka kizwi.
3) **Akazi k’igihe gito mu mirimo idasanzwe(Casual worker)**: ni akazi k’igihe gito, kandi katajyanye n’ibikorwa bihoraho bisanzwe by’ikigo/uwo bakorera.

Urugero: Mubijyanye na hoteli n’ ubukerarugendo, hari ubwo bagira akazi kenshi cyane( bazakira inama zizamo abantu benshi) mu gihe runaka, noneho kugirango babashe gukora neza bagatanga akazi k’ igihe gito ku bantu, abo bantu bakaza bagakora noneho ibyo bihe bidasanzwe byarangira bagahembwa akazi kakaba karangiye, ubwoko bwa kontaro/amasezerano baba bafite ni akazi k’ igihe gito mu mirimo idasanzwe(Casual worker).

4) **Akazi k’ibihe bijyanye n’umwaka** (**seasonal activities**): ni akazi gasanzwe kaboneka mu bihe by’akazi kenshi mu gihe runaka cy’umwaka.

   Urugero: Abantu bakora mu gusoroma ikawa cg kuzikusanya mu gihe cy’ umwero wazo.

5) **Nyakabyizi**: Ni akazi gakorwa umunsi ku munsi, uwakoze agatahana ibihembo yakoreye. Birashoboka ko umukozi n’umukoresha bakumvikana ko uwakoze azatahana igihembo mbumbe arangije akazi yahawe; ntibivanaho ko ari nyakabyizi kuko ahemberwa umubare w’iminsi yakoze.
6) **Iyindi (yivuge):** Iki gisubizo kizasubizwa mu gihe nta bwoko na bumwe bw’ amasezerano bwavuzwe haruguru afite.

**Ikibazo cya S6BQ9A, kirabaza kiti “Ubwo aheruka guhembwa/kunguka [IZINA] yahembwe/yungutse amafaranga angahe mu gihe kingana iki mu murimo w’ingenzi?”**

**Mu gihe Kingana iki?**

**<u>IGIHE</u>**

- ISAHA……………………...……1
- UMUNSI……………………..….2
- ICYUMWERU……………..…...3
- IBYUMWERU BIBIRI…………4
- UKWEZI……………………..…..5
- IGIHEMBWE…………………....6
- UMWAKA……………………….7

**KUBAKORA UBUCURUZI ANDIKA INYUNGU (AYO ASIGARANA YAKUYEMO IBYASOHOTSE BYOSE)**

Iki kibazo kigamije kumenya umubare w’amafaranga ubarurwa aheruka guhembwa cg kunguka mu kazi ke k’ ingenzi havuyemo imisoro ndetse nibyasohotse byose ndetse no mu gihe ayo mafaranga yayahembwemo/yayungutsemo.

Iki kibazo ntikibazwa abo byagaragaye kuri section 6A ko bakoze ubuhinzi bugamije ahanini gutunga urugo (subsistence agriculture)

**Icyitonderwa**: Umukarani w’ ibarura agomba kwitwararika mu gihe yandika amafaranga kugirango atibeshya akaba yakandika imibarwa myinshi cg micye.

Iki kibazo kibaza “**Mu gihe Kingana iki?** kigamije ku menya Igihe amafaranga yavuzwe yayahehembwemo cg yayungutsemo).
Ibisubizo biteganyijwe ni ibi bikurikira:

- 1) ISAHA
- 2) UMUNSI
- 3) ICYUMWERU
- 4) IBYUMWERU BIBIRI
- 5) UKWEZI
- 6) IGIHEMBWE
- 7) UMWAKA

**Icyitonderwa**: Umukarani w’ibarura agomba kwitwararika mu gihe akanda igisubizo kuko niba yanditse igihembo/inyungu **ku munsi** kandi ari igihembo/inyungu **ku kwezi** bishobora kuzamura/kugabanya ku buryo bukabije amakuru yatanzwe.

**<u>ICYITONDERWA</u>**

1. Ku bantu bagitangira akazi batarahembwa na rimwe, tuzandika amafaranga bazahembwa n’ ibahembwa ndetse n’ igihe bazayahembwamo tugendeye kubiri mu masezerano bagiranye n’ umukoresha.
2. Ku bantu bagitangira kwikorera(business), tuzandika amafaranga bateganya kujya bunguka muri ubwo bucuruzi batangiye gukora ndetse n’ igihe bumva bazajya bayungukamo.
3. Ku muntu watangiye ubushabistsi(business) akunguka ariko tukazasanga ari guhomba, azatubwira amafaranga yungukaga ubwo aheruka kunguka ndetse anatubwire n’ igihe yayungukagamo.
4. Ku muntu watangiye ubushabitsi(ubucuruzi/businesi) agahita ahomba ku mafaranga azandikamo zero noneho tumubaze n’ igihe yateganyaga kujya abonamo inyungu ye.

### IGICE 6C: Imirimo yo mu rugo n’indi mirimo yose isigaye

Iki gice kireba abantu bose baba mu rugo bafite nibura imyaka 6 ariko batarengeje imyaka 17 bakoze imirimo yo mu rugo hatabariwemo umukozi wo mu rugo ubihemberwa. Kigamije kumenya abana bo muri iki kigero bakoze imirimo yo mu rugo mu minsi 7 ishize n’igihe (mu masaha) bakoresheje muri iyo mirimo habariwemo n’igihe cy’urugendo bajya kandi bava kuyikora.

**Ikibazo cya S6CQ1 Kirabaza kiti “Mu minsi 7 ishize [IZINA] yagiye kuvoma amazi yo gukoresha mu rugo?”**

- **Yego..........1**
- **Oya...........2 =>S6CQ3**

Ibisubizo byateganyijwe ni yego na oya.
Ikibazo S6CQ1 kigamije kumenya niba ubarurwa yaravomye amazi. Niba igisubizo ari “yego”, umukarani w’ibarura yandika ikirango kijyanye n’igisubizo ahawe, maze agakomereza ku kibazo gikurikiye kibaza igihe yakoresheje mu rugendo rwo kujya no kuva kuvoma harimo n’igihe yamaze ku ivomero. Niba igisubizo ari “oya”, umukarani w’ ibarura azasimbuka ajye ku kibazo cya S6CQ3.

**Dukomereje ku kibazo cya S6CQ2 kibaza kiti "Mu minsi 7 ishize, [IZINA] yakoresheje igihe kingana iki ajya kuvoma amazi?"**
**(UNASHYIZEMO IGIHE CY'URUGENDO RWO KUGENDA NO KUGARUKA)**

Iki kibazo kigamije kubaza amasaha [IZINA**]** yakoresheje mu rugendo rwo kujya no kuva kuvoma harimo n'igihe yamaze ku ivomero, Umukarani w' ibarura yakandika igiteranyo cy'icyo gihe mu masaha.

***Ibyitonderwa:***
*Niba ubarurwa yaragiye kuvoma iminsi irenze umwe n'incuro nyinshi mu munsi, umukarani w'ibarura azateranya igihe cyakoreshejwe muri izo ncuro zose no muri iyo minsi yose ubarurwa yakoze umurimo wo kuvoma yandike amasaha yose yakoresheje muri iyo minsi 7.*
*Ibibazo bikurikira birasa n'ibi bibiri bya mbere uretse ko imirimo itandukanye. Umukarana w'ibarura abibaza kandi akuzuza ibisubizo nkuko yabigenje ku kibazo cya 1 n'icya 2.*

**Ikibazo cya S6CQ3 kibaza kiti "Mu minsi 7 ishize [IZINA] yagiye gutashya/kwasa /kwikorera inkwi zo gucana mu rugo?"**

- **Yego.........1**
- **Oya...........2 =>S6CQ5**

Ibisubizo byateganyijwe ni yego na oya, iyo [IZINA] asubije "yego" ajya ku kibazo gikurikira cya S6CQ3 kimubaza amasaha yakoze mu murimo yakoze wo gutashya/kwasa/kwikorera inkwi zo gucana murugo, iyo igisubizo ari "oya" [ IZINA] akomereza ku kibazo cya S6CQ5.

**Ikibazo cya S6CQ4 kibaza kiti "Mu minsi 7 ishize, [IZINA] yakoresheje igihe kingana iki atashya/yasa/yikorera inkwi?"**
**(UNASHYIZEMO IGIHE CY'URUGENDO RWO KUGENDA NO KUGARUKA)**

Kuri iki kibazo umukarani w' ibarura agomba kubara amasaha [IZINA] yakoze buri munsi uri mu minsi 7 ishize maze agateranya amasaha yose yakoze mu minsi 7 ishize akayandika kuri iki kibazo.
**Ikibazo cya S6CQ5 kibaza kiti " Mu minsi 7 ishize [IZINA] yakoze umurimo wo kwita ku matungo?"**

- **Yego.........1**
- **Oya...........2 =>S6CQ7**

Ibisubizo byateganyijwe ni "yego" na "oya".
[IZINA] iyo asubije "yego" akomereza ku kibazo cya S6CQ6 kibaza amasaha [IZINA] yakoresheje yita ku matungo mu minsi 7 ishize, Iyo igisubizo ari "oya" akomereza ku kibazo cya S6CQ7.

**Ikibazo cya S6CQ6 kibaza kiti "Mu minsi 7 ishize [IZINA] yakoresheje igihe kingana iki akora imirimo yo kwita ku matungo?"**
**(UNASHYIZEMO IGIHE CY'URUGENDO RWO KUGENDA NO KUGARUKA)**

Iki kibazo umukarani w' ibarura agomba kubara amasaha [IZINA] yakoze buri munsi uri mu minsi 7 ishize akora imirimo yo kwita ku matungo maze agateranya amasaha yose yakoze mu minsi 7 ishize akayandika kuri iki kibazo.
**Dukomereje ku kibazo cya S6CQ7 kibaza kiti "Mu minsi 7 ishize, [IZINA] yigeze ajya guhaha mu isoko ahahira urugo?"**

- **Yego.........1**
- **Oya...........2 =>S6CQ9**

Ibisubizo byateganyijwe ni "**yego**" na "**oya**".
Igisubizo kuri iki kibazo nimba ari "yego", tuzakomereza ku kibazo kigikurikiye(S6CQ8) kimubaza amasaha yakoresheje ajya guhahira urugo mu isoko mu minsi 7 ishize, niba igisubizo ari "**oya**", tuzakomereza ku kibazo cya S6CQ9 kibaza nimba yarakoze imirimo yo mugikoni mu minsi 7 ishize.

**Ikibazo cya S6CQ8 kibaza kiti "Mu minsi 7 ishize, [IZINA] yakoresheje igihe kingana iki ajya guhaha mu isoko?"**
**(UNASHYIZEMO IGIHE CY'URUGENDO RWO KUGENDA NO KUGARUKA)**

Kuri iki kibazo umukarani w' ibarura akwiye kwitonda mu gihe abara amasaha yakoreshejwe n' ubarurwa ajya guhaha mu isoko. Birashobokako ubarurwa yajya guhaha inshuro zirenga imwe ku munsi icyo gihe azareba igihe yakoresheje ajya guhaha, ahaha, anagaruka mu rugo kuri buri inshuro maze ateranye aya buri munsi maze nyuma ateranye ayo mu minsi 7 ishize.

**Ikibazo cya S6CQ9 kibaza kiti "Mu minsi 7 ishize, [IZINA] yigeze akora imirimo yo mu gikoni akorera urugo?"**

- **Yego.........1**
- **Oya...........2 =>S6CQ11**

Ibisubizo byateganyijwe ni "yego" na "oya".
Igisubizo kuri iki kibazo nimba ari "yego", tuzakomereza ku kibazo kigikurikiye(S6CQ10) kimubaza amasaha yakoresheje mu mirimo yo mugikoni mu minsi 7 ishize, niba igisubizo ari "oya", tuzakomereza ku kibazo cya S6CQ11 kibaza nimba yarakoze indi imirimo yo murugo nko gufura, gukora isuku, kurera abana n' ibindi mu minsi 7 ishize.

**Ikibazo cya S6CQ10 kibaza kiti "Mu minsi 7 ishize, [IZINA] yakoresheje igihe kingana iki mu mirimo yo mu gikoni?"**
Kuri iki kibazo umukarani w' ibarura akwiye kwitonda mu gihe abara amasaha yakoreshejwe n' ubarurwa akora imirimo yo mu gikoni. Birashobokako ubarurwa yakora imirimo yo mugikoni inshuro zirenga imwe ku munsi icyo gihe azabara amasaha yakoreseheje akora imirimo yo mugikoni kuri buri nshuro maze ayateranye abonye amasaha yakoresheje ku munsi, nyuma ateranye ayo mu minsi 7 ishize.
Igisubizo cyose atanze kuri iki kibazo yaba "yego" cg "oya" akomereza ku kibazo gikurikiyeho aricyo cya S6CQ11.

**Ikibazo cya S6CQ11 kirabaza kiti "Mu minsi 7 ishize, hari indi mirimo ya ngombwa yo mu rugo yatwaye [IZINA] igihe nko gufura, gukora isuku , kurera abana n'ibindi ?"**
Ibisubizo byateganyijwe ni "yego" na "oya".
Igisubizo kuri iki kibazo nimba ari "yego", tuzakomereza ku kibazo kigikurikiye(S6CQ12) kimubaza amasaha yakoresheje muyindi mirimo yo murugo nko gufura, gukora isuku,kurera abana n' ibindi mu minsi 7 ishize, niba igisubizo ari "oya", tuzakomereza ku muntu ukurikiye cg tugane ku musozo w' iki gice cy' umurimo.

**Dukomereje ku kibazo cya S6CQ12** kibaza kiti **"Mu minsi 7 ishize [IZINA] yakoresheje igihe kingana iki muri iyo mirimo ya ngombwa yo mu rugo(gufura,gukora isuku, kurera abana n' ibindi)?"**
Kuri iki kibazo umukarani w' ibarura akwiye kwitonda mu gihe abara amasaha yakoreshejwe n' ubarurwa akora indi mirimo yangombwa yo murugo(gufura, gukora isuku, kurera abana n' ibindi). Mukubara aya masaha umukarani w' ibarura akwiye kwitonda akabara neza amasaha yaba yakoresheje afura, akora isuku cg arera abana n' ibindi

akagenda ayateranya amsaha yakoze iyo mirimo buri munsi maze nyuma akaza guteranya amasaha yose yakoze mu minsi 7 ibanziriza umunsi ageze murugo rukorerwaho ubushakashatsi ku gice cy' umurimo.

***Icyitonderwa:*** *Niba igihe cyakoreshejwe mu gukora umurimo runaka kiri munsi y'iminota 30, umukarani w'ibarura yandika "0". Niba kiri hejuru y'iminota 30, yandika isaha 1. Niba ari amasaha arengaho iminota iri munsi ya 30, andika ayo masaha yavuzwe. Niba iminota irengaho ingana cg iri hejuru ya 30, umukarani w'ibarura yandika umubare w'amasaha ukurikira uwo yabwiwe.*

***Ingero:***
*Umuntu uvuze ko yagiye kuvoma amazi yo gukoresha mu rugo rimwe mu minsi 7 ibanziriza ibarura agakoresha iminota 25 (ikibazo cya 2), andika 0.*
*Umuntu akubwiye ko yagiye gutashya inkwi iminsi itatu mu minsi 7 ibanziriza ibarura agakoresha buri gihe amasaha abiri n'igice. Uteranya ayo masaha ukandika umubare mbumbe (2h30'* 3 = 7h30'). Umubare w'amasaha yakoresheje ni 8.*
*Undi avuze ko akubura buri munsi agakoresha iminota 20 ariko ko buri wa gatandatu nimugoroba amara nk'isaha yose akubura imbuga avuye kumesa ku iriba aho amara amasaha 6 agereranyije kubera ko ategereza ko imyenda yuma. Ku kibazo cya 12 uyu muntu yakoze isuku mu masaha 9 ((iminota 20*6)+1+6).*

## 3.8.IGIKA CYA VII: Ubuhinzi-bworozi

**Intego:** Iki gika ni ingenzi cyane kuko ubuhinzi n'ubworozi usanga ahanini ari bwo butunze ingo nyinshi. Iki gika gituma tubasha kubona amakuru y'ibanze ku byerekeye ubuhinzi-bworozi: Ingo zifite ubutaka buhingwa, ubuso bwabwo, ibyo bahinzemo, ndetse iki gika kigamije kumenya n'amatungo urugo rworoye n'aho akomoka.

Iki gika kigabanyijwemo ibice 2 by'ingenzi. Igice cya mbere kigamije kumenya ingo zakoze ubuhinzi ndetse n'ubworozi muri rusange. Naho igice cya kabiri kigamije kumenya ubworozi muri gahunda ya Girinka/amatungo atangwa n'imiryango itabogamiye kuri leta (NGO).

**Ibisobanuro**

Ibibazo biri muri iki gika bireba gusa amatungo/imirima ingo zibarurwa zifite mu Rwanda;
Iyo urugo rubarurwa rufite itungo ritari iryarwo/rwaragijwe, icyo gihe ntiribarwa mu matungo y'urugo, ahubwo ibirikomokaho urugo rukoresha bizabarwa nk'ibyo urugo rwohererejwe;
Nibigaragara ko hari abafite imirima cyangwa amatungo bororera hanze y'igihugu, hazarebwa gusa imirima / amatungo biri ku butaka bw'u Rwanda ;
Niba urugo rubarurwa rusangiye itungo n'urundi rugo/undi muntu, umukarani w'ibarura abaza neza amasezerano bafitanye kugira ngo hamenyekane niba hatagamijwe ubucuruzi. Nibigaragara ko ari ubucuruzi, icyo gihe ntirizabarwa. Niba bagamije kuryorora gusa, rizandikwa muri urwo rugo turisanzemo. Nibavuga ko atari iry'umwe mu bagize urugo, ntirizabarurwa.
Niba urugo rufite amatungo rugura rugamije kuyagurisha, ayo matungo ntazabarwa.
Niba urugo rufite itungo rwaragije abandi, iryo tungo ribarwa mu rugo.

### IGICE A1: Ubuhizi n'ubworozi muri rusange

***Ikibazo cya 1 (S7A1Q1): Hari umuntu wo muri uru rugo ufite ubutaka buhingwa? (Imirima)***

*Yego…..1*
*Oya……2*

Iki kibazo kigamije gushungura kugirango ibibazo bikurira bibazwe ingo zakoze ubuhinzi. Kigamije kumenya niba hari umuntu wo mu rugo ufite ubuka cg imirima ihingwa. Niba ari "Yego" umukarani w'ibarura akomeza ku kibazo cya 2 kibaza ubuso, niba igisubizo ari "Oya" akomeza ku kibazo cya 3.

***Ikibazo cya 2 (S7A1Q2): Ubuso bw 'imirima (ubuso bw' imirima yose y' abagize urugo)***

Iki kibazo kigamije kumenya ubuso bw'ubutaka/imirima ihingwa. (Umubare muri Are)

***Ikibazo cya 3 (S7A1Q3): Mu mezi 12 ashize, hari umuntu wo muri uru rugo wakoze ibikorwa by'ubuhinzi by' urugo rwanyu, yaba yarahinze ibinyampeke, ibinyamisogwe, ibinyabijumba, imboga, imbuto, ibiti, cg ibisarurwa igihe kirekire?***

*Yego….1*
*Oya…..2*

Iki kibazo kigamije kumenya niba mu mezi 12 ashize hari umuntu wo mu rugo wakoze ibikorwa by'ubuhinzi byaba ubw' ibinyampeke, ibinyamisogwe, ibinyabijumba, imboga, imbuto, ibiti, cg ibisarurwa igihe kirekire? Niba ari "Yego" Umukarani w'ibarura akomeza asomera uwo baganira ubwoko bw'ibihingwa nkuko bugaragara ku rutonde akamubaza niba hari umuntu wo mu rugo wabuhinze mu mezi

12 ashize. Niba ari ntawe, ajya ku bwoko bukurikiyeho. Niba igisubizo ari "Oya" akomeza kukibazo cya 4.

***Icyitonderwa:*** *Aha harebwa imirima yose yahinzwe hatitawe aho iherereye hose mu Rwanda, hatitawe kuri banyirayo ndetse n'iyarajwe.*

***Ikibazo cya 4 (S7A1Q4) : Mu mezi 12 ashize, hari umuntu wo muri uru rugo woroye amatungo cyangwa ibinyamababa?***

*Yego.…1*

*Oya..…2*

Iki kibazo kigamije kumenya niba mu mezi 12 ashize hari umuntu wo mu rugo wari ufite amatungo cyangwa ibinyamababa yoroye. Niba ari "Yego" umukarani w'ibarura akomeza asomera uwo baganira ubwoko nkuko bugaragara ku rutonde akamubaza umubare w'amatungo cg ibinyamababa urugo rworoye/rufite. Niba ari ntawe, ajya ku bwoko bukurikiyeho.

***Icyitonderwa:*** *Ku kibazo kibaza andi matungo 2 y'íngenzi urugo rworoye, nidusanga hari urugo rwakoze ubworozi bw'ínzuki, ku kibazo kibaza umubare hazandikwa umubare w'ímitiba/imizinga urugo rufite.*

**IGICE A2: Gahunda ya girinka munyarwanda, amatungo n'inzuri**

Iki gice gikubiyemo ibibazo bigamije kumenya aho gahunda zinyuranye zo koroza ingo zikennye zigeze n'ubwitabire bwo kororera mu nzuri.

**Ibibazo 1-6: Gahunda yo koroza ingo zikennye**

***Ikibazo cya 1 (S7A2Q1): Ese mwaba mwarahawe inka muri gahunda ya Leta yo koroza ingo zikennye(Gira inka)?***

*Yego........... 1*

*Oya.............2*

Iki kibazo kibaza niba urugo rwarahawe inka muri gahunda ya Leta yo koroza ingo zikennye. Niba ari "yego", akomeza ku kibazo cya2, niba ari "Oya" akomeza ku kibazo cya 4.

***Ikibazo cya 2 (S7A2Q2): Ni mu wuhe mwaka mwahawe iyo nka?***

Iki kibazo kigamije kumenya umwaka inka yatanzwemo.

***Ikibazo cya 3 (S7A2Q3): Iyo nka cyangwa iyikomokaho muracyayifite?***

*Yego…......1*

*Oya…......2*

Iki kibazo kigamije kumenya niba inka urugo rwahawe rukiyifite.

***Ikibazo cya 4 (S7A2Q4): Mwigeze muhabwa itungo n'umuryango utegamiye kuri Leta (NGO) cyangwa indi gahunda yo gufasha abatishoboye?***

*Yego........... 1*

*Oya............ 2*

Iki kibazo kigamije kumenya niba hari itungo urugo rwigeze ruhabwa n'Umuryango utegamiye kuri Leta (NGO) cyangwa indi gahunda ifasha abatishoboye. Niba igisubizo kuri iki kibazo ari "oya", umukarani w'ibarura ajya ku kibazo cya 6, niba ari "yego", abaza ubwoko bw'itungo urugo rwahawe ku kibazo cya 5.

***Ikibazo cya 5 (S7A2Q5): Ni ubuhe bwoko bw'itungo mwahawe n' umuryango utegamiye kuri Leta(NGO) cg indi gahunda yo gufasha abatishoboye?***

*Inka.....................................1*
*Intama ................................2*
*Ihene..................................3*
*Inkoko, ikinyamababa........4*
*Ingurube.…………...........5*
*Inkwavu.………….............6*
*Irindi tungo..........................7*

Iki kibazo kigamije kumenya ubwoko bw'amatungo urugo rwahawe, Kuri iki kibazo, hateganyijwe umwanya w'ubwoko 2 bw'amatungo. Niba barabonye ubwoko bw'amatungo burenze 2, umukarani w'ibarura abaza ubwoko 2 baha agaciro kurusha ubundi akaba ari bwo ahitamo.

***Ikibazo cya 6 (S7A2Q6): Umubare w'amatungo mwabonye warahindutse?***

*Yego, wariyongereye...….1*
*Yego, waragabanutse.......2*
*Oya, ntacyahindutse..…..3*

Iki kibazo kigamije kumenya niba umubare w'amatungo babonye warahindutse (wariyongereye cg waragabanutse), yaba ayaturutse muri gahunda ya Girinka (inkingi ya mbere y'iki kibazo) cg ayaturutse mu miryango itegamiye kuri Leta (ubwoko bwa mbere mu nkingi ya 2, ubwoko bwa kabiri mu nkingi ya 3).

***Ikibazo cya 7 (S7A2Q7):Ese mwororera/ mwororeraga mu rwuri rutunganyije?***

*Yego, rutunganyije.........1*
*Oya, rudatunganyije…...2*
*Oya, ahandi....................3*

Ibi bibazo bireba imikoreshereze y'inzuri. Umukarani w'ibarura abaza urugo rubarurwa niba rwororeye/rwarororeraga mu rwuri rutunganyije.

### 3.9. IGIKA CYA VIII: Amafaranga yaguzwe ibintu, iby’urugo rwakoresheje bikomoka ku buhinzi n’ubworozi n’ibyo urugo rwabonye biturutse ahandi.

#### *8.0 Intego*

Iki gika ni kimwe mu by’ingenzi bigize ubushakashatsi EICV kuko ari cyo kigaragaza isura nyayo y’urugo ku birebana n’imibereho yarwo. Hashingirwa:

- ku mafaranga urugo rwakoresheje rugura ibiribwa n’ibitari ibiribwa,
- Ibiribwa cg ibinyobwa n’ibitari ibiribwa urugo rwakoresheje, byaba byaraguzwe, bikomoka ku musaruro warwo (ubuhinzi n’ubworozi) ndetse n‘ibyo urugo rwahawe ku buntu cg ibyo rwahembwe,

Ibyakoreshejwe n ’urugo mu gihe cy’iminsi 7 ni byo by’ingenzi bizagenderwaho mu kugaragaza imibereho y’ingo n’uko ikigereranyo cy’ubukene mu ngo gihagaze mu gihugu muri rusange.

Igika cya 8 kigabanyijemo ibice 3 by’ingenzi:
Igice A: Amafaranga yatanzwe ku bintu bitari ibiribwa, agaciro k’ibyo urugo rwabonye bitari ibiribwa biturutse ahandi ku buntu cg nk’igihembo.
Igice B: Amafaranga yatanzwe ku biribwa, ibiribwa byakoreshejwe mu rugo,
Igice C: Ibyo kurya/Ibyo kunywa byafatiwe hanze y’urugo

Muri iki gika, igihe fatizo gihinduka hakurikijwe uko ibintu bikenerwa mu rugo (kenshi cyangwa gake). Icyo gihe gishobora kuba amezi 12 abanziriza isurwa, ibyumweru 4 bibanziriza isurwa, iminsi 7 ibanziriza isurwa ry’urugo cg buri munsi.

Urutonde rw’ibintu urugo rwatanzeho amafaranga cyangwa ibyavuye ku musaruro warwo byakurikiranyijwe ku murongo uvuye ku cya mbere kugera ku cya nyuma muri buri gice (A na B). Buri kintu cyose cyahawe ikirango cya COICOP (Classification of Individual Consumption by Purpose) kigaragaza urwego cyangwa icyiciro ibintu bikenerwa/bikoreshwa mu rugo na buri wese bibarizwamo ku rwego mpuzamahanga.

Abasubiza ibibazo byo muri iki gika ni abantu baba mu rugo bashinzwe kugura ibitari ibiribwa bikenerwa mu rugo (Igice A), kugura ibiribwa no gutegura amafunguro (Igice B), na buri wese wafatiye amafunguro hanze y’urugo (Igice C).

### IGICE A. AMAFARANGA YATANZWE KU BINTU BITARI IBIRIBWA/SERIVISI

Muri iki gice, ababazwa ni abantu bashinzwe kugura ibintu bikoreshwa mu rugo bitari ibiribwa. Umukarani w’ibarura abaza amazina yabo akayandika ahabugenewe n’ibirango byabo (NºID) ndetse n’itariki y’isura. Hashingiwe uko ibintu bigenda bikenerwa mu rugo mu bihe bitandukanye, iki gice nacyo kigabanyijemo uduce 3 dukurikira:
**A.I** :Amafaranga yatanzwe n’urugo ku bintu bitari ibiribwa/serivisi mu mezi 12 ashize, guha agaciro ikintu/serivisi urugo rwahawe ku buntu cg nk’igihembo;
**A.II** : Amafaranga yatanzwe n’urugo ku bintu bitari ibiribwa/serivisi mu byumweru 4 bishize, guha agaciro ikintu/serivisi urugo rwahawe ku buntu cg nk’igihembo

**A.III :** Amafaranga yatanzwe n’urugo ku bintu bitari ibiribwa/serivisi bikenerwa kenshi, guha agaciro ikintu/serivisi urugo rwahawe ku buntu cg nk’igihembo

**Igice A.I : Amafaranga yatanzwe n’urugo ku bintu bitari ibiribwa/serivisi mu gihe cy’amezi 12 abanziriza ibarura**

Iki gice kireba amafaranga urugo rwagiye rutanga mu kugura ibintu bikenerwa n’abagize urugo ariko bitagurwa kenshi kubera imiterere yabyo (kubera ko biramba cyangwa se ko atari ngombwa ko umuntu akoresha ibikoresho birenze 1 byo mu bwoko bumwe mu gihe kimwe...). Iki gice kandi giha agaciro buri kintu/serivisi urugo rwaba rwarahawe ku buntu cg rwarakibonye/rwarayibonye nk’igihembo.

***Icyitonderwa*** ***:*** *Umukarani w’ibarura agomba gufasha uwo baganira kwibuka ibyatanzweho amafaranga, ibyahawe urugo ku buntu cg ibyahembwe kuri buri muntu mu bagize urugo kubera ko ubazwa ashobora kuvuga ibimureba ntiyibuke iby’abandi mu rugo baba baratanzeho amafaranga/bahawe cg bahembwe muri icyo gihe.*

Muri iki gice, ibyatanzweho amafaranga*/ibyahawe cg ibyahembwe* mu mezi 12 ashize biri mu byiciro bikurikira:

Imyambaro (hatarimo imyambaro y’ishuri n’iya siporo ku banyeshuri kuko ihabwa agaciro mu gika cya 4)

Ibikoresho bwite by’umuntu;

Inyubako/aho gutura;

Ibikoresho byo mu nzu;

Gutwara abantu n’ibintu hatabariwemo ibikoreshwa mu bucuruzi;

Imyidagaduro;

Ubuzima;

Izindi serivisi zikenerwa n’urugo.

**Urugero rw’igihembo umuntu ashobora kubona:** Umuntu ashobora guhingira undi akamuhemba ibintu bitari amafaranga nk’igitebo cy’ibijumba, umwenda, serivisi n’ibindi.

**Urugero rwa serivisi:** Umuntu ashobora guhingira undi akamwishyura serivisi yo kumudodera umwenda.

Muri iki gice, hari ibibazo bitanu (Ikibazo cya 2, icya 3, icya 4, icya 5 n’icya 6) biteganyijwe kubazwa kuri buri kintu. Ikibazo cya 0 ni numero y’ikintu gikoreshwa mu rugo, ikibazo cya 1 n’ikirango cya COICOP.

**<u>Ikibazo cya 2</u>: Mu mezi 12 ashize urugo rwanyu rwaguze/rwishyuye “……” ?**

**Yego…….....1**

**Oya.............. 2 => Q5**

Ikibazo cya 2 kigamije kumenya niba hari umuntu wo mu rugo waguze buri kintu kiri ku rutonde mu mezi 12 ashize. Umukarani w’ibarura asomera uwo baganira ikintu/serivisi akamubaza niba umwe mu bagize urugo yarakiguze mu mezi 12 ashize. Iyo igisubizo ari “**oya**” tabuleti imujyana **ku kibazo cya 5**, iyo ari “**yego**” akomeza **ku kibazo cya 3** kibaza amafaranga bishyuye.

**<u>Ikibazo cya 3:</u> Mu mezi 12 ashize mwatanze amafaranga angahe mugura/mwishyura “……” ?**

Kigamije kumenya amafaranga yaguzwe igikoresho/serivisi yavuzwe ku kibazo cya 2. Iyo usubiza atariwe wakiguze abaza umuntu wakiguze mu rugo akavuga amafaranga yaguzwe icyo kintu/serivisi

**<u>Ikibazo cya 4</u>: Akenshi, ni hehe h’ingenzi mwaguriye/mwishyuriye “….”?**

Iduka rito cg butike…………………...01
Iduka rinini/supamaketi……………....02
Iduka ryihariye………………………..03
Isoko…………………………………..04
Ugendana ibicuruzwa…………………05
Umuntu ku giti cye/ urugo ……………06
Utanga serivisi ………………………..07
Akabari/resitora..………………………08
Kuri Murandasi (online)………………09
Ahandi…………………………………10
Ntahazi…………………………………11

Iki kibazo kigamije kumenya ahantu h’ingenzi urugo rwaguriye ikintu/serivisi runaka. Umukarani w’ibarura yandika mu kazu kabugenewe ikirango kijyanye n’igisubizo ahawe.
Kuri iki kibazo, ibisubizo bishoboka ni 11 nk’uko bigaragara mu rutonde rw’ibibazwa. Muri byo, harimo igisubizo “**Ahandi**”. Iki gisubizo gisobanura ahandi hantu hose umuntu ashobora kugurira ikintu/serivisi hatavuzwe. Hagomba kugaragazwa mu gihe hahari (urugero: muri **cyamunara**, mu **imurikagurisha**,...). Harimo n’igisubizo “**Ntahazi**”. Iki gisubizo kizasubizwa mu gihe urugo ruzaba rutacyibuka cyangwa ubazwa atazi aho cyaguriwe, cyane ko uwakiguze ashobora kuba ataboneka mu buryo ubwo ari bwo bwose mu gihe cy’isurwa ry’urugo.

**<u>Ikibazo cya 5</u> : Mu mezi 12 ashize, urugo rwanyu rwaba rwarakiriye/rwarahawe “….” biturutse ahandi hantu nk’ igihembo cg ku buntu?**
Yego…1
Oya…..2 => Baza igikurikira

Iki kibazo kigamije kumenya niba hari umuntu wo mu rugo wakiriye ku buntu cg nk’igihembo buri kintu/serivisi kiri ku rutonde mu mezi 12 ashize. Umukarani w’ibarura asomera uwo baganira ikintu/serivisi akamubaza niba hari umuntu wo mu rugo wagihawe/wayihawe ku buntu cg nk’igihembo mu mezi 12 ashize. Iyo igisubizo ari “**oya**” ajya ku kintu/serivisi gikurikiyeho, iyo ari “**yego**” akomeza **ku kibazo cya 6** kibaza agaciro mu mafaranga icyo kintu cyari gifite agihabwa.
**Urugero :**

1. Inshuti yawe ishobora kuguha imyambaro nk’impano y’iminsi mikuru cg se indi mpamvu iyo ariyo yose. Aha ntihitabwaho ku kuba icyo wahawe cyari gishya cg gishaje.
2. Umuntu ashobora gukora akazi runaka, bitewe n’ibyo bumvikanye bakamuhemba ikintu runaka : nk’imyambaro,inkweto, kwishyurirwa mutiweli n’ibindi.

Izi ngero tumaze kuvuga n’izindi tutarondoye urugo rwahawe bimwe muri ibyo bintu/serivisi basubiza Yego ku kibazo cya 5 bagakomereza ku kibazo cya 6 kigamije guha agaciro ikintu/serivisi urugo rwahawe. Iyo igisubizo ari Oya bakomeza ku kintu/serivisi ikurikira.

**<u>Ikibazo cya 6</u> :** Mu mezi 12 ashize ”…..” urugo rwanyu rwakiriye /rwahawe nk’igihembo cg ku buntu byari bifite agaciro k’amafaranga angahe?
Kigamije kumenya ingano y’amafaranga y’ikintu/serivisi yavuzwe mu kibazo cya 5 urugo rwahawe.

**Icyitonderwa** : Iyo agaciro k’ikintu urugo rwahawe katazwi neza usubiza agereranya agaciro icyo kintu cyari gifite. Iyo ari serivise kuko zo ibiciro byazo bizwi hashakishwa amakuru ku giciro cy’izo serivisi urugo rwishyuriwe.

**Igice A.II : Amafaranga yatanzwe n’urugo ku bintu bitari ibiribwa/serivisi mu gihe cy’ibyumweru 4 bibanziriza ibarura**

Ibintu byashyizwe muri iki gice ni ibitaramba nk’ibiri mu gice A.I ariko na none si ibishobora kwangirika mu minsi mike, akaba ari yo mpamvu bibazwa mu gihe cy’ibyumweru 4 bibanziriza isura. Ibibazo bibazwa muri iki gice ni nk’ibyabajijwe mu gice A.I. Iki gice kandi nacyo giha agaciro buri kintu urugo rwaba rwarahawe ku buntu cg rwarakibonye nk’igihembo.

***Icyitonderwa :*** *Umukarani w’ibarura agomba gufasha uwo baganira kwibuka ibyatanzweho amafaranga ibyahawe ku buntu cg ibyahembwe kuri buri muntu mu bagize urugo kubera ko ubazwa ashobora kuvuga ibimureba ntiyibuke iby’abandi mu rugo baba baratanzeho amafaranga ibyo bahawe ku buntu cg bahembwe muri icyo gihe.*

**Igice A.III : Amafaranga atangwa n’urugo kenshi ku bintu bitari ibiribwa**

Ibitangwaho amafaranga kenshi bijyanye n‘isuku, gutwara abantu n’ibintu bidakoreshwa mu bucuruzi, ibikoresho bibyara ingufu zikoreshwa mu guteka no kubonesha mu nzu, itumanaho n’ibindi bintu bitavuzwe mu bindi bika. Ibibazo bibazwa muri iki gice bibazwa nk’ibyabajijwe mu gice A.I na A. II.
Bibazwa ku isura rya nyuma hakabazwa iminsi irindwi ishize. Ni ukuvuga umunsi ukurikira isura rya mbere n’umunsi ubanziriza isura rya nyuma.

## IGICE B : AMAFARANGA YATANZWE KU BIRIBWA/IBINYOBWA N’INGANO Y‘ IBYAKORESHEJWE N’URUGO

Amakuru akusanywa muri iki gika ni amakuru y’ibyo urugo rwahashye, rwakoresheje mu gihe cy’iminsi 7. Iyo minsi irindwi ibarwa mu buryo bukurikira:

Iminsi ifatwaho Amakuru ajyanye n’igika 8B na 8C

| **Amasura** | **Isura rya 1** | | **Isura rya 2** | | **Isura rya 3** | | **Isura rya 4** | | **Isura rya 5** |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| **Iminsi** | 0 | 1 | 2 | 3 | 4 | 5 | 6 | 7 | 0 |
| **Amakuru y’ibiribwa afatwa** | Nta makuru ajyanye n’igika cya 8B na 8C afatwa | | Umukarani w’ibarura akusanya amakuru y’ibyakoreshejwe n’urugo ejo hashize (umunsi wa 1) | | Umukarani w’ibarura akusanya amakuru y’ibyakoreshejwe n’urugo aho aherukira mu rugo (Umunsi wa 2 na 3) | | Umukarani w’ibarura akusanya amakuru y’ibyakoreshejwe n’urugo aho aherukira mu rugo (Umunsi wa 4 na 5) | | Umukarani w’ibarura akusanya amakuru y’ibyakoreshejwe n’urugo aho aherukira mu rugo (Umunsi wa 6 na 7) |

Iminsi ifatwaho amakuru ajyanye n’igika cya 8B na 8c ari kuva ku munsi ukurikira isura rya mbere kugeza ku munsi ubanziriza isura rya nyuma, hagati yayo masura yombi harimo iminsi 7.

**Icyitonderwa:** Ku isura rya 2 umukarani w’ibarura abaza amakuru ajyanye n’ejo hashize, andi masura hakabazwa amakuru ajyanye naho umukarani w’ibarura aherukira mu rugo. Ku mbonerahamwe iri haruguru ibyo urugo rwaguze n’ibyo rwakoresheje ku munsi w’isura rya mbere n’umunsi w’isura rya nyuma ntibibarwa.

Muri iki gice cya 8B na 8C ababazwa ni abashinzwe kugura ibiribwa mu rugo, igika cya 8B kiri mu bice bitatu :

1. Ibyo urugo rwaguze
2. Ibyo urugo rwakoresheje: Ibyo urugo rwakoresheje biri mu bice bitatu aribyo:
    a) Ibyaguzwe;
    b) Ibyavuye k’umusaruro w’urugo;
    c) Ibyahawe urugo ku buntu cg nk’igihembo k’umurimo wakozwe n’umwe mu bagize urugo,

Urutonde rw’ibiribwa byatanzweho amafaranga cg byakoreshejwe biri mu byiciro bikurikira:

Ibinyampeke
Amafu y’ibinyampeke
Imitsima ya kizungu
Inyama
Ibinyamababa n’ibibikomokaho
Amafi
Amata n’ibiyakomokaho
Amavuta yo guteka

Imbuto
Ibinyamisogwe
Imboga
Ibinyabijumba
Ibinyasukari
Ibirungo /indyoshyandyo
Ibinyobwa bidasembuye
Ibinyobwa bisembuye

**Ikibazo cya 2: "Ejo hashize"/" Kuva aho mperukira aha", urugo rwanyu rwaguze "……"?**
**Yego…….....1**
**Oya.............. 2 =>Q6**
Ikibazo cya 2 kigamije kumenya kuri buri bwoko bw'ibiribwa/ibinyobwa biri ku rutonde niba byaraguzwe. Iyo igisubizo ari "**oya**" ajya ku kibazo cya 6, iyo ari "**yego**" akomeza **ku kibazo cya 3** kibaza ingano y'ibyaguzwe.

**Icyitonderwa**: Ingo zikoresha **ibishyimbo bya me2u** ku kibazo cya 2 kibaza ""Ejo hashize"/"Kuva aho mperukira aha", urugo rwanyu rwaguze "ibishyimbo byumye"?" **Hazasubizwa Oya hanyuma dukomereze ku kibazo cya 6 maze gisubizwe nkuko bisanzwe.** Impamvu twahisemo ubu buryo nuko iyo bisubijwe ku kibazo cya 3, ku kibazo cya 4 huzuzwamo ingano itandukanye n'ingano zimenyerewe ku masoko bikaba byakwica imibare yindi. Urugero ku isoko nta bishyimbo bya 0.05g wahasanga.

Aya ma items akurikira ntari ku rutonde ariko abarizwa mu byiciro bikurikira:

- Beterave tuzishyira **mu bundi bwoko bw'imboga**
- Ibibiringanya tubishyira kuri item y'**intoryi**
- Ibisusa tubishyira mu **bundi bwoko bw'imboga**
- Brocolli tuzishyira kuri item y'**amashu/shufureri**
- Watermelon, ibifenesi tubishyira **mu zindi mbuto**
- Tofu tuyishyira kuri item ya **soya**
- Imifupa ijya mu **bundi bwoko bw'inyama**
- Tangawizi, umucyayicyayi, tea masala, rosemary, umwenya, ketchup, asante, soya sauce, royco, pilau masala, sucre vanile, chicken masala, onga, chico tubishyira **mu bundi bwoko bw'indyoshyandyo**

**Ikibazo cya 3: "Ejo hashize"/" Kuva aho mperukira aha", mwaguze "…." bingana iki?**
Ikibazo cya 3 kigamije kumenya ingano y'ibyaguzwe kuri buri bwoko bw'ibiribwa/ibinyobwa biri ku rutonde.

**Ikibazo cya 4: "Ejo hashize"/" Kuva aho mperukira aha", mwatanze amafaranga angahe mugura "……."?**
Ikibazo cya 4 kigamije kumenya amafaranga yatanzwe hagurwa ibiribwa/ibinyobwa urugo rwaguze.

**Ikibazo cya 5: Akenshi, ni hehe h'ingenzi mwaguriye "…."?**
Iduka rito cg butike…………………...01
Iduka rinini/supamaketi……………....02
Iduka ryihariye………………………..03
Isoko…………………………………..04
Ugendana ibicuruzwa…………………05
Umuntu ku giti cye/ urugo ……………06
Utanga serivisi ………………………..07
Akabari/resitora..………………………08
Kuri Murandasi (online)……………...09
Ahandi…………………………………10
Ntahazi…………………………………11

**Ikibazo cya 5** kigamije kumenya aho (ibiribwa/ibinyobwa) byatanzweho amafaranga byaguriwe akenshi.

**Ikibazo cya 6: "Ejo hashize"/" Kuva aho mperukira aha" urugo rwanyu rwaba rwarakoresheje "…." nk'ikiribwa/ikinyobwa?**
**Yego……......1**
**Oya.............. 2 =>** Ikiribwa/ikinyobwa gikurikira

**Ikibazo cya 6** kigamije kumenya niba hari umuntu wakoresheje mu rugo ibiribwa/ibinyobwa biri ku rutonde. Niba ari "**yego**" akomeza ku **bibazo bya 7 kugeza ku cya 12.** Niba ari oya ajya ku kiribwa/ikinyobwa gikurikira.

**Ikibazo cya 7 : "Ejo hashize"/" Kuva aho mperukira aha", mwakoresheje "…" ibingana iki?**
Ikibazo cya 7 Kigamije kumenya ingano y'ibyariwe mu rugo kuva ejo hashize cg aho umukarani w'ibarura aherukira mu rugo. Hatabariwemo amafunguro yafatiwe hanze y'urugo.

**Urugero:** Mu cyumweru gishize urugo rwa Kamali rwaguze igitebo cy'ibijumba. Aho umukarani w'ibarura aherukira mu rugo hatetswe igice cyicyo gitebo cy'ibijumba. Icyo gihe umukarani w'ibarura azapima ibijumba bingana nibyo bakoresheje ahereye ku gice cyasigaye. Ikuzuzwa **ku kibazo cya 7.**

Ibibazo kuva cya 8 kugeza ku cya 12 bigamije kumenya ibyo abagize urugo bakoresheje. Amafunguro afatwa mu rugo ashobora guturuka ahantu hatandukanye ariho kugurwa, umusaruro w'urugo (ibyo urugo rwejeje), ibyo urugo rwahawe n'inshuti cyangwa abagiraneza, ibyo urugo rwabonye bivuye ku gihembo bitewe n'akazi kakozwe n'umwe mu bagize urugo.

**Ikibazo cya 8: Kuri [Ingano] [Urugero] bya "…."  mwakoresheje, ~~mui~~byo mwaguze byanganaga iki ?**
**Ibyaguzwe:** Ni ibyo urugo rwakoresheje kandi byaraguzwe.

**Ikibazo cya 10: Mu [Ingano] [Urugero] bya "…." mwakoresheje ibyavuye ku musaruro wanyu byanganaga iki?**
**Ibyavuye k'umusaruro w'urugo:** Ni ibyo urugo rwakoresheje kandi byaravuye ku musaruro w'urugo. Icyo gihe naho umukarani w'ibarura azapima ibingana n'ibyakoreshejwe.
**Ikibazo cya 12: Mu [Ingano] [Urugero] bya "…." mwakoresheje mwahawe ku buntu/ igihembo byanganaga iki?**
**Ibyahawe ~~n'~~urugo ku buntu cg nk'igihembo ku murimo wakozwe:** Ni ibyo urugo rwakoresheje byavuye ku gihembo cy'umurimo wakozwe n'umwe mu bagize urugo. Aha naho hazapimwa ingano yabyo.

**Ikibazo cya 10A: Kuri ubu mwagurisha [Urugero] cy' "…." Ku ~~a~~mafaranga angahe?**
**Ikibazo cya 10A:** Kigamije kumenya igiciro ku rugero rw'ibyo urugo rwakoresheje bikomoka k'umusaruro w'urugo.

## GUHINDURA INGERO Z'IBIPIMO MU NGERO MPUZAMAHANGA (Kg na L) KU BYO URUGO RWAKORESHEJE

Ibijyanye no guhindura ingero z'ibipimo mu ngero mpuzamahanga birareba ibibazo bya 3, 7, 8,10 na 12. Ibipimo by'ingero bisanzwe mu gupima ibyo urugo rwakoresheje: Icupa rya Fanta, Akabido, ikidomoro, ingunguru, ikibindi, igicuma, indobo, akadeyi, umufuka, igitebo, icyibo, ibase, isahani, igicuba, umufungo, umuba, ingemeri, ijage… Izi ngero zikoreshwa mu gupima ibintu bisukika n'ibidasukika ni zo zihindurwa mu ngero mpuzamahanga z'uburemere n'iz' ibisukika ari zo Kilogarama **(Kg)** na **litiro (L).**

### Uko bizakorwa

Mu ngo nyinshi, bakoresha zimwe muri ziriya ngero zisanzwe. Umukarani w'ibarura azabasaba bamwereke ibikoresho bapimisha ku byo akeneye gupima. Azakoresha **umunzani** wabugenewe cyangwa **Gobelet gradué (Jag)** afite, maze yandike **umubare w'ibiro (Kg)** cyangwa w'**amalitiro (l)** abonye.
**Urugero:** Gupima Igitebo cy'ibijumba ukabona ibiro byacyo, gupima igicuba cy'amata ukabona amalitiro gitwara iyo cyuzuye (kwifashisha amazi ukayageza aho bageza amata).

### Ibikoresho by'ingenzi bigomba gukoreshwa kugira ngo hashobore gufatwa neza ibipimo

1**. Agakayi:** Ni ngombwa kwita ku gakayi gahabwa urugo kandikwamo ibyo urugo rwahashye n'ibyo rwakoresheje. Ni byiza kureba neza ko kandikwamo neza ~~K~~kandi mu gihe cyo kubaza umukarani ntiyita gusa kubyanditse muri ako gakayi; kugira ngo atagira ibyo yibagirwa, ni byiza kubaza items zose atari ukwandukura gusa ibiri mu gakayi.

2. **Umunzani:** Muri iri barura (EICV7) tuzakoresha umunzani électrique woroshye mu gutwara. Uyu munzani ukora ari uko urimo amabuye. Mukiwatsa ukanda kuri Button ON/OFF,iyo umunzani umaze kwaka ureba ko unit yanditse muri tableau yawo ari Kg, yaba itarimo ukifashisha button yitwa UNIT. Iyo ugiye gupima icyo ushobora kwifashisha (igikoresho) gishyirwamo ibyo upima, bityo bigasaba ko ubanza gupima icyo gikoresho maze kigakatirwa kugira ngo uburemere bw'igipimwa abe aribwo bwandikwa.

-Ku bintu bimwe na bimwe bikoreshwa ku rugero ruto; urugero nk'umunyu bakoresha mu guteka aho bakoresha ikiyiko; bizasaba ko hashakwa aho uwo munyu upimishwa ikiyiko wapimirwa maze umukarani ashobore kwandika neza uwo urugo rwakoresheje.

3.**Ijagi:** Ijagi ikoreshwa igihe hapimwa ibyakoreshejwe n'urugo bisukika. Hazifashishwa Amazi mu gupima amata,ubushera,urwagwa n'ibindi bisukika.

4. **Indobo:** ikoreshwa mu gupima ibisukika akenshi ariko ishobora no gukokoreshwa mu gupima n'ibidasukika.

**Icyitonderwa:** Igihe cyose Umukarani agomba gusuzuma neza ko ibikoresho bimufasha gupima ibyakoreshejwe abifite mu gikapu cye mbere yo kwinjira mu rugo agiye kubaza.

**IGICE C: IBYO KURYA/IBYO KUNYWA BYAFATIWE HANZE Y'URUGO**

Iki gice kigamije kumenya abantu bafatiye amafunguro hanze y'urugo no kumenya agaciro k'ayo mafunguro. Ibi bibazo bibazwa abagize urugo bose.

**Ikibazo cya 2: "Ejo hashize "/" Kuva aho mperukiye aha", [IZINA] yaba hari ibyo kurya cg ibyo kunywa yafatiye hanze y'urugo?**

**Yego... 1**

**Oya .... 2 => Jya ku muntu ukurikira**

Ikibazo cya 2 kigamije kumenya niba hari umwe mu bagize urugo wafatiye ibyo kurya cg ibyo kunywa hanze y'urugo. Niba igisubizo ari Oya jya ku muntu ukurikira. Niba igisubizo ari Yego akomeza ku kibazo cya 3.

**Ikibazo cya 3:** "Ejo hashize"/" Kuva aho mperukiye aha" [IZINA] yafatiye hanze y'urugo "….."?

**A.IFUNGURO RYA MUGITONDO** (urugero: umugati, ikawa, icyayi, igikoma ….)
**B.IFUNGURO RYA KU MANYWA** (ifunguro ryuzuye. Urugero: umuceri,ubugali~~,~~ , inyama, imboga…)
**C.IFUNGURO RYA NIMUGOROBA/NIJORO** (ifunguro ryuzuye. Urugero: umuceri, ubugali, inkoko, imboga…)
**D. AMAFUNGURO MU MASAHA ARI HAGATI Y'IBIHE BIMENYEREWE BYO GUFATA AMAFUNGURO** (Urugero: sambusa, chapati, broshette, umuneke, keke, utundi tworoheje umuntu ashobora kurya…)
**E.IBINYOBWA BISHYUSHYE** (Urugero: icyayi, ikawa cyangwa ibindi byo kunywa bishyushye)
**F.IBINYOBWA BIDASEMBUYE** (urugero: fanta , umutobe/jus, amazi n'ibindi..)
**G. IBINYOBWA BISEMBUYE** (urugero: urwagwa, inzoga zengerwa mu Rwanda, divayi, byeri , inzoga zihiye cyane ...)

Umukarani w'ibarura abaza ubwoko bw'amafunguro yafatiwe hanze y'urugo ariyo mafunguro ya mugitondo, aya ku manywa, aya nimugoroba/nijoro, ayo mu masaha ari hagati y'ibihe bimenyerewe. Aho usubiza asubije Yego abazwa amafaranga yatanzwe Kuri iryo funguro.

**Icyitonderwa:**

- Ntubare amafaranga yatanzwe ku biribwa/ibinyobwa umwe mu bagize urugo yaguriye abandi ahubwo ubare amafaranga y' ibyo yiguriye cg yaguriwe n' abandi.
- Niba ibiribwa/ibinyobwa umwe mu bagize urugo yariye/yanyweye atazi amafaranga yishyuwe, mubaze agereranye agaciro k'ibyo yafashe.
- Niba ibiribwa/ibinyobwa byafatiwe hamwe (abantu barenze umwe mu rugo) hanze y'urugo, gabanya umubare w'amafaranga yatanzwe n'umubare w'abantu bo mu rugo bafatiye amafunguro hamwe, buri wese umwandikeho amafaranga yagombye kuba yaratanze.
- Amafunguro yafatiwe mu rundi rugo abarirwa muri iki gice ariko ibiribwa/ibinyobwa byafatiwe mu birori ibyo ari byo byose (ubukwe, aniveriseri,....) ntibibarwa mu byakoreshejwe n'urugo.
- Niba umwe mu bagize urugo agendanye n'umwana akagira icyo amugurira kitari **amafunguro amenyerewe** icyo yaguriye umwana bitewe n'impamvu runaka tuzakibara mu gika cya 8B. Urugero: Biscuit, jus, bonbon, chocolat, amandazi, umugati, imbuto,amagi n'utundi

**Ibibazo 5,7,9,11,13,15 na 17** bigamije kumenya aho amafunguro yafatiwe. Ibisubizo bishoboka ni:

Resitora/Cafetariya…...1
Butike/Cantine ............2
Akabari/Bar .................3
Mu rundi rugo .............4
Ahandi .........................5

**3.10.IGIKA CYA IX: Ibyoherezwa ahandi, Amafaranga yohererejwe urugo, gahunda ya VUP, ibindi byinjiriza urugo amafaranga n’andi mafaranga urugo rwatanze**

**Intego:** Iki gika kigamije kugaragaza amakuru arebana n’ibyo urugo rwohereje cyangwa se rwakiriye ku buntu (nta kiguzi) biturutse hanze y’urugo. Kandi kigaragaza ibindi urugo rwatanzeho amafaranga arebana na servisi rwahawe cyangwa se rwishyura nk’ibirebana n’imisoro.Kinagaragaza kandi agaciro mu mafaranga k’ibintu urugo rwabonye biturutse mu butegetsi bwite bwa Leta cyangwa se mu rwego rwigenga. Iki gika kandi kizagaragaza amakuru arebana na gahunda ya VUP urugo rukorana na yo.

Iki gika kigabanyijemo ibice 5 bikurikira:

- Ibyo urugo rwohereje ahandi;
- Ibyo urugo rwohererejwe;
- Amafaranga yatanzwe ku bindi bintu
- Imishinga ya VUP;.
- Ibindi byinjiza amafaranga

**IGICE A: Ibyo urugo rwohereje**
Iki gice kigizwe n’ibibazo 14 bigamije kumenya amafaranga n‘ibintu byose urugo rubarurwa rwohereje ahandi, rwaba rwarabyohereje umuntu ku giti cye/abantu ku giti cyabo cyangwa rwarabyohereje urundi rugo, aho rwaba ruhereye hose mu mezi 12 abanziriza umunsi w’ibarura mu rugo. Niba ari ibintu, hagamijwe kumenya agaciro kabyo mu mafaranga. Mbere yo kubaza, umukarani w’ibarura agomba kubanza gusobanurira uwo baganira no kumuha ingero kugirango yumve neza icyo twita “kohereza” muri iri barura.

**Igisobanuro:**
Ubusanzwe, bavuga “kwoherereza ikintu undi muntu“ iyo ucyohereje nta kindi aba ategereje ku wo yacyohereje. Icyo kintu ntabwo kibarwa nk’umwenda cyangwa ideni uwacyohererejwe aba agomba kuzishyura cyangwa ngo azakigarure nyuma y’igihe runaka. Icyo kintu cyakwitwa impano urugo ruha urundi rugo cyangwa umuntu wo mu rundi rugo cyangwa umwe mu bagize urwo rugo rwohereje/rutanze icyo kintu ariko uwohererejwe akaba yari ahandi hantu, haba mu gihugu imbere cyangwa hanze igihe bamwoherereza icyo kintu. Ibyoherezwa bishobora kuba amafaranga, ibiribwa/ibinyobwa cyangwa ibindi bintu (imyambaro, ibikoresho, ...).

**Ikibazo cya 0:** Mu mezi 12 ashize, hari umuntu wo muri uru rugo rwanyu cyangwa uwo ahandi mwohereje amafaranga cyangwa ibintu? (udashyizemo amafaranga urugo rwarishye kubera ibintu rwaguze cyangwa imirimo rwakorewe n‘amafaranga yoherejwe/yatanzwe mu nsengero cg imiryango y’abagiraneza, intwererano n’ayatanzwe nk’inkwano, mu bukwe n’ahandi).
Yego …... 1
Oya.…… 2 =>Igice B

**Ikibazo cya 0** kigamije kumenya niba hari umuntu urugo rwohereje amafaranga cyangwa ikintu/ibintu runaka (ibiribwa, ibinyobwa, imyambaro, ibikoresho...) mu mezi 12 abanziriza umunsi w’ibarura mu rugo. Niba igisubizo ahawe kuri iki kibazo ari “oya”, umukarani w’ibarura ajya ku gice B. Niba igisubizo ari “yego”, akomeza ku kibazo cya 1.

**Ibyitonderwa:**

•Iyo umuntu wo mu rugo ahaye ikintu undi babana kandi bakaba barikumwe muri urwo rugo, ntabwo kibarwa nk'icyoherejwe (urugero, umubyeyi uha umuhungu we babana amafaranga yo kwitwaza agiye mu rugendo, umwana waguriye murumuna we umwambaro amwifuriza isabukuru...).

•Mu byoherejwe n'urugo, ntihabarirwamo ibintu bijyanye n'ibirori (inkwano, intwererano y'ubukwe...), imisanzu, imisoro (kuko byuzuzwa mu gice cya 9C) n'ibintu urugo rwarishye kubera ibyo rwaguze cyangwa imirimo rwakorewe kuko na byo bigaragara mu bika byabanjirije.

•Ibyoherejwe n'urugo nk'imyambaro, amafaranga n'ibindi bikaba bigomba kwishyurwa, ntibyandikwa muri iki gice kuko byuzuzwa mu gika cya 10A kijyanye n'imyenda/amadeni n'inguzanyo.

**Ikibazo cya 1: Andika amazina y'abantu urugo rwoherereje amafaranga cyangwa ibintu**

Kuri iki kibazo, umukarani w'ibarura asaba uwo baganira kumubwira amazina y'abantu bohererejwe amafaranga/ibintu avuye/bivuye mu rugo, agakora urutonde rwa bo mu ikaye mbere yo kuyandika muri tabuleti kugirango ajye amwibutsa buri gihe ageze ku muntu ukurikira. Iyo amaze gukora urutonde rw'abantu bose urugo rwoherereje amafaranga/ibintu, abaza uwo baganira niba abantu bose urugo rwohererejwe ntawibagiranye kandi akabisuzuma yifashishije urutonde rw'abagize urugo yakoze mu ikaye ye ku isura rya mbere kugirango agenzure neza niba buri muntu uri mu ikaye ntawe yaba yaroherereje, wenda uwo baganira akaba yibagiwe kumumubwira. Iyo bibaye ngombwa, arasobanuza neza mbere yo kwandika muri tabuleti amazina y'umuntu wa mbere wohererejwe n'urugo kuko iyo amaze kwandika amazina y'umuntu muri tabuleti, akomereza ku bindi bibazo kugeza arangije amakuru yose ajyanye n'uwo muntu muri iki gice.

**Ibyitonderwa:**

- Mu gihe abantu barenze umwe mu bagize urugo rubarurwa bose bohereje umuntu umwe amafaranga/ibiribwa/ibinyobwa cyangwa ibindi bintu icyo gihe ibyo bohereje bibumbirwa hamwe bikabarwa ko byatanzwe n'urugo bikohererezwa umuntu umwe.

**Urugero**: urugo rwa Kalisa: Umukarani w'Ibarura yasanze mu bagize urugo Kamari na Kabano baroherereje umuvandimwe wabo (Eric) uri ku ishuri amafaranga. Umwe yamwoherereje 2000 undi na we yamwoherereje 3000. Ubwo urugo rwoherereje Eric => 5000Frw (2000+3000).

- Igihe umuntu umwe yoherereje abantu barenze umwe mu rugo rumwe amafaranga, icyo gihe buri wese mu bagize urugo wohererejwe agomba kwandikwaho amafaranga yohererejwe, bivuze ko izina ry'umuntu woherereje urugo amafaranga ariko akayohererereza abantu batandukanye, (izina rye) rizandikwa inshuro zingana n'umubare w'abo yoherereje muri urwo rugo.

**Ikibazo cya 2: Andika ID N$^{0}$ y'umuntu wohererejwe amafaranga cyangwa ibintu n'urugo**

Niba ari umuntu utaba muri urwo rugo, andika "00".

Iki kibazo kigamije kumenya NºID ya buri muntu wohererejwe amafaranga/ibintu n'urugo. Niba uwohererejwe ari umwe mu bagize urwo rugo, umukarani w'ibarura yandika NºID yamuhaye mu gika cya mbere. Niba atari umwe mu bagize urwo rugo, yandika "00". Nyuma yo kwemeranywa n'uwo baganira ko nta muntu wohererejwe amafaranga/ibintu bibagiwe, afungura tablette, akandika amazina na NºID y'umuntu wa mbere uri ku rutonde, agakomeza abaza ibibazo bikurikira nkuko tugiye kubireba.

**Icyitonderwa:** Ni ngombwa ko umukarani w'ibarura ateguza mbere abagize urugo ko bazaganira kuri iki gika kugirango buri umwe wese mu bagize urugo (niba abagize urugo ari benshi) yibuke ibyo yaba yarohereje ahandi. Mu kiganiro, agomba kwitonda agafasha uwo baganira kwibuka kuko bitoroshye ko umuntu ahita avuga ibyo urugo rwohereje byose mu gihe cy'amezi 12.

**Ikibazo cya 3: [IZINA] afitanye iyihe sano na Nyir’urugo?**

Nyir’urugo (HH)……………………… .........01
Uwashakanye na HH........................................02
Umwana wa HH..….......................................03
Umwana wakiriwe na HH................................04
Umubyeyi wa HH……..................................05
Umuvandimwe wa HH....................................06
Umwuzukuru wa HH..…...............................07
Sebukwe/Nyirabukwe wa HH..........................08
Muramu/Muramukazi wa HH..........................09
Undi ufitanye isano na HH…………………...10
Undi badafitanye Isano w’umunyarwanda……11
Undi badafitanye isano w’umunyamahanga…......................................12

Kuri iki kibazo, umukarani w‘ibarura abaza isano uwohererejwe amafaranga/ibintu afitanye na Nyir’urugo agakanda/agakanda ku gisubizo ahawe mu rutonde rw’amasano ruri muri telefone/tabuleti nkuko rugaragara hano, agakomereza ku kibazo cya 4.

**Ikibazo cya 4: Igitsina cya [IZINA] ni….?**

Gabo….1
Gore.....2
Umukarani w’ibarura asomera uwo baganira amazina y’uwohererejwe akabaza niba ari uw’igitsina gabo cyangwa igitsina gore agakanda igisubizo ahawe muri telefone/tabuleti.

**Ikibazo cya 5: Uwohererejwe amafaranga/ibintu atuye/yari atuye he/yabaga he?**

Mu mudugudu/ Umujyi umwe..............1
Kigali....................................................2
Undi mujyi...........................................3
Ikindi cyaro ……................................4
Mu gihugu duhana imbibi.....................5
Mu kindi gihugu cya Afurika................6
Igihugu cyo hanze ya Afurika………......7

Iki kibazo kigamije kumenya aho uwohererejwe amafaranga/ibintu atuye/aba. Umukarani w’ibarura akanda/akanda ku gisubizo ahawe agakomeza ku kibazo gikurikira. Usubiza ashobora kuvuga akarere uwohererejwe atuyemo niba ari mu Rwanda. Ni ngombwa ko umukarani w’ibarura abaza umurenge kugirango amenye niba aho hantu ari umujyi cyangwa icyaro yifashishije urutonde rw’imirenge ifatwa nk’imijyi ruri ku…..

**Ikibazo cya 6: Mu mezi 12 ashize, mwaba mwarohererereje [IZINA] amafaranga?**

Yego…1
Oya…..2 =>Q9
Iki kibazo kigamije kumenya niba urugo rwarohererereje amafaranga uwo muntu mu mezi 12 ashize. Umukarani w’ibarura akanda/akanda ku gisubizo ahawe . Niba igisubizo ari “yego“, akomeza ku kibazo gikurikira; niba ari ”oya“, umukarani w’ibarura ajya ku kibazo cya 9.

**Ikibazo cya 7: Mu mezi 12 ashize, mwohereje [IZINA] amafaranga angahe yose hamwe?**

Iki kibazo kigamije kumenya agaciro k’ibintu byose hamwe byohererejwe uwo muntu mu mafaranga yose hamwe mu mezi 12 abanziriza isurwa ry’urugo. Niba urugo rwaramwohereje amafaranga/ibintu incuro nyinshi cyangwa yarohererejwe n‘abantu batandukanye mu bagize urugo, umukarani w’ibarura abaza agaciro k’ibintu byose mu mafaranga urugo rwohereje mu mezi 12, akayateranya, akayandika ahabugenewe ari imbumbe.

**Ikibazo cya 8: Ni ubuhe buryo bw’ingenzi bwakoreshejwe mu kohereza [IZINA] ayo mafaranga?**

Banki……………………………………...…1
Uburyo bw'itumanaho (telefone)…….........2
Ibigo byohereza amafaranga……..…............3
Mu ntoki………………………………....….4
Ubundi buryo……………………......…..…5

Iki kibazo kigamije kumenya uburyo bw'ingenzi bwakoreshejwe mu kohereza amafaranga. Umukarani w'ibarura akanda/akanda ku gisubizo ahawe agakomeza ku kibazo gikurikira. Niba harakoreshejwe uburyo burenze bumwe, akanda ubwakoreshejwe incuro nyinshi.  Ingero ku gisubizo cya 3 (ibigo byohereza amafaranga): Western Union, Money Gram, MPESA, Wanda Money Transfer, Maico Money Transfer…

**Ikibazo cya 9: Mu mezi 12 ashize mwaba mwarohererereje [IZINA] ibiribwa /ibinyobwa?**

Yego..…1
Oya….....2 =>Q11

Iki kibazo kigamije kumenya niba urugo rwarohererereje uwo muntu ibiribwa/ibinyobwa mu mezi 12 abanziriza ibarura mu rugo. Umukarani w'ibarura akanda ku gisubizo gihuye n'icyo ahawe, agakomeza ku kibazo gikurikira. Niba igisubizo ari "oya", umukarani w'ibarura akanda ku gisubizo "oya" akajya ku kibazo cya 11.

**Ikibazo cya 10: Mu mezi 12 ashize ibiribwa/ibinyobwa mwoherereje [IZINA] byari bifite agaciro k'amafaranga angahe?**

Iki kibazo kigamije kumenya agaciro k'ibiribwa/ibinyobwa byose urugo rwoherereje uwo umuntu mu mezi 12 ashize. Niba urugo rwaramwoherereje ibiribwa/ibinyobwa incuro nyinshi, niba rwaramwohereje ubwoko bw'ibiribwa/ibinyobwa butandukanye cyangwa yarohererejwe n'abantu batandukanye mu bagize urugo, umukarani w'ibarura abaza agaciro ka buri kimwe cyose mu mafaranga ashingiye ku ncuro yohererejwe kuri buri kimwe cyose, akandika igiteranyo cyayo yose.

**Ikibazo cya 11:  Mu mezi 12 ashize, mwaba mwarohererereje [IZINA] ibindi bintu bitari amafaranga cg ibiribwa/ ibinyobwa?**

Yego…....1
Oya….....2 =>Q13

Iki kibazo kigamije kumenya niba hari ibindi bintu bitari ibinyobwa/ibiribwa cyangwa amafaranga urugo rwoherereje uwo muntu mu mezi 12 abanziriza ibarura mu rugo. Niba igisubizo ari "yego", umukarani w'ibarura akanda/akanda kuri "yego" agakomeza ku kibazo gikurikira. Niba igisubizo ari "oya", umukarani w'ibarura akanda/akanda kuri "oya" agakomeza ku kibazo cya 13.

**Icyitonderwa:** ibintu bivugwa ahangaha biri mu bwoko bwinshi: bishobora kuba imyambaro, ibikoresho byo mu rugo (isahani, igiseke, umusambi...) cg iby'umuntu ku giti cye (imyambaro, isaha, umugufi...), ibiti byo kubaka, ingemwe zo gutera (imigozi y'ibijumba, insina...), imibyizi n'ibindi. Niba igisubizo ari  "oya", umukarani w'ibarura agomba kubanza guha ingero uwo baganira kugira ngo hatagira icyirengagizwa cyangwa icyibagirana kubera ko ubazwa atagifata nk'ikintu cyangwa atabona agaciro kacyo.

**Ikibazo cya 12: Mu mezi 12 ashize ibyo mwoherereje [IZINA] bitari amafaranga cg ibiribwa/ibinyobwa byari bifite agaciro k'amafaranga angahe?**

Iki kibazo kigamije kumenya agaciro k'ibindi bintu bitari ibinyobwa/ibiribwa cyangwa amafaranga urugo rwoherereje uwo muntu mu mezi 12 abanziriza ibarura mu rugo. Niba urugo rwaramwoherereje ibintu bitandukanye cyangwa incuro nyinshi cyangwa n'abantu batandukanye mu bagize urugo, umukarani w'ibarura abaza agaciro ka buri kimwe cyose mu mafaranga kuri buri ncuro cyoherejwe, akandika igiteranyo cyayo yose.

**Ikibazo cya 13:  Ese, ibyo mwoherereje [IZINA] azabyishyura?**

Yego......1
Oya........2
Iki kibazo kigamije kumenya niba uwohererejwe amafaranga/ibintu azabyishyura. Umukarani w'ibarura akanda/akanda ku gisubizo ahawe agakomeza ku muntu ukurikira wohererejwe amafaranga/ibintu. Niba nta wundi, umukarani w'ibarura akomeza ku gice gikurikira.

**IGICE B: Amafaranga urugo rwohererejwe**
Ibibazo biri muri iki gice bijya gusa n'ibyo mu gice kirangiye. Aho bitandukaniye ni uko muri iki gice harebwa gusa amafaranga urugo rwohererejwe.
**Icyitonderwa**: Ku bintu birebana n'ibiribwa, ibinyobwa n'ibindi bintu urugo rwohererejwe ntibyuzuzwa muri iki gice cya S9B, kuko biba byujujwe mu gika cya 8 aho tubisanga bibazwa mu mezi 12 ashize, mu byumweru bine bishize, no mu minsi 7 ishize.

**Ikibazo cya 0: Mu mezi 12 ashize, hari umuntu wo mu rugo rwanyu wigeze yohererezwa amafaranga n'umwe mu basanzwe batuye muri uru rugo (mu gihe atari ahari), cyangwa undi muntu w'ahandi?** (Udashyizemo ibyo urugo rwishyuwe kubera ibintu rwagurishije cyangwa imirimo rwakoze(yujujwe mu bika 5 na 6),
Yego............1
Oya...............2 =>Igice D
Iki kibazo kigamije kumenya niba hari umuntu wo mu rugo wohererejwe amafaranga mu mezi 12 abanziriza umunsi w'ibarura mu rugo. Umukarani w'ibarura akanda ku gisubizo ahawe. Niba igisubizo ari "oya", ajya ku gice C. Niba ari "yego", amusaba kumubwira amazina y'abohererej urugo/umwe mu bagize urugo amafaranga, agakora urutonde rw'abo mu ikaye mbere yo kuyandika muri tabuleti ku kibazo cya 1 kugirango ajye amwibutsa buri gihe ageze ku muntu ukurikira.

**Ikibazo cya 1: Andika amazina y'abantu bohererej urugo amafaranga**
Umukarani w'ibarura yifashisha urutonde yakoze mu ikaye ye agasomera uwo baganira amazina y'umuntu wa mbere wohererej urugo amafaranga agakomereza ku wa kabiri, bityo bityo kugeza arangije abantu bose. Iyo amaze gukora urutonde rw'abantu bose bohererej urugo amafaranga akomeza ku kibazo cya 1A

**Ikibazo cya 1A: [IZINA] yohererej abantu bangahe?**
Iki kibazo kigamije kumenya umubare w'abantu bo mu rugo uwo muntu yohererej amafaranga runaka akawandika. Ni ngombwa ko umukarani w'ibarura abaza amazina y'abo bantu, akabaza niba nta wundi yaba yarohererej bibagiwe mbere yo kwandika umubare abwiwe. Iyo amafaranga yohererejwe urugo muri Rusange, umukarani yuzuzamo 99. Iyo amaze kuzuza iki kibazo, ajya ku kibazo cya 2.

**Ikibazo cya 2: Andika NºID y'umuntu uri mu bagize urugo amafaranga yoherejwe yari agenewe**. Niba yarohererejwe urugo muri rusange, andika "99".
Iki kibazo, umukarani w'ibarura ni we ugisubiza. Areba NºID yahaye umuntu wohererejwe agezeho, akayandika. Niba yarohererejwe urugo muri rusange, yandika "99".

**Ikibazo cya 3: Andika NºID y'umuntu wohereje**. Niba ari umuntu utaba muri urwo rugo andika "00". Niba ari ishyirahamwe/NGO/Ikigo, andika "99".
Iki kibazo cyo, kigamije kumenya NºID y'umuntu wohererej urugo/umwe mu bagize urugo amafaranga. Niba uwohereje ari umwe mu basanzwe bagize urugo rubarurwa ariko akaba atari ari muri urwo rugo igihe yabyoherezaga, umukarani w'ibarura areba NºID yamuhaye mu gika cya 1(ku rutonde rw'abagize rugo) akayandika. Yandika "00" niba atari uwo muri urwo rugo. Niba ari Ishyirahamwe/ONG/Ikigo, yandika "99" akajya ku kibazo cya 6.
Niba yarohererej abarenze umwe, umukarani w'ibarura yandika NºID ya buri muntu wohererejwe mu rugo ava kuri umwe ajya ku wundi kugeza abarangije mbere yo kujya ku muntu ukurikira wohereje. Iyo arangije abohererej

urugo bose, ajya ku kibazo cya 4 ku muntu wa mbere wohereje no ku muntu wa mbere wohererejwe mu rugo. Ibibazo byose bikurikira (4-12) bibazwa ku muntu umwe mbere yo kujya ku wundi.

**Ikibazo cya 4: "IZINA" afitanye irihe sano na Nyir'urugo?**

Nyir'urugo (HH)…..............................01
Uwashakanye na HH ...........................02
Umwana wa HH..................…....…...03
Umwana wakiriwe na HH....................04
Umubyeyi wa HH……..........................05
Umuvandimwe wa HH..........................06
Umwuzukuru wa HH.......................….07
Sebukwe/Nyirabukwe wa HH................08
Baramu/Baramukazi ba HH…………….09
Undi ufitanye isano na HH…………...10
Undi badafitanye Isano w'umunyarwanda……......................…11
Undi badafitanye isano w'umunyamahanga…......................…12

Iki kibazo kigamije kumenya isano uwohereje urugo cyangwa umwe mu bagize urugo afitanye na Nyir'urugo. Umukarani w'ibarura akanda ku gisubizo ahawe.

**Ikibazo cya 5: Igitsina**

Gabo..1
Gore...2

Kuri iki kibazo,umukarani w'ibarura avuga amazina y'uwohererereje urugo, akabaza niba ari uw'igitsina gabo cyangwa gore, agakanda ku gisubizo ahawe.

**Ikibazo cya 6: "IZINA" wohereje amafaranga atuye/ yari atuye he / yabaga he?**

Mu mudugudu/umujyi umwe.........1
Kigali…........................................2
Undi mujyi......................................3
Ikindi cyaro....................................4
Mu gihugu duhana imbibi............... 5
Mu kindi gihugu cya Afurika…...... 6
Igihugu cyo hanze ya Afurika……..7

Iki kibazo kigamije kumenya aho uwohererereje urugo amafaranga atuye. Umukarani w'ibarura akanda ku gisubizo ahawe agakomeza ku kibazo cya 8.

**Ikibazo cya 8: Mu mezi 12 ashize "IZINA" yabohererereje amafaranga angahe?**

Iki kibazo kigamije kumenya umubare w'amafaranga yose hamwe urugo rwohererejwe mu mezi 12 abanziriza isurwa ry'urugo. Niba urugo rwarohererejwe incuro nyinshi, yose hamwe azateranywa ari mbumbe yandikwe ku rugo. Niba yarohererereje abantu batandukanye mu bagize rugo, amafaranga yose hamwe yohererejwe buri muntu mu mezi 12 ashize azateranywa, buri wese agende yandikwaho igiteranyo cy'amafaranga yose yohererejwe.

**Ikibazo cya 9: Ni ubuhe buryo bw'ingenzi "IZINA" yakoresheje mu kubohererereza ayo mafaranga ?**

Banki……...........................................…1
Uburyo bw' itumanaho (telefone)…......2
Ibigo byohereza amafaranga……….....3
Mu ntoki……………………………....4
Ubundi buryo………………………….5

Iki kibazo kigamije kumenya uburyo bw'ingenzi bwakoreshejwe mu kohererereza urugo amafaranga. Umukarani w'ibarura akanda/akanda ku gisubizo ahawe agakomeza ku kibazo gikurikira.
Ingero ku gisubizo cya 3 (ibigo byohereza amafaranga): Western Union, Money Gram, WorldRemit, MPESA, Wanda Money Transfer, Maico Money Transfer…

**Ikibazo cya 10: Ese ayo mafaranga mwohererejwe na [IZINA] muzayishyura?**

Yego….1
Oya…...2

Iki kibazo kigamije kumenya niba urugo ruzishyura ibyo rwoherererejwe. Umukarani w'ibarura akanda ku gisubizo ahawe.

**IGICE C:Amafaranga yatanzwe ku bindi bintu (hatabariwemo ibijyanye no kuzigama)**
Iki gice kigamije kumenya niba urugo rubarurwa rwaratanze amafaranga kuri serivisi runaka (zaba izo mu nzego bwite za Leta cyandwa iz'abigenga), mu mishinga y'ubufatanye cyangwa y'ubutabazi, imfashanyo/imihango… mu mezi 12 abanziriza umunsi w'ikiganiro mu rugo kikaba kigizwe n'ikibazo kimwe cyonyine kibazwa ku bintu bitandukanye bishobora kuba byaratanzweho amafaranga nkuko bigaragara ku rutonde.

**Ikibazo: Mu mezi 12 ashize, urugo rwanyu rwatanze amafaranga angahe cyangwa ibindi bintu bifite agaciro k'amafaranga angahe ku………?**

| IBINDI BITANGWAHO AMAFARANGA | Ikirango | Agaciro (FRW) |
|---|---|---|
| Imisoro itangwa ku mutungo | 1 | |
| Indi misoro/Ihazabu (Amande) | 2 | |
| Umusanzu mu mishinga yo gufashanya n'iy'amajyambere | 3 | |
| Imfashanyo ku batishoboye | 4 | |
| Impano (hatabariwemo ibyavuzwe mu gice A) | 5 | |
| **Ibirori** | **Ikirango** | **Agaciro (FRW)** |
| Gusaba no Gukwa, Ubukwe | 6 | |
| Intwererano | 7 | |
| Amasakaramentu | 8 | |
| Imihango yose ijyanye no gushyingura (habariwemo ibikoresho byose bikenerwa mu guhamba) | 9 | |
| Iminsi mikuru y'amadini (Noheli, Pasika, Iraidi...) | 10 | |
| Amaturo/Icya cumi | 11 | |
| Indi mihango (kwita izina, gutaha impamyabushobozi, Isabukuru, Baby/Bridal shower……) | 12 | |
| Andi mafaranga yatanzwe nko kwishyura ubwishingizi, EJOHEZA,… (hatabariwemo ayabikijwe mu buryo bwo kuzigama, ndetse n'ay'ubwishingizi bw'ubuzima) | 13 | |

Umukarani w'ibarura asomera uwo baganira ibiri ku rutonde ikintu kimwe ku kindi ari nako amubaza umubare w'amafaranga cyatanzweho cyangwa niba ari ikindi kintu cyatanzwe, akabaza agaciro kacyo mu mafaranga akandika umubare abwiwe. Niba nta mafaranga yatanzwe, yandika "0" akajya ku gikurikira.

**Icyitonderwa:** Umukarani w'ibarura agomba gusobanurira neza umuntu baganira ko ayo mafaranga atandukanye n'ayazigamwe cyangwa niba ari ibintu, ko bitandukanye n'impano zaba zaratanzwe zigaragara mu gice 9A (Ibyo urugo rwohereje).
Ingero ku bishobora kubarirwa mu kirango cya 13: amafaranga urugo rwakoresheje ruzana amazi/umuriro mu rugo, imiyoboro ya enterineti (canalbox)… Ariko amafaranga arebwa n'ubwishingizi bwo kwivuza ntiyuzuzwa hano kuko aba yujujwe muri S8A1=>No 71.
\

## IGICE D: Gahunda ya VUP (Vision Umurenge Program)

Gahunda ya "Vision Umurenge Program" izwi nka VUP yatangijwe na Leta y'u Rwanda mu mwaka wa 2008 igamije kuzamura imibereho n'iterambere ry'abaturage bari mu bukene bukabije. VUP yatangijwe nk'inkingi ya Gahunda y'Imbaturabukungu ya mbere (EDPRS1) na n'ubu iracyari uburyo bw'ingenzi bufasha mu kugera ku iterambere ry'imibereho myiza n'ubukungu muri Gahunda ya Guverinoma y'imyaka 7 (NST1/National Strategy for Transformation) iva muri 2018 ikagera muri 2024. Ni muri urwo rwego Ikigo gishinzwe Guteza imbere Imishinga y'Inzego z'Ibanze (LODA) cyashyizeho ibigomba gushingirwaho (inkingi) byatuma abaturage bo mu ngo zifite amikoro make basezera ku bukene byihuse ari byo:

- Inkunga y'ingoboka (Direct support);
- Imirimo y'amaboko isanzwe (CPW);
- Imirimo y'amaboko yoroheje (Expanded Public Works)
- Inkunga y'ingoboka igenewe abagore batwite n'abana batarengeje imyaka ibiri bo mu miryango ifite amikoro make
- Serivisi z'Imari
- Gutanga imitungo ibyara inyungu
- Kwigisha ubumenyingiro/imyuga

Iki gice kigabanyijwemo uduce 7 tujyanye n'izi nkingi kikaba kigamije kumenya niba hari umuntu wo mu rugo waba yarabonye imfashanyo ya VUP n'icyo iyo nkunga yamariye urugo mu kwiteza imbere.

- **Icyitonderwa 2:**Muri izi gahunda za VUP , uko ari zirindwi , nta rugo rwemerewe guhabwa inkunga irenze imwe,uretse urugo ruhabwa inkunga ya NSDS(gahunda ya VUP igenewe abagore batwite n'abafite abana bari munsi y'imyaka ibiri na gahunda y'inkunga ya VUP ya serivise z'imari n'amafaranga. Izi gahunda ebyiri nizo zishobora kubangikanwa n'izindi.

### AGACE D1: Gahunda ya vup/inkunga y'ingoboka (Direct support)

Inkunga y'ingoboka ya VUP yagiriyeho gufasha ingo ziri mu bukene bukabije kubona iby'ibanze nkenerwa mu buzima (kurya, kwambara, kwivuza, icumbi) no kubafasha kwikura mu bukene. Iyi nkunga ihabwa ingo ziri mu bukene bukabije zitabasha kwibonera iby'ibanze nkenerwa mu buzima: a) nk'izitagira umuntu n'umwe ushoboye gukora; b) urugo rufite umuntu umwe ushoboye gukora, ariko akaba afite inshingano zo kwita ku muntu ufite ubumuga bukabije, cyangwa uburwayi budakira butuma atabasha kwiyitaho atabonye ubimufasha (nko kwiyuhagira, kwigaburira, kujya mu bwiherero, n'ibindi). Abana bari munsi y'imyaka 18 cyangwa se bayirengeje bakiri mu mashuri babarwa nk'abadashoboye gukora, na bo bakaba bagenerwa iyi nkunga.Iyi nkunga itangwa buri kwezi ku umuntu uyemerewe,ikaba ingana n'amafaranga y'urwanda 7,500 FRW k'umuntu uba mu rugo rugizwe n'umuntu umwe,12,000 FRW k'umuntu uba mu rugo rugizwe n'abantu babiri, 15,000 RWF k'umuntu uba mu rugo rugizwe n'abantu batatu, 18,000 RWF k'umuntu uba mu rugo rugizwe n'abantu bane na 21,000RWF k'umuntu uba mu rugo rugizwe n'abantu bangana cyangwa se barenze batanu.

**Ikibazo cya S9D1Q1:** Ese hari umuntu wo mu rugo rwanyu waba ahabwa cyangwa yarahawe inkunga ya VUP mu mezi 12 ashize. (yaba amafaranga y'ingoboka ku batishoboye, yaba imirimo ihemberwa ya VUP (isanzwe cyangwa yoroheje), yaba inkunga y'igoboka itangwa mu buryo bw'amafaranga agenerwa abagore batwite n'abana batarengeje imyaka 2 bo mu miryango ifite amikoro make, yaba inguzanyo zicirirtse, imitungo ibyara inyungu, cyangwa se kwiga ubumenyi ngiro)
1. Yego
2. Oya
Iki kibazo kigamije kumenya ubwoko bwa VUP umuntu wo mu rugo yaba yarabonye cyangwa se asanzwe abona mu bwoko burindwi bugize inkunga ya VUP. Niba igisubizo ari "**yego**", umukarani w'ibarura akanda igisubizo kijyanye n'icyo asubijwe n'ubazwa maze umukarani w'ibarura agakomeza ku kibazo gikurikira. Niba mu rugo nta muntu wijyeze ahabwa ubwoko na bumwe bw'inkunga ya VUP mu mezi 12 ashize, umukarani akanda igisubizo"**oya**", ubundi akajya ku kibazo cya mbere cyo mu gika cya S9EQ1.

***Icyitonderwa1:*** *Mu gihe ubazwa agaragaje ko atumva ikibazo, umukarani w'ibarura ashobora kumusobanurira ko VUP ari gahunda ya Leta igamije gufasha ingo zikennye kwivana mu bukene ikaba ikorera mu mirenge yose muri buri Karere.*
***Icyitonderwa2:****Mu gihe umukarani w'ibarura asanze uwahawe inkunga iyariyo yose ya VUP mu mezi 12 ashize atakibarizwa mu bajyize urugo,**urugero nk'igihe uwahawe inkunga amaze amazi 2 apfuye**, umukarani w'ibarura ahitamo igisubizo **yego** kivuga ko hari uwahawe inkunga ya VUP mu mezi 12 ashize muri urwo rugo, noneho ku rutonde rw'abagize urugo ,aho babaza uwahawe iyo nkunga ya VUP mu mezi 12 ashize,umukarani w'ibarura ahitamo uburyo buvuga ngo **ntakibarizwa muri uru rugo** ubundi umukarani w'ibarura agakomeza n'ibibazo bikurikiraho.*

**Ikibazo cya S9D1Q2:** Mu rugo rwanyu hari umuntu wahawe amafaranga y'inkunga y'ingoboka ya VUP mu mezi 12 ashize**?**
1. Yego
2. Oya
Ik kibazo kigamije kumenya niba hari umuntu wo mu urugo wijyeze ubona cyangwa se usanzwe abona inkunga ya VUP y'amafaranga y'ingoboka ku batishoboye. Niba igisubizo ari "**yego**", umukarani w'ibarura akanda igisubizo kijyanye n'icyo asubijwe n'ubazwa akajya ku kibazo gikurikira aricyo cya S9D1Q3. Niba igisubizo ari "**oya"** bivuze ko nta muntu numwe mu rugo wijyeze ahabwa inkunga ya VUP y'amafaranga y'ingoboka ku batishoboye mu mezi 12 ashize, icyo gihe umukarani w'ibarura akanda ahabugenewe igisubizo ahawe akajya ku kibazo cya mbere cyo mu gace ka D2 aricyo S9D2Q1.

**Ikibazo cya S9D1 2AA:**kuri iki kibazo CAPI iguha amazina y'abagize urugo, umukarani w'ibarura ahitamo izina ry'umugenerwabikorwa wa VUP.

**Ikibazo cya S9D1 2A:** [Izina] ni ryari yashyizwe muri iyi gahunda y'ingoboka?
Iki kibazo kigamije kumenya umwaka ndetse n'ukwezi [izina] umuntu wo rugo yashyiriwe muri gahunda y'inkunga y'ingoboka ya VUP.Umukarani w'ibarura iyo amaze kumva neza igisubizo yandika igihe yasubijwe.

**Ikibazo cya S9D1Q3:** Ni iyihe mpamvu yatumye [Izina] ashyirwa muri gahunda y'abahabwa inkunga y'ingoboka ya VUP?
1. Nta muntu n'umwe mu rugo ushoboye gukora
2. Hari umuntu wo mu rugo ufite inshingano zo kwita ku muntu/abantu ufite/bafite ubumuga bukabije
3. Ntabwo nzi impamvu**.**

kigamije kumenya impamvu yatumye urugo ruhabwa inkunga ya VUP y'amafaranga y'ingoboka ku batishoboye. Umukarani w'ibarura akanda igisubizo kijyanye n'icyo asubijwe n'ubazwa.

**Ikibazo cya S9D1Q4:** [Izina] yakiriye amafaranga angahe y'inkunga y'ingoboka ya VUP mu gihe cy'amezi 12 ashize? Iki kibazo kigamije kumenya amafaranga y'inkunga y'ingoboka ya VUP mu gihe cy'amezi 12 ashize, umuntu wo mu urugo yakiriye avuye muri iyi gahunda y'inkunga y'ingoboka ya VUP.Umukarani w'ibarura yandika amafaranga angana nayo ubazwa amubwiye kandi akandikwa mu mibare gusa.

**Ikibazo cya S9D1Q5:** Ubwo [Izina] aherutse guhabwa amafaranga y'inkunga y'ingoboka, yayakiriye anyujijwe mu buhe buryo?

1. Umurenge SACCO
2. Mobile Money/Airtel Money
3.Ntarahembwa

Iki kibazo kigamije kumenya uburyo umuntu wo mu rugo aherutse kwakiramo inkunga ya VUP y'amafaranga batishoboye .Umukarani w'ibarura akanda igisubizo kijyanye n'icyo asubijwe n'ubazwa ubundi akajya ku kibazo gikurikira.

**Ikibazo cya S9D1Q6:** Mu mezi 12 ashize, inkunga y'ingoboka [Izina] yakiriye yaba yarayikoresheje iki muri ibi bikurikira?

**Ibisubizo byateganyijywe kuri iki kibazo:**

1. Kugura ibiribwa
2. Kugura imyambaro,
3. Kugura ibikoresho byo mu gikoni,
4. Kugura ibikoresho biramba,
5. Kwishyura amafaranga y'ishuri,
6. Kwivuza,
7. Kugura amatungo
8. Kuyashora mu mirimo y'ubuhinzi,
9. Kuyashora mu bucuruzi/Indi mirimo ibyara inyungu itari iy'ubuhinzi, 9. Kuvugururura inzu,
10. Kuzigama muri SACCO,
11. Kuzigama mu matsinda yo kuzigama no Kugurizanya, 12. Kuzigama muri Ejo Heza,
13. Ikindi (Kivuge)

Iki kibazo kigamije kumenya icyo umuntu wo mu rugo yakoresheje amafaranga y'ingoboka ya VUP yahawe. Umukarani w'ibarura akanda igisubizo kijyanye n'icyo yasubijwe n'usubiza. Aha kandi usubiza ashobora gusubiza ibisubizo birenze kimwe kuri iki kibazo.

**Ikibazo cya S9D1Q7:** Kuva igihe [Izina] yinjiriye muri iyi gahunda ya VUP, yagiye abona inkunga y'ingoboka buri kwezi **?**

1. Yego
2. Oya

Iki kibazo kigamije kumenya niba urugo mu gihe cyose rwari muri gahunda y'abemerewe inkunga y'ingoboka ya VUP rwarahawe amezi yose.

**Ikibazo cya S9D1Q8:** Duhereye ku nkunga y'amafararanga mwabonye mu mezi 3 ashize, muyabona nyuma y'iminsi ingahe kuva itariki ya nyuma ya buri kwezi?

A. Amafaranga y'ukwezi uherutse guhemberwa
B. Amafaranga y'ukwezi kubanziriza uko uherutse guhemberewa
C. Amafaranga y'ukwezi kubanziriza amezi abiri uherutse guhemberwa.

iki kibazo kigamije kumenya igihe abagenerwabikorwa ba gahunda y'abemerewe inkunga y'ingoboka ya VUP bahembererwaho.Aha umukarani w'ibarura abaza ikibazo mu buryo butatu ashaka kumenya igihe usubiza aheruka kuboneraho amafaranga y'ukwezi usubiza aherutse guhemberwa,amafaranga y'ukwezi kubanziriza uko usubiza aherutse guhemberewa ndetse n'amafaranga y'ukwezi kubanziriza amezi abiri usubiza aherutse guhemberwa.Umukarani w'ibarura iyo amaze kumva amataliki y'usubizi abara iminsi irenga ku italiki ya nyuma y'ukwezi usubiza yahembwe ,ubundi umukarani akandika umubare w'iminsi irenga kuri uko uko kwezi, iyo umugenerwabikorwa yishyuwe amafaranga y'inkunga y'ingoboka y'ukwezi atarajyera mu kundi kwezi ,icyo gihe , umukarani w'ibarura yandika ahabugenewe 0.

**Urugero**: ku kibazo **S9D1Q8**A, usubiza ashobora gusubiza ko amafaranga y'ukwezi aherutse guhembwa ari ukwa munani 2023 kandi ko yayahembwe ku italiki zirindwi z'ukwacyenda 2023; umukarani w'ibarura azandika umubare 7 ungana n'umubare w'iminsi irenga ku italiki yanyuma y'ukwezi kwa munani.

## AGACE D2: Gahunda ya vup/imirimo y'amaboko isanzwe (CPW)

Imirimo y'amaboko isanzwe ivugwa muri iyi nkingi ni igamije kongera no kubungabunga ibikorwaremezo nko kwita ku mihanda, kubungabunga ibidukikije, gukora amaterasi n'indi itanga akazi ku bantu benshi. Abagenerwabikorwa b'imirimo y'amaboko isanzwe muri VUP tubasanga mu ngo ziteye zitya: Ingo ziri mu bukene bukabije ariko zifite nibura umuntu umwe ushobora gukora, zikaba zitari mu bahabwa inkunga y'ingoboka cyangwa zitabarizwamo abagenerwabikorwa b'imirimo y'amaboko yoroheje (Expanded Public Works) hamwe n'ingo abaturage bagaragaje ko zikeneye ubufasha kubera ingorane zahuye na zo nk'ibiza.

***Icyitonderwa:*** *Mu rugo rumwe, ni umuntu umwe wemererwa akazi muri gahunda ya VUP; niba hari undi wo mu rugo wakoze mu mwanya we, hakorwa igiteranyo cy'umubare w'imibyizi buri umwe wese yakoze ikandikwa kuri wa muntu umwe wemerewe iyi gahunda ya VUP.*

**Ikibazo cya S9D2Q1:** Hari umuntu mu rugo rwanyu ufite cg warufite akazi muri gahunda y'imirimo y'amaboko isanzwe muri gahunda ya VUP mu gihe cy' amezi 12 ashize?

1. Yego
2. Oya

kigamije kumenya niba hari umuntu mu rugo ufite cg wari ufite akazi muri gahunda y'imirimo y'amaboko isanzwe muri gahunda ya VUP mu gihe cy'amezi 12 ashize. Niba igisubizo ari "**yego**", umukarani w'ibarura akanda igisubizo kijyanye n'icyo asubijwe n'ubazwa ubundi akajya ku kibazo gikurikira. Niba igisubizo ari **"oya"** bivuze ko nta muntu n'umwe wo mu rugo ukora cyangwa se wijyeze akora akazi muri gahunda y'imirimo y'amaboko isanzwe muri gahunda ya VUP mu gihe cy'amezi 12 ashize icyo gihe umukarani w'ibarura akanda igisubizo kijyanye n'icyo yasubijwe aricyo "Oya" ubundi agakomeza kubaza ibibazo byo kuri S9D3Q1 ku kibazo cya 1.

**Ikibazo cya S9D2Q1A:** Iki kibazo CAPI izana urutonde rw'abantu bajyize urugo noneho umukarani w'ibarura agahitamo izina ry'umugenerwabikorwa w'iyi gahunda.

**Ikibazo cya S9D2Q2A:** IZINA] yinjiye ryari muri iyi gahunda?

Iki kibazo kigamije kumenya igihe umuntu wo mu rugo yinjiriye muri iyi gahunga ya VUP y'imirimo y'amaboko isanzwe.Umukarani w'ibarura amaze kumva igisubizo yandika ahabugenewe umwaka ndetse n'ukwezi umugenerwabikorwa w'iyi gahunga yayinjiriyemo

**Ikibazo cya S9D2Q3:** Mu mezi 12 ashize, ni mu mezi angahe [Izina] yakoze imirimo y'amaboko Isanzwe ya VUP?
Iki kibazo kigamije kumenya umubare w'amezi urugo rwakozemo imirimo y'amaboko isanzwe ya VUP.

**Icyitonderwa:** mu kubara amezi ubazwa amaze akora ashyiramo n’ukwezi ajyezeho ku munsi ari kubarizwaho, iyo umukarani amaze kumva igisubizo yandika umubare ahabugenewe ungana n’umubare w’amezi yasubijwe n’ubazwa**.** Ikindi kandi niba mu rugo hakora abantu barenze umwe muri VUP, urabara inshuro imwe kuri iyi ngingo.

**Ikibazo cya S9D2Q4:** IZINA] yahembwaga amafaranga angahe ku munsi ubwo aheruka gukora gahunda y’imirimo y’amaboko isanzwe muri gahunda ya VUP?

Iki kibazo kigamijekumenya ingano y’amafranga,umuntu wo rugo yahembwaga ku munsi ubwo ahertse gukora gahunda y’imirimo y’amaboko isanzwe muri gahunda ya VUP. Aha umukarani w’ibarura iyo amaze gusubizwa ingano y’amafaranga yandika ahabugenewe umubare gusa ungana n’amafaranga yasubijwe.

**Ikibazo cya S9D2Q5:** Ubwo [IZINA] aherutse guhembwa amafaranga mu mirimo y’amaboko ya VUP yamugezeho anyujijwe mu zihe nzira?

1. Umurenge SACCO
2. Mobile Money/Airtel Money
3. Ntarahembwa

Iki kibazo kigamije kumenya inzira amafaranga mu imirimo y’amaboko ya VUP aherutse guhembwa yanyujijejwemo.Umukarani w’ibarura nyuma yo kumva igisubizo ahawe n’ubazwa, umukarani w’ibarura akanda ahabugenewe uburyo buhura n’igisubizo usubiza yamuhaye.

**Ikibazo cya S9D2Q6:** Mu mezi 12 ashize amafaranga [IZINA] Yahembwe mu kazi ka VUP k’ imirimo yamaboko isanzwe yaba yarayakoresheje iki muri ibi bikurikira?

**Ibisubizo byateganyijywe kuri iki kibazo:**

1. Kugura ibiribwa
2. Kugura imyambaro
3. Kugura ibikoresho byo mu gikoni
4. Kugura ibikoresho biramba
5. Kwishyura amafaranga y’ishuri
6. Kwivuza
7. Kugura amatungo
8. Kuyashora mu mirimo y'ubuhinzi
9. Kuyashora mu bucuruzi/Indi mirimo ibyara inyungu itari iy'ubuhinzi
10. Kuvugurura inzu
11. Kuzigama muri SACCO, Kuzigama mu matsinda yo kuzigama no kugurizanya
12. Kuzigama muri Ejo Heza
13. Ikindi (Kivuge)

Iki kibazo kigamije kumenya ikintu cyangwa se ibintu, umuntu wo mu rugo wahembwe amafaranga mu kazi ka VUP, icyo ayo mafaranga yaba yarayakoresheje.Umukarani iyo amaze kumva igisubizo ahawe n’ubazwa , akanda ahabugenwe agendeye ku gisubizo yahawe .

**Icyitonderwa:**usubiza ashobora gutanga ibisubizo birenze kimwe,icyo gihe umukarani w’ibarura agendeye kubisubizo byose yahawe nusubiza, agenda aguhuza buri gisubizo yahawe n’ahabugenewe nta na kimwe asimbutse.

**Ikibazo cya S9D2Q7:** Uhereye ku inshuro 3 [IZINA] aheruka guhembwa, byatwaye iminsi ingahe uhereye nyuma y’umunsi wa nyuma w’akazi kugirango amafaranga agere kuri konti ye?

A. Amafaranga y’imibyizi icumi (dizaine) uherutse guhemberwa

B. Amafaranga y’imibyizi icumi (dizaine) ibanziriza iyo uherutse guhemberewa

C. Amafaranga y’imibyizi icumi (dizaine) ibanziriza dizaine ebyiri uherutse guhemberwa

iki kibazo kigamije kumenya igihe abagenerwabikorwa ba gahunda y’imirimo y’amaboko isanzwe muri gahunda yaVUP bahembererwaho.Aha umukarani w’ibarura abaza ikibazo mu buryo butatu ashaka kumenya igihe usubiza aheruka guhemberwaho amafaranga y’iminsi icumi (dizaine ) usubiza aherutse guhemberwa, Amafaranga y’iminsi icumi (dizaine) ibanziriza iyo aherutse guhemberewa ndetse n’amafaranga y’iminsi icumi (dizaine) ibanziriza

dizaine ebyiri aherutse guhemberwa .Umukarani w’ibarura iyo amaze kumva amataliki y’usubizi abara Iminsi akurikije amataliki usubiza yamubwiye,noneho akandika umubare w’iminsi irenga ku gihe umugenerwabikorwa yasoreje gukora izo dizaine.

**Ikibazo cya S9D2Q8:** Ese akazi kose [IZINA] yakoze mu mezi cumi n’abiri ashize yaragahembewe?
1. Yego
2. Oya
Iki kibazo kigamije kumenya niba umuntu wo mu rugo wakoze imirimo y’amaboko isanzwe muri gahunda ya VUP mu gihe cy’amezi 12 ashize yaba yarabonye amafaranga ye yose yagombaga guhembwa. Umukarani w’ibarura amaze kumva igisubiza ahawe n’usubiza,ahitamo ahabugenewe bitewe n’igisubizo ahawe n’usubiza, mu gihe igisubizo ari **Yego** ,umukarani w’ibarura akomeza ikibazo gikurikiyeho cya S9D2Q9 noneho igisubizo cyaba ari **Oya** ,biba bivuze kokino gice kijyanye n’imirimo y’amaboko isanzwe ya VUP kiba kiranjyiye kuri we .Umukarani w’ibarura ahita ajya kubaza ibibazo byo ku gice cya D3 .

**Ikibazo cya S9D2Q9:**Amafaranga [IZINA] yahembwe bwa nyuma ubwo yakoraga mu mirimo y’amaboko isanzwe ya VUP yayabonye ryari? Iki kibazo kigamije kumenya ukwezi ,umuntu wo mu rugo wakoze cyangwa ukora imirimo y’amaboko isanzwe muri gahunda ya VUP aherukira guhemberwa mu gihe cy’amezi 12 ashize.Aha umukarani w’ibarura akanda ahabugenewe umubare w’ukwezi akurikije igisubizo yahawe n’usubiza.

**Ikibazo cya S9D2Q10:** Amafaranga [IZINA] yahembwe bwa nyuma yari angahe?

Iki kibazo kigamije kumenya ingano y’amafaranga ,umuntu wo mu rugo wakoze cyangwa ukora imirimo y’amaboko isanzwe muri gahunda ya VUP aherukira guhembwa mu gihe cy’amezi 12 ashize.Aha umukarani w’ibarura yandika ahabugenewe umubare w’amafaranga ungana nuwo yasubijwe nusubiza. **Urugero:** usubiza ashobora gusubiza ko aheruka guhembwa mu kwezi gushize amafaranga 7000. Icyo gihe umukarani w’ibarura azandika ahabugenewe umubare ungana n’amafaranga yasubijwe . Igisubizo azandika ni 7000**)**

**Ikibazo cya S9D2Q11:** Mu mezi 12 ashize Igiteranyo cy’amafarnga yose [IZINA] yishyuwe muri gahunda y’imirimo y’amaboko isanzwe ya VUP ni amafranga angahe?

Iki kibazo kigamije kumenya igiteranyo cy’amafaranga yose, umuntu wo mu rugo wakoze cyangwa ukora imirimo y’amaboko isanzwe muri gahunda ya VUP yabonye mu gihe cy’amezi 12 yose.Aha umukarani w’ibarura yandika ahabugenewe umubare w’amafaranga ungana nuwo yasubijwe nusubiza. **Urugero:** usubiza ashobora gusubiza ko igiteranyo cy’amafranga yose yahembwe mu gihe cy’amezi 12 ashize ari 40,000. Icyo gihe umukarani w’ibarura azandika ahabugenewe umubare ungana n’amafaranga yasubijwe. Igisubizo azandika ni 40,000**)**

### AGACE D3: Gahunda ya vup/imirimo y’amaboko yoroheje (Expanded Public Work/EPW)

Mu nkingi y’imirimo y’amaboko yoroheje ya VUP, abagenerwabikorwa bashobora guhabwa akazi mu buryo bukurikira:

- guharura imihanda mu rwego rwo kuyibungabunga (Flexible Road maintenance);
- gutanga serivisi zo kwita ku bana bato mu ngo mbonzamikurire (Home Based Early Childhood Development Integrated Services);
- gufata neza ubusitani, no gutegura ingemwe z’ibiti n’imbuto (Greening and beautification).

Bene iyi mirimo ihabwa ingo ziri mu bukene bukabije zifite umuntu umwe gusa ushobora gukora, ariko akaba yita ku mwana wo mu muryango uri hagati y’imyaka 0 na 14, ingo ziri mu bukene bukabije zifite umuntu umwe cyangwa babiri bashoboye gukora ariko bose bari hagati y’imyaka 60 na 64, ingo zigizwe n’umuntu umwe ariko w’igitsina gore n‘ingo ziri mu bukene bukabije zifite umuntu umwe gusa ushoboye gukora ariko akaba afite ubumuga butamubuza gukora imirimo y’amaboko yoroheje.

**Ikibazo cya S9D3Q1:** Mu gihe cy’amezi 12 ashize,hari umuntu mu rugo rwanyu wigeze ashyirwa muri gahunda y’imirimo y’amaboko yoroheje ya VUP?
1. Yego
2. Oya
Iki kibazo kigamije kumenya niba urugo ruri cyangwa rwarigeze rushyirwa muri gahunda y’imirimo y’amaboko yoroheje ya VUP mu gihe cy’amezi 12 ashize. Umukarani w’ibarura akanda ahabugenewe igisubizo kijyanye n’icyo yasubijwe. Iyo igisubizo ari **Oya**, ibazwa kuri iki gice cya D3 riba riranjyiye ku rugo.

**Ikibazo cya S9D3Q1A:** Iki kibazo CAPI izana urutonde rw’abantu bajyize urugo noneho umukarani w’ibarura agahitamo izina ry’umugenerwabikorwa w’iyi gahunda.
**Ikibazo cya S9D3Q2:** Ni ubuhe bwoko bw’imirimo y’amaboko yoroheje [IZINA] akoramo cg yakozemo mu gihe cy’amezi 12 ashize?
Iki kibazo kigamije kumenya ubwoko bw’imirimo y’amaboko yoroheje umuntu wo mu rugo akoramo cg yakozemo mu gihe cy’amezi 12 ashize. Umuakarani w’ibarura amaze kumva icyo asubijwe akanda ahabugenewe igisubizo gihuye nicyo yahawe.

**Ibisubizo byateganyijywe kuri iki kibazo:**
1. Imirmo y’amaboko yoroheje ihemberwa (VUP ePW)
2. Ingo mbonezamikurire zishamikiye kuri VUP (VUP HB ECD)

**Ikibazo cya S9D3Q2A:** [IZINA] Yinjiye ryari muri iyi gahunda?

Iki kibazo kigamije kumenya igihe umuntu wo mu rugo yinjiriye muri iyi gahunda y’imirimo y’amaboko yoroheje

**Ikibazo cya S9D3Q3:** Mu mezi 12 ashize, ni mu mezi angahe [Izina] yakozemo imirimo y’amaboko yoroheje ya VUP?
Iki kibazo kigamije kumenya umubare w’amezi urugo rwari mu imirimo y’amaboko yoroheje ya VUP mu gihe cy’amezi 12 ashize.

**Icyitonderwa:** umubare w’amezi urugo rwari mu mirimo y’amaboko yoroheje ya VUP nta bwo ushobora kurenga amezi 12. Iyo hari abantu barenze umwe mu rugo bakoze mu kwezi kumwe, ubara inshuro imwe kandi mu kubara amezi umuntu wo murugo yakozemo imirimo y’amaboko yoroheje umuntu wo murugo yakozemo ,n’ukwezi ubazwa abarizwamo iyo ari muri iyi gahunda nako kubarirwamo.

**Ikibazo cya S9D3Q4:** Igihembo cyawe cy’imirimo y’amaboko yoroheje kikugeraho binyuze mu buhe buryo?
1. Umurenge SACCO
2. Mobile Money/Airtel Money
3.Ntarahembwa
iki kibazo kigamije kumenya uburyo amafaranga aheruka guhembwa yanyujijwemo mu kumuhembera imirimo y’amaboko yoroheje ya VUP aba yarakoze mu gihe cy’amezi 12 ashize.Umukarani w’ibarura nyuma yo kumva igisubizo ahawe n’ubazwa, umukarani w’iabarura akanda ahabugenewe uburyo buhura n’igisubizo usubiza yamuhaye.

**Ikibazo cya S9D3Q5:** Mu mezi 12 ashize, amafaranga [IZINA] akura mu mirimo y’amaboko yoroheje ya VUP yaba yarayakoresheje iki muri ibi bikurikira?
1. Kugura ibiribwa
2. Kugura imyambaro
3. Kugura ibikoresho byo mu gikoni
4. Kugura ibikoresho biramba
5. Kwishyura amafaranga y’ishuri
6. Kwivuza
7. Kugura amatungo
8. Kuyashora mu mirimo y'ubuhinzi

9. Kuyashora mu bucuruzi/Indi mirimo ibyara inyungu itari iy'ubuhinzi
10. Kuvugurura inzu
11. Kuzigama muri SACCO, Kuzigama mu matsinda yo kuzigama no kugurizanya
12. Kuzigama muri Ejo Heza
13. Ikindi (kivuge )

Iki kibazo kigamije kumenya icyo urugo rwakoresheje amafaranga rwahembewe mu gukora imirimo y’amaboko yoroheje ya VUP mu gihe cy’amezi 12 ashize ubariyemo n’ukwezi kujyezwemo umukarani w’ibarura n’ubazwa bari gukorera ibiganiro.Iki kibazo kandi usubiza ashobora gutanga ibisubizo birenze kimwe, icyo gihe umukarani w’ibarura ajya ahabugenewe agakanda ibisubizo byose bijyanye nibyo yasubijwe n’usubiza.

**Ikibazo cya S9D3Q6:** Uhereye ku nshuro za nyuma 3 uheruka guhembwa, byatwaye igihe kingana iki nyuma y’umubyizi wa nyuma w’ukwezi kugirango amafaranga ukorera mu mirimo y’amaboko yoroheje agere kuri konti yawe?
**Ikibazo cya S9D3Q6:** Tugendeye ku nshuro 3 zanyuma, [Izina] aheruka guhemberwa, byatwaye igihe kingana iki nyuma y’umunsi wa nyuma w’ukwezi kugirango amafaranga akorera mu mirimo y’amaboko yoroheje agere kuri konti ye?

A. Amafaranga y’ukwezi uherutse guhemberwa
B. Amafaranga y’ukwezi kubanziriza uko uherutse guhemberewa
C. Amafaranga y’ukwezi kubanziriza amezi abiri uherutse guhemberwa

iki kibazo kigamije kumenya igihe abagenerwabikorwa ba gahunda y’imirimo y’amaboko yoroheje muri gahunda ya VUP bahembererwaho.Aha umukarani w’ibarura abaza ikibazo mu buryo butatu ashaka kumenya igihe usibiza aheruka guhemberwaho amafaranga y’ukwezi usubiza aherutse guhembwa, amafaranga y’ukwezi kubanziriza uko usubiza aherutse guhemberwa ndetse n’amafaranga y’ukwezi kubanziriza amezi abiri usubiza aherutse guhemberwa.Umukarani w’ibarura iyo amaze kumva amataliki y’usubizi abara iminsi irenga ku kwezi akurikije amataliki usubiza yamubwiye , noneho akandika umubare w’iminsi.( (**Urugero**:usubiza ashobora gusubiza ko amafaranga y’ukwezi kwa munani ariko aherutse guhemberwa ko yaguhembewe ku italiki zirindwi z’ukwezi kwa cyenda 2023 Icyo gihe umukarani w’ibarura azandika umubare 7, ungana n’umubare w’iminsi urenga ku italiki ya nyuma y’ako kazi yahembewe igihe yaherukaga kugakora.)

**Ikibazo cya S9D3Q7:** Ese akazi kose [IZINA] yakoze mu mezi 12 ashize yaragahembewe?
**Ibisubizo byateganyijywe kuri iki kibazo:**
1. Yego
2. Oya

kigamije kumenya niba mu gihe cy’amezi 12 ashize, umuntu wo mu rugo wakoze imirimo y ‘amaboko yorohereje yarayihembewe.Umukarani w’ibarura akanda igisubizo ahabugenewe kijyanye n’icyo yahawe nusubiza. iyo ubaza asubije **Oya,** ibazwa riba riranjyiye kuri iki gice , umukarani w’ibarura ahita ajya ku bibazo cya mbere ku gice cya D4 .

**Ikibazo cya S9D3Q8** :Amafaranga [IZINA] yahembwe bwa nyuma ubwo yakoraga mu mirimo y’amaboko ya VUP yayabonye ryari?

Iki kibazo kibazwa umuntu wasubije **Yego** ku kibazo cya 7 kikaba kigamije kumenya ukwezi guheruka, umuntu wo mu rugo aheruka guhemberwaho amafaranga y’imirimo y’amaboko yoroheje.

**Ikibazo cya S9D3Q9:** Kuva igihe [IZINA] yinjiriye muri iyi gahunda ya VUP, yagiye abona amafaranga y’imirimo y’amaboko yoroheje buri kwezi?

kigamije kumenya niba umuntu wo mu rugo wakoze cyangwa ukora imirimo y'amaboko yoroheje muri gahunda ya VUP yarabonye amafaranga ye yose yakoreye buri kwezi uhereye igihe yajyiriye muri iyi gahunda

**Ikibazo cya S9D3Q10:** Amafaranga yose uyateranyije [IZINA] yakoreye mu mirimo y'amaboko yoroheje mu mezi 12 ashize ni angahe?
Iki kibazo kigamije kumenya igiteranyo cy'amafaranga yose , umuntu wo mu rugo wakoze cyangwa ukora imirimo y'amaboko yoroheje muri gahunda ya VUP yabonye mu gihe cy'amezi 12 yose.Aha umukarani w'ibarura yandika ahabugenewe umubare w'amafaranga ungana nuwo yasubijwe nusubiza. **Urugero:** usubiza ashobora gusubiza ko igiteranyo cy'amafranga yose yahembwe mu gihe cy'amezi 12 ashize ari 40,000. Icyo gihe umukarani w'ibarura azandika ahabugenewe umubare ungana n'amafaranga yasubijwe .Igisubizo azandika ni 40,000**)**

## AGACE D4: Gahunda ya vup/inkunga y'ingoboka igenewe abagore batwite n'abana batarageza ku myaka 2 y'amavuko

Iyi nkunga ya NSDS (Nutrition Sensitive Direct Support) ihabwa abagore batwite n'abana batarengeje imyaka ibiri babarizwa mu miryango ifite amikoro make. Batoranywa hifashishijwe amakuru atangwa n'Ibigo Nderabuzima. Ni imwe muri gahunda za Leta zigamije kurwanya imirire mibi n'igwingira kuva umwana agisamwa kugeza agize imyaka ibiri. Itangwa mu buryo bw'amafaranga kugira ngo abo yagenewe bafashwe kwihaza mu biribwa, bashishikarizwe kandi boroherezwe kubahiriza gahunda z'ubuzima zigenerwa abagore batwite n'abana, zitangirwa mu bigo nderebuzima no mu bajyanama b'ubuzima.

Umugenerwabikorwa wa NSDS agenerwa 10,000 Frw buri kwezi, akayahererwa rimwe mu gihembwe amaze kuba 30,500 Frw y'amezi atatu ajyize igihembwe hiyonjyereyeho na 500 Frw ya servisi za banki . Abagenerwabikorwa basabwa kwitabira no gukurikiza gahunda z'ubuvuzi zibagenewe ari zo:

- kwipimisha byibuze inshuro enye ku bagore batwite;
- gukingiza abana no gukurikirana imikurire yabo bubahiriza gahunda zose zitangwa n'ibigo nderabuzima cyangwa abajyanama b'ubuzima;
- gufata indyo yuzuye;
- kugira isuku muri rusange mu gutegura ifunguro, ku mubiri no ku myambaro;
- gukurikiza no kwitabira gahunda zitangwa n'ikigo nderabuzima cyangwa abajyanama b'ubuzima, harimo no guteganya imbyaro.

**Ikibazo cya S9D4Q1:** Hari umuntu mu rugo rwanyu uhabwa cg wijyeze ahabwa inkunga ya VUP igenewe abagore batwite n'abana bari mu nsi y'imyaka 2 bo mu ngo zikennye (NSDS) mu gihe cy amezi 12 ashize?
1. Yego
2. Oya

iki kibazo kigamije kumenya niba mu rugo hari umuntu uhabwa cg wijyeze ahabwa inkunga ya VUP igenewe abagore batwite n'abana bari mu nsi y'imyaka 2 bo mu ngo zikennye (NSDS) mu gihe cy amezi 12 ashize.Umukarani w'ibarura iyo amaze kumva igisubizo ahawe n'usubiza,akanda ahabugenewe igisubizo gihuye n'icyo yahawe n'usubiza.Iyo igisubizo ari **Yego** ,umukarani w'ibarura akomeza kubaza ibibazo bikurikira noneho igisubizo cyaba ari **Oya,** ibazwa ry'ibibazo bikurikira kiri iki gice cya D4 riba rirangiye.umukarani ahita ajya kubaza ibibazo byo ku gice cya D5.

**Ikibazo cya S9D4Q1A:**Iki kibazo CAPI izana urutonde rw'abantu bajyize urugo noneho umukarani w'ibarura agahitamo izina ry'umugenerwabikorwa w'iyi nkunga ya NSDS.

**Ikibazo cya S9D4Q1AA:Iki kibazo kigamije kumenya umwaka n'ukwezi izina ryavuzwe kuri S9D4Q1A yinjiriye muri gahunda ya NSDS.**

**Ikibazo cya S9D4Q2:** IZINA] yari ameze ate mu gihe yandikwaga muri gahunda y'inkunga y'ingoboka igenewe abagore n'abana batarengeje imyaka 2?

**Ikibazo cya S9D4Q2:** IZINA] yari ameze ate mu gihe yandikwaga muri gahunda y'inkunga y'ingoboka igenewe abagore n'abana batarengeje imyaka 2?

Atwite ariko yarabyaye....................................1
Atwite ariko nta bwo arabyara..........................2
Afite umwana muto uri munsi y'imyaka ibiri .....3

Iki kibazo kibazwa,umuntu wo mu rugo wasubije hejuru ku kibazo cya S9D4Q1 ko ahabwa cyangwa yijyeze yahabwa inkunga ya VUP igenewe abagore batwite n'abana bari mu nsi y'imyaka 2 bo mu ngo zikennye mu mezi 12 ashize,kikaba kigamije kumenya igihe uwo muntu wo mu rugo yaboneye inkunga,niba yari atwite cyangwa se yari afite umwana uri munsi y'imyaka ibiri .Umukarani w'ibarura ahitamo igisubizo ahabugenewe gihuye n'icyo usubiza yamusubije.Iyo igisubizo ari uko yajyiye muri iyi gahunda afite umwana uri munsi y'imyaka ibiri ,ikibazo cya gatatu nta bwo akibazwa ahubwo abazwa ikibazo cya kane.

**Ikibazo cya S9D4Q3:** Niba [IZINA] yari atwite mu gihe yashyirwaga muri iyi gahunda, ni inshuro zingahe yagiye kwipimisha agitwite?

1.Nta na rimwe
2.Rimwe
3.Kabiri
4.Gatatu
5. Kane
6. Hejuru y'inshuro 4

iki kibazo kigamije kumenya inshuro umuntu wo mu rugo yajyiye kwipimisha igihe yari atwite. Umukarani w'ibarura ahitamo igisubizo ahabugenewe gihuye n'icyo usubiza yamusubije.

**Icyitonderwa**:iki kibazo kibazwa gusa umuntu wo mu rugo wasubije ku kibazo cya S9D4Q2 ko yajyiye muri gahunda y'inkunga ya VUP igenewe abagore batwite n'abana bari mu nsi y'imyaka 2 bo mu ngo zikennye atwite ariko akaba yarabyaye.

**Ikibazo cya S9D4Q4:** Ubwo [IZINA] yari afite umwana (ibyumweru 0-6), igihe yashyirwaga/akiri muri iyi gahunda, ni kangahe yagiye gupimisha umwana?

1. Nta na rimwe
2. Rimwe
3. Kabiri
4. Hejuru y'inshuro ebyiri
5. Ntabwo bijyanye

Iki kibazo kigamije kumenya inshuro umuntu wo mu rugo uri muri gahunda y'inkunga y'ingoboka igenewe abagore n'abana batarengeje imyaka 2 yaba yarajyiye gupimisha umwana we ku kigo nderabuzima mugihe umwana yari afite munsi y'ibyumweru bitandatu by'ubukure.Umukarani w'ibarura ahitamo igisubizo ahabugenewe gihuye n'icyo usubiza yamusubije.

**Icyitonderwa:** Iki kibazo kireba cyangwa kibazwa umuntu wo mu rugo uri muri iyi gahunda ya NSDS wari ufite umwana uri munsi y'ibyumweru bitandatu y'ubukure mu mezi 12 ashize.

**Ikibazo cya S9D4Q5:** Ku bijyanye no gupimisha abana bafite kuva ku mezi 18 kugeza ku mezi 24, ni kangahe [IZINA] yagiye gupimisha umwana ibiro ngo barebe niba bijyanye n'uburebure ku kigo nderabuzima?

1. Nta na rimwe
2. Rimwe
3. Kabiri
4. Gatatu
5. Kane
6. Gatanu
7. Gatandatu
8. Hejuru y'inshuro eshashatu
9. Ntabwo bijyanye

Iki kibazo kigamije kumenya inshuro umuntu wo mu rugo uri muri gahunda y’inkunga y’ingoboka igenewe abagore n’abana batarengeje imyaka 2 yajyiye gupimisha umwana we ibiro ngo barebe niba bijyanye n’uburebure ku kigo nderabuzima

**Icyitonderwa:** Iki kibazo kireba cyangwa kibazwa umuntu wo mu rugo wari ufite umwana ufite amezi 18 y’ubukure kujyeza ku mezi 24 y’ubukure mu mezi 12 ashize.

**Ikibazo cya S9D4Q6:** Mu mezi cumi n’abiri ashize, inkunga y’ingoboka nyongeramirire [IZINA] yayikoresheje iki muri ibi bikurikira?

1. Kugura ibyo kurya
2. Kugura imyenda
3. kugura ibikoresho byo mu gikoni
4. Kugura imitungo/ibikoresho biramba
5. kwishyura amafaranga y’ishuri
6. kwishyura ubwisungane mu kwivuza
7. Kugura amatungo
8. Gushora imari mu buhinzi
9. Gukora imishinga ibyara inyungu
10. Kuvugurura inyubako/ imiturire
11. Kwizigamira muri SACCO, kuzigama & kugurizanya mu matsindar cyangwa ibimina
12. Kwizigamira muri gahunda ya Ejo Heza
13. Ikindi ( kivuge)

iki kibazo kigamije kumenya icyo inkunga y’ingoboka nyongeramirire umuntu wo mu rugo yayikoresheje mugihe cy’amezi 12 ashize .Umukarani w’ibarura asomera ibisubizo byose byateganyijwe kuri ki kibazo ubazwa, none ho umukarani w’ibarura akaza kujya ahabugenewe agakanda ibisubizo byose bihuye nibyo yasubijwe n’usubiza.

**Ikibazo cya S9D4Q7:** Mu mezi 12 ashize [IZINA] yahawe inkunga y’ingoboka (igenewe abana & ababyeyi batishoboye) mu bihembwe bingahe?

Iki kibazo kigamije kumenya umubare w’ibihembwe urugo rwahawemo inkunga y’ingoboka igenewe abana n’ababyeyi batishoboye mu gihe cy’amezi 12 ashize.Umukarani w’ibarura amaze kumva igisubizo ahawe n’usubiza yandika ahabugenewe umubare yahawe ungana n’ibihembwe urugo rwabonyemo iyo nkunga.

**Ikibazo cya S9D4Q8:** Ni amafaranga angahe [IZINA] yahawe ku gihembwe?
iki kibazo kigamije kumenya umubare w’amafaranga umuntu wo mu rugo yahawe mu gihembwe kimwe mu gihe cy’amezi 12 ashize. Umukarani w’ibarura amaze kumva igisubizo ahawe n’usubiza yandika ahabugenewe umubare yahawe ungana n’amafaranga urugo rwahawe.

**Ikibazo cya S9D4Q9:** [IZINA] ubwo aheruka guhabwa inkunga, byatwaye iminsi ingahe nyuma y’umunsi wanyuma w’igihembwe kugirango amafaranga yishyuwe agere kuri konti ye?
A. Inkunga y’igihembwe giheruka
B. Inkunga y’igihembwe kibanziriza igiheruka
C. Inkunga y’igihembwe kibanziriza ibihembwe bibiri uheruka guhabwa

iki kibazo kigamije kumenya igihe urugo ruboneraho inkunga ya VUP y’ingoboka igenewe abana n’ababyeyi batishoboye.Aha umukarani w’ibarura abaza ikibazo mu buryo butatu bungana n’ibihembwe bitatu aheruka guhererwaho amafaranga y’inkunga ya VUP y’ingoboka igenewe abana n’ababyeyi batishoboye.Umukarani w’ibarura bwa mbere abaza igihe urugo rwahembewe amafaranga y’igihembwe giherutse ashaka kumenya umubare w’iminsi irenga ku munsi wa nyuma w’igihembwe giherutse aba agomba guhemberwa.Iyo amaze kumva igisubizo yandika ahabugenewe umubare ungana n’iminsi urugo rwacyererewe guhembwa.

Bwa kabiri, umukarani w ‘ibarura abaza igihe urugo rwahembewe amafaranga y’igihembwe kibanziriza igiherutse ashaka kumenya umubare w‘iminsi irenga ku munsi wa nyuma w’igihembwe kiba kiranjyiye aba agomba

guhemberwa.Iyo amaze kumva igisubizo yandika ahabugenewe umubare ungana n'ibyumweru urugo rwacyererewe guhembwa.

Bwa gatatu, umukarani w 'ibarura abaza igihe urugo rwahembewe amafaranga y'igihembwe kibanziriza ibihembwe bibiri biherutse ashaka kumenya umubare w'iminsi irenga ku munsi wa nyuma w'igihembwe kiba kiranjyiye aba agomba guhemberwa.Iyo umukarani w 'ibarura amaze kumva igisubizo yandika ahabugenewe umubare ungana n'ibyumweru urugo rwacyererewe guhembwa.

**Icyitonderwa:** mu kubara ibyumweru by'ubucyererwa, ubara uhereye ku italiki ikurikira umunsi wa Yuma w'igihembwe**.Urugero:** Niba umuntu wo rugo yarahembwe amafarana y'inkunga ya VUP y'ingoboka igenewe abana n'ababyeyi batishoboye ku italiki cumi neshanu z'ukwezi kwa kane. Icyo igihe umukarani w'ibarura mu kwandika ahabugenewe azandika 15. Aho 15 ari umubare ungana n'iminsi irenga ku munsi wanyuma w'igihembwe cya mbere.

**Ikibazo cya S9D4Q10**: [IZINA] inkunga ya NSDS aherutse guhabwa yamujyezeho inyujijwe mubuhe buryo?
1. Umurenge SACCO
2. Mobile Money/Airtel Money
3.Ntarahembwa
iki kibazo kigamije kumenya uburyo umuntu wo mu rugo aherutse guhabwamo Inkunga y'ingoboka igenerwa abana n'ababyeyi bakennye ibageraho.umukarani w'ibarura iyo amaze kumva igisubizo ajya ahabugenewe agakanda igisubizo kijyanye nicyo yahawe.

**AGACE D5: Gahunda ya vup/serivisi z'imari/z'amafaranga**

Iyi gahunda igamije gufasha abanyarwanda bafite amikoro make gukorana n'ibigo by'imari, bagatinyuka kwegera no gukorana na byo ndetse bakanoroherezwa kubona inguzanyo ziciriritse ku nyungu ntoya, bityo bakabasha kugerwaho n'izindi serivisi zose zitangwa n'ibigo by'imari harimo no kwizigamira. Iyi gahunda igamije kandi guhugura abagenerwabikorwa ku micungire y'imari n'uburyo bwo gushora amafaranga mu mishinga iciriritse ibyara inyungu yabafasha kwiteza imbere.

Abagenerwabikorwa ba serivisi z'imari (z'amafaranga) batoranywa mu ngo zikennye cyane, bakaba ari abantu ku giti cyabo, amatsinda n'amakoperative. Abagore n'urubyiruko ni byo byiciro byitabwaho by'umwihariko. Abagenerwabikorwa bujuje ibisabwa batoranywa mu bagize umuryango cyangwa bamwe mu baturage bafite ubushobozi bwo gukora. Abatishoboye muri bo hamwe n'abakomoka mu ngo zikennye ni bo bitabwaho mbere y'abandi.

Ingo cyangwa abantu ku giti cyabo bashobora kuba bari hejuru gato y'umurongo w'ubukene ariko bakaba bafite imbogamizi zishobora kuba zabasubiza mu bukene bukabije na bo bashobora gushyirwa mu mubare w'abagenerwabikorwa. Cyakora abaturage badashoboye gukora na gato kubera izabukuru, abana, cyangwa abafite ubumuga bukabije ntibemerewe guhabwa iyi serivisi.

**Ikibazo cya S9D5Q1:** Hari umuntu mu rugo rwanyu waba warigeze asaba inguzanyo iciriritse ya VUP mu gihe cy'amezi 12 ashize?

1. Yego
2. Oya

Iki kibazo kigamije kumenya niba urugo rwaba rwarigeze rusaba inguzanyo iciriritse ya VUP mu gihe cy'amezi 12 ashize.aha umukarani w'ibarura akanda ahabugenewe igisubizo gihuye nicyo usubiza yatanze .Iyo igisubizo ari **Oya**, ibazwa kuri iki gice riba riranjyiye, umukarani w'ibarura akomeza ku bibazo byo ku gice cya D6.

**Ikibazo cya S9D5Q1A:**Iki kibazo CAPI izana urutonde rw'abantu bajyize urugo noneho umukarani w'ibarura agahitamo izina ry'umugenerwabikorwa w'iyi gahunda ya VUP ijyanye na serivisi z'imari.

**Ikibazo cya S9D5Q2A** kigamije kumenya igihe umuntu wo mu rugo yinjiriye mu gahunda ya VUP ya serivisi z'imari. Umukarani w'ibarura yandika ahabugenewe ukwezi ndetse n'umwaka umugenerwabikorwa yajyiriye muri iyi gahunda.

**Ikibazo cya S9D5Q2:** Ese niba [Izina] yarasabye inguzanyo, yaba yarayemerewe?

1. Yego
2. Oya
3. Ndategereje

Iki kibazo kibazwa abantu bavuze ko basabye inguzanyo mu kibazo cya 1, kikaba kigamije kumenya niba umuntu wo mu rugo wasabye inguzanyo yarayibonye cyangwa se atarayibonye.Umukarani w'ibarura iyo amaze kumva igisubizo ahawe n'usubiza ajya ahabugenwe agakanda igisubizo gihuye n'icyo yasubijwe.Iyo igisubizo ari oya cyangwa ndategereje umukarani ahatita kubaza ibibazo byo ku gacye ka D6, kebera ibibazo bindi ku gace ka D5 nta bwo biba bikireba mene uwasubize uko.

**Ikibazo cya S9D5Q3:** Ese [Izina] yabonye amafaranga yose y'inguzanyo yasabye?

1. Yego
2. Oya

iki kibazo kigamije kumenya niba ingo zasabye amafaranga y'inguzanyo muri gahunda ya VUP niba barabonye amafaramnga yose uko angana nuko bayasabye. Umukarani w'ibarura iyo amaze kumva igisubizo ahawe n'usubiza ajya ahabugenwe agakanda igisubizo gihuye n'icyo yasubijwe.

**Ikibazo cya S9D5Q4:** [Izina] yabonye inguzanyo ingana ite?

iki kibazo kigamije kumenya ingano y'umubare w'amafarana umuntu wo murugo wasabye inguzanyo yahawe Aha umukarani w'ibarura iyo amaze kumva umubare w'amafaranga asubijwe yandika ahabigenewe umubare w'amafaranga yasubijwe.

**Ikibazo cya S9D5Q5: [**Izina] yasabye ubuhe bwoko bw'inguzanyo ?

1. Umuntu ku giti cye
2. Koperative
3. Itsinda

Iki kibazo kigamije kumenya ubwoko bw'inguzanyo urugo rwasabye.umukarani w'ibarura amaze kumva igisubizo ahawe nusubiza,ajya ahabujyenewe guhitamo igisubizo kimwe n'icyo yasubijwe.

**Ikibazo cya S9D5Q6:** Ni uwuhe mushinga w'ingenzi [Izina] yateganyaga gukoresha iyo nguzanyo**?**

1. Gushora imari mu buhinzi
2. Kugura amatungo
3. Ubworozi w'inkoko
4. Ubucuruzi
5. Ubukorikori (Ubudozi, Ububaji, indi myuga)
6. Ibindi (Bivuge )

iki kibazo kigamije kumenya izina ry'umushinga wakiwe inguzano n'urugo.Umukarani w'ibarura iyo amaze kumva igisubizo ahawe ahita ajya ahabugenewe agakanda izina ry'umushinga wasabiwe inguzanyo yasubijwe n'usubiza.

**Ikibazo cya S9D5Q7:** Ese ni uwuhe mushinga [Izina] yashyize mu bikorwa amaze guhabwa inguzanyo?

1. Ishoramari mu buhinzi
2. Kugura itungo
3. Ubworozi bw'inkoko
4. Ubucuruzi
5. Ubukorikori (Ubudozi, Ububaji, Indi myuga)
6. Ibindi (Bivuge )

iki kibazo kigamije kumenya izina ry'umushinga washyizwe mu bikorwa nyuma yo guhabwa inguzanyo .Umukarani w'ibarura iyo amaze kumva igisubizo ahawe nusubiza ahita ajya ahabugenewe agakanda izina ry'umushinga washyizwe mu bikorwa nyuma yo kwakira inguzanyo.

### AGACE D6: Gahunda ya vup/gutanga imitungo ibyara inyungu

Iyi gahunda yo gutanga imitungo ibyara inyungu (Productive Asset Transfer) igamije gufasha imiryango itishoboye kwivana mu bukene mu buryo bwihuse iyongerera inkomoko y'aho ikura iby'ibanze nkenerwa mu buzima. Imitungo ibyara inyungu ihabwa ingo ziri mu bukene bukabije zisanzwe zibona ubufasha muri gahunda zo kurengera abatishoboye kandi zifite ubushobozi n'ubushake bwo kubyaza umusaruro iyo mitungo. Inama Rusange y'Umudugudu ni yo yemeza kandi igatondeka abagenerwabikorwa bakwiriye kuyihabwa.

Hatangwa umutungo ubyara inyungu utarengeje amafaranga y'u Rwanda ibihumbi mirongo inani (80,000 Frw), hamwe n'amafaranga ibihumbi mirongo itanu (50,000 Frw) yo gufasha mu kubyaza umusaruro uwo mutungo (running cost), ndetse abagenerwabikorwa banahabwa ubujyanama bubafasha gukoresha neza iyi mitungo.
Imitungo ibyara inyungu ishobora gutangwa muri iyi gahunda ni amatungo magufi (ihene, intama, ingurube, inkwavu, inkoko n'ibindi, ibikoresho byo guteza imbere ubuhinzi n'ubworozi (imbuto, ifumbire, ipombo, ingorofani, ibikoresho byo kuhira, amasuka n'ibindi), ibikoresho byifashishwa ku bize imyuga itandukanye (ubudozi, ububaji, ubwubatsi, gusudira, guteka, n'ibindi).

**Ikibazo cya S9D6Q1:** Hari umuntu mu rugo rwanyu waba warahawe umutungo ubyara inyungu muri gahunda ya VUP mu gihe cy'amezi 12 ashize?

1. Yego
2. Oya

Iki kibazo kigamije kumenya niba hari umuntu mu rugo waba warahawe umutungo ubyara inyungu muri gahunda ya VUP mu gihe cy'amezi 12 ashize.Umakarani w'ibarura amaze kumva igisubizo ahawe akanda ahabigenewe igisubozo kijyanye nicyo yasubijwe. Iyo igisubizo yasubijwe ari **Oya**, ibazwa kuri iki gice riba rirangiye, umukarani w'ibarura ahita ajya kubaza ku bibazo byo ku gice cya D7**.**

**Ikibazo cya S9D6Q1A:**Iki kibazo CAPI izana urutonde rw'abantu bajyize urugo noneho umukarani agahitamo izina ry'umugenerwabikorwa.

**Ikibazo cya S9D6Q2:** [Izina] yaba yaragize uruhare mu guhitamo umutungo yahawe?

1. Yego
2. Oya

Iki kibazo kigamije kumenya niba umuntu wo mu rugo wahawe umutungo ubyara inyungu muri gahunda ya VUP yarabijyizemo uruhare**.** Aha umukarani w'ibarura akanda ahabugenewe igisubizo gihuye nicyo yahawe n'usubiza.

**Ikibazo cya S9D6Q2A:** [Izina] yinjiye ryari muri iyi gahunda**?**

iki kibazo kigamije kumenya igihe ,umwaka n'ukwezi umugenerwabikorwa yajyereye muri iyi gahunda.

**Ikibazo cya S9D6Q3:** Ni ubuhe bwoko bw'amatungo [Izina] yahawe?

1. Intama
2. Ihene
3. Ingurube
4. Inkoko
5. Inkwavu
6. Inyongeramusaruro mu buhinzi (imbuto)
7. Inyongeramusaruro mu buhinzi (ifumbire)
8. Inyongeramusaruro mu buhinzi (Imbuto n'ifumbire)
9. Ibikoresho byifashishwa mu buhinzi
10. Ibikoresho byifashishwa mu gutangiza umushinga

11. Ubundi (buvuge))

iki kibazo kigamije kumenya ubwoko bw’umutungo urugo rwahawe.Umukarani w’ibarura akanda ahabugenewe igisubizo yasubijwe.

**Icyitonderwa:**

Niba igisubizo umukarani w’ibarura asubijwe kuri iki kibazo cya S9D6Q3 gihuye n’uburyo bwateganyijwe bwa 1,2,3,4 cyangwa se 5 umukarani akurikizaho ikibazo cya S9D6Q5.

Niba igisubizo umukarani w’ibarura asubijwe kuri iki kibazo cya S9D6Q3=6,7,8,9 cyangwa se 11 umukarani akurikizaho ikibazo cya S9D6Q6.

Ubwo bisobanuye ko igihe usubiza yasubije igisubizo gihura no ku 10 ,aribwo akomeza kubazwa ikibazo gikurikira.

**Ikibazo cya S9D6Q4:** Ni ubuhe bwoko bw’ibikoresho byifashishwa mu gutangiza umushinga [Izina] yahawe?

1. Imashini idoda
2. Ibikoresho byo gutunganya umusatsi/Ibikoresho byo kogosha
3. Ibikoresho by’ububaji
4. Ibikoresho by’ubwubatsi
5. Ibikoresho by’ubucuzi
6. Ibindi (Bivuge )

iki kibazo kibazwa abantu basubije ku ikibazo cya 3 ko bahawe Inyongeramusaruro mu buhinzi (ifumbire) kikaba kigamije kumenya ubwoko bw’ibikoresho byo muri gahunda ya VUP byifashishwa mu gutangiza umushinga urugo rwahawe.aha umukarani w’ibarura akanda ahabugenwe igisubizo yahawe nusubiza.

**Ikibazo cya S9D6Q5:** [Izina] yakiriye amatungo angahe?

iki kibazo kigamije kumenya umubare w’amatungo urugo rwahawe byifashishwa mu gutangiza umushinga.Umukarani w’ibarura iyo amaze kumva igisubizo usubiza amubwiye, umukarani w’ibarura yandika ahabugenwe umubare ungana na buri tungo umuntu wo mu rugo yamubwiye yahawe .

**Ikibazo cya S9D6Q6:** Izina] yaba yarahawe amahugurwa cyangwa indi nkunga yamufasha kubyaza umusaruro ibikoresho ?

1. Yego
2. Oya

iki kibazo kibazwa umuntu wahawe igikoresho icyaricyo cyose binyuze muri gahunda ya VUP yo gutanga ibikoresho mu gutangiza umwuga niba yaba yarahawe amahugurwa cyangwa indi nkunga yamufasha kubyaza umusaruro ibikoresho/Igikoresho yahawe.Umukarani w’ibarura iyo amaze kumva igisubizo ahawe nusubiza akanda ahabugenewe igisubizo ahawe.

**Ikibazo cya S9D6Q7:** [Izina] hari amafaranga cyangwa umutungo yaba yarabashije kuzigama akomoka ku mutungo ubyara inyungu yahawe?

**Ibisubizo byateganyijwe kuri iki kibazo:**

1. Yego
2. Oya

Iki kibazo kigamije kumenya niba hari amafaranga cyangwa umutungo umuntu wo rugo yaba yarazigamye bikomoka ku mutungo ubyara inyungu yahawe.Umukarani w’ibarura yemeza ahabugenewe igisubizo ahawe.iyo igisubizo ari **Oya** umukarani w’ibarura ahita asimbuka ikibazo cya 8 agahita ajya kubaza ikibazo cya 9

**Ikibazo cya S9D6Q8:** Ni amafaranga/agaciro k’umutungo mu mafaranga angahe [Izina] yabashije kuzigama akomoka kuri uwo mutungo?
iki kibazo kibazwa umuntu wo mu rugo wasubije **yego** ku kibazo cya **7** ko yabashije kwizigamira amafaranga cyangwa umutungu biturutse ku mutungo ubyara inyungu yahawe muri gahunga ya VUP.Umukarani w’ibarura iyo amaze kubwirwa nususiza, yandika ahabugenewe umubare w’amafaranga ungana nkuwo yasubijwe n’umegenerwabikorwa w’iyi gahunda yazigamye. Iyo ari umutungo afite waturutse kuri iyi gahunda ya VUP, usubiza awuha agaciro mu mafaranga.

**Ikibazo cya S9D6Q9:** Ese imibereho y’urugo rwa [Izina] yaba yarateye imbere biturutse ku mutungo ubyara inyungu mwahawe?

1. Yego
2. Oya
3. Simbizi

iki kibazo kigamije kumenye niba imibereho y’urugo yarateye imbere biturutse ku mutungo ubyara inyungu muri gahunda ya VUP urugo rwahawe.Umukarani w’ibarura akanda ahabugenewe igisubizo kimwe n’icyo amaze gusubizwa nusubiza.

**AGACE D7: Gahunda ya vup/kwigisha ubumenyingiro/imyuga**

Iyi nkunga igamije gufasha abagenerwabikorwa ba VUP kwiga imyuga ituma babasha kwihangira imirimo ndetse no kugera ku iterambere rirambye. Abagenerwabikorwa b’iyi gahunda ni ababarizwa mu miryango ikennye bafite ubushobozi bwo kuba bakwiga umwuga kandi bakawubyaza umusaruro. Abemerewe kwiga umwuga bahabwa amafaranga y’ishuri, amafaranga y’urugendo, ibikoresho by’ishuri no guhugurwa mu gihe kiri hagati y’amezi atatu n’atandatu.

***Icyitonderwa:** ibikenewe byose bimaze kuvugwa ntibigomba kurenza amafaranga ibihumbi magana atatu (300,000). Amatsinda y’abahinzi na yo ashobora guhugurwa hifashishijwe iyi ngengo y’imari nk’uko biteganywa n’amabwiriza.*

**Ikibazo cya S9D7Q1:** Hari umuntu mu rugo rwanyu waba warahawe amahugurwa k’ubumenyingiro/imyunga muri gahunda ya VUP mu gihe cy’amezi 12 ashize?

1. Yego
2. Oya

iki kibazo kigamije kumenya niba hari umuntu mu rugo wijyeze ahabwa amahugurwa k’ubumenyingiro/imyunga muri gahunda ya VUP mu gihe cy’amezi 12 ashize.Iyo igisubizo ari **Oya**, bivuze uko ibazwa ry’ibibazo byo ku gice cya 9 kijyanye na gahunda za VUP kiba kiranjyiye. Umukarani w’ibarura kandi akanda ahabugenewe igisubizo ahawe nusubiza.

**Ikibazo cya S9D7Q1A:**Iki kibazo CAPI izana urutonde rw’abantu bajyize urugo noneho umukarani agahitamo izina ry’umugenerwabikorwa.

**Ikibazo cya S9D7Q2:** Ese [Izina] niwe wagize uruhare mu kwihitiramo ibyo yahuguwemo?

1. Yego
2. Oya

Iki kibazo kigamije kumenya niba urugo rwahawe amahugurwa ku bumenyi/imyuga muri gahunda ya VUP mu gihe cy’amezi 12 ari rwo rwagize uruhare mu kwihitiramo ibyo guhugurwamo.

**Ikibazo cya S9D7Q2A:** Izina] yinjiye ryari muri iyi gahunda?

**I**ki kibazo kigamije kumenya igihe ,umwaka n'ukwezi umugenerwabikorwa yajyiriye muri iyi gahunda.

**Ikibazo cya S9D7Q3:** Ni ubuhe bumenyi [Izina] yungutse/yahuguwemo mu mezi 12 ashize**?**

1. Ubwubatsi
2. Ububaji
3. Ubukanishi
4. Gukora ibirango
5. Ubucuzi
6. Ubudozi
7. Ubuhinzi
8. Ubworozi
9. Kogosha
10. Gutunganya inzara
11. Ubukorikori
12. Ubutesi
13. Indi myuga

Iki kibazo kigamije kumenya ubumenyi umuntu wo mu rugo yahuguwe mo mu gihe cy'amezi 12 muri gahunda ya VUP yo kwigisha ubumenyi n'imyuga.Umukarani w'ibarura iyo amaze kumva igisubizo ahawe akanda ahabugenewe igisubizo nyacyo yahawe nusubiza.

**Ikibazo cya S9D7Q4:** Ese [Izina] yahawe ibikoresho nyuma y'amahugurwa?

1. Yego
2. Oya

Iki kibazo kigamije kumenya niba umuntu wo mu rugo wahuguwe mu gihe cy'amezi 12 muri gahunda ya VUP yo kwigisha ubumenyi n'imyuga yarahawe ibikoresho.Uburyo bwajyenewe gusubiza iki kibazo ni **Yego** cg **Oya.**

Iyo igisubizo ari **oya**, umukarani w'ibarura asimbuka ikibazo gikurikiyeho cya 5 akabaza ikibazo cya 6 (6), bivuze ko ikibazo cya 5 kitabazwa abasubije oya ku kibazo cya 4.

**Ikibazo cya S9D7Q5:** Ibikoresho wahawe byari bijyanye n'amahugurwa wahawe?

1. Yego
2. Oya

iki kibazo kigamije kumenya umuntu wo mu rugo wahawe igikoresho cyangwa se ibikoresho mu gihe cy'amezi 12 muri gahunda ya VUP yo kwigisha ubumenyi n'imyuga niba ibyo bikoresho byari bijyanye n'amahugurwa umuntu wo mu rugo yahawe. Umuakarani w'ibarura iyo amaze kumva igisubiza cy'usubiza akanda ahabugenewe,igisubizo nyacyo yasubijwe nusubiza.

**Ikibazo cya S9D7Q6** : Amahugurwa [Izina] yayarangije ryari?

1. Ndacyahugurwa
2. Nayasoje mu kwezi gushize
3. Nayasoje mu mezi hagati y'amezi abiri n'atatu ashize
4. Nayasoje mu mezi hagati y'amezi ane n'atandatu ashize
5. Kuva nayasoza hashize amezi arenga atandatu

iki kibazo kigamije kumenya igihe umuntu wo mu rugo wahuguwe mu gihe cy'amezi 12 muri gahunda ya VUP yo kwigisha ubumenyi n'imyuga yarahawe ibikoresho yasoreje guhugurwa.Umukarani w'ibarura akanda ahabagenewe igisubizo kijyanye n 'icyo usuboza yamusubije.

**Ikibazo cya S9D7Q7:** Ese imibereho y'urugo rwanyu yaba yarateye imbere mubikesha amahugurwa [Izina] yahawe?

1. Yego
2. Oya
3. Ntabwo mbizi

iki kibazo kigamije kumenya niba urugo rwarateye imbere kubera ubumenyi umuntu wo mu rugo yahuguwe mo mu gihe cy’amezi 12 muri gahunda ya VUP yo kwigisha ubumenyi n’imyuga.Umukarani w’ibarura iyo amaze kumva igisubizo ahawe akanda ahabugenewe igisubizo nyacyo yahawe nusubiza.

**Ikibazo cya S9D7Q8:** Ese [Izina] yakurikiye amahugurwa atanga ubumenyi kuri serivisi z’imari?

1. Yego
2. Oya

iki kibazo kigamije kumenya niba urugo rwarakurikiye amahugurwa atanga ubumenyi kuri servisi z’imari. Uburyo bwagenewe gusubizza iki kibazo ni **Yego** cyangwa **Oya**, umukarani w’ibarura akanda ahabugenewe igisubizo nyacyo bitewe nicyo yasubijwe nubaza.

**IGICE E : Ibindi byinjiza amafaranga (Hatabariwemo inyungu zavuye ku kuzigama)**

Iki gice kigamije kwerekana ahandi havuye amafaranga/ibintu urugo rwabonye mu byumweru bine bibanziriza ibarura muri urwo rugo, ndetse no mu mezi 12 abanziriza ibarura muri urwo rugo. Aho hantu ni nko mu butegetsi bwite bwa Leta (ubwiteganyirize bw’abakozi, imfashanyo ku bageze mu zabukuru, ikigega cy’uburezi, n’ibindi bigaragara ku rutonde) cyangwa mu nzego zigenga (ubwiteganyirize bw’abakozi mu rwego rwigenga, inkunga yo kuzigama mu rwego rwigenga, inkwano, umurage, n’ibindi bigaragara ku rutonde).

Umukarani w’ibarura abanza gusobanurira uwo baganira ahantu hatandukanye hashobora kuva amafaranga cyangwa ibintu bigirira umumaro urugo akamuha n’ingero.

| **AHO URUGO RWAVANYE AMAFARANGA** | **Ikirango** |
|---|---|
| **IBYAVUYE MU BUTEGETSI BWITE BWA LETA** | |
| Amafaranga akomoka ku bwiteganyirize bw’abakozi | 01 |
| Inkunga yo kurihirwa mu kwivuza | 02 |
| Amafaranga y’imfashanyo ku bageze mu zabukuru batishoboye | 03 |
| Inkunga ya FARG | 04 |
| Inkunga y’ikigega cy’uburezi | 05 |
| Amafaranga y’ishuri atangwa na Leta/Abaterankunga cyangwa buruse (primary, secondary, university, TVET) | 06 |
| Ibigenerwa ingabo zavuye ku rugerero ( RDRC) | 07 |
| Imfashanyo y’ibiribwa | 08 |
| Imperekeza z’uwasezeye/uwasezerewe mu kazi | 09 |
| Impano ya Leta (telephone, igare, indobo, …) | 10 |
| Ibindi urugo rwabonye (Kubivuga) | 11 |
| **IBYATURUTSE MU RWEGO RWIGENGA** (hatabariwemo ibyavuzwe mu gice 9 B ) | |
| Amafaranga akomoka ku bwiteganyirize bw’abakozi mu rwego rwigenga | 12 |
| Inkunga yo kuzigama mu rwego rwigenga | 13 |
| Inyungu ku bwiteganyirize | 14 |
| Inkwano, Umurage ,Intwererano | 15 |
| Amafaranga akomoka ku mikino, Urusimbi,Tombola | 16 |
| Amafaranga akomoka ku Kugurisha umutungo utimukanwa /uwimukanwa | 17 |
| Amafaranga akomoka ku Gukodesha umutungo utimukanwa/ wimukanwa | 18 |
| Imfashanyo yo kwishyura ishuri itangwa n’imishinga y’abagiraneza | 19 |
| Amafaranga akomoka ku burenganzira ku bihangano (Royality (Copyright)) | 20 |
| Inyungu ku migabane  (Dividends) | 21 |
| Amafaranga ava mu mushinga wa Give directly | 22 |

| AHO URUGO RWAVANYE AMAFARANGA | Ikirango |
|---|---|
| Izindi nyungu (kuzivuga) | 23 |
| Amafaranga akomoka k’ubuhinzi n’ubworozi | |
| Amafaranga | 24 |
| Amafaranga akomoka k’ubworozi | 25 |
| Amafaranga akomoka k’uburobyi | 26 |

Kuri buri kintu cyose nk‘uko bigaragara ku rutonde, umukarani w’ibarura abaza ibibazo bikurikira:

***Ikibazo cya 1: Urugo rwanyu rwaba rwarabonye” …” mu mezi 12 ashize?***
*Yego……….1*
*Oya……….2* ⇒ ***Igikurikira***
Iki kibazo kigamije kumenya niba urugo rubarurwa rwarahawe/rwarakiriye icyo kintu mu mezi 12 abanziriza umunsi w’ikiganiro mu rugo. Umukarani w’ibarura akanda igisubizo ahawe. Niba igisubizo ari **“yego“**, akomereza ku kibazo gikurikira. Niba ari**“oya“**, ajya ku kintu gikurikira.

**Ikibazo cya 2:** ***Mu byumweru 4 bishize, urugo rwanyu rwabonye amafaranga cg ibindi bintu bihwanye n’amafaranga angahe avuye “…..”?***
Umukarani w’ibarura yandika umubare abwiwe. Niba urugo rwarakibonye mbere y’ibyumweru 4 bibanziriza umunsi w’ibarura, yandika “0“ agakomeza ku kibazo cya 3.

***Ikibazo cya 3: Mu mezi 12 ashize, urugo rwanyu rwabonye amafaranga cg ikindi kintu gihwanye n’amafaranga angahe avuye “…..”?***
Umukarani w’ibarura yandika umubare abwiwe ariko agomba kwitonda akabaza niba amafaranga cyangwa ibintu urugo rutarabihawe mu bihe bitandukanye. Uwo baganira ashobora kumubwira amafaranga/ibintu urugo rwabonye mu kwezi/mu gihembwe giheruka byonyine. Ni ngombwa gusobanuza mbere kugira ngo yandike umubare ujyanye n’ayo mezi 12.

## 3.11.IGIKA CYA X: Inguzanyo, Ibikoresho biramba no kuzigama

**Intego:** Iki gika kigamije kumenya uburyo ingo zitabira kwaka inguzanyo, aho inguzanyo ziva n’uko zishyurwa, uburyo zitabira kuzigama n’aho zizigama (muri banki, muri koperative, mu bigo by’imari iciriritse). Kigamije kandi kumenya ibikoresho biramba urugo rutunze, umubare wabyo n’agaciro kabyo.
Iki gika kigabanyijemo ibice 3 bikurikira:

- Inguzanyo
- Ibikoresho biramba
- Kubitsa no kuzigama

## IBISOBANURO:

Guha umuntu amafaranga/ikintu agomba kuzakwishyura byitwa **kuguriza**. Gufata amafaranga umuntu aguhaye ugomba kuzayamwishyura byitwa **kuguza**. Uhaye undi amafaranga yitwa **ugurije**, naho ugomba kwishyura amafaranga yitwa **ugurijwe**. Gushyira amafaranga kuri konti bigamije kubyara inyungu byitwa **kuzigama**.

**Konti isanzwe** ni konti ifasha nyirayo kubona serivisi zitandukanye ari izo kubitsa no kubikuza amafaranga cg guhembwa (umushahara,etc ). **Konti yo kuzigama** ni konti ikwemerera kubitsa amafaranga ariko akakubyarira inyungu nyuma y'igihe runaka.

## IGICE A: INGUZANYO

Inguzanyo zose urugo rwabonye (imyenda urugo rwafashe) zandikwa zose hano ndetse n'inguzanyo zavuzwe mu gika cya 9 (inguzanyo y'abakorana na gahunda VUP: 9D5Q4.).

**Ikibazo cya 1-4:** Umukarani w'ibarura abanza kubaza ibi bibazo bine bikurikira bisubizwa na Nyir'urugo cg undi ubisobanukiwe:

***Ikibazo cya 1: Mu mezi 12 ashize, hari umuntu wo muri uru rugo rwanyu wasabye inguzanyo akayibura?***

*Yego..... 1*
*Oya...... 2 =>Q3*

Iki kibazo kireba abagize urugo bose kandi kigamije kumenya niba hari umuntu wo mu rugo wasabye inguzanyo akayibura mu mezi 12 ashize. Niba ari "**yego** ", umukarani w'ibarura akomeza ku kibazo cya 2, niba ari "**oya**", ajya ku kibazo cya 3.

***Ikibazo cya 2: Ni iyihe mpamvu y'ingenzi yatumye bamwima iyo nguzanyo?***

*Kutagira ubushobozi bwo kwishyura buhagije……………………..1*
*Kutagira ingwate ihagije........................................................ 2*
*Kubera indi myenda arimo cyangwa yigeze kubamo……........ 3*
*Kuba icyo asabira inguzanyo kitaremewe…..............................4*
*Indi mpamvu(kuyivuga)..............................................................5*

Iki kibazo gisubizwa nabantu babuze inguzanyo mu mezi 12 ashize, umukarani w'ibarura abaza Nyir'urugo cg undi uri gusubiza impamvu y'ingenzi yatumye usubirizwa bamwima inguzanyo ubundi agakanda igisubizo kijyanye nicyo ahawe mu bisubizo byateganyijwe.

***Ikibazo cya 3: Mu mezi 12 ashize, hari abantu bo muri uru rugo rwanyu bari bafite umwenda w'amafaranga cg ikindi kintu?***

*Yego…..1*
*Oya...... 2 =>Igice B*

Iki kibazo umukarani w'ibarura abaza niba hari umuntu wo mu rugo wari ufite umwenda w'amafaranga cyangwa se ikindi kintu, agakanda igisubizo kijyanye nicyo ahawe mu bisubizo byateganyijwe. Niba igisubizo ahawe ari "**oya**"umukarani w'ibarura ajya ku Gice B.

**Inkingi ya 4** yagenewe kwandikwamo nimero y'inguzanyo n'imyenda/amadeni urugo rwahawe.

**Ibibazo 5-9:** Kuri buri nguzanyo yishyuwe cyangwa itarishyurwa n'urugo, habazwa ibi bikurikira, hakurikijwe No ID y'inguzanyo ku (**kibazo cya 4**).

***Ikibazo cya 5: Ni nde muri uru rugo wahawe iyo nguzanyo/ ideni?***

Iki kibazo kigamije kumenya uwahawe inguzanyo mu rugo. Umukarani w'ibarura ahitamo izina ry'uwahawe inguzanyo kuri lisiti yabagize urugo bamuzanira muri tabuleti.

***Ikibazo cya 6: Iyo nguzanyo/ideni yavuye he?***

*Umukoresha......................................01*
*Banki y'ubucuruzi............................02*
*Umuvandimwe/inshuti……................03*
*Koperative yo Kuguriza..…………....04*
*Ibimina…..…………………………......05*
*Abaguriza batemewe n'amategeko.….06*
*Ikigo cy'imari iciriritse……………….07*
*Inguzanyo ya VUP……………..…..08*
*SACCOs……………………….…….10*
*Mokash…………….….……………..11*
*Ibigo/Abikorera mu by'ubucuruzi….12*
*Ahandi (havuge).............................13*

Iki kibazo kigamije kumenya aho inguzanyo yavuye. Umukarani w'ibarura ahitamo igisubizo kijyanye nicyo ahawe mu bisubizo byateganyijwe.

***Ikibazo cya 7: Iyo nguzanyo yari iyo gukora iki cy'ingenzi?***

*Kugura ibikoresho by'ubuhinzi………....01*
*Kugura ifumbire/imbuto………………….02*
*Gutangira/kwagura umushinga ……….03*
*Kuvugurura Inyubako……………………04*
*Kuriha amashuri……………………......05*
*Kwivuza................................................06*
*Imihango (ubukwe, gushyingura, Kubatirisha) …………………………..…….07*
*kugura ibikoresho byo mu rugo..............08*
*Kugura amatungo…………………….....09*
*Guhaha (ibiribwa n'ibitari ibiribwa) .....10*
*Ibindi (kubivuga)……………….……..11*

Iki kibazo kigamije kumenya ikintu cy'ingenzi amafaranga y'inguzanyo yateganyirijwe gukora. Umukarani w'ibarura akanda igisubizo kijyanye nicyo ahawe mu bisubizo byateganyijwe.

***Ikibazo cya 8: Ni iyihe ngwate yatanze kuri iyo nguzanyo?***

*Ubutaka…………....1*
*Amatungo…………2*
*Inzu...........................3*
*Ntayo………………. 4*
*Ikindi (kivuge).…....5*

Iki kibazo kigamije kumenya ingwate yatanzwe kuri ayo mafaranga y'inguzanyo. Umukarani w'ibarura akanda igisubizo kijyanye nicyo ahawe mu bisubizo byateganyijwe.

**Icyitonderwa:** *Aho byagaragara ko hatanzwe ingwate y'ishyamba cyangwa se undi mutungo utimukanwa uri mu isambu (uretse inzu), bizashyirwa mu "***Ubutaka***".*

***Ikibazo cya 9: Iyo nguzanyo yishyuwe yose cyangwa yishyuwe igice?***

*Yego, yose……1*
*Yego, igice....2*
*Oya………….3 =>Inguzanyo ikurikira*

Iki kibazo kigamije kumenya niba inguzanyo yarishyuwe yose cyangwa yarishyuwe igice. Umukarani w'ibarura akanda igisubizo kijyanye nicyo ahawe mu bisubizo byateganyijwe. Niba igisubizo ahawe ari "**oya**", umukarani w'ibarura ajya ku nguzanyo ikurikira. Niba nta yindi ihari, akajya ku gice 10B.

**IGICE B: Ibikoresho biramba**

Ibibazo biri muri iki gice bigamije kumenya ibikoresho biramba urugo rutunze, umubare wa byo n'agaciro ka byo.

Inkingi ya **0 n'iya 1** zateganyirijwe urutonde rw'ibikoresho bikeneweho amakuru n'ibirango byabyo.

***Ikibazo cya 2: Urugo rwanyu rufite "…." bingahe?***

**Niba ntacyo andika 0, =>Igikoresho gikurikira**

**BARA IBIKORESHO BIZIMA (BIKORA)**

Iki kibazo kigamije kumenya umubare w'ibikoresho urugo rufite kuri buri bwoko. Umukarani w'ibarura asomera uwo baganira izina ry'igikoresho akabaza umubare w'ibyo urugo rufite akawuzuza mu kazu kateganyijwe. Niba urugo rutagifite, yandika "**0"**, akajya ku gikoresho gikurikira.

***Icyitonderwa:***_Aha ibikoresho tubara ni ibikoresho bikiri bizima bikoreshwa._

***Ikibazo cya 3: "….." muheruka kugura/guhabwa mukikibona cyari gishya cg cyari cyarakoze?***

*Gishya……..1*

*Cyarakoze...2*

*Simbizi …….3*

***Niba igikoresho muheruka kubona cyari kirenze kimwe, baza amakuru y'igikoresho cyari gifite agaciro kanini kurusha ibindi.***

Iki kibazo kigamije kumenya ibikoresho urugo rutunze niba barabiguze cg barabihawe ari bishya cg niba byari byarakoreshejwe (occasion). Niba urugo rutunze ibikoresho byinshi byo mu bwoko bubazwa, umukarani w'ibarura abwira uwo baganira akamubwira ku gikoresho cya nyuma baguze cg bahawe uko cyari kimeze ubundi agakanda igisubizo kijyanye nicyo ahawe mu bisubizo byateganyijwe. Mu gihe dusanze icyo baheruka kubona cyari kirenze kimwe tumubaza kucyari gifite agaciro kanini kurusha ibindi.

***Ikibazo cya 4: " …" urugo rwanyu ruheruka kugura/guhabwa rwakibonye ryari?***

***NIBA IGIKORESHO MUHERUKA KUBONA CYARI KIRENZE KIMWE, BAZA AMAKURU Y' IGIKORESHO CYARI GIFITE AGACIRO KANINI KURUSHA IBINDI.***

Iki kibazo kigamije kumenya igihe urugo rwaboneye icyo gikoresho. Niba urugo rutunze ibikoresho byinshi byo mu bwoko bubazwa, umukarani w'ibarura yuzuzamo igikoresho 1 urugo rwabonye nyuma y'ibindi akuzuza umwaka bakiboneyemo.

***Ikibazo cya 5: Kuri ubu, ubona mwagurisha "…" ku mafaranga angahe?***

*AGACIRO MU MAFARANGA*

*MUBITONDEKE MUHEREYE KU CYAGUZWE/BAHAWE NYUMA*

Iki kibazo kigamije kumenya agaciro mu mafaranga igikoresho cyaba gifite (kiramutse kigurishijwe) mu gihe cy'ibarurwa ry'urugo. Niba urugo rutunze ibikoresho byinshi byo mu bwoko bubazwa, umukarani

w’ibarura yuzuzamo agaciro k‘ibikoresho 3 urugo rwabonye, akabitondeka ahereye ku cyo babonye nyuma.

**IGICE C: Kubitsa no kuzigama**

Iki gice kigamije kumenya niba abantu bitabira kubitsa no kuzigama muri banki cyangwa ibigo by’imari iciriritse. Ibimina (guterateranya amafaranga bakayaha umuntu umwe igihe runaka, ikindi gihe bakayaha undi bityo bityo) na mobile money nabyo bibarwa nk’uburyo bwo kuzigama.

***Ikibazo cya 1: Muri uru rugo rwanyu, hari abantu bafite konti muri banki, ibigo by’imari iciriritse, ibimina cyangwa Mobile money?***

Yego........1
Oya......... 2 => Soza ikiganiro

Iki kibazo kigamije kumenya abantu bafite konti muri banki, mu bigo by‘imari iciriritse, Mobile money cyangwa kuba mu bimina. Umukarani w’ibarura abaza uwo bari kuganira iki kibazo agakanda igisubizo kijyanye nicyo ahawe mu bisubizo byateganyijwe. Niba igisubizo ari “**oya**“, ikiganiro kiraba kirangiye. Niba ari “**yego**“, umukarani w’ibarura asabwe kubanza kugirana ikiganiro na Nyir’urugo cg undi bari kuganira akamubwira abafite konti muri banki/ibigo by’imari iciriritse, Mobile money cg abari mu bimina akabona kuzuza amakuru ahawe. Abaza umubare wa konti buri wese afite ahereye kuri Nyir’urugo, hanyuma akazikurikiranya yubahiriza urutonde rw’abagize urugo.

**Inkingi ya 2:** Uhitamo izina rya nyiri konti/momo/ikimina

**Inkingi ya 3:** yuzuzwamo No ID ya konti/momo /ikimina zishoboka mu rugo.

***Ikibazo cya 4: IZINA] afite konti muri banki, mu kindi kigo cy’imari cg Momo?***

*Yego........1*
*Oya......... 2 =>Q8*

Iki kibazo kigamije kumenya niba ubarurwa afite konti muri banki, mu kindi kigo cy’imari cg momo. Niba igisubizo ari “**oya** “, umukarani w’ibarura ajya ku kibazo cya 8, niba ari “**yego**“akomeza ku kibazo gikurikira.

***Ikibazo cya 5: [IZINA] abitsa he?***

*Banki y’ubucuruzi…...........1*
*Ikigo cy’imari Iciriritse……2*
*Koperative.…………………..3*
*SACCO…........................….4*
*Momo ………….............…5 =>Q8*
*Mokash….........……………6 =>Q7*
*Ahandi (havuge)…………..7*

Iki kibazo kigamije kumenya aho ubarurwa abitsa. Mu gihe usubirizwa afite konti irenze imwe, Umukarani w’ibarura ahitamo konti ya mbere afite nk‘uko zigaragara mu bisubizo byateganyijwe akabanza kumubaza ibibazo bikurikiraho bijyanye na yo akabona kujya kuri konti ikurikira afite kugeza ku ya nyuma. Niba igisubizo ahawe ari “***Mokash***” umukarani w’ibarura ajya ku kibazo cya 7, mu gihe igisubizo ahawe ari

"***Mobile money (momo)***" ahita ajya kuri konti ikurikira niba ihari. Icyitonderwa: Ikibazo kijyanye no kuba bari mu kimina cg mu itsinda tukimubaza nyuma amaze kutubwira amakonti yose afite.

***Ikibazo cya 6: [IZINA] afite ubuhe bwoko bwa konti?***

*Konti isanzwe...........1 =>Q8*
*Konti yo kuzigama......2*

Iki kibazo kigamije kumenya ubwoko bwa konti ubarurwa afite niba ari konti isanzwe ajya ku kibazo cya 8, niba ari konti yo kuzigama akomeza ku kibazo gikurikira.

***Ikibazo cya 7: Iyo konti ya [IZINA] ibyara inyungu?***

*Yego........ 1*
*Oya......... 2*

Iki kibazo kigamije kumenya niba konti ibyara inyungu kibazwa umuntu wese wavuze ko afite konti yo kuzigama.

***Ikibazo 8: Hari ikimina/itsinda [IZINA] arimo?***

*Yego....... 1*
*Oya......... 2 => Umuntu ukurikira*

Iki kibazo kigamije kumenya niba hari ikimina ubarurwa arimo. Nyuma yo kugisubiza, umukarani w'ibarura abaza uwo baganira niba hari undi muntu ufite konti muri banki, ibigo by'imari iciriritse, ibimina cyangwa Mobile money. Niba igisubizo ari **" yego"** Tablet ihita ikujyana ku kibazo cya 2 ugahitamo nyiri konti ukabaza n'ibibazo bikurikiyeho. Mu gihe igisubizo ari **"oya"** , musoza ikiganiro.
Ntimwibagirwe gushimira abo muri urwo rugo kuba barabibafashijemo neza.

## Umutwe wa IV: IMIGEREKA

## Umugereka wa I: Amwe mu mateka y'u Rwanda (1865-2018)

- **1912:** Pasitoro Roeseler ashinga Misiyoni y'abaporoso ya Remera muri Rukoma.
- **1913:** Ishingwa rya misiyoni Gatolika ya Kigali mu Bwanacyambwe na rambura mu Bushiru.
- **1914:** (Ukwakira): Abadage bafata ikirwa cy'ijwi.
- **1915**: Ubutegetsi bw'abadage butegeka ka abapadiri b'Ababafaransa bava muri za misiyoni zo ku
- mipaka, bakaba mu zo mu gihugu hagati.
- **1916:** Umwandiko w'Ababiligi.
- Ababiligi bambura abadage umujyi wa Kigali (Gicurasi)
- Abadage bategekwaga na capitaine Wintgens (bwana Tembasi) bava ku Gisenyi, banyura iya Nyanza bagana iya Bujumbura mbere yo guhunga bagana muri Tanganyika.
- Ubushita.
- **1917/1918**: Inzara ya rumanura ("Rumanurimbaba")-Ishingwa rya Misiyoni ya Rwamagana mu Buganza(1917).
- **1918/1919:** Icyorezo cya Mugiga.
- **1918:** Indwara ya grippe Gisore – Ubushita mu Bugoyi.
- **1919:** Muyaga
- Abateke bivumbagatanya
- Ishingwa rya misiyoni y'abadivantiste I gitwe mu kabagali.
- **1920:** Ministry Frank asura u Rwanda agahurira na Musinga I Nyanza.
- Icyorezo cya grippe Muyegu n'ubushita mu Kanage
- **1920/1921:** Iragara.
- **1922:**
- **(22/3):** I Gisaka gihabwa Abongereza.
- **(31/12):** I Gisaka kigarukira u Rwanda.
- **1924/1925:** Inzara ya Gakwege ( muri Byumba yitwaga Ntunyanjweho).
- **1925:**
- Igikomangoma Leopold kigera I Musaho (ku kibuye) kikahakiririrwa na rezida Mortehan n'administrateur Montenez gisura misiyoni ya Rubengera iherutse gusubiranwa na pasitoro Durand, gihurira na Musinga I Nyabitare, bukaba bwari ubwa mbere Musinga ava mu murwa wa Nyanza. Igikomangoma Leopold (uyu uzaba Leopold III w'u Bubiligi) kijya I Kabgayi kihava cyambuka gisubira I musaho.
- Ishingwa rya church missionary society (CMS) I Gahini mu buganza.
- **1926:** Rezida Mortehan avugurura ubutegetsi bw'u Rwanda agashyiraho umutegetsi umwe rukumbi
- witwa umutware (chef de chefferie).
- **1928:** Ndorwa yose ihaguruka igafasha Ndungutse wabeshyaga ko ari umuhungu wa Rutalindwa.
- Intambara I kaniga mu ndorwa ya byumba hagati y'abasirikari b'ababiligi n'ingabo za
    - Semaraso.
- **1928/1929:** Inzara ya Rwakayihura yatangiriye mu bwatsi bwa Kayihura mu Rukiga.
- **1929:**
- Umwami Mwambutsa IV w'u Burundi ahurira na Musinga Astrida
- Cyitabire akubitirwa n'inkuba Astrida.
- Ishingwa ry'ishuri bitaga "Shariti" I butare ari ryo rizahinduka Groupe scolaire y'I Butare.
- **1930:** Yuhi Musinga yambuka Nyabarongo yitabye Mburamatare Postiau I Kigali. Bitangaza abantu cyane kuko cyaziraga ku bami b'izina rya Yuhi kwambuka imigezi ikikije umurwa wabo wa Nyanza.
- Ubuhinzi bw'ibirayi busakara mu Rwanda (bwari bwarageze muri Misiyoni ya Rwaza muri 1903).
- **1931:** Inzige zitera zikamara imyaka.
- **(16/11):** Mutara III Rudahigwa asimbura ku ngoma ise Yuhi IV Musinga wari umaze kwirukanwa n'ababiligi ku ngoma maze agacirirwa I kamembe no muri Congo mbiligi.
- **1932:** Rudahigwa arongora Nyiramakomari.
- **1933:** Urupfu rwa Nyirayuhi Kanjogera nyina wa Musinga (I Kamembe).
- Ubwa kabiri igikomangoma Leopold gisura u Rwanda, cyari giherekejwe n'igikomangomakazi Astrid.
- **1934:**Muryamo mu nka zo mu Rwanda hose.

- Indege ya mbere igwa I Kanombe (Kigali).
- **1935/1936:** Mugiga mu gihugu cyose.
- Seminari nkuru ya Nyakibanda mu Nyaruguru ifungurwa.
- **1936:** Uburenge n’amashyuya mu Ruhengeri.
- **1939:** Ishingwa rya kiliziya y’ababatista I Runyombyi mu Buyenzi.
- **1940**: Intambara y’isi yose. Mu Rwanda Hitler bamwitaga HITIMANA naho abadage bakabita
- ABADAHA kubera ko ababiligi bari barabujije kuvuga ayo mazina.
- **1942:** Umwami Mutara III Rudahigwa abatizwa akanasezerana na Rosaliya Gicanda mu Kiliziya I Nyanza.
- Ikiraro kuri Nyabarongo kigwa kuri km ya 13 uturutse I Kigali.
- **1943/1944:** Ishingwa rya Kiliziya y’abamethodiste I Kibogora mu Cyesha.
- Inzara ikomeye mu Rwanda hose bitewe n’imvura yabuze. Iyo nzara henshi bayitaga RUZAGAYURA. Muri Byumba ikitwa MATEMANE. Bakayita GAHORO muri Gisenyi na Kibuye naho mu Ruhengeri bakayita RUDAKANGIMISHANANA.
- **1944:**
- Icyorezo cy’indwara y’inka muri Gisenyi na Cyangugu bitewe no gukoresha urukingo rubi.
- Imvura ihagije mu Rwanda hose.
- **1945:** Urupfu rwa Musenyeri Clasee (uyu wari warategetse kiliziya y’u Rwanda mu buryo
- bukarishye kuva muri 1922) I Bujumbura. Ubwo yasimbuwe na Musenyeri Depromoz ku
- ntebe y’I kabgayi.
- **1945/1946:** Ibihara na macinya muri Gisenyi no mu ruhengeri.
- **1946:** Umwami Mutara III Rudahigwa yegurira u Rwanda Kristu-Umwami I Nyanza.
- **1948:** Intumwa za ONU zisura u Rwanda bwa mbere.
- **1949:** Urugendo rw’Umwami Rudahigwa mu bubiligi.
- **1950: (15/8):** Yubile ya Kiliziya Gatolika y’imyaka 50.
- **1952: (1/6):** Umusenyeri wa mbere w’umwirabura muri Afrika mbiligi. Musenyeri Aloys
- Bigirumwami ahabwa ubwepiskopi I Kabgayi akagabana Vikariyati ya Nyundo mu bugoyi.
- **1953: (1/2):** Isubizwaho rya teritwari ya kibuye.
- **1954:**
- Gucika kwa shefu Stefano Gitefano watwaraga u bwanacyambwe.
- **(1/4):** Iteka ry’umwami Mutara III Rudahigwa rica ubuhake mu Rwanda hose.
- **1955: (15/7):** Umwami Baudouin I w’u Bubiligi agenderera ku mugaragaro u Rwanda bwa mbere.
- **1956: (25/3):** Musenyeri Andreya Perraudin asimbura musenyeri deprimoz ku ntebe y’I Kabgayi.
- **(30/9):** Itora rya mbere ry’abjyanama b’imirenge.
- **1957:** (**Werurwe):** “Mnifest des Bahutu”.
- Yubile y’Umwami y’imyaka 25 amaze ku ngoma (I Nyanza).
- **(3/10):** Ifungurwa rya college ya Christ-Roi I Nyanza. Yari imaze umwaka itangiriye mu nyakibanda.
- **1958:** Umwami Rudahigwa ajya I Bruxelles mu bubiligi mu imurika ry’ibintu by’isi yose.
- **1959:**
- **(25/7):** Itanga ry’Umwami Mutara III Rudahigwa I Bujumbura.
- **(28/7):** Kigeli V Ndahindurwa asimbura umwami Rudahigwa ku Ngoma I Nyanza.
- **(3/9): I**shingwa ry’ishyaka UNAR I Kigali, rihabwa François Rukeba kuriyobora.
- **(14/9):** Ishingwa ry’ishyaka RADER I Kigali, ryari riyobowe na Prosper Bwanakweli.
- **(9/10):** Ishingwa ry’ishyaka PARMEHUTU I Gitarama, ryari riyobowe na Gregoire Kayibanda.
- **(1/11):** Imyivumbagatanyo n’intambara z’amoko n’amashyaka mu Rwanda hose.
- **1960:** (Werurwe): Intumwa za ONU mu Rwanda.
- **(26/6):** itorwa ry’abajyanama ba za komini nshya.
- **(26/10):** Ishyirwaho rya Leta ya mbere y”agateganyo.
- **(28/01):** Coup d’Etat y’I Gitarama. Dominiko Mbonyumutwa aba Prezida.
- Ishingwa rya Diyoseze ya Ruhengeri iyobowe na musenyeri Manyurane Bernard.
- Ishingwa rya diyoseze gatolika ya Butare iyobowe na Musenyeri Gahamanyi Jean Baptiste.
- **(25/9):** Referendum-Kamarampaka. Kigali n’Ubwami bibura amajwi. Hajyaho ubutegetsi bushingiye kuri Repubulika.

- **(26/10):** Kayibanda Gregoire atorerwa kuba prezida wa republika n’inteko nkuru.
- **(21/12):** U Rwanda rubona ubwigenge bucagase (Autonomie interne).
- **1962: (01/07):** U Rwanda rusubirana Independence yarwo.
- (Nyakanga-Kanama):
- Astride yongera kuba Butare.
- Nyanza ihinduka Nyabisindu.
- Ishyirwaho rya Prefegitura ya Gikongoro.
- Amakomini ava kuri 227 akagera kuri 141.
- **1963:**
- **(18/8):** Itora rya mbere rya ba bourgumertre b’amakomini.
- **(3/11):** Ikingura rya universite y’u Rwanda I butare.
- (Ukuboza): Igitero gikomeye cy’inyenzi mu bugesera.
- **1965: (Nzeli):** Itora ry’abadepite bwa mbere ku buryo butaziguye.
- **1966:** Igitero cy’Inyenzi mu buyenzi (Kivu na Nshili).
- **1967: (Nzeli):** Itorwa rya kabiri rya ba Bourgmestre.
- **1968: (5/9):** Ishingwa rya diyoseze gatolika ya Kibungo iyobowe na Musenyari Sibomana .
- **1969:**
- Intambara mu ntara ya cyangugu na Bukavu. Yari itewe n’abacanshuro ba Colonel Schrame muri Congo.
- **(Nzeli):** Itora rya kabiri ry’abadepite.
- **1972/73:** Imvururu n’ibindi bikorwa bibi mu gihugu cyose. Byatangiriye mu mashuri no mu biro
    - kandi bishingiye ku moko. Byatumye habaho impunzi nyinshi zo mu bwoko bw’Abatutsi
    - bahungiye mu bihugu duturanye.
- **1973: (5/7):** Coup d’Etat ikozwe n’ingabo z’u Rwanda. General Major Juvenal habyarimana aba
    - prezida wa republika. Itangira rya republika ya II.
- **1974:** Umwaka w’ubuhinzi-Itangizwa ry'UMUGANDA bwa mbere.
- **1975:** Umwaka wo kongera umusaruro. Ishyirwaho ry’umunsi w’Igiti.
- **1976:** Umwaka wa Muvoma (Muvoma yari imaze kujyaho nk’ishyaka rimwe rukumbi).
- **1977:** Umwaka wo gutura heza kandi neza.
- **1978:**
- Umwaka w’ubworozi.
- **(16-31/8):** Ibarurua rusange rya mbere ry’abaturage n’imiturire yabo.
- (Ukuboza): Itorwa rya Juvenal Habyalimana ku buprezida bwa republika.
- **1979:** Umwaka w’uburezi-Ivugurura (reforme) rikomeye ry’amashuri abanza akamara imyaka 8;
- amashuri y’ingoboka na za CERAI ajyaho.
- **1980:**
- Umwaka wo gufata neza ubutaka no kurwanya isuri.
- Icyorezo cy’amataragiti asebya Habyarimana na bamwe mu bategetsi be. Abntu benshi bagana za gereza abandi bacika mu gihugu.
- **1980/81:** Kaminuza y’u Rwanda ikingura ikindi kigo (Campus) I Nyakinama mu Ruhengeri.
- **1981:** (Ukuboza) : Itorwa ry’abadepite bwa mbere kuva muri 1969.
- **1982:** Umwaka wo gufata neza ubutaka.
- **1983:**
- Umwaka wo gutera amashyamba.
- Amatora ya Prezida n’abadepite (Ukuboza).
- **1984:** Umwaka wo kongera umusaruro w’ibihingwa ngandurarugo.
- **1985:**
- **(26/12):** Urupfu rw’Umunyamerikakazi Diane Fossey NYIRAMACIBIRI wari waritangiye ingagi zo mu birunga Karisimbi na Bisoke.
- Amapfa mu majyepfo y’igihugu (Butare, Gikongoro); abantu benshi basuhukira mu Mayaga, mu Bugesera ndetse no muri Tanzaniya.
- **1986:**
- Umwaka w’ubuhinzi n’ubworozi bwa kijyambere.

- Umusaruro w’ibirayi uba mwinshi cyane mu Ruhengeri na Gisenyi maze ibiciro bikagwa ku buryo budasanzwe.
- **(29-31/10):** Prezida Yoweli Museveni wa Uganda asura u Rwanda bwa mbere ku mugaragaro.
- Abaganga bo muri CHK I Kigali batangaza bwa mbere ibyerekeya indwara ya SIDA, bakanavugako hari n’abo imaze guhitana, Ministri Muganza arabibeshyuza.
- **1987: (1/7):** Itahwa ry’uruganda rw’ibigori ku Mukamira (Nkuli-Ruhengeri).
- **1988:**
- Musenyeri Tadeyo Nsengiyumva asimbura Musenyeri Andreya Perraudin ku ntebe y’I Kabgayi.
- **(Gicurasi):** Imvura nyinshi mu gihugu n’inkangu mu Ruhengeri. Nibwo ijambo “kugendesha” ryadutse rivuzwe n’umugabo witwa Gaspard AYURUVUGO.
- **(Kanama):** Impunzi ibihumbi 58 zigera mu Rwanda kubera imirwano yo muri Ntega na Marangara mu Burundi.
- **(Ukuboza):** Itora rya nyuma rya Prezida wa Republika n’iry’abadepite ba Republika ya II.
- **1989:** (Kanama): Ivanwaho n’icyo bitaga “Animasiyo” hamwe n’umuganda w’abagore cyangwa
- w’agahato.
- **1990:**
- **(Kanama):** Muvoma (MRND) itekereza kwivugurura hakajyaho”MRND nouvelle formule”.
- **(Ukwakira):** Igitero cy’ingabo za FPR-Inkotanyi. Cyari giturutse muri Uganda maze intambara muri Byumba n’igice cya Kibungo iba yose.
- **(Ukwakira):** General-Major Fred Gisa Rwigema, umugaba mukuru w’Inkotanyi ahura n’urupfu ku rugamba. Byabereye mu Mutara.
- **1991:**
- Prezida Habyarimana Juvenal yemera amashyaka menshi mu Rwanda.
- **(16-31/8):** Ibarura rusange rya kabiri ry’Abaturarwanda n’Imiyurire yabo mu Rwanda.
- **1992: (Mata):** Guverinoma ihuriweho n’amashyaka menshi ijyaho. Yari iyobowe na
- Dr Nsengiyaremye Dismas wo mu ishyaka rya MDR.
- **1993:**
- Intambara irakomeza hagati mu gihugu cyane cyane muri Ruhengeri na Byumba.
- Ishyirwaho ry a guverinoma iyobowe na madamu Uwilingiyimana Agathe wo mu ishyaka rya MDR.
- Amasezerano ya Arusha hagati ya guverinoma n’umutwe FPR-Inkotanyi.
- **1994:**
- **(6/4/1994):** Ihanurwa ry’indege yari itwaye prezida Habyalimana maze akayigwamo n’abandi bategetsi.
- Genocide yakorewe abatutsi hose mu gihugu.
- **(4/7/1994):** Ibohorwa ry’umurwa mukuru (Kigali) n’ingabo za FPR-Inkotanyi.
- **(19/7/1994):** Ishyirwaho ku mugaragaro rya guverinoma y’ubumwe bw’abanyarwanda iyobowe na bwana Fawusitini Twagiramungu. Naho prezida wa republika aba Pasteri Bizimungu, Vice-Prezida: Paulo Kagame.
- **1995:** Ishyirwaho rya Guverinoma iyobowe na Ministiri w’intebe Rwigema Petero Selestini.
- **1996:** (Ugushyingo): Itahuka ry’impunzi zo muri 1994.
- **2000: (23/3):** Kwegura kwa Prezida wa Republika Pasteri Bizimungu.
- **(22/4):** Irahira rya Prezida wa Republika General Major Paul Kagame.
- **2001:** Amakomini 141 ahinduka uturere 106
- **2002: (16-30/8):** Ibarura Rusange rya Gatatu ry’Abaturage n’imiturire yabo mu Rwanda.
- **2003 :(kamena) :** Amatora y’itegeko nshinga
- **(Kanama) :** Amatora ya Perezida wa Repubulika
- **(Nzeri) :** Amatora y’abadepite n’abasenateri
- **2006:** Umubare w’uturere uva 106 ajya kuri 30
- **2008:** Amatora y’abadepite
- Umutingito usenya amazu menshi mu karere ka Rusizi na Nyamasheke
- **2010**: (Nyakanga): Kwinjira ku Rwanda mu muryango w’ibihugu by’iburasirazuba
- by’Afurika
- **(Kanama):** Amatora ya Perezida wa Repubulika
- **2012: (16-30/8):** Ibarura Rusange rya Kane ry’Abaturage n’imiturire yabo mu Rwanda.

- **2013:** Amatora y’abadepite
- **13/5/2015 :** Mu gihugu cy’uburundi habaye Coup d’Etat iramfuba ariko ikurikirwa no guhunga kw’abarundi benshi bahungiye mu Rwanda (inkambi zabo zari i Bugesera na Kirehe)
- **2017 (3-4 Kanama):** Amatora ya Perezida wa Repubulika
- **2018 (Mutarama-Werurwe) :** Mu Rwanda abaye inkundura yo guhagarika uruhuri rw’amadini n’amatorero yakoreraga mu Rwanda atujuje ibyangombwa.
- **(Nzeri) :** Amatora y’abadepite
- **2019**: (Ugushyingo) covid 19 yaduka mu Bushinwa
- **2020**: (21 Werurwe) Gahunda ya guma mu rugo kubera Covid 19
- **2022**: (Gashyantare) Uburusiya butangiza Intambara kuri Ukraine

## Umugereka wa II: Uturere n'imijyi yo mu Rwanda

| IBIRANGO BY'UTURERE N'IBIHUGU | IMIJYI YO MU RWANDA | |
|---|---|---|
| **I. IBIRANGO BY'UTURERE**<br><br>Nyarugenge…....11<br>Gasabo…………..12<br>Kicukiro…………..13<br>Nyanza …………..21<br>Gisagara………..22<br>Nyaruguru ………23<br>Huye………………24<br>Nyamagabe …….25<br>Ruhango ………..26<br>Muhanga ………..27<br>Kamonyi ………..28<br>Karongi…………..31<br>Rutsiro……………32<br>Rubavu…………..33<br>Nyabihu…………34<br>Ngororero……...35<br>Rusizi……………..36<br>Nyamasheke…..37<br><br>Rulindo………………..41<br>Gakenke……………...42<br>Musanze………………43<br>Burera…………………44<br>Gicumbi………………..45<br>Rwamagana…………51<br>Nyagatare…………....52<br>Gatsibo……………….....53<br>Kayonza………………..54<br>Kirehe…………………..55<br>Ngoma………………....56<br>Bugesera……………...57 | **UMURWA MUKURU**<br><br>**1.Umujyi wa Kigali**<br><br>**IMIJYI MININI**<br>**Huye**: Ngoma, Tumba<br>**Muhanga**: Nyamabuye, Cyeza, Shyogwe<br>**Rubavu** :Gisenyi, Kanama,Nyamyumba, Nyundo,Nyakiriba, Rugerero, Rubavu<br>**Rusizi**:Kamembe, Gihundwe<br>**Musanze** :Muhoza, Cyuve, Musanze<br>**Nyagatare** : Nyagatare<br><br>**INDI MIJYI**<br><br>**AMAJYEPFO**<br>**Nyanza** : Busasamana<br>**Gisagara** : Ndora<br>**Nyaruguru** : Kibeho<br>**Nyamagabe** : Gasaka, Cyanika<br>**Ruhango** : Ruhango<br>**Kamonyi** : Runda | **IBURENGERAZUBA**<br>**Karongi** :<br>Bwishyura, Rubengera<br>**Rutsiro** : Gihango<br>**Nyabihu** : Mukamira<br>**Ngororero** : Ngororero<br>**Nyamasheke** :Kagano, Bushekeri<br><br>**AMAJYARUGURU**<br><br>**Rulindo** : Shyorongi<br>**Gakenke** :Gakenke, Nemba<br>**Burera :** Butaro<br>**Gicumbi** :Kageyo, Byumba<br><br>**IBURASIRAZUBA**<br><br>**Rwamagana** :Kigabiro, Gishari, Muhazi<br>**Gatsibo** : Kabarore<br>**Kayonza** : Mukarange<br>**Kirehe** : Kigina, Kirehe<br>**Ngoma** : Kibungo<br>**Bugesera** : Nyamata |

**Umugereka wa III: Amwe mu mashuri ya tekiniki**

| No | **SPECIALISATION** |
|---|---|
| 1 | Secretariat |
| 2 | Accounting |
| 3 | Agriculture |
| 4 | Veterinary |
| 5 | Tourism |
| 6 | Electrical |
| 7 | Automobile |
| 8 | Electrical engineering |
| 9 | Electronics engineering |
| 10 | Information technology |
| 11 | Information management |
| 12 | Automobile engineering |
| 13 | General mechanical engineering |
| 14 | Civil works construction |
| 15 | Building construction |
| 16 | Tailoring |
| 17 | Carpentry |
| 18 | Forestry |
| 19 | Fine arts and sculpture |
| 20 | Hotel management |

**Umugereka wa IV:Urutonde mpuzamahanga rw'uburezi (ISCED)**

| L1 | L2 | L4 | ENGLISH | FRENCH |
|---|---|---|---|---|
| **0** | | | **GENERAL PROGRAM** | **Programmes généraux** |
| | **01** | | **Basic program** | **Programmes de base** |
| | | 0110 | Basic general program elementary | Programmes généraux de base elementaire |
| | | 0120 | Basic general program pre-primary | Programmes généraux de base pré primaires |
| | | 0130 | Basic general program primary | Programmes généraux de base primaire |
| | | 0140 | Basic general program secondary | Programmes généraux de base secondaire |
| | | 0150 | Basic special program pre-primary | Programmes spéciaux de base pré primaire |
| | | 0160 | Lower secondary | Premier cycle du sécondaire |
| | | 0170 | Upper secondary | Deuxième cycle du secondaire |
| | **08** | | **Literacy and numeracy** | **Alphabétisation et apprentissage du calcul** |
| | | 0810 | Simple and fuctional literacy, numeracy | Alphabétisation simple et fonctionnelle, apprentissage du calcul |
| | **09** | | **Personal development** | **Développement personnel** |
| | | 0910 | behavioural capacities | acquisition de comportements |
| | | 0920 | Life orientation programmes | programmes d'orientation |
| | | 0930 | Mental skills | compétences mentales |
| | | 0940 | personal organizational capacities | capacités d'organisation personnelle |
| **1** | | | **EDUCATION** | **Education** |
| | **14** | | **Teacher training and education science** | **Formation des enseignants et sciences de l'éducation** |
| | | 1410 | Education science in Curriculum development in non-vocational and vocational subjects | Sciences de l'éducation en élaboration de programmes d'étude pour les matières professionnelles et non professionnelles |
| | | 1411 | Education science in Educational research | Sciences de l'éducation en recherche pédagogique, |
| | | 1412 | Education science Testing and measurement | Sciences de l'éducation en contrôle des connaissances |
| | | 1413 | General and specialized teacher training programmes | Programmes généraux et spécialisés de formation des enseignants. |
| | | 1414 | teacher trainers and for handicapped children | formateurs d'enseignants et enseignants pour enfants handicapés |
| | | 1415 | Teacher training for adult education | Formation des ensignant d' éducation des adultes |
| | | 1416 | Teacher training for non-vocational subject | Formation des enseignants des matières non professionnelles |
| | | 1417 | Teacher training for practical | Formation des enseignants des travaux pratiques |
| | | 1418 | Teacher training for pre-school,kindergarten | Formation des enseignants de niveau préscolaire, jardins d'enfants |
| | | 1419 | Teacher training for Primary schools | Formation des enseignants de niveau Primaire |
| | | 1420 | Teacher training for vocational | Formation des enseignant proffessionnel |
| | | 1421 | Other education science | autres aspects des sciences de l'éducation |
| **2** | | | **HUMANITIES AND ARTS** | **Lettres et arts** |
| | **21** | | **Arts** | **Arts** |
| | | 2100 | Fine art and design | Beaux-arts |
| | | 2110 | Performing arts | Arts du spectacle |
| | | 2120 | Graphic and audio-visual arts | Arts graphiques et audiovisuels |
| | **22** | | **Humanities** | **Lettres** |

| L1 | L2 | L4 | ENGLISH | FRENCH |
|---|---|---|---|---|
| | | 2210 | archaeology | archéologie |
| | | 2211 | Child development and child ministry (christian) | Développement de l'enfant et l'enfant ministère (chrétien) |
| | | 2212 | Christian ministry | ministère chrétien |
| | | 2213 | comparative literature | littérature comparée |
| | | 2214 | Divinity (Christian) | divinité (chrétienne) |
| | | 2215 | English | Anglais |
| | | 2216 | ethics | morale |
| | | 2217 | Foreign languages, literature, communication and cultures | Langues et cultures étrangères |
| | | 2218 | French | Francais |
| | | 2219 | History | Histoire |
| | | 2220 | interpretation and translation | interprétation et traduction |
| | | 2221 | Islam and arabic | L'islam et l'arabe |
| | | 2222 | linguistics | linguistique |
| | | 2223 | Native languages | Langues autochtones |
| | | 2225 | philosophy | philosophie |
| | | 2226 | Religion and theology | Religion et théologie |
| | | 2227 | Religious Studies | études religieuses |
| | | 2228 | Shariah | Shariah |
| | | 2229 | Swahiri | Swahiri |
| | | 2230 | Theology (Christian) | théologie (chrétienne) |
| | | 2239 | Other humanities Not Elsewhere Classified (NEC) | Autres lettres non classés ailleurs |
| **3** | | | **SOCIAL SCIENCES,BUSINESS AND LAW** | **Sciences sociales, commerce et droit** |
| | **31** | | **Social and behavioural science** | **Sciences sociales et du comportement** |
| | | 3111 | economics | Economie |
| | | 3112 | economic history | histoire économique |
| | | 3113 | political science | sciences politiques |
| | | 3114 | sociology | sociologie |
| | | 3115 | demography | démographie |
| | | 3116 | antropology (except physical antropology) | anthropologie (à l'exception de l'anthropologie physique), |
| | | 3117 | ethnology | ethnologie |
| | | 3118 | futurology | futurologie |
| | | 3119 | pschology | psychologie |
| | | 3120 | geography(except physical geography) | géographie (à l'exception de la géographie physique) |
| | | 3121 | peace and conflict studies | étude sur la paix et les conflits |
| | | 3122 | human rights | droits de l'homme |
| | | 3123 | Gender studies | Etude du genre |
| | | 3124 | Human sciences | Sciences humaines |
| | | 3125 | Social sciences | Sciences sociales |
| | | 3129 | Other training in social and behavioural science | Autre formation en science sociales et du comportement |
| | **32** | | **Journalism and information** | **Journalisme et information** |
| | | 3210 | Journalism | Journalisme |

| L1 | L2 | L4 | ENGLISH | FRENCH |
|---|---|---|---|---|
| | | 3220 | library technician and science | bibliothéconomie et formation technique aux bibliothèques |
| | | 3230 | technicians in museums and similar repositories | formation de techniciens de musées et d'établissements analogues |
| | | 3240 | documentation techniques | Techniques de documentation |
| | | 3250 | archival sciences | Archivisme |
| | **34** | | **Business and administration** | **Commerce et administration** |
| | | 3410 | accounting | Comptabilité |
| | | 3411 | auditing | audit, |
| | | 3412 | banking | banque |
| | | 3413 | bookkeeping | tenue des livres |
| | | 3414 | Business administration | Administration des affaire |
| | | 3415 | Business development | Development des projets |
| | | 3416 | Community development | Development communautaire |
| | | 3417 | Cooperative management | Gestion des cooperatives |
| | | 3418 | Customer care services | Services à la clientèle |
| | | 3419 | Development studies | Des etudes de gestion |
| | | 3420 | Enterprise management | Gestion d'entreprise |
| | | 3421 | finance | Finance |
| | | 3422 | institutional administration | administration des institutions |
| | | 3423 | insurance | assurances |
| | | 3424 | International business | Commerce internationale |
| | | 3425 | Interprenership | entreprenaria |
| | | 3426 | investment analysis | analyse des investissements |
| | | 3427 | management | Gestion |
| | | 3428 | marketing | marketing |
| | | 3429 | personnel administration | administration du personnel |
| | | 3430 | Procurement | Passassion des marchés |
| | | 3431 | Project management | Gestion des projets |
| | | 3432 | public administration | administration publique, |
| | | 3433 | public relations | relations publiques |
| | | 3434 | real estate | agences immobilières |
| | | 3435 | retailing | Commerce de détail, |
| | | 3436 | Rural development | Development rural |
| | | 3437 | sales | vente |
| | | 3438 | secretarial and office work | Travail de secrétariat et de bureau. |
| | | 3439 | Supply chain management | Gestion des chaines d'approvisionnement |
| | | 3440 | International taxation | Taxation international |
| | | 3449 | Other training in business and administration | Autre formation en commerce et administration |
| | **38** | | **Law** | **Droit** |
| | | 3810 | history of law | histoire du droit |
| | | 3811 | jurisprudence | jurisprudence |
| | | 3812 | law(general,international,labour,maritime,etc.) | droit (général, international, du travail, maritime, etc.) |
| | | 3813 | local magisrates | Formation de magistrats locaux |
| | | 3814 | notaire | Formation de notaires, |
| | | 3819 | Other low related training | Autre formation liée au droit |
| **4** | | | **SCIENCE** | **Sciences** |

| L1 | L2 | L4 | ENGLISH | FRENCH |
|---|---|---|---|---|
| | **41** | | **Combined sciences** | **Combinaisons des sciences** |
| | | 4100 | Mathematics –Physics - Computer Science (MPC) | Math-physique - informamatique |
| | | 4101 | Mathematics –Chemistry - Biology (MCB) | Math-physique-chimie-biologie |
| | | 4102 | Physics- Chemistry-Biology (PCB) | Physiques-chimie-biologie |
| | | 4103 | Mathematics-Physics-Geography (MPG) | Maths-physique -geographie |
| | | 4104 | Physics-Chemistry Mathematics (PCM) | Physique-chimie-maths |
| | | 4105 | Computer Science-Economics-Mathematics(CEM) | informatique-economie-maths |
| | | 4106 | Mathematics-Economics-Geography (MEG) | Maths-economie-geographie |
| | | 4107 | History-Economics-Geography (HEG) | Histoire-economie-geographie |
| | | 4109 | History-Economics-Literature (HEL) | Histoire-economie-litterature |
| | | 4110 | Literature-Economics-Geography (LEG) | Littérature -economie-geographie |
| | | 4111 | History-Geography –Literature combination (HGL) | Histoire-gerographie-litterature |
| | | 4112 | Maths-Physics | Maths-physique |
| | | 4119 | Other combined sciences training | Formation en autres sciences combinées |
| | **42** | | **Life sciences** | **Sciences de la vie** |
| | | 4210 | bacteriology | bactériologie |
| | | 4211 | biochemistry | biochimie |
| | | 4212 | biology | Biologie |
| | | 4213 | biophysics | biophysique |
| | | 4214 | botany | botanique |
| | | 4215 | entomology | entomologie |
| | | 4216 | genetics | génétique |
| | | 4217 | microbiology | microbiologie |
| | | 4218 | ornithology | ornithologie |
| | | 4219 | texicology | Texicologie |
| | | 4220 | zoology | zoologie |
| | | 4221 | Zootechni | Zootechnie |
| | | 4222 | Biotechnology | Biotechnologie |
| | | 4239 | other allied life sciences excluding clinical and vetenary sciences | autres sciences de la vie apparentées, à l'exclusion des sciences cliniques et vétérinaires |
| | **44** | | **Physical sciences** | **Sciences physiques** |
| | | 4410 | Astronomy and space sciences | Astronomie et sciences de l'espace |
| | | 4411 | Chemistry and other allied subjets | chimie et autres matières apparentées |
| | | 4412 | geology | géologie |
| | | 4413 | geophysics | géophysique |
| | | 4414 | marine science | océanographie |
| | | 4415 | meteorology and other atmospheric sciences including climatic research | météorologie et autres sciences se rapportant à l'atmosphère y compris la climatologie |
| | | 4416 | mineralogy | minéralogie |

| L1 | L2 | L4 | ENGLISH | FRENCH |
|---|---|---|---|---|
| | | 4417 | palaeoecology | paléoécologie |
| | | 4418 | physical anthropology | anthropologie physique |
| | | 4419 | physical geography and other geosciences | géographie physique et autres géosciences |
| | | 4420 | Physics and other allied subjects | physique et autres sciences apparentes |
| | | 4421 | vulcanology | vulcanologie |
| | | 4429 | Other Physical sciences related training | Autres formation liée aux sciences physiques |
| | **46** | | **Mathematics and Statistics** | **Mathématiques et statistiques** |
| | | 4610 | actuarial science | sciences actuarielles |
| | | 4611 | Mathematics | Mathématiques |
| | | 4612 | numercal analysis | analyse numérique |
| | | 4613 | operations research | recherche opérationnelle |
| | | 4614 | statistics and other allied fields | statistiques et autres domaines apparentés |
| | **48** | | **Computing** | **Sciences informatiques** |
| | | 4810 | Computer sciences: | Sciences informatiques |
| | | 4811 | Computer application programs trainning | Formation dans l'utilisation des divers logicielles. |
| | | 4812 | Computer hardware related trainning | Formation en maintenance |
| | | 4813 | Electronics & computer science | Electronic informatique |
| | | 4814 | Information communication and technology | Information communication et Technologie |
| | | 4815 | IT management | Gestion informatique |
| | | 4816 | Networking related trainning | Formation liée reseaux |
| | | 4817 | Software development training | Formation en development des programmes |
| **5** | | | **ENGINEERING,MANUFACTURING AND CONSTRUCTION** | **Ingénierie, industries de transformation et production** |
| | **52** | | **Engineering and engineering trades** | **Ingénierie et techniques apparentées** |
| | | 5210 | Aeronautical enginneering | ingénierie aéronautique |
| | | 5211 | Agricultural Engineering | génie agricole |
| | | 5212 | Chemical Engineering | génie chimique |
| | | 5213 | Computer engineering | ingénierie informatique |
| | | 5214 | elecricity engineering | ingenierie en électricité |
| | | 5215 | electronics engineering | ingenierie en électronique, |
| | | 5216 | energy and chemical engineering | énergie et génie chimique |
| | | 5217 | engineering drawing | Dessin industriel |
| | | 5218 | Environmental and Biosystems Engineering | L'environnement et génie des biosystèmes |
| | | 5219 | Fibre Optic Communications, Splicing & Termination | Communication par fibres optiques |
| | | 5220 | mechanics engineering | Ingenierie mécanique |
| | | 5221 | Medical engeneering | Engénierie médical |
| | | 5222 | metal work engineering | ingenierie en travail du métal |
| | | 5223 | Software engineering | génie logiciel |
| | | 5224 | surveying | Topographie |
| | | 5225 | Sustanable energy technology engineering | Technology de l'énergie sustanable |
| | | 5226 | telecommunication engineering | engenierie en télécommunications |

| L1 | L2 | L4 | ENGLISH | FRENCH |
|---|---|---|---|---|
| | | 5227 | Electromecanics | Electromecanic |
| | | 5228 | Hydrolic$Pneumatics | Hydrolique&Pneumatique |
| | | 5230 | Assembling and servicing | Assemblage et maintenance |
| | | 5231 | Driving | Auto-ecole |
| | | 5232 | Electricity | Electricité |
| | | 5233 | Electronics | Electronique |
| | | 5234 | Fashion Design | Conception mode |
| | | 5235 | General mechanics | Mécanique générale |
| | | 5236 | Industrial mechanics | Mécanique industrielle |
| | | 5237 | Leatherwork Technology | technologie du cuir |
| | | 5238 | Metal Processing Technology | Technologie de traitement des métaux |
| | | 5239 | Motor Vehicle Mechanics | Mécanique automobile |
| | | 5240 | Motor vehicle technolgy | Technologie atomobile |
| | | 5241 | Painter and Sign Writer | Peintre et écrivain Inscription |
| | | 5242 | Plant and Machine Maintenance | Plante et entretien des machines |
| | | 5243 | Plumbing & Pipe fitting | Plomberie et tuyauterie |
| | | 5244 | Pottery | poterie |
| | | 5245 | Refrigeration and Air Conditioning | Réfrigération et climatisation |
| | | 5246 | Sheet Metal Working | Tôlerie |
| | | 5247 | Welding and metal fabrication | Soudage et fabrication des metaux |
| | | 5248 | Automobile electricity | Electricité automobile |
| | | 5249 | Other craft trainings | Autre formation artisanale |
| | **54** | | **Manufacturing and processing** | **Industries de transformation et de traitement** |
| | | 5410 | clothes | vêtements |
| | | 5411 | food and drink processing | Traitement des produits alimentaires et des boissons |
| | | 5412 | footwear | chaussures |
| | | 5413 | leather work | cuir |
| | | 5414 | mining and extraction | industries minières et extractives |
| | | 5415 | Other materials(paper,plastic,glass,etc) | Autres matériaux (papiers, plastique, verre, etc.), |
| | | 5416 | textiles | textiles |
| | | 5417 | Woodwork | Menuiserie |
| | **58** | | **Architecture and building** | **Architecture et bâtiment** |
| | | 5810 | Architecture and urbanisme | Architecture et urbanisme |
| | | | *structural and architecture* | *architecture de gros oeuvre,* |
| | | | *landscape architecture* | *aménagement des paysages* |
| | | | *community planning* | *aménagements communautaires* |
| | | | *cartography* | *cartographie* |
| | | 5811 | building | Bâtiments |
| | | 5812 | civil engineering | Génie civil. |
| | | 5813 | construction | construction |
| | | 5814 | Construction Management and surveying | Gestion de la construction et l'arpentage |
| | | 5815 | Masonry | Maconerie |
| | | 5816 | Property valuation | Valorisation des biens (propriete) |
| | | 5817 | Geotechic | Géotechique |

| L1 | L2 | L4 | ENGLISH | FRENCH |
|---|---|---|---|---|
| | | 5819 | Engineering, manufacturing and construction Not Elsewhere Classified (NEC) | Ingénierie, fabrication et construction non classés ailleurs (NEC) |
| **6** | | | **AGRICULTURE** | **Agriculture** |
| | **62** | | **Agriculture,forestry and fishery** | **Agriculture, sylviculture et halieutique** |
| | | 6210 | Agribusiness | agro-industrie |
| | | 6211 | agriculture | Agriculture, |
| | | 6212 | agronomy | agronomie |
| | | 6213 | animal husbandry | élevage |
| | | 6214 | crop and livestock production | production agricole et animale, |
| | | 6215 | Crop science | Science des cultures |
| | | 6216 | fisheries | pêcheries |
| | | 6217 | fishery science and technology | science et technologie de la pêche |
| | | 6218 | Food sciences | Sciences alimentaire |
| | | 6219 | forestry and forest product techniques | sylviculture et techniques de production forestière |
| | | 6220 | horticulture and gardening | horticulture et jardinage |
| | | 6221 | Irrigation and drainage | Irrigation et drainage |
| | | 6222 | natural parks | parcs naturels |
| | | 6223 | Soil science | Science du sol |
| | | 6224 | wildlife | flore et faune |
| | | 6229 | Other Agriculture,forestry and fishery related training | Autres formation liée a l' Agriculture, sylviculture et halieutique |
| | **64** | | **Veterinary** | **Sciences vétérinaires** |
| | | 6410 | veterinary assisting | formation d'assistants vétérinaires |
| | | 6411 | veterinary medecine | Médecine vétérinaire |
| | | 6412 | Other veterinary related training | Autre formation liée au sciences vétérinaires |
| **7** | | | **HEALTH AND WELFARE** | **Santé et protection sociale** |
| | **72** | | **Health** | **Santé** |
| | | 7210 | Anaesthesiology | anesthésiologie |
| | | 7211 | Biomedical and Laboratory sciences | Les sciences Biomédicales et de laboratoire |
| | | 7212 | Clinical Psychology | psychologie clinique |
| | | 7213 | Community Medicine | médecine communautaire |
| | | 7214 | cytology | cytologie |
| | | 7215 | Dental services | Services dentaires |
| | | 7216 | Ear Nose and Throat Surgery (ENT) | Oto-rhino-Chirurgie-laryngologie (ORL) |
| | | 7217 | Epidemiology and Biostatistics | Épidémiologie et biostatistique |
| | | 7218 | Family planing related training | Formation lié à la planification familiale |
| | | 7219 | Food technology and human nutrition | Technologie alimentaire et la nutrition humaine |
| | | 7220 | Health and behavioural sciences | sciences de la Santé et du comportement |
| | | 7221 | Health policy and management | La politique et gestion de la santé |
| | | 7222 | HIV related trainning | Formation liée au VIH |
| | | 7223 | Hospital management | Gestion des hopitaux |
| | | 7224 | Human anatomy | L'anatomie humaine |
| | | 7225 | hygiene | hygiène |
| | | 7226 | immunilogy and immunoaematology | immunologie et immun hématologie |
| | | 7227 | Internal medicine | médecine interne |
| | | 7228 | Malaria related training | Formation lie au Malaria |
| | | 7229 | Medecine | Médecine |

| L1 | L2 | L4 | ENGLISH | FRENCH |
|---|---|---|---|---|
| | | 7230 | Medical imaging sciences | Sciences en imagerie médicale |
| | | 7231 | Medical services | Services médicaux |
| | | 7232 | Medicine and surgery | Médecine et chirurgie |
| | | 7233 | Mental health/Psychiatry | La santé mentale / psychiatrie |
| | | 7234 | midiwifery | formation de sages-femmes |
| | | 7235 | neurology | neurologie |
| | | 7236 | Nursing | Soins infirmiers |
| | | 7237 | nutrition | nutrition |
| | | 7238 | Obstrics and gynaecology | Obstrics et gynécologie |
| | | 7239 | Opthamology | ophtalmologie |
| | | 7240 | opthometry | optométrie |
| | | 7241 | Orthopaedics | Orthopédie |
| | | 7242 | Paediatrics | pédiatrie |
| | | 7243 | pathology | pathologie |
| | | 7244 | pharmacology | pharmacologie |
| | | 7245 | Physiology | physiologie |
| | | 7246 | Physiotherapy | Kinésitherapie |
| | | 7247 | PMTCT and SONI training | Formation lié au PMTCT et SONI |
| | | 7248 | prosthetics | prothèses |
| | | 7249 | Public health | la santé publique |
| | | 7250 | pyschiatry | psychiatrie |
| | | 7251 | Radiology and radiotherapy | Radiologie et radiothérapie |
| | | 7252 | rehabilitation | réhabilitation |
| | | 7253 | Reproductive health | La santé reproductive |
| | | 7254 | surgary | chirurgie |
| | | 7255 | therapeutics | thérapeutique |
| | | 7256 | Tiberculosis related training | Formation lie à la tubulculose |
| | | 7257 | Other health related trainning | Autres formation lié à la santé |
| | | 7258 | Cardiology | Cardiologie |
| | | 7259 | Dermatology | Dermatologie |
| | **76** | | **Social services** | **Services sociaux** |
| | | 7610 | Social care | Protection sociale |
| | | | *care of the disabled* | *soins aux handicapés* |
| | | | *child care* | *Soins aux enfants* |
| | | | *youth services* | *services pour la jeunesse* |
| | | | *gerontological services* | *services gérontologiques* |
| | | 7611 | Psychotrauma Management | Gestion psychotraumatique |
| | | 7612 | Social work | Travail social |
| | | | counselling | counselling |
| **8** | | | **SERVICES** | **Services** |
| | **81** | | **Personal services** | **Services aux particuliers** |
| | | 8150 | Beauty traitment | soins de beauté |
| | | 8151 | cleaning | nettoyage |
| | | 8152 | cosmetic services | cosmétologie |
| | | 8153 | domestic science | économie domestique |
| | | 8154 | dry-cleaning | teinturerie |
| | | 8155 | hairdressing | coiffure |
| | | 8156 | hotel and catering | Hôtellerie et services de restauration, |

| L1 | L2 | L4 | ENGLISH | FRENCH |
|---|---|---|---|---|
| | | 8157 | Hotel and Restaurant management | la gestion du Hôtel et restaurant |
| | | 8158 | laundry | blanchissage |
| | | 8159 | sports and leisure, physical education | sports et loisirs, Education Physique |
| | | 8160 | Travel and tourism Management | La gestion du Voyage et du Tourisme |
| | | 8161 | travel, hospitality and tourism | voyage, hospitalité et tourisme, |
| | | 8169 | other personal services | autres services aux particuliers |
| | **84** | | **Transport services** | **Services de transport** |
| | | 8410 | air crew | équipages aériens |
| | | 8411 | air traffic control | contrôle du trafic aérien |
| | | 8412 | nautical sciences | formation d'équipages d'avions |
| | | 8413 | postal service | services postaux |
| | | 8414 | railway operations | transports ferroviaires |
| | | 8415 | road motor vehicle operations | transports routiers |
| | | 8416 | seamanship | Formation de marins et d'officiers de marine |
| | | 8417 | ship's officer | sciences nautiques |
| | | 8419 | Other transport services training | Autres formation en services de transport |
| | **85** | | **Environmental protection** | **Protection de l'environnement** |
| | | 8510 | air and water pollution control | lutte contre la pollution de l'air et de l'eau |
| | | 8511 | control and protetion | contrôle et protection de l'environnement |
| | | 8512 | environmental conservation | Conservation environmental |
| | | 8513 | labour protection and security | protection du travail et sécurité des personnels |
| | | 8519 | Other environment protection trainning | Autres formation en protection de l'environment |
| | **86** | | **Security services** | **Services de sécurité** |
| | | 8610 | Civil security | sécurité civile |
| | | 8611 | Criminology | criminologie |
| | | 8612 | fire-protection and fire fighting | protection et lutte contre les incendies |
| | | 8613 | Military | Sécurité militaire. |
| | | 8614 | Police work and related law enforcement | services de police et services apparentés de maintien de l'ordre |
| | | 8615 | Protection of property and person | Protection des biens et des personnes |
| | | 8619 | Other security services trainning | Autres formation en services de securité |
| | **99** | 9999 | **Not known or unspecified** | **Inconnu ou non précisé** |